2° ishyirwaho ry'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi mu isosiyete riterwa n'uko uwo muntu asanzwe ari umuyobozi cyangwa umukozi w'indi sosiyete.

**<u>Ingingo ya 29</u>: Kugena agaciro k'umutungo w'isosiyete**

Mu kugena agaciro k'umutungo w'isosiyete Inama y'Ubutegetsi igomba kwita kuri:

1° raporo y'imari iheruka yateguwe hakurikijwe amabwiriza mpuzamahanga y'icungamari iyo ari iy'isosiyete y'abanyamigabane bataziranye cyangwa isosiyete idahamagarira kuguramo imigabane;

2° raporo y'imari iheruka yateguwe hakurikijwe imigenzereze n'amahame ngenderwaho by'icungamari bikoreshwa mu Gihugu igihe ari isosiyete nto idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.

**<u>Ingingo ya 30</u>: Kugena agaciro k'umutungo w'isosiyete yakomatanyijwe**

Mu kugena agaciro k'umutungo w'isosiyete yakomatanijwe, abayobozi b'amasosiyete akomatanywa bagomba kwita kuri ibi bikurikira:

1° raporo z'imari zateguwe hakurikijwe

company without its approval;

2° a person's appointment as a director of the company follows necessarily from the person being a director or other officer of the other company.

**<u>Article 29</u>: Determining the value of a company's assets**

In determining the value of a company's assets, the Board shall take into account the following:

1° the most recent financial statements of the company prepared in accordance with International Accounting Standards, in the case of a public limited company or a private company;

2° the most recent financial statements prepared on the basis of locally recognized accounting practices and principles, in the case of a small private company.

**<u>Article 30</u>: Determining value of amalgamated company's assets**

When determining value of amalgamated company's assets**,** the directors of each amalgamating company shall take into account the following:

1° financial statements that are prepared in

administrateur dans la société sans son consentement;

2° la désignation d'un administrateur dans une société découle du fait que cette personne est aussi administrateur ou agent de l'autre société.

**<u>Article 29</u>: Détermination de la valeur de l'actif d'une société**

En déterminant l'actif d'une société, le Conseil d'Administration doit prendre en compte :

1° le dernier rapport financier préparé conformément aux Normes Internationales de Comptabilité, lorsqu'il s'agit d'une société anonyme ou d'une société privée;

2° le dernier rapport financier préparé sur base des pratiques et principes comptables applicables dans le pays, lorsqu'il s'agit d'une petite société privée.

**<u>Article 30</u>: Détermination de l'actif d'une société fusionnée**

Lors de la détermination de l'actif d'une société fusionnée, les administrateurs des sociétés en fusion doivent prendre en considération :

1° les rapports financiers qui ont été préparés

amabwiriza mpuzamahanga y'icungamari kandi zigaragaza ko ayo masosiyete yakomatanyijwe;

2° ibintu byose byamenyeshejwe abayobozi b'isosiyete bazi cyangwa bamenyeshejwe bishobora kugira ingaruka ku mitungo yose n'imyenda by'isosiyete ikomatanyijwe.

**Ingingo ya 31: Imari shingiro**

Imari shingiro y'isosiyete ni imigabane abanyamigabane bemeye gufata yaba yarishyuwe cyangwa itarishyuwe.

Kugura cyangwa gufata imigabane bikorwa hakurikijwe:

1° umubare w'amafaranga ungana n'imigabane yishyuriwe;

2° amafaranga y'agaciro k'inyongera yabonetse ku migabane y'isosiyete agomba gushyirwa kuri konti idasanzwe y'ibyishyurirwa imigabane.

Mu gihe hatanzwe imigabane yishyurwa mu bintu bitari amafaranga, Inama y'Ubutegetsi igomba, kwemeza agaciro k'umugabane wazanywe nk'uko biteganwa n'agace ka 1° cyangwa aka 2° tw'igika cya 2 cy'iyi ngingo.

Iyo umugabane ufite indi nshingano itari iyo kwishyura amafaranga, kandi iyo nshingano ikaba yatunganijwe n'umunyamigabane:

accordance with International Accounting Standards and that are prepared as if the amalgamation had become effective;

2° any other circumstances that the directors know or ought to know would affect, or may affect, the value of the amalgamated company's assets and the value of its liabilities.

**Article 31: Share capital**

Share capital shall mean all the shares received whether paid or not.

Paying for or acquiring shares shall be conducted following:

1° the nominal paid up value of the shares;

2° the share premiums paid to the company in relation to those shares and required to be transferred to the share premium account.

Where a share is issued for consideration other than cash, the Board of directors shall determine the cash value of that consideration for the purposes of sub-paragraphs 1° or 2° of paragraph 2 of this article.

Where a share involves an obligation other than the obligation to pay, and that such obligation is met by the shareholder:

conformément aux Normes Internationales de Comptabilité et qui sont préparés en considérant ladite fusion comme déjà clôturée;

2° toutes les autres circonstances portées à la connaissance des administrateurs ou qui doivent l'être et qui sont susceptibles d'affecter l'actif et le passif de la société en fusion.

**Article 31: Capital social**

Le capital social d'une société comprend les actions que les actionnaires ont consenti de prendre, qu'elles soient payées ou non payées.

L'achat ou l'acquisition des actions se fait suivant :

1° la valeur nominale payée des actions émises;

2° primes d'émission sur les actions de la société dont le montant doit être déposé sur un compte spécial de primes d'actions.

En cas d'émission des actions non payables en numéraires, le Conseil d'Administration doit déterminer la valeur de l'apport, et ce, conformément aux points 1° ou 2° du paragraphe 2 du présent article.

Lorsqu'une action comporte une obligation autre qu'une obligation de libérer, et que cette obligation a été exécutée par l'actionnaire :

1° Inama y'Ubutegetsi igomba kwemeza agaciro nyako, niba gahari, k'icyo gikorwa.

2° ako gaciro mu mafaranga kagomba gufatwa nk'iyo nshingano yo kwishyura, nk'uko biteganywa n'agace ka 1° cyangwa aka 2°tw'igika cya 2 cy'iyi ngingo.

**UMUTWE WA II: UBUSHOBOZI, UBUBASHA N'IREME RY'IBIKORWA**

**Ingingo ya 32: Ubushobozi, ububasha n'uburenganzira**

Isosiyete yemewe gukora mu Rwanda cyangwa hanze yarwo, ifite:

1° ubushobozi bwo gukora imirimo y'ubucuruzi, gukora igikorwa icyo ari cyo cyose kijyanye n'inshingano zayo no gukora amasezerano;

2° uburenganzira n'ububasha bisesuye no kuba yihagije mu kurangiza ibikorwa birebana n'amategeko.

Amategeko shingiro agenga isosiyete ashobora kugena ingingo zivuga ku bushobozi, uburenganzira, ububasha cyangwa ibikorwa bya sosiyete igihe zigamije kugabanya ubwo bushobozi cyangwa ubwo bubasha rusange buvugwa muri iri tegeko.

1° the Board of directors shall determine the cash value, if any, of that performance;

2° the cash value of that performance shall be deemed to be a call which has been paid on the share for the purposes of sub-paragraphs 1° or 2°of paragraph 2 of this article.

**CHAPTER II: CAPACITY, POWERS AND VALIDITY OF ACTS**

**Article 32: Capacity, powers and rights**

Any recognized company shall enjoy within and outside Rwanda:

1° full capacity to carry on or undertake any business or activity, do any act, or enter into any transaction;

2° full rights, powers and legal privileges.

Articles of assosiation of a company may contain a provision relating to the capacity, rights, powers or activities of the company only if the provision restricts the capacity of the company or those rights, powers and activities provided for by this Law.

1° le Conseil d'Administration doit déterminer la valeur réelle, s'il y en a, de cette obligation.

2° cette valeur en espèces doit être considérée comme une obligation de payer, conformément aux points 1° ou 2° du paragraph 2 du présent article.

**CHAPITRE II: CAPACITÉ, POUVOIRS ET VALIDITÉ DES ACTES**

**Article 32: Capacité, pouvoirs et droits**

Une société agréée sur le territoire du Rwanda ou en dehors du Rwanda jouit de(s)

1° de la capacité d'exercer des activités commerciales, poser tout acte lié à ses attributions et conclure des contrats

2° pleins droits, pouvoirs et privilèges d'exercice des actes juridiques.

Les statuts d'une société ne peuvent prévoir des disposition sur la capacité, les droits, les pouvoirs ou les activités de la société que lorsque ces dispositions ont pour but de restreindre cette capacité, ces droits, ces pouvoirs et ces activités prévus par la présente loi.

**Ingingo ya 33: Guhuza imirimo y'isosiyete n'intego yayo**

Igihe intego y'isosiyete isobanuye mu mategeko shingiro yayo, imirimo yose ikorwa n'isosiyete igomba kuba iri mu rwego rw'intego yayo, keretse hari ikindi ayo mategeko shingiro ateganya ku buryo bugaragara.

Igihe ayo mategeko shingiro agabanya imirimo y'ubucuruzi isosiyete ishobora gukora:

1° ububasha n'ubushobozi by'isosiyete ntibigomba kubigiraho ingaruka;

2° nta gikorwa cyerekeranye n'amategeko cyakozwe n'isosiyete, nta masezerano, nta mwenda yaba igiyemo, nta hererekanya ry'umutungo rikorewe cyangwa rikozwe n'isosiyete rizafatwa nk'iridafite agaciro, ku mpamvu yuko icyo gikorwa cyakozwe bitubahirije iryo gabanya ry'ububasha.

Ubushobozi bw'isosiyete bwo gukora igikorwa runaka ntibugomba guhungabanywa n'uko icyo gikorwa cy'amategeko kitari cyangwa kitagombye kuba mu nyungu z'ibanze z'iyo sosiyete.

**Article 33: Operating within the objective of the company**

Where articles of association of a company set out the objective of the company, there is deemed to be a restriction in the constitution on carrying on any busines or activity that is not within that objective, unless the articles of association expressly provides otherwise.

Where articles of association of a company provides for any restriction on the business or activities in which the company may engage:

1° the capacity and powers of the company shall not be affected by that restriction;

2° no act of the company and no contract or other obligation entered into by the company and no transfer of property to or by the company is invalid by reason only that it was done in contravention of that restriction.

The capacity of the company to do an act shall not be affected by the fact that the act is not, or would not be, in the best interest of a company.

**Article 33: Adaptation des activités d'une société à son objet**

Lorsque l'objet de la société est décrit dans les statuts, les activités menées par la société doivent rester dans le cadre de cet objet, à moins que les statuts n'en disposent autrement.

Lorsque les statuts d'une société comportent des restrictions sur les activités commerciales que la société peut mener :

1° la capacité et les pouvoirs de la société ne doivent pas être affectés par cette restriction ;

2° aucun acte juridique posé par la société, aucun contrat, aucune obligation à laquelle elle s'engage, aucun transfert de propriété en faveur ou par ladite société, ne sera réputé invalide, uniquement du fait qu'un tel acte a été exécuté en violation de cette restriction.

Le pouvoir d'une société de poser un acte ne doit pas être affecté par le fait que ledit acte n'est pas ou ne serait pas exécuté dans l'intérêt de ladite société.

**Ingingo ya 34: Kutabangamira uwagiranye amasezerano n'isosiyete**

Isosiyete, kimwe n'uwishingiye umwenda wafashwe n'isosiyete, ntibashobora gutambamira umuntu wagiranye amasezerano na yo cyangwa uwahawe uburenganzira n'iyo sosiyete hitwajwe ko:

1° ibikubiye muri iri tegeko, amategeko shingiro, n'andi mabwiriza agenga imikorere y'isosiyete ubwayo bitubahirijwe;

2° umuntu washyizweho nk'umuyobozi cyangwa umukozi w'isosiyete muri raporo iherutse yohererejwe Umwanditsi Mukuru:

a) atari umuyobozi cyangwa umukozi w'isosiyete;
b) atashyizweho nk'uko bisabwa n'amategeko;

c) adafite ububasha bwo gukora imirimo ikorwa n'umuyobozi cyangwa umukozi w'isosiyete ubusanzwe ukora imirimo nk'iyo;

3° umuntu washyizweho nk'uzaba umuyobozi, umukozi cyangwa uhagarariye isosiyete :

a) atashyizweho mu buryo buteganyijwe,

**Article 34: Dealings between company and other persons**

A company or a guarantor of an obligation of a company shall not assert against a person dealing with the company or with a person who has signed a contract, received rights or interests from the company basing on the fact that :

1° the provisions of this Law, the articles of association and the internal rules and regulations of the company, have not been complied with;

2° a person named as a director or employee of the company in the most recent notice received by the Registrar General :

a) is not a director or employee of a company;

b) is not duly appointed;

c) does not have authority to exercise powers usually performed by a director or employee of a company;

3° a person appointed as a future director, employee or nominee of the company:

a) has not been duly appointed;

**Article 34: Ne pas agir contre une personne ayant conclu un contrat avec la société**

Une société de même que le garant d'une obligation prise par une société ne peuvent pas agir contre une personne qui a un contrat avec la société ou acquis des droits de la part de la société sur la base que :

1° les dispositions de la présente loi, les statuts et les procédures internes de la société ont été violées.

2° une personne désignée comme administrateur ou employé de la société dans le dernier rapport reçu par le Registraire Général :

a) n'est pas administrateur ni employé de la société ;
b) n'a pas été désigné conformément a la loi ;

c) n'a pas le droit d'exercer les pouvoirs qu'un administrateur ou employé d'une société exerce normalement;

3° une personne désignée comme futur administrateur, employé ou mandataire de la société :

a) n'a pas été nommée confomément à la loi,

b) adafite uburenganzira bwo kugira ububasha nk'umuyobozi, cyangwa umukozi w'isosiyete ukora imirimo nk'iyo ubusanzwe agira;

4° umuntu watanzwe n'isosiyete nk'umuyobozi, umukozi cyangwa intumwa y'isosiyete, afite ububasha budasanzwe butangwa na bene iyo sosiyete ku bantu bari muri iyo myanya ;

5° inyandiko yakozwe mu izina ry'isosiyete n'umuyobozi, umukozi cyangwa intumwa y'isosiyete akaba afite ububasha cyangwa yari asanzwe abufite bwo gusohora bene izo nyandiko, idafite ireme cyangwa agaciro;

Cyakora ayo masezerano ashobora gutambamirwa cyangwa guta agaciro, iyo uwo muntu, kubera umwanya afite mu isosiyete, agomba cyangwa yagombye kuba yaramenye ibibazo byavuzwe muri iyi ngingo cyangwa azi neza ko impapuro zigenderwaho ari impimbano.

Igika cya mbere kirubahirizwa kabone n'iyo umuntu uvugwa kuva ku gace ka 2° kugeza ku ka 5° tw'iyi ngingo akoresha uburiganya, cyangwa agatanga inyandiko mpimbano isa n'aho yasinywe mu izina ry'isosiyete, keretse iyo umuntu ubonye iyo nyandiko, uguze ikintu cy'umutungo w'isosiyete, uburenganzira mu isosiyete cyangwa se inyungu zayo azi iby'iyo nyandiko mpimbano.

b) does not have authority to exercise powers usually performed by a director or employee, of a company;

4° a person appointed by the company as a director, employee, or nominee of the company with special authority granted by owners of that company to exercise those powers held by persons in those posts;

5° a document issued on behalf of a company by a director, employee, or nominee of the company with actual or usual authority to issue the document is not valid or not genuine;

However, such agreement may be opposed or become not valid where the person has, or ought to have, by virtue of his or her position with the company; knowledge of the matters referred to in this article or is really convinced that the documents used are forgery documents.

Paragraph one shall apply even though a person of the kind referred to in sub paragraphs 2° to 5° of this article acts fraudulently or forges a document that appears to have been signed on behalf of the company, unless the person dealing with the company or with a person who has acquired property, rights, or interests from the company has actual knowledge of the fraud or forgery.

b) n'a pas le droit d'exercer les pouvoirs qu'un administrateur, ou employé exerce normalement;

4° une personne désignée par la société comme administrateur, employé ou mandataire, avec des pouvoirs spéciaux conferrés par les actionnaires aux personnes occupant ces postes;

5° un document émis au nom de la société par un administrateur, employé ou mandataire de la société qui a ou avait la capacité d'émettre ces documents, ne serait pas valable ou authentique ;

Toutefois, ce contrat peut faire l'objet d'opposition ou de nullité lorsque ladite personne doit ou devrait avoir, en vertu de sa position dans la société, connaissance des questions énumérées au présent article ou lorsqu'elle est sûre que les documents de base sont faux.

L'alinéa premier est d'application même si la personne dont il s'agit à partir du point 2° jusqu'au point 5° du présent article agit frauduleusement, ou émet un faux document qui parait avoir été signé au nom de la société, sauf si la personne qui reçoit ce document ou qui acquiert un bien, des droits ou intérêts de ladite société a connaissance dudit document faux ou de la fraude.

**Ingingo ya 35: Kudafatwa nk'aho uzi amategeko shingiro**

Nta muntu ufatwa nk'aho azi cyangwa yamenye amategeko shingiro agenga isosiyete cyangwa indi nyandiko iyo ari yo yose y'isosiyete bishingiye ko:

1° ayo mategeko shingiro y'isosiyete cyangwa iyo nyandiko zanditswe mu gitabo cy'amasosiyete n'ibikorwa by'ubucuruzi n'Umwanditsi Mukuru.

2° ayo mategeko shingiro cyangwa iyo nyandiko ziboneka ku bashaka kuzisoma mu biro by'isosiyete.

**Article 35: No presumption of knowledge of aricles of association**

A person is not affected by, or deemed to have notice or knowledge of the contents of articles of association of, or any other document relating to a company merely because:

1° the articles of association or that document is registered in a register kept by the Registrar General;

2° the articles of association or that document are available for inspection at an office of the company.

**Article 35: Absence de présomption de prise de connaissance des statuts**

Personne n'est tenue ni présumée avoir reçu notification ni avoir pris connaissance des statuts ou d'un tout autre document d'une société sur la base que:

1° lesdits statuts ou ledit document auraient été enregistrés dans le registre de commerce et des sociétés par le Registraire Général ;

2° lesdits statuts ou ledit document sont disponibles pour consultation à un bureau de la société.

## UMUTWE WA III: IZINA RY'ISOSIYETE

**Ingingo ya 36: Izina ryagenewe isosiyete**

Umwanditsi Mukuru ntashobora kwandika isosiyete ku izina cyangwa guhindura izina keretse ryarasabwe rikanemezwa.

**Ingingo ya 37: Amagambo aranga isosiyete ifite uburyozwe buhinnye**

Isosiyete ifite uburyozwe buhinnye igomba guherukwa n'amagambo "limited" "Ltd" mu

## CHAPTER III: COMPANY NAME

**Article 36: Name reserved for a company**

The Registrar General shall not register a company under a name or register a change of the name of a company unless the name has been reserved and granted.

**Article 37: Abbreviation of Limited company**

Where the liability of the shareholders of a company is limited, the registered name of the

## CHAPITRE III :DENOMINATION SOCIALE

**Article 36: Réservation de la dénomination sociale**

Le Registraire Général ne peut pas immatriculer une société sous un nom ou enregistrer le changement du nom d'une société, sauf si ledit nom a été réservé.

**Article 37: Sigle d'une société à responsabilité limitée**

La société à responsabilité limitée doit être suivie du sigle anglais « Ltd ».

magambo ahinnye y'ururimi rw'icyongereza.

**Ingingo ya 38: Gusonerwa kongeraho amagambo "Ltd"**

Iyo ibimenyetso bishyikirijwe Umwanditsi Mukuru ko isosiyete ifite uburyozwe buhinnye irimo gushingwa ifite intego yo guteza imbere ubucuruzi, ubukorikori, ubuhanga, iyobokamana, gufasha ikiremwamuntu cyangwa indi ntego y'ingirakamaro, ko ifite ubushake bwo gushora inyungu zayo n'indi mitungo yayo mu gushimangira izo ntego, kandi ko idateganya kugabanya inyungu abanyamigabane bayo, Umwanditsi Mukuru ashobora gutegeka ko iyo sosiyete yakwandikwa nk'isosiyete ifite uburyozwe buhinnye bitari ngombwa kongera ku izina ryayo "Ltd".

Umwanditsi Mukuru ashobora no gufata bene icyo cyemezo ku isosiyete yarangije kwandikwa, igihe yaba abonye ibimenyetso ko iyo sosiyete yujuje ibyangombwa bisabwa byavuzwe mu gika cyo haruguru.

Igihe isosiyete imaze kwandikwa, igomba kugira uburenganzira bumwe n'inshingano zimwe n'isosiyete ifite uburyozwe buhinnye, keretse gusa ibijyanye no gukoresha amagambo "Ltd" mu gitabo cy'amasosiyete n'ibikorwa by'ubucuruzi no kohereza urutonde rw'abanyamigabane, abagize inama y'ubutegetsi n'abacunga isosiyete ku Mwanditsi Mukuru.

company shall end with the word "Limited" or the abbreviation "Ltd".

**Article 38: Dispensation to add the abbreviation "Ltd"**

Where it is proved to the satisfaction of the Registar General that an entity about to be formed as a limited company is to be formed for promoting commerce, art, science, religion, charity or any other useful object, and intends to apply its profits or other income in promoting its objectives, and to prohibit the payment of any dividend to its members, the Registrar General may direct that the entity be registered as a limited company , without the addition of the abbreviation "Ltd" to its name.

The Registrar General may take such a decision for a company which has already been registered if he/she is satisfied that the company complies with the conditions prescribed in the preceding paragraph.

On registration, the Company shall, enjoy all the privileges of limited companies, and be subject to all their obligations, except those of using the abbreviation "Ltd" as any part of its name and sending lists of members , directors and managers to the Registrar General.

**Article 38: Dispense de porter le sigle «Ltd»**

Lorsqu'une preuve est apportée au Registraire Général qu'une société à responsabilité limitée en formation a pour objet la promotion du commerce, de l'art, de la science, de la religion, de la philanthropie ou d'un autre objet utile, et qu'elle veut appliquer ses bénéfices et autres revenus à la promotion de ces objectifs et qu'elle ne compte pas distribuer des dividendes à ses actionnaires, le Registraire Général peut ordonner que cette entité soit enregistrée comme société à responsabilité limitée sans avoir à ajouter le sigle « Ltd » à sa dénomination sociale.

Le Registraire Général peut prendre la même décision pour une société déjà enregistrée s'il reçoit la preuve que ladite société remplit les conditions prescrites au précédent alinéa.

Dès qu'une société est enregistrée, elle doit jouir des droits et devoirs identiques à ceux d'une société à responsabilité limitée exception faite de l'usage de l'abréviation "Ltd"et de la transmission au Registraire Général de la liste des actionnaires, des administrateurs et des gérants .

**Ingingo ya 39: Gukuraho isonerwa ryo kongeraho "Ltd"**

Icyemezo cyose gishobora gukurwaho igihe icyo aricyo cyose Umwanditsi Mukuru asanze impamvu yatumye isonerwa zitagifite ishingiro. Icyo cyemezo cy'Umwanditsi Mukuru kigomba kubahirizwa.

**Ingingo ya 40: Gusaba kubikirwa izina rizagenerwa isosiyete**

Igihe abashaka gushinga isosiyete cyangwa abashaka guhindura izina rya sosiyete iriho bakora inyandiko ishyikirizwa Umwanditsi Mukuru isaba kubikirwa izina. Iyo nyandiko ikorwa huzuzwa ifishi yabugenewe nk'uko iri ku mugereka wa III.

**Ingingo ya 41: Impamvu zatuma izina ritemerwa**

Umwanditsi Mukuru ntabika izina yagejejweho n'abashaka gushinga cyangwa guhindura izina igihe:

1° ryatuma imikoreshereze yaryo ibangamira amategeko;

2° risa cyangwa rijya gusa n'irindi Umwanditsi Mukuru yarangije kugenera indi sosiyete, bikurikije iri tegeko cyangwa irifitwe nindi sosiyete;

**Article 39: Revocation of dispensation to add "Ltd"**

Any decision may at any time be revoked by the Registrar General, where the reasons for dispensation are no longer valid. Such a decision by Registrar General shall be compulsorily respected.

**Article 40: Company name reservations**

Those who wish to form a company or those who wish to change the name of the company shall send an application thereof to the Registrar General. Such application shall have to comply with the format attached as Appendix III.

**Article 41: Where the name shall not be reserved**

The Registrar General shall not reserve a name forwarded by those wishing to form or change the name :

1° which, or the use of which, would contravene any Law;

2° that is identical or almost identical to a name that the Registrar General has already reserved under this Law or which belongs to another company ;

**Article 39: Annulation de dispense de porter le sigle «Ltd»**

Toute décision de dispense peut être annulée à tout moment où le Registraire Général constate que les raisons de cette dispense ne sont plus valables. La décision du Registraire Général doit être respectée.

**Article 40: Demande de réservation de la dénomination sociale**

Ceux qui désirent former une société ou ceux qui désirent changer de dénomination sociale d'une société existante adressent au Registraire Général une demande de réservation de dénomination sociale. Cette demande est faite par remplissage d'un formulaire prévu à cet effet se trouvant en annexe III.

**Article 41: Raisons de non réservation de dénomination sociale**

Le Registraire Général ne réserve pas de dénomination sociale lui adressée par ceux qui désirent former ou changer de dénomination sociale :

1° lorsque son usage peut enfreindre une loi quelconque;

2° qui est identique ou presque identique à une autre dénomination sociale que le Registraire Général a déjà réservée, conformément à la présente loi ou qui appartient à une autre

3° rishobora gutera urujijo ;

4° rinyuranyije n'umuco w'igihugu.

**Ingingo ya 42: Kumenyesha usaba mu nyandiko**

Umwanditsi Mukuru agomba kumenyesha usaba mu nyandiko mu gihe cy'amezi abiri (2) nyuma y'itariki ivugwa muri iryo menyesha niba izina yasabye ryaremewe kandi ko rimubikiwe.

**Ingingo ya 43: Ibijyanye no kubikirwa izina**

Kubikirwa izina ntibihita biha isosiyete iri hafi gushingwa yaba inyamahanga cyangwa inyarwanda uburenganzira bwo guhita yandikwa kuri iryo zina; byaba ari mu itangizwa ryayo cyangwa mu ihindura ry'izina.

**Ingingo ya 44: Kudahuza izina kw'amasosiyete**

Isosiyete, harimo n'isosiyete y'inyamahanga, ntishobora kwandikwa ku izina risa n'iry'indi sosiyete cyangwa se isosiyete yashyizweho n'itegeko ry'ubucuruzi cyangwa rijya gusa cyane n'iry'indi, keretse isosiyete yari isanzweho iri mu nzira yo guseswa kandi ikanemera ikoreshwa ry'iryo zina ku buryo busabwa n'Umwanditsi Mukuru.

3° that is confusing;

4° that goes against good morals.

**Article 42: A written notice to the applicant**

The Registrar General shall notify the applicant in writing within two (2) months of the date that is contained in that application, whether or not the Registrar General has accepted and reserved the name for company.

**Article 43 : Reservation of name**

The reservation of a name shall not by itself entitle the proposed local or foreign company to be registered under that name, either originally or on a change of name.

**Article 44: Company name shall not be identical with another**

A company, including a foreign company, shall not be registered under a name which is identical with that of an existing company, or statutory corporation, or so nearly resembles that name as to be likely to mislead, except where the existing company or statutory corporation is in the course of being dissolved and signifies its consent in such manner as the Registrar General requires.

société ;

3° qui prête à confusion ;

4° qui est contraire aux bonnes moeurs.

**Article 42: Notification écrite au requérant**

Le Registraire Général doit, dans un délai de deux (2) mois, après la date mentionnée dans la notification, informer le requérant par écrit que la dénomination sociale demandée a été acceptée et réservée.

**Article 43: De la réservation d'une dénomination sociale**

La réservation d'une dénomination sociale ne donne pas automatiquement à la future société, soit une société étrangère ou rwandaise, le droit d'être enregistrée sous cette dénomination sociale, que ce soit au moment de la constitution ou du changement de la dénomination sociale.

**Article 44: Non enregistrement des sociétés sous une dénomination sociale identique**

Une société, y compris une société étrangère, ne peut pas être enregistrée sous une dénomination sociale qui soit identique à celle d'une autre société ou à une société créée par la loi commerciale, ou sous une dénomination sociale dont la ressemblance est très proche à celle-là, sauf si la société existante est en cours de dissolution et qu'elle exprime son accord à l'usage de cette dénomination sociale

d'une manière requise par le Registraire Général.

**Ingingo ya 45: Ibikurikizwa mu guhindura izina**

Gusaba guhindurirwa izina bikorwa ku buryo bukurikira:

1° gukurikiza uburyo bwagenywe n'Umwanditsi Mukuru;

2° kwerekana ko izina ryayigenewe;

3° kwerekana ko ari icyemezo cy'abagize isosiyete.

**Ingingo ya 46: Ibikorwa nyuma yo kuzuza ibisabwa**

Iyo Umwanditsi Mukuru yemeje ko isosiyete yubahirije iri tegeko agomba:

1° kwandika izina rishya ry'isosiyete;

2° kwandika izina ryahindutse mu cyemezo cy'iyandikwa ry'isosiyete;

3° gusaba ko isosiyete itanga itangazo rusange rimenyesha ko yahinduye izina.

**Ingingo ya 47: Ingaruka y'ihindurwa ry'izina**

Ihindura ry'izina ritangira gukurikizwa guhera ku

**Article 45: Requirements to change the name**

An application to change the name of a company shall :

1° be in the form prescribed by the Registrar General;

2° prove that the name was reserved;

3° prove that the resolution was passed by the company shareholders.

**Article 46: Procedures when requirements are met**

Where the Registrar General is satisfied that a company has complied with this Law, he/she shall :

1° record the new name of the company;

2° record the change of name of the company on its certificate of registration;

3° require the company to cause a notice to that effect .

**Article 47 : Effect of the change of a name**

The change of name of a company shall take effect

**Article 45: Conditions pour changement de dénomination sociale**

Une demande de changement de dénomination sociale se fait de manière suivante :

1° être introduite dans la forme prescrite par le Registraire Général;

2° montrer un avis de réservation de la dénomination sociale;

3° montrer qu'il s'agit d'une décision des actionnaires.

**Article 46: Ce qui se fait lorsque la société remplit les conditions requises**

Lorsque le Registraire Général reconnaît que la société a respecté la présente loi, il doit :

1° enregistrer la nouvelle dénomination sociale;

2° enregistrer le changement de dénomination sociale sur le certificat d'enregistrement ;

3° requérir que la société publie un avis du changement de dénomination sociale.

**Article 47: Effet du changement de dénomination sociale**

Le changement de dénomination sociale prend effet

itariki igaragara ku cyemezo cy'ihindura gitangwa n'Umwanditsi Mukuru.

Ihindura ntirigomba kugira ingaruka ku burenganzira n'inshingano by'isosiyete, ku bikorwa isosiyete yaba ikurikirana mu mategeko cyangwa yaba ikurikiranwaho. Ibyo isosiyete yaba yarakurikiranwagaho ku izina rya kera bigomba gukomeza kuyikurikirana ku izina ryayo rishya.

**Ingingo ya 48: Gusabwa guhindura izina**

Iyo Umwanditsi Mukuru yemeje ko isosiyete idashobora kwandikwa ku izina iri n'iri, amenyesha iyo sosiyete icyemezo yafashe ku buryo bwanditse agaragaza impamvu yagifashe. Asaba kandi iyo sosiyete guhindura izina mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) nyuma yo kwakira iryo menyesha.

**Ingingo ya 49: Gutangazwa kw'izina ry'isosiyete**

Isosiyete ni yo igomba gukurikira no kumenya neza ko izina ryayo ryamanitswe cyangwa ryatangajwe ku buryo bugaragara:

1° muri buri tumanaho ryanditse ryoherejwe n'isosiyete cyangwa ryoherejwe mu izina ryayo;

2° kuri buri nyandiko yatanzwe cyangwa yasinywe

from the date contained in the certificate thereof issued by the Registrar General.

The change shall not affect the rights or obligations of the company, or legal proceedings by or against the company. Legal proceedings that might have been continued or commenced against the company under its former name may be continued or commenced against it under its new name.

**Article 48: Being requested to change a name**

Where the Registrar General decides that a company should not have been registered under a name, he/she provides the company with a written notice stating the grounds for that decision. He or she shall also request the company to change the name within thirty (30) days after the date on which the notice is served.

**Article 49: Communication of a company's name**

A company shall ensure that its name is clearly stated:

1° in every written communication sent by, or on behalf of the company;

2° on every document issued or signed by or on

à partir de la date indiquée au certificat de changement d'enregistrement délivré par le Registraire Général.

Le changement ne doit pas affecter les droits ou obligations de la société, ou les procédures légales engagées par ou contre la société. Les procédures légales engagées contre la société sous son ancienne dénomination sociale doivent continuer contre la société, sous sa nouvelle dénomination sociale.

**Article 48: Demande de changer de dénomination sociale**

Lorsque le Registraire Général décide qu'une société ne doit pas être enregistrée sous une dénomination sociale particulière, il notifie par écrit à la société sa décision motivée. En outre il demande à la société de changer de dénomination sociale dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours après la date à laquelle l'avis est signifié.

**Article 49: Publication de dénomination sociale**

Une société doit s'assurer que sa dénomination sociale soit clairement affichée ou publiée :

1° dans toute communication écrite envoyée par, au nom de la société;

2° sur tout document émis ou signé par ou au

n'isosiyete cyangwa mu izina ryayo nk'ikimenyetso cyangwa ikanabyara inshingano ku isosiyete.

**Ingingo ya 50: Izina ry'isosiyete ryanditse ku buryo butari bwo**

Iyo izina ry'isosiyete ryanditse ku buryo butari bwo mu nyandiko ibyara inshingano mu mategeko kuri iyo sosiyete, kandi iyo nyandiko ikaba yasinywe cyangwa yatanzwe n'isosiyete cyangwa mu izina ryayo, abagize uruhare bose mu isohoka ry'iyo nyandiko cyangwa bayisinye barabiryozwa nk'isosiyete ubwayo, keretse iyo umuntu watanze cyangwa wasinye iyo nyandiko yerekanye ko umuntu iyo nyandiko yari yakorewe yari azi mu gihe iyo nyandiko yasohowe ibyerekeranye n'iryo kosa riri mu izina, cyangwa ko yasinye iyo nyandiko azi neza ko iyo nshingano izabazwa isosiyete.

**Ingingo ya 51: Amagambo ahinnye asanzwe azwi**

Isosiyete ishobora gukoresha amagambo ahinnye asanzwe azwi ko ahagarariye ijambo cyangwa amagambo y'izina ryayo igihe cyose bitatuma habaho ukwitiranya ibintu.

**Ingingo ya 52: Ihinduka ry'izina ry'isosiyete**

Iyo mu gihe cy'amezi cumi n'abiri (12) abanziriza isohoka ry'itangazo ku ihinduka ry'izina ryayo,

behalf of the company and which evidences or creates a legal obligation of the company.

**Article 50: A company name incorrectly stated**

Where the name of a company is incorrectly stated in a document which evidences or creates a legal obligation of the company and the document is issued or signed by or on behalf of the company, every person who issued or signed the document is liable to the same extent as the company unless the person who issued or signed the document proves that the person in whose favour the obligation was incurred was aware at the time the document was issued or signed that the obligation was incurred by the company.

**Article 51: Generally recognized abbreviations**

A company may use a generally recognized abbreviation of a word or words in its name if it is not misleading to do so.

**Article 52: Change of company name**

Where, within the period of twelve (12) months

nom de la société et qui sert de preuve ou qui crée une obligation sur la société.

**Article 50: Dénomination d'une société reprise avec erreur**

Lorsque la dénomination d'une société est reprise avec erreur dans un document qui crée une obligation légale de ladite société, et que ledit document est signé ou émis par la société ou au nom de la société, tous ceux qui ont participé à la production de ce document ou qui l'ont signé sont responsables autant que la société elle-même, sauf si la personne qui a émis ou signé le document prouve que la personne en faveur de laquelle l'obligation est née était informée lors de l'émission ou de la signature dudit document que l'obligation incombait à la société.

**Article 51: Abréviations généralement reconnues**

Une société peut faire usage d'une abréviation généralement reconnue qui représente un mot ou des mots de son nom ou sa dénomination toutes les fois qu'elle ne prête pas à confusion.

**Article 52: Changement de dénomination sociale d'une société**

Dans un délai de douze (12) mois qui précède la publication de l'avis au public sur le changement de

isosiyete igomba kureba neza ko itangazo rigaragaza:

1° ihinduka ry'izina ry'isosiyete ryabaye koko muri icyo gihe;

2° izina cyangwa amazina ya kera y'isosiyete.

**Ingingo ya 53: Igihe isosiyete idahinduye izina mu gihe yahawe**

Igihe isosiyete idahinduye izina mu gihe yahawe muri iryo menyesha, Umwanditsi Mukuru ashobora kwandika izina rishya yahisemo we ubwe kandi ryubahiriza ibisabwa mu ihitamo ry'izina nk'uko biteganywa n'iri tegeko.

**UMUTWE WA IV: AMATEGEKO-SHINGIRO AGENGA ISOSIYETE**

**Ingingo ya 54: Kugira cyangwa kutagira amategeko-shingiro**

Isosiyete ishobora, ariko ntabwo itegetswe, kugira amategeko shingiro ayigenga.

**Ingingo ya 55: Iyo isosiyete idafite cyangwa ifite amategeko-shingiro**

Iyo isosiyete idafite amategeko-shingiro ayigenga, uburenganzira, ububasha, inshingano by'isosiyete,

prior to company's release of any public notice that the name of the company was changed, the company shall ensure that the notice states:

1° that the name of the company was changed in that period;

2° the former name or names of the company.

**Article 53: Where company does not change name within the period specified**

Where the company does not change its name within the period specified in the notice, the Registrar General may register the company under a new name chosen by the Registrar General, being a name under which the company may be registered under this Law.

**CHAPTER IV: ARTICLES OF ASSOCIATION OF A COMPANY**

**Article 54: No requirement to have articles of association**

Any company may have or not have articles of association.

**Article 55 : Where company has or does not have a constitution**

Where a company does not have articles of association, the rights, powers, duties, and

la dénomination sociale de la société celle-ci doit s'assurer que l'avis précise :

1° que le changement de la dénomination sociale de la société a bien eu lieu dans ce délai;

2° l'ancienne ou les anciennes dénominations (s) sociale (s) de la société.

**Article 53: Lorsque la société ne change pas de dénomination sociale dans le délai prescrit**

Si la société ne change pas sa dénomination sociale dans le délai spécifié par l'avis, le Registraire Général peut procéder à l'enregistrement d'une nouvelle dénomination sociale qu'il choisira lui-même et qui obéit aux conditions de choix fixées par la présente loi.

**CHAPITRE IV: LES STATUTS D'UNE SOCIÉTÉ**

**Article 54: Absence d'obligation pour une société d'avoir des statuts**

Une société peut ou peut ne pas avoir des statuts.

**Article 55: Lorsqu'une société n'a pas ou a des statuts**

Lorsqu'une société n'a pas de statuts, les droits, pouvoirs, devoirs et les obligations de la société, du

by'inama y'ubutegetsi, bya buri muyobozi, bya buri wese uyifitemo imigabane bigengwa n'iri tegeko.

Iyo isosiyete ifite amategeko shingiro ayigenga, uburenganzira, ububasha, inshingano by'isosiyete n' iby'inama yayo y'ubutegetsi, bya buri muyobozi, bya buri wese uyifitemo imigabane bigomba kuba ibiteganywa muri iri tegeko keretse bigabanywa cyangwa bigahindurwa n'ayo mategeko shingiro ayigenga bikurikije iri tegeko.

**Ingingo ya 56: Imiterere y'amategeko shingiro agenga isosiyete**

Imiterere y'amategeko shingiro agenga isosiyete agomba kubahiriza ifishi nk'uko iri ku mugereka wa IV w'iri tegeko.

**Ingingo ya 57: Ibikubiye mu mategeko shingiro**

Amategeko-shingiro agenga isosiyete agomba:

1° kuba ari inyandiko isinywa n'usaba cyangwa n'abasaba ko isosiyete yandikwa mu gitabo cy'ubucuruzi;

2° kuba ari inyandiko yemejwe n'abagize isosiyete ko ari amategeko shingiro yayo.

**Ingingo ya 58: Agaciro k'amategeko-shingiro**

Amategeko shingiro agenga isosiyete agira agaciro nk'ak'amasezerano:

obligations of the company, the Board of directors, each director, and of each shareholder of the company shall be those set out in this Law.

Where a company has articles of association, the rights, powers, duties, and obligations of the company, the Board of directors, each director, and of each shareholder of the company shall be those set out in this Law except to the extent that they are restricted, limited or modified by the constitution of the company in accordance with this Law.

**Article 56: Form of articles of association of a company**

The form of articles of association of a company shall be in the form provided in the Appendix IV to this Law.

**Article 57: Content of articles of association[2]**

Articles of association of a company shall :

1° be a document signed by the applicant for registration of the company;

2° be a document that is adopted by company shareholders as its articles of association.

**Article 58 : Effect of articles of association**

Articles of association of a company shall have the effect of a contract :

Conseil d'Administration, de tout administrateur et de tout actionnaire de ladite société sont régis par la présente loi.

Lorsqu'une société a des statuts, les droits, pouvoirs, devoirs et obligations de la société ainsi que de son Conseil d'Administration, de tout administrateur et de tout actionnaire de ladite société doivent être ceux prévus par la présente loi sauf s'ils sont limités ou modifiés par lesdits statuts conformément à la présente loi.

**Article 56: Forme des statuts d'une société**

La forme des statuts d'une société doit respecter le formulaire repris à l'annexe IV de la présente loi.

**Article 57: Contenu des statuts**

Les statuts d'une société doivent :

1° être un document signé par le (s) demandeur (s) pour l'enregistrement de la société ;

2 ° être un document adopté par les actionnaires de la société comme étant ses statuts.

**Article 58: Effet des Statuts**

Les statuts d'une société ont l'effet d'un contrat :

1° hagati y'iyo sosiyete na buri wese mu bayifitemo imigabane;

2° hagati y'abanyamigabane ubwabo.

**Ingingo ya 59: Amafaranga yishyurwa na buri wese**

Amafaranga yishyurwa na buri wese mu bagize isosiyete afatwa nk'umwenda aba afitiye isosiyete.

**Ingingo ya 60: Kwemeza amategeko-shingiro agenga isosiyete**

Biturutse ku cyemezo kidasanzwe, abafite imigabane mu isosiyete bashobora kwemeza amategeko-shingiro ayigenga mu gihe itayafite.

**Ingingo ya 61: Guhindura cyangwa kuvanaho amategeko shingiro y'isosiyete**

Abafite imigabane mu isosiyete bashobora, binyuze mu cyemezo kidasanzwe, guhindura cyangwa kuvanaho amategeko shingiro agenga isosiyete.

**Ingingo ya 62: Kumenyesha ibirebana no kwemeza, guhindura cyangwa kuvanaho amategeko-shingiro**

Mu minsi cumi n'itanu (15) nyuma yuko isosiyete yemeza amategeko ayigenga, iyahinduye cyangwa iyavanyeho, Inama y'Ubutegetsi igomba

1° as between the company and each member or shareholder;

2° as between the members or shareholders themselves.

**Article 59: Money payable by any member**

Any amount of money payable by any member to the company shall be a debt due from him or her to the company.

**Article 60: Adoption of company's articles of association**

The shareholders or members of a company may, by special resolution, adopt articles of associon for the company where the latter did not have any.

**Article 61: Alteration or revocation of the articles of association of a company**

The shareholders of a company may, by special resolution, alter or revoke the articles of association of the company.

**Article 62: Notice regarding adoption, alteration or revocation of articles of association**

Within fifteen (15) days after a company adopts, alters or revokes its articles of association, as the case may be, the Board of Directors shall cause a

1° entre ladite société et chaque actionnaire ou associé;

2° entre les actionnaires ou les associés eux-mêmes.

**Article 59: Montant payé par chaque actionnaire**

Toute somme d'argent devant être payée par chaque actionnaire ou associé est une dette envers la société.

**Article 60: Adoption des statuts d'une société**

Par résolution spéciale, les actionnaires ou les associés d'une société peuvent adopter des statuts lorsque la société n'en possède pas.

**Article 61: Modification ou suppression des statuts d'une société**

Les actionnaires d'une société peuvent, par décision ou résolution spéciale, modifier ou suppri mer les statuts de la société.

**Article 62: Notification d'adoption, de modification ou de suppression des statuts**

Dans les quinze (15) jours qui suivent l'adoption des statuts par une société, leur modification ou leur annulation, le Conseil d'Administration doit aviser

kubimenyesha Umwanditsi Mukuru mu nyandiko kugira ngo yandike icyo gikorwa.

**<u>INTERURO YA III</u>: IMIGABANE, ABANYAMIGABANE, UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BYABO**

**<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INYANDIKO IHAMAGARIRA RUBANDA KUGURA IMIGABANE MU ISOSIYETE**

**<u>Ingingo ya 63</u>: Gushyira imigabane ku isoko**

Isosiyete yifuza gushyira imigabane yayo ku isoko ry'imigabane igomba gutangaza inyandiko ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.

**<u>Ingingo ya 64</u>: Ibibujijwe isosiyete ifite uburyozwe buhinnye**

Isosiyete ifite uburyozwe buhinnye ibujijwe gutangaza inyandiko ihamagarira abantu kuyiguramo imigabane.

**<u>Ingingo ya 65</u>: Impapuro zo gusabiraho imigabane cyangwa imigabane nguzanyo**

Nta muntu ufite uburenganzira bwo gutangaza, gushyikiriza cyangwa gutanga impapuro zo gusabiraho imigabane cyangwa imigabane nguzanyo keretse :

1° izo mpapuro ziherekejwe n'inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane mu

notice to be delivered to the Registrar General for registration

**<u>TITLE III</u>: SHARES, SHAREHOLDERS, RIGHTS AND OBLIGATIONS OF SHAREHOLDERS**

**<u>CHAPTER ONE</u>: PROSPECTUS**

**<u>Article 63</u>: Issuance of a prospectus**

Any company wishing to offer shares shall issue a prospectus**.**

**<u>Article 64</u>: Restrictions on a limited company**

No prospectus shall be issued by a limited company.

**<u>Article 65</u>: Form of application for shares or debentures**

No person shall have the right to issue, circulate or distribute any form of application for shares or debentures unless :

1° the form is accompanied by a prospectus whose date of publication is a date within the period of

le Registraire Général par écrit pour qu'il enregistre ce fait.

**<u>TITRE III</u> : ACTIONS, ACTIONNAIRES, DROITS ET OBLIGATIONS DES ACTIONNAIRES**

**<u>CHAPITRE PREMIER</u>: PROSPECTUS**

**<u>Article 63</u>:Lancer un prospectus**

Une société qui veut mettre ses actions sur le marché des capitaux doit lancer un prospectus.

**<u>Article 64</u>: Restrictions à la société à responsabilité limitée**

Il est interdit à une société à responsabilité limitée de lancer un prospectus.

**<u>Article 65</u>: Formulaire de souscription aux actions ou aux obligations**

Personne n'a le droit de publier, de faire circuler ni de distribuer le formulaire de souscription aux actions ou aux obligations à moins que :

1° Le formulaire soit accompagné d'un prospectus dont la date d'émission date de

isosiyete yatangajwe mu mezi atandatu abanziriza itariki izo mpapuro zitangarijweho, zishyikirijweho cyangwa ziherewe abo zigenewe.

2° kopi y'iyo nyandiko n'izindi nyandiko ziyiherekeje zigomba gutangazwa, koherezwa cyangwa gushyikirizwa abo zigenewe zigomba kuba zaranashyikirijwe Umwanditsi Mukuru;

3° isosiyete ikora cyangwa irimo gushingwa yiyemeje, mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane, ko mu mezi abiri (2) nyuma yo kwakira amafaranga y'igurisha ry'imigabane, igomba gutanga urupapuro rwemeza ko ayo mafaranga yakiriwe.

**<u>Ingingo ya 66</u>: Kubika kopi y'inyandiko isabirwaho imigabane**

Buri sosiyete igomba gukora ku buryo kopi ya buri nyandiko isabirwaho imigabane ibikwa ku cyicaro cyayo mu minsi irindwi (7) ikurikira itangwa ry'inyandiko ihamagarira kugura imigabane kandi kopi zabitswe zigomba kuboneka nibura mu gihe cy'amezi atandatu (6), kugira ngo zifashe ukeneye kuzireba mu banyamigabane b'isosiyete cyangwa abo ibereyemo imyenda.

**<u>Ingingo ya 67</u>: Guha urupapuro umuntu iyo yabikije cyangwa yagurije isosiyete**

Igihe isosiyete yabonye amafaranga yabikijwe cyangwa mu rwego rw'inguzanyo, igomba, mu gihe

six months immediately preceding the date on which the form was issued, circulated or distributed;

2° a copy of the prospectus and particulars of the issue, circulation or distribution shall have been lodged with the Registrar General ;

Igiciro cy'itangwa ry'umugabane usanzwe ufite agaciro mu mafaranga ntikigomba kuba munsi y'ayo mafaranga yanditswe.

**Ingingo ya 94: Imigabane itishyuwe mu mafaranga**

Nta na rimwe imigabane igomba gufatwa nk'iyishyuwe ako kanya, keretse iyo isosiyete yakiriye koko amafaranga y'iyo migabane ako kanya mu gihe iyo migabane yatangwaga cyangwa nyuma y'amasezerano yo gutanga iyo migabane.

**Ingingo ya 95: Igiciro gikwiye cy'itanga ry'imigabane**

Mbere yo kureba niba imigabane yarishyuwe yose

**Article 93: Fair and reasonable consideration**

Before it issues any shares the Board of Directors shall determine the amount of the consideration for which the shares shall be issued and shall ensure that such consideration is fair and reasonable to the company and to all existing shareholders.

The consideration for which a share is issued may take any form including payment in cash, promisory notes, contracts for future services, real or personal property or other securities of the company.

The amount of consideration for which a share with par value , shall not be less than the par value.

**Article 94: Shares not paid for in cash**

Shares shall be considered not to have been paid for in cash except to the extent that the company has actually received cash in payment of the shares at the time of or subsequently to the agreement to issue the shares.

**Article 95: Reasonable cash value of the issuance of shares**

Before shares that have already been issued are

**Article 93: Prix raisonnable**

Avant d'émettre des actions, le Conseil d'Administration doit déterminer le prix de ces actions tout comme il doit s'assurer que ce prix est raisonnable tant pour la société que pour les actionnaires existents.

Le prix d'une action émise peut être payé au comptant, soit par billets à ordre, ou en nature, soit par des contrats de services ultérieurs, soit par biens meubles ou immeubles, ou par d'autres titres de créance émis par la société.

Le prix de l'émission d'une action à valeur nominale ne doit pas être inférieur à cette valeur nominale.

**Article 94: Actions non payées au comptant**

Les actions ne doivent en aucun cas être considérées comme payées au comptant, sauf si la société a réellement perçu au comptant le paiement de ces actions au moment de l'émission de ces actions ou à la suite de l'accord d'émission de ces actions.

**Article 95: Prix convenable pour l'émission des actions**

Avant de considérer si les actions ont été totalement

cyangwa igice mu bindi bitari amafaranga, Inama y'Ubutegetsi igomba kureba agaciro k'amafaranga y'ubwo bwishyu kandi ikamenya neza ko ako gaciro:

1°gakwiye kandi kakwemerwa ku isosiyete no ku banyamigabane bayisanzwemo;

2°katari munsi y'umubare w'amafaranga yo kubikwa y'imigabane yatanzwe.

**<u>Ingingo ya 96</u>: Icyemezo gisinywe n'umwe mu bayobozi cyangwa se n'umuhagarariye**

Icyemezo cy'umugabane kigomba gusinywa n'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa se n'umuhagarariye wujuje ibisabwa kandi wemejwe n'Inama y'Ubutegetsi.

Icyemezo cyasinywe kigaragaza ibi bikurikira:

1° agaciro k'ikintu n'uburyo bwakoreshejwe kugira ngo gihabwe agaciro kabazwe mu mafaranga;

2° ko agaciro k'icyo kintu gakwiye kandi kemerwa n'isosiyete n'abanyamigabane bayisanzwemo;

3° ko agaciro mu mafaranga k'ikintu katari munsi y'agaciro k'umugabane watanzwe

credited as fully or partly paid up other than for cash, the Board of Directors shall determine the reasonable actual cash value of the consideration and shall ensure that the actual cash value of the consideration is:

1° fair and reasonable to the company and to all existing shareholders;

2° not less than the amount to be credited in respect of the shares.

**<u>Article 96</u>: Certificate signed by one of the directors or his/her representative**

A certificate of share shall be signed by one of the directors or his/her qualified representative authorized by the Board of Directors.

A signed certificate shall state the following:

1° the actual cash value of the consideration and the basis for assessing it;

2° that the actual cash value of the consideration is fair and reasonable to the company and to all existing shareholders;

3° that the actual cash value of the consideration is not less than the amount of the shares.

ou partiellement libérées autrement qu'en espèces, le Conseil d'Administration doit évaluer la valeur en numéraires de ce paiement et s'assurer que cette valeur :

1° est convenable et acceptable pour la société et pour les actionnaires actuels;

2° n'est pas inférieure au montant à créditer suite à ces actions.

**<u>Article 96</u>: Attestation signée par un des administrateurs ou par son représentant**

Une attestation des actions doit être signée par un des administrateurs ou par son représentant remplissant les conditions exigées et approuvé par le Conseil d'Administration.

L'attestation signée doit déclarer :

1° la valeur actuelle de l'apport ainsi que les critères utilisés pour son évaluation;

2° que la valeur monétaire actuelle de l'apport est convenable et acceptable pour la société et pour les actionnaires actuels;

3° que la valeur monétaire de l'apport n'est pas inférieure à la valeur des actions.

**Ingingo ya 97: Kopi y'icyemezo itangwa mu iyandikisha**

Mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) icyemezo kimaze gusinywa, Inama y'Ubutegetsi igomba gushyikiriza Umwanditsi Mukuru kopi y'icyo cyemezo kugira ngo acyandike.

**Ingingo ya 98: Itanga ry'imigabane ridafite agaciro**

Buri tanga ry'imigabane:

1°ryongera umwenda umuntu agomba isosiyete;
2°rituma umuntu agirira isosiyete inshingano nshyashya;

nta gaciro riba rifite igihe uwo muntu cyangwa intumwa ye batigeze biyemerera gufata imigabane mbere y'uko itangwa.

**Ingingo ya 99: Igihe umugabane uba utanzwe**

Umugabane uba utanzwe iyo izina ry'uwufashe ryanditswe mu gitabo cy'imigabane.

**Ingingo ya 100: Gutanga inyungu ku migabane**

Nta sosiyete ifite uburenganzira bwo gutanga inyungu ku migabane keretse iyo bitangiwe uruhushya n'Inama y'Ubutegetsi kandi bikemezwa n'inama y'abanyamigabane.

**Article 97: A copy of certificate issued for registration**

The Board of Directors shall deliver a copy of a certificate to the Registrar General for registration within fifteen (15) days of its signature.

**Article 98: Issue of a share that is void**

The issue by a company of a share that:

1° increases a liability of a person to the company;
2° imposes a new liability on a person to the company;

shall be void where that person, or his/her representative who is authorised in writing, does not consent in writing to becoming the holder of the share before it is issued.

**Article 99: When a share is issued**

A share is issued when the name of the holder is entered on the share register.

**Article 100: Distribution of dividends**

A company shall not make any distribution of dividends unless upon authorization by the Board of Directors and approval by the Council of shareholders.

**Article 97: Copie du certificat remise pour enregistrement**

Le Conseil d'Administration doit, dans un délai de quinze (15) jours à dater de sa signature, remettre une copie du certificat au Registraire Général pour son enregistrement.

**Article 98: Emission d'actions sans effet**

Toute émission d'actions qui :

1° accroît la dette d'une personne vis-à-vis de la société;
2° impose de nouvelles dettes à une personne par rapport à la société ;

est nulle et de nul effet lorsque ladite personne ou son mandataire n'avait pas consenti à détenir les actions avant leur émission.

**Article 99: Moment où l'action est émise**

Une action est émise lorsque le nom de son détenteur est inscrit dans le registre des actions.

**Article 100: Distribution des dividendes**

Aucune société n'a les prérogatives de distribuer des dividendes à moins que ladite distribution ait été autorisée par le Conseil d'Administration et approuvée par l'Assemblée des actionnaires.

Inama y'Ubutegetsi ifite ubushobozi bwo gushyikiriza inama y'abanyamigabane uburyo bwo gutanga inyungu ku migabane ishingiye ku bushobozi isosiyete ifite bwo kwishyura imyenda irimo muri icyo gihe cyo kwishyura.

Abagize Inama y'Ubutegetsi bemeje ko iryo tangwa ry'inyungu ribaho, bagomba gusinya icyemezo kivuga ko ku bwabo isosiyete ifite ubushobozi bwo kwishyura imyenda irimo mu gihe cy'iryo yishyurwa.

Iyo Inama y'Ubutegetsi yemeje ko isosiyete idafite ubushobozi bwo kwishyura imyenda, hamaze gutangwa uruhushya rwo gutanga inyungu ku migabane ariko izo nyungu zitarishyurwa, iyishyurwa ry'inyungu iryo ari ryo ryose ryakozwe n'isosiyete rigomba gufatwa nk'aho ryakozwe nta ruhushya.

**<u>Ingingo ya 101</u>: Igabanya ry'imari shingiro**

Isosiyete ishobora kugabanya imari shingiro yayo kugeza ku mubare wumvikanyweho mu nama idasanzwe y'abanyamigabane.

Isosiyete ishobora kumvikana binyuze mu nyandiko n'uwo ibereyemo umwenda ko itazagabanya imari shingiro yayo igihe iri munsi y'umubare w'amafaranga wavuzwe mu masezerano yagiranye n'uwo ibereyemo umwenda keretse babyemeranyijweho.

Umwanzuro wose waba ugamije kugabanya imari

The Board of Directors shall have the power to provide the Council of shareholders with modalities for distribution of dividends subject to the company's solvency test at that period.

The Board of Directors may authorise a distribution dividends at such time and of such amount as it thinks fit, if the company shall, upon the distribution being made, satisfy the solvency test.

Where, after a distribution of dividends is authorised and before it is made, the Board of Directors ceases to be satisfied that the company shall, upon the distribution of dividends being made, satisfy the solvency test, any distribution of dividends made by the company shall be deemed not to have been authorised.

**<u>Article 101</u>: Reduction of share capital**

A company may reduce its share capital to such amount as agreed upon by a special meeting of shareholders.

A company may agree in writing with a creditor of the company that it shall not reduce its share capital where it is below the amount specified in the agreement with the creditor, unless after a prior consent by the creditor.

A resolution to reduce the share capital passed in

Le Conseil d'Administration a la prérogative de soumettre à l'Assemblée des actionnaires la procédure de distribution des dividendes sur base de capacité de solvabilité d'une société au moment de la distribution.

Les Administrateurs qui votent en faveur de la distribution des dividendes doivent signer une attestation déclarant qu'à leur avis, la société est en mesure de satisfaire au test de solvabilité, au moment de la distribution.

Si le Conseil d'Administration constate que la société n'est pas solvable, après avoir donné l'autorisation d'une distribution des dividendes mais avant qu'elle n'ait eu lieu, toute distribution de dividendes faite malgré tout par la société doit être considérée comme étant non autorisée.

**<u>Article 101</u>: Réduction du capital social**

Une société peut réduire son capital social au montant convenu lors de la réunion extraordinaire des actionnaires.

Une société peut convenir par écrit avec son créancier qu'elle ne réduira pas son capital social en dessous d'un montant spécifié dans la convention passée avec le créancier à moins qu'il n'en soit convenu autrement.

Toute résolution visant à réduire le capital social en

shingiro y'isosiyete binyuranyije n'amasezerano nta gaciro ugira.

Isosiyete ntishobora kugira icyo ikora:

1° kugira ngo ikureho cyangwa igabanye inshingano zishingiye ku mafaranga atarishyuwe ku mugabane;

2° kugira ngo igabanye imari shingiro yayo ku mpamvu iyo ariyo yose keretse habayeho impamvu zumvikana zatuma abayobozi babona ko ako kanya nyuma y'icyo gikorwa, isosiyete izaba igifite ubushobozi bwo kwishyura imyenda irimo.

Iyo isosiyete yagomboje umugabane nyuma y'uko nyirawo abyiyemerera ku itariki yavuzwe cyangwa se isosiyete ikagura umugabane, noneho Inama y'Ubutegetsi ikabona ko iryo gombora cyangwa iryo gura rishobora kugira ingaruka zo gutuma isosiyete ita ubushobozi bwo kwishyura imyenda irimo, Inama y'Ubutegetsi igomba kwemeza igabanya ry'imari-shingiro y'isosiyete kugeza ku mubare w'amafaranga watuma iyo sosiyete ishobora kubahiriza ibisabwa ngo ishobore kwishyura imyenda yayo.

**<u>Ingingo ya 102</u>: Inyungu ku migabane**

Inyungu ku migabane ni itangwa ryayo iryo ari ryo ryose uretse irivugwa muri iri tegeko.

breach of any agreement shall be invalid and of no effect.

A company shall not take any action:

1° to extinguish or reduce a liability in respect of an amount unpaid on a share;

2° to reduce its share capital for any purpose unless there are reasonable grounds on which the directors may determine that, immediately after the taking of such action, the company will be able to satisfy the solvency test.

Where a share is redeemed at the option of the shareholder or on a fixed date, or the company purchases a share and the Board of Directors is satisfied that as a consequence of the redemption or purchase, the company would fail to satisfy the solvency test, the Board of Directors shall resolve that the share capital of the company shall be reduced to the amount by which the company would satisfy the solvency test.

**<u>Article 102</u>: Dividends**

Dividends shall be a distribution other than a distribution referred to in this Law.

contravention à une convention est nulle et de nul effet.

Une société ne peut entreprendre aucune action :

1° pour éteindre ou réduire une obligation liée au montant non payé sur une action;

2° pour réduire son capital social pour quelque raison que ce soit à moins qu'il y ait des motifs plausibles qui poussent les Administrateurs à déterminer qu'immédiatement après cette action, la société se trouvera en position de satisfaire au test de solvabilité.

Lorsqu'une action est rachetée suite au consentement de son détenteur, à une date fixée, ou que la société achète une action et que le Conseil d'Administration détermine comme conséquence du rachat ou de l'achat que la société pourrait ne pas être solvable, le Conseil d'Administration doit décider de réduire le capital social de la société jusqu'à la somme qui rendrait la société capable de satisfaire au test de solvabilité.

**<u>Article 102</u>: Dividendes**

Les dividendes sont une distribution autre que celle régie par la présente loi.

Inama y'ubutegetsi ntishobora kwemera itangwa ry'inyungu ku migabane:

1° hashingiwe ku gice kimwe k'imigabane hadafashwe imigabane yose iri mu rwego rumwe;

2° hatangwa amafaranga menshi ku migabane imwe kurusha indi yo mu rwego rumwe keretse:

umubare w'amafaranga y'inyungu yaragabanutse hafatiwe ku buryozwe imigabane ifite hakurikijwe amategeko shingiro y'isosiyete;

umunyamigabane yaremeye mu nyandiko kutazishyurwa inyungu cyangwa inyungu iri munsi y'iyo afitiye uburenganzira;

**<u>Ingingo ya 103</u>: Gutanga imigabane mu mwanya w'inyungu**

Inama y'Ubutegetsi ishobora gutanga imigabane ku munyamigabane wemeye itangwa ry'imigabane mu mwanya w'iyishyurwa ry'inyungu ku migabane nyuma yo kureba ko:

1° uburenganzira bwo kwakira imigabane, mu mwanya w'inyungu ku migabane buba bwarahawe abanyamigabane bose bo mu rwego rumwe kandi ku buryo busa;

The Board of Directors shall not authorise a dividend:

1° in respect of some shares instead of all the shares in a class;

2° of a greater amount in respect of some shares in a class than other shares in that class except where:

the amount of the dividend is reduced in proportion to any liability attached to the shares under the articles of association;

a shareholder has agreed in writing to receive no dividend, or a lesser dividend than would otherwise be payable;

**<u>Article 103</u>: Shares issued in lieu of dividends**

The Board of Directors may issue shares to any shareholder who have agreed to accept the issue of shares, in lieu of a proposed dividend provided that:

1° the right to receive shares, in lieu of the proposed dividend or proposed future dividends has been offered to all shareholders of the same class on the same terms;

Le Conseil d'Administration ne peut pas autoriser un dividende :

1° sur une partie des actions au lieu de toutes les actions d'une même catégorie;

2° d'un montant supérieur, pour une partie des actions d'une catégorie, aux autres actions dans la même catégorie sauf lorsque:

le montant du dividende est réduit dans les proportions avec toutes les obligations consécutives aux actions prévues dans les statuts;

un actionnaire consent par écrit de ne pas recevoir de dividende ou de recevoir des dividendes d'un montant inférieur à celui qui aurait dû lui être payé.

**<u>Article 103</u>: Distribution des actions à la place de dividendes**

Le Conseil d'Administration peut émettre les actions en faveur d'un actionnaire qui a accepté l'émission des actions au lieu des dividendes proposés pourvu que:

1° le droit de recevoir les actions, au lieu du dividende proposé ou de futures dividendes à proposer, ait été offert à tous les actionnaires de la même catégorie dans les mêmes conditions;

2° abafite imigabane bose batoranyijwe ngo bahabwe imigabane mu mwanya w'inyungu ku migabane, bakomeje kugira uburenganzira bwabo mu itora cyangwa mu igabana cyangwa muri byombi.

3° abafite imigabane bahawe ubwo burenganzira bose bahawe uburyo buboneye bwo kubitekerezaho no kubyemera.

**Ingingo ya 104: Igabanya ry'igiciro ku bafite imigabane mu isosiyete**

Inama y'Ubutegetsi ishobora kwemeza ko isosiyete igomba kugabanya igiciro ku bafite imigabane mu isosiyete ku bintu byose igurishije cyangwa se imirimo yakozwe n'isosiyete.

Inama y'Ubutegetsi ntiyafata bene icyo cyemezo, keretse ibona ko kwemera iryo gabanya riteganywa:

1° ritunganiye isosiyete ndetse n'abafite imigabane,

2° rizaboneka ku banyamigabane bose cyangwa se ku bafite imigabane yo mu rwego rumwe no mu buryo busa.

Iryo gabanya ry'ibiciro ntirishobora kwemerwa, kandi n'iyo ryaba ryaremewe, ntirishobora kongererwa igihe n'Inama y'Ubutegetsi keretse ifite impamvu ziyemeza ko isosiyete izakomeza kugira ubushobozi bwo kwishyura imyenda irimo.

2° all shareholders elected to receive the shares in lieu of the proposed dividend, their relative voting or distribution rights, or both, would be maintained;

3° the shareholders to whom the right is offered are afforded a reasonable opportunity of accepting it.

**Article 104: Discount for shareholders**

The Board of Directors may resolve that the company shall offer shareholders discounts in respect of some or all of the goods sold or services provided by the company.

The Board of Directors shall not approve a discount scheme unless the proposed discounts are:

1° fair and reasonable to the company and to all shareholders;

2° made available to all shareholders or all shareholders of the same class on the same terms.

A discount scheme shall not be approved, or where it had previously been approved shall not be continued by the Board of Directors unless it has reasonable grounds to believe that the company satisfies the solvency test.

2° tous les actionnaires choisis pour recevoir les actions au lieu du dividende proposé, leurs droits au vote ou la répartition ou les deux à la fois, aient été maintenus;

3° il soit donné une bonne occasion aux actionnaires à qui le droit est offert, de l'accepter.

**Article 104: Réduction de prix en faveur des actionnaires d'une société**

Le Conseil d'Administration peut décider d'offrir des réductions de prix aux actionnaires sur tous les biens vendus ou services rendus par la société.

Le Conseil d'Administration ne peut prendre une telle décision, à moins qu'il n'ait constaté que les réductions proposées soient :

1° convenables pour la société et pour tous les actionnaires ;

2° disponibles à tous les actionnaires ou à tous les actionnaires d'une même catégorie et dans les mêmes conditions.

Une offre de réduction de prix ne peut être approuvée, ou, lorsqu'elle aura déjà été approuvée, elle ne peut être prolongée par le Conseil d'Administration à moins que celui-ci ait des raisons de croire que la société restera solvable.

Igabanya ry'igiciro ryemewe muri gahunda yo kugabanyiriza abanyamigabane ibiciro ntirigomba kuba iyishyurwa ry'inyungu ku migabane iyo:

1° iryo gabanya ry'ibiciro ryemewe n'umunyamigabane hakurikijwe gahunda yemejwe n'Inama y'Ubutegetsi;

2° nyuma y'uko iyo gahunda yemezwa cyangwa se iryo gabanya ry'ibiciro rigatangwa, Inama y'Ubutegetsi isanze isosiyete itagishoboye kwishyura imyenda irimo.

**<u>Ingingo ya 105</u>: Gusaba, kugura cyangwa kubona ku bundi buryo imigabane yayo bwite**

Isosiyete ishobora gusaba, kugura cyangwa kubona ku bundi buryo imigabane yayo bwite iyo bitangiwe uruhushya.

Isosiyete ishobora gusaba, kwemera kugura, cyangwa kugura imigabane yayo bwite iyo Inama y'Ubutegetsi yemeje ko:

1° iryo gura riri mu nyungu zikomeye z'isosiyete;
2° ibisabwa muri iryo tanga n'iyemera n'umubare w'amafaranga wo kwishyura ari nyabyo kandi bitunganiye isosiyete;

3° iyo abanyamigabane bose batabyemeje cyangwa ngo babe babimenyeshejwe banabitangire uruhushya, iryo tangwa cyangwa ayo masezerano agomba kuba aboneye ku banyamigabane batahawe

A discount accepted for shareholders under a discount scheme shall not be a distribution of dividends where:

1° such a discount is accepted by a shareholder under a scheme approved by the Board of Directors;

2° after the scheme is approved or the discount was offered, the Board of Directors ceases to be satisfied on reasonable grounds that the company would satisfy the solvency test.

**<u>Article 105</u>: Requesting for, purchasing or otherwise acquiring its own shares**

A company may request for, purchase, or otherwise acquire its own shares upon authorization.

The company may request for, or agree to purchase or otherwise acquire its own shares where the Board of Directors is satisfied that:

1° the acquisition is in the best interests of the company;
2° the terms of the offer or agreement and the consideration to be paid for the shares are fair and reasonable to the company;

3° in case where the offer is not made to, or the agreement is not entered into with all shareholders, the offer or the agreement, is fair to those shareholders to whom the offer

Une remise acceptée dans le cadre de réduction de prix aux actionnaires ne doit pas être une distribution de dividendes , lorsque :

1° cette remise est acceptée par un actionnaire conformément à la procédure approuvée par le Conseil d'Administration;

2° après que la procédure ait été acceptée ou que la remise ait été offerte, le Conseil d'Administration cesse de croire que la société restera solvable.

**<u>Article 105</u>: Demander, acheter ou acquérir d'une autre manière ses propres actions**

Une société peut demander, acheter ou acquérir autrement ses propres actions sur autorisation.

La société peut demander, accepter d'acheter ou acquérir ses propres actions lorsque le Conseil d'administration décide que:

1° l'acquisition l'est pour l'intérêt majeur de la société;
2° les conditions de l'offre ou de l'accord et les montants à payer pour lesdites actions sont justes et convenables pour la société ;

3° l'offre n'est pas faite pour tous les actionnaires et que l'accord n'est pas conclu avec eux, cette offre ou cet accord doit être juste à l'égard de ces actionnaires auxquels l'offre n'est pas faite

imigabane cyangwa se batakoze amasezerano;

4° abanyamigabane bamenyeshejwe bagomba guhabwa amakuru atuma bamenya neza agaciro k'iyo migabane;

5° nyuma y'iryo gura, isosiyete igomba guhita igaragaza ko ishoboye kwishyura imyenda.

Itangazo ryose ry'isosiyete ryo kugura cyangwa kubona imigabane yayo ku isoko ry'imigabane rigomba gukorwa hakurikijwe ibisabwa bimaze kuvugwa haruguru.

**<u>Ingingo ya 106</u>: Inyandiko ishyira ahagaragara ibyerekeye igura ry'imigabane**

Mbere y'uko itangwa ry'imigabane risohorwa n'isosiyete kugira ngo isabe cyangwa yemererwe kugura imigabane yayo bwite, isosiyete igomba kohereza abafite imigabane bose, inyandiko ishyira ahagaragara ibyerekeye igurura ry'imigabane.

Inyandiko ishyira ahagaragara ibyerekeye igurura ry'imigabane igomba kugaragaza:

1° ubwoko n'ibisabwa kuri iryo tangwa ry'imigabane, niba ryakorewe bamwe mu bafite imigabane gusa, amazina y'abo banyamigabane;

2° ubwoko n'uburemere bw'inyungu ya buri

is not made, or with whom no agreement is entered into;

4° shareholders to whom the offer is made have available to them any information which is material to an assessment of the value of the shares;

5° the company shall immediately after the acquisition satisfy the solvency test.

Any offer by a company to purchase or otherwise acquire its own shares on a stock exchange shall be made in accordance with such conditions as prescribed above.

**<u>Article 106</u>: A public notice requesting for purchasing shares**

Before an offer is made by a Company to propose, accept or otherwise acquire its own shares, a company shall send to all its shareholders a public notice requesting for repurchasing its own shares.

A public notice requesting for repurchasing shares shall state the following:

1° the type and requirements for such share issuing, where the latter was intended for only a given number of shareholders the shareholders names;

2° types and considerartion of dividends to be

ou avec lesquels l'accord n'a pas été conclu ;

4° les actionnaires à qui l'offre est faite doivent recevoir les informations qui leur permettent de jauger la valeur desdites actions ;

5° la société doit immédiatement après l'acquisition, satisfaire au test de solvabilité.

Toute offre par la société d'acheter ou d'acquérir ses propres actions à la bourse doit se faire conformément aux conditions prescrites ci-dessus.

**<u>Article 106</u>: Document d'information sur l'achat des actions**

Avant qu'une offre ne soit adressée par la société pour proposer ou accepter l'achat ou l'acquisition de ses propres actions, la société doit envoyer à tous les actionnaires, un document d'information sur le rachat des actions.

Un document d'information sur le rachat des actions doit déterminer:

1° la nature et les conditions de l'offre et au cas où elle s'adresse à des actionnaires spécifiés, les noms desdits actionnaires;

2° la nature et l'ampleur de tout intérêt pour tout

wese uri mu nama y'ubutegetsi y'isosiyete mu migabane yose irebwa n'iryo tangwa ry'imigabane;

3° inyandiko ikubiyemo icyo cyemezo, amakuru yose n'ibisobanuro byatuma ufite imigabane nta buryarya ashaka gukoresha, yumva neza kurushaho ubwoko n'ingaruka iryo gura riteganywa ryakurura ku isosiyete no ku bafitemo imigabane.

**Ingingo ya 107: Gukuraho imigabane yaguzwe**

Imigabane yaguzwe cyangwa yisubijwe n'isosiyete ifatwa nk'iyasibwe ako kanya ikimara kugurwa.

Imigabane iba iyayo kuva ku itariki isosiyete ifitiyeho ububasha bwo gukoresha uburenganzira bujyanye n'iyo migabane.

**Ingingo ya 108: Isosiyete ishobora gufata imigabane yayo bwite**

Buri mugabane waguzwe n'isosiyete ugomba kuba ufitwe n'iyo sosiyete.

Umugabane ufitwe n'isosiyete ubwawo ushobora gusibwa n'Inama y'Ubutegetsi hafashwe icyemezo cyo gusiba uwo mugabane. Ugomba gufatwa nk'uwasibwe kuva icyo cyemezo kigifatwa.

accorded to every member of the Board of Directors with regard to all those shares concerned with the issuing of shares;

3° a document containing such a resolution, as well as such other details which may help the shareholder to fairly have a better understanding of the type and impact that such share purchasing can have on the company and its shareholders.

**Article 107: Cancellation of purchased shares**

Purchased shares or those shares redeemed by the company shall, immediately upon purchase, be struck off the company's register.

Shares shall become the property of the company as of the date on which it has the power to use the rights linked with such shares.

**Article 108: a company may hold its own shares**

Any share purchased by a company shall be held by the company itself.

A share that a company holds in itself may be cancelled by the Board of Directors resolving that the share is cancelled. It shall be deemed to be cancelled on the making of such a resolution.

Administrateur de la société dans toutes les actions concernées par l'offre ;

3° le texte contenant la résolution, les informations et explications susceptibles de permettre à l'actionnaire de bonne foi de comprendre la nature et les implications que l'acquisition proposée comporte pour la société ainsi que pour ses actionnaires .

**Article 107 : Radiation des actions achetées**

Les actions qui sont achetées ou reprises par la société sont réputées radiées immédiatement après l'acquisition.

Les actions sont acquises à partir de la date à laquelle la société est habilitée à exercer les droits relatifs aux actions concernées.

**Article 108: Possibilité d'une société à détenir ses propres actions**

Toute action achetée par la société doit être détenue par la société elle-même.

Une action que la société détient elle-même peut être radiée par le Conseil d'Administration sur résolution de radiation de l'action. Elle doit être considérée comme radiée à la prise de ladite résolution.

**Ingingo ya 109: Guhagarika uburenganzira n'inshingano ku migabane ifitwe n'isosiyete**

Uburenganzira n'inshingano bijyanye n'umugabane ufitwe n'isosiyete ubwabyo ntibishobora gukoreshwa n'isosiyete cyangwa ngo biyibangamire mu gihe iyo sosiyete igifite uwo mugabane.

Mu gihe isosiyete ifite umugabane, nta bubasha igira bwo gukoresha uburenganzira bwo gutora bujyanye n'uwo mugabane, kwakira cyangwa gukora ibijyanye n'igabana ryatangiwe uruhushya cyangwa ryishyurwa kuri uwo mugabane.

**Ingingo ya 110: Gutangira gukurikiza amasezerano yo kugura imigabane**

Amasezerano y'isosiyete yerekeranye no kugura imigabane n'iyo sosiyete agomba gushyirwa mu bikorwa n'isosiyete uko bisabwa, keretse iyo bigeze aho iyo sosiyete itagishoboye kwishyura imyenda yayo nyuma yo gushyira ayo masezerano mu bikorwa.

Isosiyete niyo ifite inshingano yo kwerekana ko ishyirwa mu bikorwa ry'ayo masezerano ryatuma idashobora kwishyura imyenda.

Iyo isosiyete yiyemeje ku bw'amasezerano kugura imigabane yayo bwite, urundi ruhande rwo muri ayo masezerano rugomba kuba rugiwemo umwenda kuva amasezerano agisinywa, kandi rugomba:

**Article 109: Suspension of rights and obligations of shares that company holds**

The rights and obligations attached to a share that a company holds itself shall not be exercised by or against a company while it holds the share.

While a company holds a share itself the company shall not exercise any voting rights attached to the share or make or receive any distribution authorised or payable in respect of the share.

**Article 110: Enforcement of contract to purchase shares**

A contract with a company for the acquisition by the company of its shares shall be specifically enforceable against the company except to the extent that the company would, after performance of the contract, fail to satisfy the solvency test.

The company bears the burden of proving that performance of the contract would result in the company being unable to satisfy the solvency test.

Where the company has entered into a contract for the acquisition by the company of its shares, the other party to the contract shall, on the conclusion of the contract, become a creditor and shall:

**Article 109: Suspension des droits et obligations sur les actions détenues par la société**

Les droits et obligations inhérents à une action détenue par la société elle-même ne peuvent pas être exercés par ou contre une société pendant que celle-ci détient l'action.

Pendant qu'une société détient une action, ladite société n'a pas la prérogative d'exercer le droit de vote lié à l'action ou de recevoir ou de procéder à toute répartition autorisée ou payable pour ladite action.

**Article 110: Exécution du contrat d'achat des actions**

Un contrat avec une société pour l'acquisition par ladite société de ses actions doit spécifiquement être exécutoire contre ladite société sauf si ladite société est incapable de satisfaire au test de solvabilité après l'exécution dudit contrat.

La société a la charge de prouver que l'exécution dudit contrat peut la rendre insolvable.

Lorsqu'une société s'engage par contrat à acquérir ses propres actions, l'autre partie liée au contrat doit, à la conclusion du contrat, devenir créancière et doit :

1° kwitegura kwishyurwa isosiyete ikimara kubona ubushobozi mu mategeko bwo kubikora;

2° mbere yuko isosiyete ikurwa mu gitabo cy'ubucuruzi n'amasosiyete, uwagiranye amasezerano n'iyo sosiyete niwe uza mbere mu kwishyurwa mbere y'abandi banyamigabane.

**<u>Ingingo ya 111</u>: Kwisubiza imigabane**

Isosiyete ishobora gutanga umugabane ishobora kwisubiza**.**

**<u>Ingingo ya 112</u>: Kwisubiza imigabane ku bushake bw'isosiyete**

Kwisubiza umugabane ku bushake bw'isosiyete bigomba gufatwa nko kugura umugabane no kwishyura inyungu ku mugabane.

**<u>Ingingo ya 113</u>: Gusubizwa imigabane ku bushake bwa ba nyirayo**

Iyo umugabane ari uwo gusubizwa ku bushake bw'uwufite, hanyuma nyirawo akamenyesha isosiyete ko yawisubiza:

1° isosiyete igomba gusubirana uwo mugabane ku itariki yavuzwe muri iyo nyandiko, niba nta tariki yavuzwe isosiyete igomba guhita iwisubiza ikimara kubona iyo nyandiko;

1° be entitled to be paid as soon as the company is lawfully able to do so;

2° prior to the removal of the company from the register of companies, a company shall be ranked subordinate to the rights of creditors but in priority to the other shareholders.

**<u>Article 111</u>: Redemption of shares**

A company may issue a redeemable share.

**<u>Article 112</u>: Redemption of shares upon the company's own initiative**

A redemption of share upon the company's own initiative shall be deemed to be an acquisition by the company of the share and a distribution of dividends.

**<u>Article 113</u>: Redemption of shares at option of shareholders**

Where a share is redeemable at the option of the shareholder of the share, and the latter gives proper notice to the company requiring the company to redeem the share:

1° the company shall redeem the share on the date specified in the notice, or if no date is specified, on the date of receipt of the notice;

1° Avoir droit à être payée aussitôt que la société est légalement capable de le faire;

2° avant la radiation de la société du registre des sociétés, toute personne ayant conclu un contrat avec la société est prioritaire aux droits de créanciers avant les autres actionnaires.

**<u>Article 111</u>: Rachat des actions**

Une société peut émettre une action qu'elle peut racheter.

**<u>Article 112</u>: Rachat des actions au choix de la société**

Le rachat d'une action au choix de la société doit être considéré comme étant une acquisition de l'action et comme étant une distribution des dividendes.

**<u>Article 113</u>: Rachat des actions au choix des actionnaires**

Lorsqu'une action est rachetable au choix de l'actionnaire et que ce dernier remet un avis propre à la société lui demandant de racheter l'action :

1° la société doit racheter l'action à la date spécifiée dans l'avis et s'il n'y a pas de date, la société doit racheter l'action à la date de la réception de l'avis.

2° umugabane ufatwa nk'uwasibwe ku itariki wisubirijweho;

3° uwari uwufite wa mbere afatwa nk'uberewemo umwenda n'isosiyete nta ngwate ku mafaranga yo kwishyura ku munsi wo gusubirana umugabane, guhera ku munsi wo kuwisubiza.

**<u>Ingingo ya 114</u>: Igihe isosiyete ishobora n'igihe idashobora gutanga inkunga y'amafaranga**

Isosiyete nta na rimwe igomba gutanga inkunga yaba amafaranga**,** inguzanyo cyangwa ingwate cyangwa n'ibindi bijyana nabyo ku buryo buziguye cyangwa butaziguye hagamijwe kugura imigabane yayo yashyize ku isoko.

Isosiyete ishobora gutanga inkunga y'amafaranga igihe Inama y'Ubutegetsi yabanje kwemeza ko:

1° iryo tanga ry'inkunga rifitiye inyungu isosiyete;

2° ibisabwa n'uburyo bw'itangwa ry'iyo nkunga bifite ukuri bikagira n'akamaro ku isosiyete ndetse no ku bandi bafitemo imigabane batabonye kuri iyo nkunga;

3° isosiyete yerekana ko ifite ubushobozi bwo kwishyura imyenda yayo, ako kanya ikimara gutanga inkunga.

2° the share is deemed to be cancelled on the date of redemption;

3° the former shareholder ranks as an unsecured creditor of the company for the sum payable on redemption, from the date of redemption.

**<u>Article 114</u>: When a company may and may not give financial assistance**

A company shall not give financial assistance, loan, guarantee or any other related transaction directly or indirectly for the purpose of or in connection with the acquisition of its own shares it offered.

A company may give financial assistance if the Board of Directors has previously resolved that:

1° giving the assistance is in the interests of the company;

2° the terms and conditions on which the assistance is given are fair and reasonable to the company and to any shareholders not receiving that assistance;

3° immediately after giving the assistance, the company shall satisfy the solvency test.

2° l'action est supposée radiée à la date de son rachat;

3° l'ancien actionnaire est considéré comme créancier chirographaire à l'égard de la société pour le montant lui dû à l'occasion de rachat, et ce à partir de la date de l'opération de rachat.

**<u>Article 114</u>: Quand la société peut et ne peut pas octroyer l'assistance financière**

La société ne peut en aucun cas octroyer une assistance financière, un prêt, une garantie ou toute autre transaction directement ou indirectement dans le but d'acquérir ses actions émises.

La société peut octroyer une assistance financière lorsque le Conseil d'Administration a décidé au préalable que :

1° l'octroi de l'assistance est profitable à la société;

2° les conditions et modalités de l'octroi sont justes et favorables à la société et aux autres actionnaires qui ne reçoivent pas ladite assistance ;

3° la société satisfait au test de solvabilité, immédiatement après l'octroi de l'assistance.

**Ingingo ya 115: Kudatanga inkunga irenze icumi ku ijana (10%) y'imari shingiro**

Isosiyete ntishobora gutanga inkunga irenze icumi ku ijana (10%) by'imari shingiro yayo.

**Ingingo ya 116: Kudafata imigabane mu isosiyete yayibyaye**

Isosiyete yabyawe ntabwo ishobora gufata imigabane mu isosiyete yayibyaye.

Iyo isosiyete ifite imigabane mu yindi sosiyete ibyawe nayo, iyo sosiyete ishobora gukomeza gufata iyo migabane ariko uburenganzira bwo gutora bujyanye n'iyo migabane nta gaciro bugira.

Nta kintu kibuza isosiyete yabyawe ifite imigabane mu isosiyete yayibyaye kugira ububasha bwayo nk'intumwa bwite cyangwa ugize Inama y'Ubutegetsi.,

**Ingingo ya 117: Kumenyesha uburenganzira bw'abanyamigabane**

Buri sosiyete igomba gushyikiriza uyifitemo imigabane ayibisabye, inyandiko igaragaza ibikurikira:

1° icyiciro cy'imigabane ifitwe na nyir'umugabane, igiteranyo cy'imigabane yo muri icyo cyiciro yatanzwe n'isosiyete ndetse n'umubare

**Article 115: Prohibition to issue a financial assistance exceeding ten per cent (10%) of the share capital**

A company shall not provide financial assistance exceeding ten per cent (10%) of its share capital.

**Article 116: Subsidiary shall not hold shares in its holding company**

A subsidiary shall not hold shares in its holding company.

Where a subsidiary company holds shares in its holding company, such a company may keep those shares but the latter shall confer to the company no right to vote.

Nothing shall prevent a subsidiary holding shares in its holding company in its capacity as a personal representative or a trustee.

**Article 117: Statement of shareholders' rights**

Every company shall issue to a shareholder, on request, a statement that sets out:

1° the class of shares held by the shareholder, the total number of shares of that class issued by the

**Article 115: Interdiction d'octroi d'une assistance financière de plus de dix pour cent (10%) du capital social**

Une société ne peut pas octroyer une assistance financière de plus de dix pour cent (10%) de son capital social.

**Article 116: Non détention d'actions dans une société mère**

Une filiale ne peut pas détenir d'actions dans la société mère.

Lorsqu'une filiale détient des actions dans sa société mère,elle peut continuer à les garder mais ces actions ne lui confèrent aucun droit de vote.

Rien ne peut empêcher une filiale ayant des actions dans une société mère d'avoir sa capacité d'y nommer son représentant personnel ou son Administrateur.

**Article 117: Déclaration des droits des actionnaires**

Toute société est tenue de remettre à un actionnaire sur sa demande, une déclaration qui détermine :

1° la catégorie des actions détenues par l'actionnaire, le nombre total des actions émises dans cette catégorie par la société ainsi

w'imigabane yo muri icyo cyiciro ifitwe n' uwo nyir'imigabane;

2° uburenganzira, ibyiza bijyanye n'imigabane, ibisabwa, ibigabanywa ku burenganzira bwe n'aho bugarukiye mu kubuhererekanya byose bituruka ku migabane ifitwe n'umunyamuryango;

3° uburenganzira, ibyiza bijyanye n'imigabane, ibisabwa, ibigabanywa ku burenganzira bwe bijyana n'inzego z'imigabane zitari izifitwe na nyir'imigabane.

**<u>Ingingo ya 118</u>: Igihe isosiyete idategetswe kumenyesha umunyamigabane inyandiko**

Isosiyete ntitegetswe kumenyesha umunyamigabane inyandiko ikubiyemo uburenganzira bwe iyo:

1° itangazo ribigaragaza ryarakozwe mu mezi atandatu (6) abanza;
2° umunyamigabane ataraguze cyangwa ataragurishije imigabane kuva iryo tangazo rya nyuma ryasohoka;
3° uburenganzira bujyana no kugira imigabane mu isosiyete butarahindutse uhereye itangazo riherutse;
4° nta kintu cyatuma bigaragara nabi ku isosiyete iramutse yanze iryo saba.

company and the number of shares of that class held by the shareholder;

2° the rights, privileges, conditions and limitations, including restrictions on transfer, attaching to the shares held by the shareholder;

3° the rights, privileges, conditions and limitations attaching to the classes of shares other than those held by the shareholder.

**<u>Article 118</u>: When the company shall not be under obligation to provide a statement to a shareholder**

The company shall not be under any obligation to provide a shareholder with a statement if:

1° a statement has been provided within the previous six (6 ) months;
2° the shareholder has not acquired or disposed of shares since the previous statement was provided;
3° the rights attached to shares of the company have not been altered since the previous statement was provided;
4° there are no special circumstances which would make it unreasonable for the company to refuse the request.

que le nombre d'actions de cette catégorie détenu par l'actionnaire ;

2° les droits, les avantages, les conditions, les limites y compris les restrictions portant sur le transfert, liés aux actions détenues par l'actionnaire ;

3° les droits, les avantages, les conditions et les limitations liés aux classes des actions autres que celles détenues par l'actionnaire.

**<u>Article 118</u>: Quand la société n'est pas tenue de remettre une déclaration à un actionnaire**

La société n'est pas tenue de remettre une déclaration à un actionnaire si :

1° une déclaration a été faite dans les six (6) mois précédents;
2° l'actionnaire n'a ni acquis ni vendu d'actions depuis la déclaration précédente;
3° les droits liés aux actions d'une société n'ont pas été modifiés depuis la déclaration précédente;
4° il n'y a pas de circonstances qui puissent rendre injuste le refus de la requête par la société.

**Ingingo ya 119: Itangazo ntiryerekana uburenganzira bwo gutunga imigabane cyangwa se ibivugwamo byose**

Inyandiko ntifatwa nk'ikimenyetso cy'imigabane cyangwa se ibivugwamo byose kandi ibyo bikandikwa aho biboneka neza muri iyo nyandiko.

**UMUTWE WA III: IMPAPURO ZIGARAGAZA UBURENGANZIRA KU MIGABANE, IHEREREKANYA RYAYO, IGITABO YANDIKWAMO N'IBYEMEZO BIYIRANGA**

**Ingingo ya 120: Uburenganzira bw'ibanze ku migabane itarishyurwa**

Isosiyete ni yo ifite uburenganzira bw'ibanze ku migabane itarishyurwa no ku nyungu zaturuka kuri iyo migabane kabone n'iyo yaba itayanditsweho.

**Ingingo ya 121: Uburenganzira bw'ibanze ku migabane yishyuwe**

Amategeko shingiro agenga isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, ashobora guteganya ko igira uburenganzira ku migabane n'inyungu ku migabane yarangije kwishyurwa ku mafaranga yose abanyamigabane bayibereyemo.

**Article 119: Statement is not evidence of title to shares or of any of the matters set out in it**

The statement shall not be evidence of title to the shares or of any of the matters set out in it, and shall state this fact in a prominent place.

**CHAPTER III: TITLE, TRANSFERS, SHARE REGISTER AND CERTIFICATES**

**Article 120: Privilege on unpaid shares**

A company shall be entitled to a privilege over non paid shares and dividends on those shares, independently of and without the necessity for inscription.

**Article 121: A privilege over fully paid shares**

For the case of a private company, the articles of association may provide for a privilege over fully paid shares and dividends on those shares for all money owing by the shareholders to the company.

**Article 119: Toute déclaration n'est pas une preuve de droit d'information sur les actions**

La déclaration ne constitue pas une preuve de droit d'information sur les actions et cela doit être mentionnée sur la partie bien visible de la déclaration.

**CHAPITRE III: TITRES, TRANSFERTS, REGISTRE ET CERTIFICATS DES ACTIONS**

**Article 120: Droit de préférence sur les actions non encore libérées**

Le droit de préférence sur les actions non encore libérées et sur les dividendes qui en découleraient revient à la société même dans le cas où celles-là ne seraient pas enregistrées à son nom.

**Article 121: Droit de préférence sur les actions libérées**

Dans le cas d'une société privée, les statuts peuvent prévoir un privilège sur les actions entièrement payées et sur les dividendes sur ces actions pour toute somme d'argent due par les actionnaires à la société.

**Ingingo ya 122: Kugwatira umugabane isosiyete ifiteho uburenganzira bw'ibanze**

Iyo abagize Inama y'Ubutegetsi babona bikwiye, isosiyete ishobora kugwatira umugabane uwo ari wo wose yari ifiteho uburenganzira bw'ibanze.

Ntihashobora kuba igurisha, keretse :

1° amafaranga atanga ubwo burenganzira ku nyungu zijyanye n'umugabane agejeje igihe cyo kwishyurwa;
2° igihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) gishize inyandiko isaba kwishyura ayo mafaranga atanga uburenganzira ku ngwate ihawe uwanditsweho uwo mugabane ukiriho, cyangwa se ihawe uwazunguye nyir'umugabane cyangwa se uhagarariye umunyamigabane wahombye.

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa igurisha abagize Inama y'Ubutegetsi bashobora kwemerera umuntu guhererekanya imigabane yaguzwe ku wayiguze.

Ibyerekeranye n'iryo gurisha bikorwa n'isosiyete kandi bigakurikizwa ku bijyanye n'iyishyura ry'ayo mafaranga agomba kwishyurwa. Amafaranga agomba kwishyurwa mbere y'igurishwa, agomba kwishyurwa umuntu ubifitiye uburenganzira ku munsi w'igurisha.

**Article 122: Pledging with any share on which a company has privilege**

Where deemed necessary by the Directors, a company may make a pledge with any share on which it has a privilege.

No sale shall be made unless:

1° a sum in respect of which the privilege exists is presently payable;

2° until the expiry of fifteen (15) days after a written notice stating and demanding payment of such amount in respect of which the privilege exists as is presently payable, has been given to the registered holder for the time being of the share, or the person entitled to the share by reason of the death or bankruptcy of the registered holder.

The directors may, to give effect to any sale, authorize some person to transfer the shares sold to the purchaser.

The proceeds of the sale shall be received by the company and applied for the payment of such amount in respect of which the privilege exists as is presently payable, and any residue shall, subject to a like privilege for sums not presently payable as existed upon the share before the sale, be paid to the person entitled to the share at the date of the sale.

**Article 122: Saisie d'action sur laquelle la société dispose d'un privilège**

Lorsque les Administrateurs le jugent utile, une société peut saisir toute action sur laquelle elle jouit d'un privilège.

Il ne peut y avoir vente, sauf si :

1° un montant qui donne naissance au privilège est exigible ;

2° un délai de quinze (15) jours après une note écrite déclarant ou exigeant le paiement d'un tel montant qui donne naissance au privilège comme montant dû a été donné à un détenteur enregistré au moment de l'existence de l'action ou à une personne héritière ou qui représente un actionnaire failli.

Les Administrateurs peuvent, pour donner effet à la vente, autoriser à une personne d'opérer le transfert des actions vendues à l'acquéreur.

Les procédures de vente sont reçues par la société et sont appliquées pour le paiement d'une telle somme d'argent en rapport avec les privilèges dus, et tout reliquat consécutif au privilège dû sur l'action avant la vente doit être payé à la personne habilitée, à la date de la vente.

**Ingingo ya 123: Kwanga kwandika ihererekanya ry'umugabane isosiyete ifiteho inyungu**

Iyo amategeko shingiro agenga isosiyete abiteganya, abagize Inama y'Ubutegetsi bashobora kwanga kwandika ihererekanya ry'umugabane isosiyete yari ifiteho inyungu.

**Ingingo ya 124: Umugabane cyangwa umugabane nguzanyo ushobora gutangwaho ingwate**

Buri mugabane cyangwa umugabane nguzanyo ushobora gutangwaho ingwate mu bikorwa byose by'ubucuruzi cyangwa bisanzwe.

Buri sosiyete igira igitabo yandikamo:

1° ihererekanya ry'imigabane cyangwa imigabane nguzanyo yatanzweho ingwate;

2° ko umuntu afite ingwate ishingiye ku mugabane cyangwa umugabane nguzanyo, atari nk'umutungo waguzwe ko ahubwo ari ingwate kubera umwenda amafaranga wayo agomba kwandikwa igihe ari ingwate isanzwe.

Ingwate igomba kugaragazwa ku buryo bunoze yandikwa nk'iherekanwa mu gitabo cy'imigabane.

Ihererekanya rigomba kuba ririho umukono w'ugwatirije, n'ugwatishije n'uhagarariye sosiyete wemewe.

**Article 123: Declining to register the transfer of a share on which a company has advantages**

The directors may, where the Articles of association so provides, decline to register the transfer of a share on which the company has a advantages.

**Article 124: A share or debenture to be given in pledge**

Any share or debenture may be given in pledge in all civil and commercial transactions.

Every company shall keep a register in which :

1° the transfer of shares or debentures given in pledge shall be inscribed;

2° it shall be stated that the pledgee holds the share or debenture not as owner but in pledge of a debt the amount of which shall, in the case of a civil pledge, be mentioned.

A pledge shall be sufficiently proved by a transfer inscribed in the register.

The transfer shall be signed by the pledger and by the pledgee and by the authorized agent of the company.

**Article 124: Refus d'enregistrer le transfert d'une action pour laquelle la société a des avantages**

Les administrateurs peuvent, si les statuts le prévoient, refuser d'enregistrer le transfert d'une action pour laquelle la société a des avantages.

**Article 124: Action ou obligation pouvant être remis en gage**

Toute action ou obligation peut être donnée en gage dans toutes les transactions commerciales ou civiles.

Chaque société tient un registre dans lequel :

1° les transferts d'actions ou d'obligations données en gage sont inscrits ;

2° il est fait mention que le détenteur du gage détient l'action ou l'obligation, non pas comme propriétaire mais plutôt comme un gage pour une dette dont le montant doit, en cas de gage civil être mentionné.

Un gage doit être suffisamment prouvé par un transfert inscrit dans le registre des actions.

Le transfert doit être signé par le garant, le bénéficiaire du gage et le représentant agréé de la société.

**Ingingo ya 125: Inyandiko igaragaza ihererekanya ry'imigabane**

Uko amategeko-shingiro agenga isosiyete yaba abiteganya kose, nta na rimwe isosiyete igomba gushyira ibijyanye n'ihererekanya ry'imigabane cyangwa imigabane nguzanyo mu gitabo cy'imigabane cyangwa mu cy'abafite imigabane nguzanyo, keretse harabaye inyandiko ifite agaciro yerekana iryo hererekanya yahawe isosiyete mu buryo busabwa, hakurikijwe iri tegeko.

Nta ngingo ishobora kubangamira iyandikwa mu gitabo nka nyir'umugabane cyangwa nk'ufite imigabane nguzanyo ry'umuntu wabonye uburenganzira kuri uwo mugabane cyangwa umugabane nguzanyo biturutse ku ihererekanya.

**Ingingo ya 126: Ihererekanya rikozwe n'uzungura cyangwa n'ucunga umutungo w'umunyamigabane**

Ihererekanya ry'umugabane, iry'umugabane nguzanyo cyangwa iry'indi nyungu yose y'uwapfuye, rikozwe n'uzungura cyangwa n'ucunga ibye rigomba, hubahirijwe amategeko agenga iyandikisha ry'ibyishyurwa, kugira agaciro nk'aho uwapfuye yagize uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ry'inyandiko y'iryo hererekanya, kabone n'iyo umuzungura cyangwa ucunga umutungo atari we ubwe umunyamigabane.

**Article 125: Instrument of transfer of shares**

Notwithstanding anything in a company's constitution, a company shall not enter a transfer of shares or debentures in the share register or the register of debenture holders unless a valid instrument of transfer has been delivered to the company in the form prescribed for that purpose under this Law.

No provision shall prejudice the power to register as a shareholder or debenture holder a person to whom the right to any share or debenture has been transmitted by operation of act.

**Article 126: A transfer made by the deceased's heir or curator of a shareholder**

A transfer of the share, debenture or any other interest of a deceased shareholder made by his/her heir or by the curator shall, subject to laws relating to registration dues, be as valid as if he/she had been such a shareholder at the time of the execution of the instrument of transfer, even if the heir or the curator is not himself or herself a shareholder.

**Article 125 : Instrument de transfert des actions**

Nonobstant les dispositions prévues par les statuts de la société, celle-ci ne peut en aucun cas constater le transfert des actions ou des obligations dans le registre des actions ou dans celui des détenteurs des obligations, à moins qu'un instrument valable de transfert n'ait été délivré à la société dans la forme prescrite à cet effet, conformément à la présente loi.

Aucune disposition ne peut porter préjudice à l'enregistrement à titre d'actionnaire ou de détenteur d'obligations d'une personne à qui le droit à l'action ou à l'obligation a été transféré.

**Article 126: Transfert opéré par un héritier ou un curateur**

Le transfert d'une action, d'une obligation ou de tout autre intérêt d'un actionnaire décédé, opéré par son héritier ou par son curateur est, conformément aux lois relatives à l'enregistrement des dûs, réputé valable comme si ce dernier a été actionnaire à l'exécution de l'instrument dudit transfert quand bien même l'héritier ou le curateur n'est pas lui-même un actionnaire.

**Ingingo ya 127: Kwerekana ikimenyetso mbere yo kwandika ihererekanya**

Mbere yo gushyira ihererekanya mu gitabo cy'imigabane cyangwa se mu cy'imigabane nguzanyo, abagize Inama y'Ubutegetsi bashobora gusaba ikimenyetso kigaragaza ko umuntu ariwe uzungura, cyangwa se ko ariwe ucunga umutungo.

Ibivugwa muri iyi ngingo ntibireba ibijyanye n'ingwate zo ku isoko ry'agaciro k'imigabane.

**Ingingo ya 128: Icyemezo ku muntu ufite umutungo, icyemezo cy'umutungo, icy'igenzura ry'umugabane cyangwa umugabane nguzanyo**

Bisabwe n'umuntu ukoze ihererekanya ry'imigabane cyangwa imigabane nguzanyo cyangwa izindi nyungu mu isosiyete, iyo sosiyete igomba, binyuze mu nyandiko, gusaba umuntu ufite umutungo, icyemezo cy'umutungo, cyangwa se cy'igenzura ry'umugabane cyangwa umugabane nguzanyo, niba icyemezo cyaratanzwe n'inyandiko igaragaza ihererekanya cyangwa byombi, kugira ngo ishyikirizwe ku cyicaro cyayo mu gihe kivugwa muri iyo nyandiko yatanzwe n'isosiyete nk'aho ari cyo gihe kirebwa kugirango icyo cyemezo cyakwe agaciro cyangwa gihindurwe; no kugira ngo iryo saba rishyirwe mu gitabo cyabugenewe uko biteganwa.

Iyo umuntu yanze cyangwa agize umwete muke ntiyubahirize ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, uwatanze uburenganzira bwe muri iryo

**Article 127: Production of proper evidence before registration OF THE TRANSFER**

Before entering a transfer in the share register or the register of debenture holders, the directors of the company may require production of evidence of the title of the heir or, in the case of the curator, of the vesting order.

The provisions of this article shall not apply to securities traded on the stock exchange.

**Article 128: certificate for the person having possession, custody or control of the debenture or share certificate**

On the written request of the transferor of a share or debenture or other interest in a company, the company shall by written notice require the person having the possession, custody or control of the debenture or share certificate if a certificate has been issued and the instrument of transfer or either of them, to deliver it or them to its registered office, within such period as may be specified in the notice, to have the share certificate or debenture cancelled or rectified and the transfer entered in the appropriate register.

Where a person refuses or neglects to comply with a notice under paragraph 1 of this article the transferor may apply to the Court to issue a

**Article 127: Production de la preuve avant l'enregistrement du transfert**

Avant d'introduire un transfert dans le registre des actions ou dans celui des obligations, les administrateurs de la société peuvent requérir la preuve du titre d'héritier, ou dans le cas du curateur, la preuve qu'il a ce droit.

Les dispositions du présent article ne s'appliquent pas aux garanties négociées à la bourse.

**Article 128: Attestation pour une personne détenant la propriété, attestation de détention, du contrôle de l'obligation ou de l'action**

Sur requête de la personne qui transfère les actions, obligations ou tout autre intérêt dans la société, ladite société doit, par note écrite, requérir auprès de la personne détenant une propriété, l'attestation de détention, ou du contrôle de l'obligation ou de l'action, si une attestation a été délivrée, ainsi que l'instrument du transfert ou les deux à la fois, pour la remettre à son siège social dans un délai tel que spécifié dans la note comme celui requis pour l'annulation ou le changement de l'attestation d'actions ou d'obligation et pour l'introduction du transfert dans le registre ad hoc comme il se doit.

Lorsqu'une personne refuse ou néglige de se conformer aux clauses du paragraphe 1 du présent article, celui qui a transféré peut en appeler au

hererekanya ashobora kumuhamagaza mu rukiko ngo yerekane impamvu icyo cyemezo kivugwa kitagombaga kwerekanwa cyangwa gutangwa.

**Ingingo ya 129: Inyandiko yo kwanga gushyira ihererekanya mu gitabo**

Iyo isosiyete yanze gushyira mu gitabo ihererekanya ry'umugabane cyangwa umugabane nguzanyo cyangwa se indi nyungu, mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi iryo hererekanya ryayishyikirijwe igomba koherereza ugenewe iryo hererekanya inyandiko igaragaza ko yabyanze, niba ari isosiyete ihamagararira rubanda kuyishoramo amafaranga y'abantu bataziranye, impamvu zo kwanga zigomba kuvugwa muri iyo nyandiko.

**Ingingo ya 130: Iyemeza ry'inyandiko rifatwa nka gihamya ko inyandiko zatanzwe**

Iyemeza ry'inyandiko zigaragaza ihererekanya ry'umugabane cyangwa umugabane nguzanyo, cyangwa indi nyungu mu isosiyete bikozwe n'isosiyete bigomba gufatwa nka gihamya ku muntu wese wizeye iryo yemeza rishingiye ku nyandiko zaturutse mu isosiyete zigaragaza uburenganzira ku mugabane, umugabane nguzanyo, cyangwa indi nyungu bifitwe n'uwabitanze.

summons for that person to appear before the Court and show cause why the document mentioned in the notice should not be delivered or produced.

**Article 129: Notice of refusal to enter transfer in register**

Where a company refuses to register a transfer of any share, debenture or other interest in the company, it shall, within thirty (30) days of the date on which the transfer was delivered to it, send to the transferee notice of the refusal and in the case of a public company ,the reasons for the refusal shall be given in the notice.

**Article 130: Certification**

The certification by a company of an instrument of transfer of a share, debenture or other interest in the company shall be taken as a representation by the company to any person acting on the faith of the certification that there have been produced to the company such documents as on the face of them show a prima facie title to the share, debenture or other interest in the transferor named in the instrument of transfer.

tribunal pour sommer ladite personne à comparaître devant le tribunal et expliquer la raison pour laquelle le document mentionné dans la note ne devrait pas être produit ou remis.

**Article 129: Note de refus d'introduire le transfert dans le registre**

Lorsqu'une société refuse d'introduire dans le registre le transfert d'une action ou obligation ou d'un tout autre intérêt, elle doit, dans un délai de trente (30) jours à dater du jour où le transfert lui a été remis, envoyer à la personne à qui le transfert est destiné, une note de refus et en cas d'une société publique , les raisons pour le refus doivent être données dans la note.

**Article 130: Certification**

La certification par une société d'un instrument de transfert d'une action, d'obligation ou d'un tout autre intérêt dans la société fait foi à toute personne agissant, en foi de cette certification basée sur de document provenant de la société et prouvant le droit sur l'action, l'obligation et toute autre intérêts détenus par celui qui a fait le transfert.

**Ingingo ya 131: Kutaryozwa kw'isosiyete**

Isosiyete ntiryozwa ingaruka zo kutandikisha icyemezo cy'ihererekanya ry'umugabane cyangwa umugabane nguzanyo mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) igihe hatabayeho uburiganya.

**Ingingo ya 132: Ibyo Igitabo cy'imigabane kigomba kugaragaza**

Isosiyete igomba kugira igitabo cyandikwamo imigabane na ba nyirayo. Imiterere yacyo igenwa n'Umwanditsi Mukuru.

**Ingingo ya 133: Igitabo cy'imigabane cy'umwimerere na kopi zacyo**

Igihe amategeko shingiro agenga isosiyete abiteganya, isosiyete igira igitabo cy'imigabane cy'umwimerere na kopi zacyo. Igitabo cy'imigabane cy'umwimerere kibikwa ku cyicaro cya sosiyete mu Rwanda

**Ingingo ya 134: Uburenganzira bw'abanyamigabane**

Isosiyete ishobora gufata uyifitemo imigabane nk'aho ari we muntu wenyine ufite ububasha bwo:

1° gukoresha uburenganzira bwo gutora bushingiye kuri uwo mugabane;
2° kwakira amabaruwa n'izindi nyandiko;

**Article 131: Non-liability of the company**

The company shall not, in the absence of fraud, be liable in respect of the registration of any transfer of a share, debenture within the period not exceeding thirty (30) days.

**Article 132: What a share register shall state**

A company shall maintain a share register which shall record the shares and their holders. The format of this register shall determined by the Registrar General.

**Article 133 : Original share register and its copies**

A company shall, if expressly permitted by its constitution, have an original share register and its copies. The original copy shall be kept at the Head Office in Rwanda.

**Article 134: Rights of shareholders**

A company may treat a shareholder as the only person entitled to :

1° exercise the right to vote attaching to the share;

**Article 131: Ne pas être tenu responsable pour une société**

La société ne peut pas être tenue responsable des conséquences issues du fait de ne pas faire enregistrer le transfert d'une action ou d'une obligation dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours sauf en cas de fraude.

**Article 132: Contenu du registre des actions**

La société doit tenir un registre d'actions et de leurs détenteurs. Le format de ce registre est déterminé par le Registraire Général.

**Article 133: Le registre principal des actions et ses copies**

La société dispose d'un registre principal des actions et de ses copies si cela est prévu par les statuts. Le registre principal est gardé à son siège au Rwanda.

**Article 134: Droits des actionnaires**

La société peut traiter un actionnaire comme étant la seule personne attitrée pour:

1° exercer le droit de vote lié à l'action ;

3° kugira uruhare mu igabana riturutse ku mugabane;
4° kugira ubundi burenganzira n'ububasha bituruka ku mugabane.

**Ingingo ya 135: Guhindura izina ry'umuntu mu gitabo cy'imigabane**

Igihe izina ry'umuntu ryanditswe nabi cyangwa rigakurwa mu gitabo cy'imigabane cy'isosiyete, umuntu ufitemo imigabane wabangamiwe asaba abashinzwe kwandika mu gitabo cy'imigabane gukosora no gusubizamo izina rye. Ababishinzwe babikora ntamananiza.

Ku bw'iyo mpamvu, isosiyete yishyura ibyangiritse.

**Ingingo ya 136: Ibyemezo by'imigabane**

Isosiyete ihamagararira rubanda kuyiguramo imigabane igomba, mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) nyuma y'itangwa, y'iyandikwa cyangwa ihererekanya ry'imigabane mu isosiyete, gusohora icyemezo cy'imigabane kigenewe buri wese ufitemo imigabane.

Umuntu ufite imigabane mu isosiyete ashobora gusaba isosiyete, icyemezo kijyanye n'imigabane imwe n'imwe cyangwa yose y'abanyamigabane.

2° receive notices;
3° receive a distribution in respect of the share;
4° exercise the other rights and powers attaching to the share.

**Article 135 : Rectification of person's name in the share register**

Where the name of a person is wrongly entered in, or omitted from the share register of a company, the shareholder aggrieved, may apply to those in charge of registration for rectification. Rectification shall be carried out without any complication.

Consequently, the company shall compensate for the loss sustained.

**Article 136: Share certificates**

A public company shall, within thirty (30) days after the issue, or registration of a transfer, of shares in the company, send a share certificate to every holder of those shares.

A shareholder in a company, may apply to the company for a certificate relating to some or all of the shareholder's shares in the company.

2° recevoir les lettres et notes ;
3° recevoir une répartition relevant de l'action ;
4° exercer les autres droits et pouvoirs relevant de l'action.

**Article 135: Changement de nom d'une personne au registre des actions**

Lorsque le nom d'une personne a été mal enregistré ou a été omis du registre des actions d'une société, l'actionnaire lésé demande aux personnes chargées d'enregistrement de corriger et de reprendre son nom dans le registre. Ces personnes effectuent cette opération sans conditions.

Par conséquent, la société assure le paiement des pertes subies.

**Article 136: Certificats d'actions**

Une société publique doit dans un délai de trente (30) jours après l'émission ou l'enregistrement ou le transfert d'actions dans une société, émettre un certificat d'actions à chaque détenteur desdites actions.

Un actionnaire dans une société peut requérir auprès de la société, un certificat portant sur quelques ou toutes les actions des actionnaires.

**UMUTWE WA IV: UBURENGAZIRA N'INSHINGANO Z'ABANYAMIGABANE**

**Ingingo ya 137: Uburyozwe bw'abanyamigabane**

Nta na rimwe ufite umugabane mu isosiyete ashobora kubazwa inshingano y'isosiyete ku mpamvu yo kuba afitemo umugabane gusa.

Uburyozwe bw'umunyamigabane bugomba kugarukira gusa:

1° ku mafaranga atarishyuwe ku mugabane ufitwe n'uwo nyirawo;

2° ku nyungu ku migabane yaba yarahawe umunyamigabane ariko zikaba zigomba kugaruzwa.

3° ubundi buryozwe bwose bwateganyijwe bigaragara mu mategeko agenga isosiyete;

**Ingingo ya 138: Uburyozwe bushingiye ku mafaranga atarishyurirwa imigabane**

Iyo umugabane utuma nyirawo aryozwa amafaranga atari yawishyurira, cyangwa, ufite ubundi buryozwe kuri nyirawo, ubwo buryozwe bugomba kubarwa ku munyamigabane uwufite muri icyo gihe; kandi ntibubazwe uwari uwufite mbere kabone n'iyo ubwo buryozwe bwagira inkurikizi mbere y'uko umugabane wandikwa ku izina ry'uwutunze ubu.

**CHAPTER IV: RIGHTS AND OBLIGATIONS OF SHAREHOLDERS**

**Article 137: Extent of shareholders' liability**

A shareholder shall not be liable for an obligation of the company by reason only of being a shareholder.

The liability of a shareholder shall be limited to:

1° any amount unpaid on a share held by the shareholder;

2° any liability to repay a distribution received by the shareholder to the extent that the distribution is recoverable;

3° any liability expressly provided for in the constitution of the company;

**Article 138: Liability for calls**

Where a share renders its holder liable to calls, or otherwise imposes a liability on its holder, that liability shall attach to the holder of the share for the time being, and not to a prior holder of the share, whether or not the liability became enforceable before the share was registered in the name of the current holder.

**CHAPITRE IV: DROITS ET OBLIGATIONS DES ACTIONNAIRES**

**Article 137: Responsabilités des actionnaires**

Un actionnaire ne peut en aucun cas être lié par une obligation de la société par le simple fait d'en être actionnaire.

Les responsabilités d'un actionnaire doivent se limiter à :

1° toute somme non versée sur une action détenue par l'actionnaire;

2° toute responsabilité de rembourser une part reçue par l'actionnaire mais qui est restituable ;

3° toute responsabilité expressément prévue dans les statuts de la société;

**Article 138: Responsabilités liées aux actions en rappel**

Lorsqu'une action rend son détenteur redevable de sommes non encore payées ou impose une autre forme de responsabilité, cette responsabilité se rattache au détenteur actuel de l'action et non l'actionnaire précédent même lorsque la responsabilité deviendrait applicable avant l'enregistrement de l'action au nom de l'actuel détenteur.

**Ingingo ya 139: kudategekwa kugura imigabane bitewe n'uko amategeko-shingiro ahinduwe**

Umunyamigabane ntarebwa n'ihindura ry'amategeko-shingiro agenga isosiyete:

1) rimusaba kugura cyangwa gufata imigabane irenzeho mu isosiyete ku mubare afite ku itariki y'iryo hindura;

2) ryongera uburyozwe bw'umunyamigabane mu isosiyete.

Keretse uwo munyamigabane yanditse yemera kurebwa n'iyo mihindukire.

**Ingingo ya 140: Imikoreshereze y'ububasha bugenerwa abanyamigabane**

Ububasha abanyamigabane bagenerwa bukoreshwa:

1° mu nama y'abanyamigabane b'isosiyete;

2° hakoreshejwe umwanzuro nsimburanama wafashwe n'abanyamigabane;

3° ku cyemezo cyumvikanweho na bose;

4° ku masezerano rusange y'abanyamigabane.

**Article 139: no obligation to acquire shares by alteration of a company's constitution**

A shareholder shall not be bound by an alteration of the constitution of a company that:

1° requires the shareholder to acquire or hold more shares in the company than the number held on the date the alteration is made;

2° increases the liability of the shareholder in the company.

Unless the shareholder agrees in writing to be bound by the alteration.

**Article 140: Exercise of powers reserved to shareholders**

The powers conferred to the shareholders of a company shall be exercised :

1° at a meeting of shareholders;

2° by a resolution of shareholders in lieu of a meeting;

3° by a unanimous resolution;

4° by a unanimous shareholder agreement.

**Article 139: Ne pas être requis d'acquérir des actions en cas de modification des statuts**

Un actionnaire n'est pas tenu du fait d'une modification des statuts de la société qui :

1) requiert à l'actionnaire d'acquérir ou de détenir des actions supplémentaires dans la société en sus du nombre détenu à la date de la modification;

2) accroît la responsabilité de l'actionnaire dans la société ;

à moins que ledit actionnaire n'accepte par écrit d'être tenu par les modifications.

**Article 140: Exercice des pouvoirs réservés aux actionnaires**

Les pouvoirs réservés aux actionnaires de la société s'exercent :

1° à l'assemblée des actionnaires ;

2° par une décision prise par les actionnaires et tenant lieu de l'Assemblée Générale;

3° par une décision unanime;

4° par une convention unanime des actionnaires.

**Ingingo ya 141: Ikoresha ry'ububasha mu cyemezo gisanzwe**

Ububasha bwagenewe abanyamigabane bushobora gukoreshwa mu cyemezo gisanzwe.

Icyemezo gisanzwe ni igifashwe ku bwiganze busanzwe bw'amajwi y'abanyamigabane bafite uburenganzira bwo gutora bakanatora ku ngingo ifatwaho icyemezo.

**Ingingo ya 142: Ububasha bukoreshwa ku mwanzuro udasanzwe**

Abanyamigabane bakoresha ububasha kugira ngo:

1° bemeze amategeko shingiro agenga isosiyete, cyangwa se iyo ahari, kugira ngo bayahindure cyangwa bayakureho;

2° bemeze igikorwa cy'ubucuruzi gifite agaciro kanini;

3° bemeze kwibumbira hamwe n'indi sosiyete;

4° bemeze ko isosiyete yakusanya umutungo wayo ukagabagabanywa;

Ubwo bubasha bugomba kuva ku cyemezo kidasanzwe.

Icyemezo kidasanzwe gikurwaho gusa n'ikindi cyemezo kidasanzwe.

**Article 141: Exercise of powers by ordinary resolution**

The power confered to shareholders may be exercised by an ordinary resolution.

An ordinary resolution shall be a resolution that is approved by a simple majority of the votes of those shareholders entitled to vote and voting on the matter which is the subject of the resolution.

**Article 142 : Powers exercised by special resolution**

The shareholders exercise a power to :

1° adopt articles of association , if it has , to alter or to revoke them ;

2° approve a major transaction;

3° approve an amalgamation of the company;

4° put the company into liquidation;

Such power shall be exercised by special resolution.

A special resolution shall only be rescinded by a special resolution.

**Article 141: Exercice des pouvoirs par décision ordinaire**

Les pouvoirs réservés aux actionnaires peuvent être exercés par décision ordinaire.

Une décision ordinaire est celle approuvée à la majorité simple des actionnaires ayant droit de vote et votant sur le sujet devant faire l'objet de la décision.

**Article 142: Pouvoirs exercés par décision spéciale**

Les actionnaires exercent le pouvoir pour :

1° adopter des statuts , si la société en a, pour les modifier ou les supprimer ;

2° approuver une transaction importante ;

3° approuver une fusion;

4° mettre la société en liquidation ;

Ce pouvoir doit être exercé par décision spéciale.

Une décision spéciale n'est abrogée que par une autre décision spéciale.

Icyemezo kidasanzwe cyo gukusanya umutungo wa sosiyete kugira ngo ugabagabanywe nta na rimwe gishobora gukurwaho.

Umuyobozi w'inteko rusange iyo ari yo yose yafatiwemo umwanzuro udasanzwe agomba gutanga itangazo rimenyesha uwo mwanzuro. Umwanzuro ufatwa kuri bitatu bya kane (¾) by'abanyamigabane batoye.

**Ingingo ya 143: Gukurikira imicungire y'isosiyete bikozwe n'abanyamigabane**

Umuyobozi w'inteko rusange y'abanyamigabane agomba guha abanyamigabane umwanya uboneye wo kujya impaka no kugira icyo bavuga ku micungire y'isosiyete.

Inteko rusange y'abanyamigabane ishobora gufata icyemezo yitwaje iyi ngingo igira ibyo isaba Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ku birebana n'ibibazo bigira ingaruka ku micungire y'isosiyete.

**Ingingo ya 144: Umunyamigabane asaba ko imigabane afite mu isosiyete igurwa n'isosiyete**

Umunyamigabane ashobora gusaba isosiyete kugura imigabane igihe icyemezo kidasanzwe cyafashwe hagamijwe:

1° guhindura amategeko-shingiro agenga isosiyete kugira ngo hagire icyongerwa

A special resolution regarding the company's liquidation shall in any case be rescinded.

At any general meeting at which a special resolution is passed, the chairperson shall make a declaration as to whether such a resolution is so passed. The special resolution shall be passed upon the majority vote of three quarters (3/4) of shareholders who voted.

**Article 143: Shareholders reviewing company's management**

The chairperson of any meeting of shareholders shall give the shareholders a reasonable opportunity to discuss and comment on the management of the company.

A meeting of shareholders may pass a resolution under this article which makes recommendations to the Board of Directors on matters affecting the management of the company.

**Article 144: Shareholder requiring a company to purchase his/her shares**

A shareholder may require a company to purchase his/her shares where a special resolution is passed for the purpose of:

1° altering the constitution of a company with a view to imposing or removing a restriction on

Une décision spéciale relative à la liquidation ne peut être abrogée en aucun cas.

Pour toute assemblée au cours de laquelle une résolution spéciale est prise, le Président précise par une déclaration l'adoption de la résolution. La résolution est prise sur une majorité des trois quarts (¾) des actionnaires votants.

**Article 143: Suivi des actionnaires sur la gestion de la société**

Le Président de l'Assemblée des actionnaires doit donner aux actionnaires de bonnes occasions pour discuter ou commenter de la gestion de la société.

L'Assemblée des actionnaires peut prendre une décision en vertu de cet article pouvant adresser des recommandations au Conseil d'Administration sur les questions qui affectent la gestion de la société.

**Article 144: Proposition d'achat d'actions faite par un actionnaire à la société**

Un actionnaire peut demander à la société d'acheter ses actions lorsque une décision spéciale est adoptée dans le but de :

1° modifier les statuts de la société avec pour objectif d'imposer ou d'enlever une restriction

cyangwa igikurwa ku mirimo n'ibikorwa by'isosiyete;

2° kwemeza igikorwa cy'ubucuruzi cy'ingenzi cyangwa kuvanga isosiyete n'indi.

**Ingingo ya 145: Imenyekanisha ryo kugurisha imigabane**

Umunyamigabane w'isosiyete wifuza ko isosiyete igura imigabane ye agomba, mu minsi cumi n'itanu (15) y'ifatwa ry'icyemezo cyafashwe n'inteko y'abanyamigabane cyangwa ku itariki uwo munyamigabane yamenyeshejweho ko icyemezo cyafashwe, igihe icyemezo cyavuye mu nteko rusange, gushyikiriza isosiyete ibaruwa yanditse iyisaba kugura iyo migabane.

Iyo iryo menyesha ryakiriwe, Inama y'Ubutegetsi ishobora:

1° gufata ingamba z'uko isosiyete yagura iyo migabane;

2° gufata ingamba za ngombwa ngo n'abandi bantu bagure iyo migabane;

3° mbere yo gushyira mu bikorwa icyo cyemezo, gufata ingamba za ngombwa ngo kivanweho.

Inama y'Ubutegetsi igomba, mu minsi mirongo itatu (30) iryo menyesha ryakiriwe, gushyikiriza

the business or activities of the company;

2° approving a major transaction or amalgamation of the company.

**Article 145: Notice requiring purchase of shares**

A shareholder of a company who wishes the company to purchase his/her shares shall, within fifteen (15) days of the passing of the resolution at a meeting of shareholders or where the resolution was passed in lieu of a meeting, the date on which notice of the passing of the resolution is given to the shareholder, give a written notice to the company requesting the latter to purchase those shares.

Upon receipt of such a notice the Board of Directors may :

1° arrange for the purchase of the shares by the company;

2° arrange for some other persons to purchase the shares;

3° before executing the decision, take the necessary measures to revoke it.

The Board of directors shall, within thirty (30) days of receipt of a notice give written notice to the

sur les affaires ou activités de la société;

2° faire approuver une transaction importante ou une fusion de la société.

**Article 145: Notification sollicitant l'achat des actions**

Un actionnaire d'une société qui souhaite que la société achète ses actions doit, dans les quinze (15) jours de l'adoption de la décision prise en Assemblée des actionnaires ou de la date à laquelle la notification de l'adoption de la décision est donnée à l'actionnaire, lorsque la décision était prise à la place de l'Assemblée, soumettre une notification écrite à la société demandant à celle-ci d'acheter lesdites actions.

A la réception de la notification, le Conseil d'Administration peut :

1° prendre des dispositions pour l'achat desdites actions par la société;

2° prendre des dispositions pour que d'autres personnes achètent lesdites actions;

3° avant l'exécution de la décision, prendre des dispositions pour qu'elle soit annulée;

Le Conseil d'Administration doit, dans les trente (30) jours de la réception de la notification,

umunyamigabane umwanzuro wayo.

**Ingingo ya 146: Kugura imigabane bikozwe n'isosiyete**

Iyo Inama y'Ubutegetsi yemeye kugura imigabane bikorewe isosiyete, igomba mu gihe cy'iminsi irindwi (7) uhereye igihe iryo tangazo ryasohokeye:

1. kwemeza igiciro cyo kugura uwo mugabane,
2. kumenyesha umunyamigabane icyo giciro mu buryo bwanditse.

**Ingingo ya 147: Imenyesha ritemera igiciro cyatanzwe**

Umunyamigabane wumva ko igiciro cyatanzwe n'Inama y'Ubutegetsi kitamushimishije agomba guhita amenyesha isosiyete ko atabyemeye mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) nyuma yo kubona icyemezo cy'Inama y'Ubutegetsi.

Mu gihe nta ruhande rwahakanye, ku itariki yemejwe hagati y'isosiyete n'umunyamigabane, cyangwa n'iyo ntayo bemerenyijweho, isosiyete ishobora guhita igura imigabane yose ku giciro cyumvikanyweho.

Iyo umunyamigabane yanditse ibaruwa yo

shareholder of its decision.

**Article 146: Purchasing shares by a company**

Where the Board of directors agrees to the purchase of the shares by the company, it shall, within seven (7) days of issuing the notice:

1° state a fair and reasonable price for the shares to be acquired;

2° give written notice of the price to the shareholder.

**Article 147: Notice of objection regarding unfair and unreasonable price**

A shareholder who considers that the price stated by the Board of Directors is not fair and reasonable, shall forthwith, but at any rate, not later than fifteen (15) days of receipt of the notice, give written notice of objection to the company.

Where the shareholder does not raise an objection, the company shall, on such date as the company and the shareholder agree or, in the absence of any agreement, as soon as practicable, purchase all the shares at the stated price.

Where the shareholder gives written notice of an

soumettre par écrit sa décision à l'actionnaire.

**Article 146: Achat des actions par une société**

Lorsque le Conseil d'Administration accepte d'acheter les actions au profit de la société, il doit dans un délai de sept (7) jours de l'émission de l'avis :

1° fixer un prix raisonnable pour l'acquisition de l'action ;

2° soumettre par écrit le prix à l'actionnaire.

**Article 147: Notification de non-acceptation du prix**

Un actionnaire qui considère que le prix fixé par le Conseil d'Administration n'est pas satisfaisant doit immédiatement, mais en tout cas dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours à compter de la réception de la décision du Conseil d'Administration, adresser par écrit son objection à la société.

Dans le cas où il n'existe aucune contestation, la société peut, à la date convenue entre elle et l'actionnaire, ou en l'absence de toute convention, acheter toutes les actions au prix déclaré aussitôt que possible.

Lorsque l'actionnaire adresse une lettre d'objection,

kutabyemera, isosiyete igomba:

1° gushaka abakemurampaka bo gushyiraho igiciro gikwiye, no

2° kwishyura amafaranga y'agateganyo harebwe igiciro cyemejwe n'Inama y'Ubutegetsi kuri buri mugabane mu minsi irindwi (7).

**<u>Ingingo ya 148</u>: Igiciro kiri hejuru y'amafaranga yatanzwe**

Igihe igiciro kiri hejuru y'amafaranga yatanzwe kiruta amafaranga y'agateganyo, isosiyete igomba guhita yishyura ikinyuranyo igomba nyir'umugabane.

**<u>Ingingo ya 149</u>: Ihinduka ry'uburenganzira**

Iyo imari-shingiro y'isosiyete igabanyijemo ibyiciro bitandukanye by'imigabane, ntabwo isosiyete ishobora kugira icyo ikora gihindura uburenganzira bujyanye n'icyo cyiciro cy'imigabane, keretse iryo hindura ryaremejwe n'umwanzuro udasanzwe.

Iyo iryo hinduka ry'uburenganzira ryemejwe kandi n'isosiyete ikaba ifite ububasha bwo kurishyira mu bikorwa, ufite uwo mugabane wo muri icyo cyiciro utaremeye ntanahakane amatora y'uwo mwanzuro wemeje ihinduka, ashobora gusaba urukiko kubuza igikorwa icyo aricyo cyose gishobora kubangamira umunyamigabane cyangwa se agasaba isosiyete

objection, the company shall:

1° look for arbitators who will set the fair and reasonable price, and

2° make a provisional payment following the price determined by the Board of Directors within seven (7) days.

**<u>Article 148</u>: Determined price exceeding the provisional price paid**

Where the price determined exceeds the provisional price, the company shall forthwith pay the balance owing to the shareholder.

**<u>Article 149</u>: Variation of rights**

Where the share capital of a company is divided into different classes of shares, a company shall not take any action which varies the rights attached to a class of shares unless that variation is approved by a special resolution.

Where the variation of rights attached to a class of shares is approved and the company becomes entitled to take the action concerned, the holder of a share of that class, who did not consent to or cast any votes in favour of the resolution for the variation, may apply to the Court for an order against acts that are prejudicial to a shareholder , or

la société doit :

1° se référer à l'arbitrage en vue d'aboutir à la fixation d'un prix convenable ; et

2° dans sept (7) jours, payer un montant provisionnel en tenant compte du prix fixé par le Conseil d'Administration pour chaque action.

**<u>Article 148</u>: Prix fixé dépassant le montant payé**

Lorsque le prix fixé dépasse le montant provisionnel, la société est tenue de payer immédiatement la différence due à l'actionnaire.

**<u>Article 149</u>: Modification de droits**

Lorsque le capital social d'une société est réparti en différentes catégories d'actions, la société ne peut prendre aucune action qui modifie les droits liés à une catégorie d'actions, à moins que cette modification ne soit approuvée par résolution spéciale.

Lorsque ladite modification des droits est approuvée et que la société est habilitée à exécuter cette modification, le détenteur de l'action de cette catégorie, qui n'a ni consenti, ni rejeté les votes en faveur de la résolution portant sur la modification, peut demander au tribunal de prendre une décision contre toute action qui peut être préjudiciable à un

kugura iyo migabane.

**Ingingo ya 150: Ingaruka ku mwanzuro**

Umwanzuro ushobora kugira ingaruka:

1° zo kugabanya ijanisha ry'amajwi y'abari mu nteko y'abanyamigabane b'isosiyete bikozwe n'abafite imigabane yo mu cyiciro kimwe, cyangwa

2° zo kugabanya igereranya hagati y'inyungu ku migabane igihe icyo aricyo cyose ku bafite imigabane yo mu cyiciro kimwe;

ugomba gufatwa nk'ihinduka ry'uburenganzira bw'icyiciro cy'imigabane.

**Ingingo ya 151: Inteko rusange ngarukamwaka y'abanyamigabane**

Inama y'Ubutegetsi igomba gutumiza inteko ya buri mwaka igomba guterana:

1° bitarenze inshuro imwe mu mwaka,

2° bitarenze amezi atandatu nyuma y'itariki inyandiko yerekana imicungire y'isosiyete ya buri mwaka ariyo ifoto y'umutungo yasohokeyeho,

3° bitarenze amezi cumi n'atanu (15) nyuma y'inama rusange ya mbere y'umwaka.

may require the company to purchase those shares.

**Article 150: Effects over the resolution**

A resolution which would have the effect of :

1° diminishing the proportion of the total votes exercisable at a meeting of shareholders of the company by the holders of the existing shares of a same class;or

2° reducing the proportion of the dividends at any time to the holders of the existing shares of a same class;

shall be deemed to be a variation of the rights of the same class.

**Article 151: Annual meeting of shareholders**

The Board of directors shall call an annual meeting of shareholders to be held :

1° not more than once in each year;

2° not later than 6 months after the balance sheet date of the company;

3° not later than fifteen (15) months after the previous annual meeting.

actionnaire , ou encore, il peut demander à la société d'acheter ces actions.

**Article 150: Effets sur la résolution**

Une résolution qui pourrait avoir les effets de :

1° diminuer le pourcentage des voix à l'Assemblée des actionnaires d'une société par les détenteurs d'actions d'une même catégorie ;ou

2° réduire la proportion des dividendes à tout moment aux détenteurs d'actions d'une même catégorie ;

doit être considérée comme étant une modification des droits d'une catégorie.

**Article 151: Assemblée générale annuelle des actionnaires**

Le Conseil d'Administration doit convoquer une Assemblée générale annuelle qui doit se tenir :

1° pas plus d'une fois par an;

2° pas plus tard que dans six (6) mois après la date du bilan annuel de la société ;

3° pas plus tard que dans quinze (15) mois après la première Assemblée annuelle.

Isosiyete ntitegetswe guteranya inama rusange yayo y'umwaka mu mwaka yashinzwemo, ariko igomba guteranya iyo nama mu mezi cumi n'umunani (18) y'ishingwa ryayo.

Isosiyete igomba guteranya inama yayo rusange ku itariki izaba yumvikanweho.

**Ingingo ya 152: ibigomba kwigwa n'inteko rusange ngarukamwaka**

Mu bigomba kwigwa n'inteko rusange ngarukamwaka hagomba kuba harimo:

1° gusuzuma no kwemeza raporo z'ibarura mari;

2° kubona raporo z'abagenzuzi b'imari;

3° gusuzuma raporo y'ibikorwa by'umwaka wose;

4° gushyiraho uwo ariwe wese mu bagize Inama y'Ubutegetsi ;

5° gushyiraho uwo ariwe wese mu bagenzuzi b'imari;

6° ibindi byose Inteko rusange yasanga ari ngombwa.

A company may not hold its first annual meeting in the calendar year of its incorporation but shall hold that meeting within eighteen (18) months of its incorporation.

The company shall hold the meeting on the date on which it is called to be held.

**Article 152 : Business to be transacted at an annual meeting**

The business to be transacted at an annual meeting shall deal with:

1° the consideration and approval of the financial statements;

2° the receiving of any auditor's report;

3° the consideration of the annual report;

4° the appointment of any directors;

5° the appointment of any auditor;

6° other issues as may be deemed necessary by the annual meeting.

La société n'est pas tenue d'avoir sa première Assemblée Générale annuelle dans l'année de sa constitution, mais elle doit tenir ladite Assemblée dans les dix huit (18) mois de sa constitution.

La société doit tenir son Assemblée générale à la date qu'elle aura convenue.

**Article 152: Points à l'ordre du jour de l'Assemblée générale annuelle**

Les affaires à traiter au cours de l'Assemblée générale annuelle doivent inclure :

1° l'examen et l'approbation des rapports financiers;

2° la soumission du rapport de n'importe quel auditeur ;

3° l'examen du rapport annuel des activités;

4° la nomination de n'importe lequel des administrateurs;

5° la désignation de n'importe quel auditeur ;

6° tout autre point que l'Assemblée générale peut juger nécessaire.

**Ingingo ya 153: raporo z'ibaruramari zitemejwe n'inteko rusange ngarukamwaka**

Iyo raporo z'ibaruramari zitemejwe n'inteko rusange ngarukamwaka, zigomba gushyikirizwa inama rusange idasanzwe ikurikiyeho yatumijwe n'Inama y'Ubutegetsi mu gihe kitarenze iminsi mirongo icyenda (90).

**Ingingo ya 154: Inama idasanzwe y'abanyamigabane**

Inama idasanzwe y'abanyamigabane ifite ububasha bwo gufata umwanzuro ku kibazo yagejejweho iyo:

1° yatumijwe n'Inama y'Ubutegetsi cyangwa se n'undi muntu ubyemererwa n'amategeko-shingiro agenga isosiyete;

2° igomba guhamagazwa n'Inama y'Ubutegetsi bisabwe mu nyandiko n'abanyamigabane bafite imigabane ihagarariye nibura mirongo itanu ku ijana (50%) by'uburenganzira bwo gutora.

**Ingingo ya 155: Uburyo inama rusange ikorwamo**

Uburyo inama y'inteko rusange y'abanyamigabane ikorwamo bukurikiza amabwiriza ashyirwaho n'Umwanditsi Mukuru keretse mu bihe byateganyijwe ukundi n'amategeko-shingiro

**Article 153: When financial statements are not approved at the annual meeting**

Where the financial statements are not approved at the annual meeting, they shall be presented at a further special meeting called by the Board of Directors within ninety (90) days.

**Article 154: Special meeting of shareholders**

A special meeting of shareholders entitled to vote on an issue put before it where :

1° it is called by the Board of Directors or a person who is authorised by the constitution to call the meeting;

2° it shall be called by the Board of Directors on the written request of shareholders holding shares carrying together at least 50 per cent of the voting rights .

**Article 155: Proceedings at meeting**

The provisions specified in an order of the Registrar General shall govern the proceedings at meetings of shareholders of a company except to the extent that the constitution of the company provides otherwise.

**Article 153: Rapports financiers qui ne sont pas approuvés lors de l'Assemblée générale annuelle**

Lorsque les rapports financiers ne sont pas approuvés lors de l'Assemblée générale annuelle, ils doivent être présentés à la plus prochaine Assemblée générale extraordinaire convoquée par le Conseil d'Administration dans un délai ne dépassant pas quatre vingt dix (90) jours.

**Article 154: Assemblée générale extraordinaire des actionnaires**

Une Assemblée générale extraordinaire des actionnaires est habilitée à voter sur une question lorsque :

1° elle a été convoquée par le Conseil d'Administration ou par une personne autorisée par les statuts;

2° elle doit être convoquée par le Conseil d'Administration sur demande écrite des actionnaires détenteurs d'actions représentant au moins cinquante pour cent (50%) des droits de vote.

**Article 155: Procédure au cours de l'Assemblée générale**

Les procédures suivies au cours de l'assemblée générale des actionnaires doivent être conformes aux instructions du Registraire Générale à moins que les statuts de la société n'aient prévu des

agenga isosiyete.

**Ingingo ya 156: uburenganzira bw'abanyamigabane kw'igabana ry'inyungu ku migabane**

Abanyamigabane bafite uburenganzira ku nyungu zitangwa n'imigabane, bafite uburenganzira buza mbere y'ubw'abandi mu kugura imigabane, cyangwa **se** ubundi burenganzira buteganywa n'iri tegeko cyangwa amategeko-shingiro agenga isosiyete, bagomba kwitaba igihe Inama y'Ubutegetsi ishyizeho itariki y'inama.

**UMUTWE WA V : IMIGABANE NGUZANYO N'IYANDIKWA RY'INGWATE**

**Ingingo ya 157: Itanga ry' imigabane nguzanyo y'icyiciro kimwe ku bantu barenze 25**

Iyo isosiyete itanze imigabane nguzanyo y'icyiciro kimwe ku bantu barenze makumyabiri na batanu (25), ku muntu uwo ariwe wese cyangwa benshi hagamijwe ko iyo migabane cyangwa imwe muri yo yazagurishwa abantu barenze 25, mbere yo gutanga umugabane uwo ari wo wose, isosiyete igomba:

1º gusinya no gushyiraho izina n'inimero yihariye byayo;

2º no gusinyisha inyandiko yo guhagararirwa bikozwe n'umuntu washyizweho nk'uhagarariye abafite imigabane.

**Article 156 : Shareholders' rights to receive dividends**

The shareholders, who are entitled to receive dividends, exercise pre-emptive rights to acquire shares or any other right or receive any other benefit under this Law or the article of association, shall be required to attend a meeting on the date fixed by the Board of Directors .

**CHAPTER V: DEBENTURES AND REGISTRATION OF CHARGES**

**Article 157: Issue of debentures of the same class to more than 25 persons**

Where a company issues or agrees to issue debentures of the same class to more than 25 persons, or to any one or more persons with a view to the debentures or any of them being offered for sale to more than twenty (25) persons, the company shall before issuing any of the debentures :

1° sign under its name and unique number;

2° and procure the signature to the deed by a person qualified to act as a debenture holders' representative.

procédures spécifiques.

**Article 156: Droits des actionnaires aux dividendes**

Les actionnaires qui sont habilités à recevoir des dividendes, exercent des droits de préemption pour acquérir des actions ou tout autre droit, ou reçoivent tout autre avantage aux termes de la présente loi ou des statuts, doivent participer a l'Assemblée Générale lorsque le Conseil d'Administration fixe une date à cet effet.

**CHAPITRE V: OBLIGATIONS ET ENREGISTREMENT DES CHARGES**

**Article 157: Emission des obligations d'une même catégorie pour plus de 25 personnes**

Lorsqu'une société émet ou accepte d'émettre des obligations d'une même catégorie pour plus de vingt cinq (25) personnes, ou pour n'importe quelle personne ou plusieurs personnes dans le but de voir lesdites obligations ou quelques unes d'elles être mises en vente à plus de 25 personnes, la société doit, avant d'émettre une obligation quelconque :

1° signer sous son nom et numéro spécifique;

2° et faire signer l'acte de représentation par la personne désignée en qualité de représentant des obligataires.

**Ingingo ya 158: Igihe imigabane nguzanyo idafatwa nk'iri mu cyiciro kimwe**

Imigabane nguzanyo ntifatwa nk'iri mu cyiciro kimwe iyo :

1º idashyirwa ku rwego rumwe mu gihe cy'iyishyurwa ryayo hakoreshejwe ingwate yatanzwe kuri iyo migabane cyangwa se mu gihe cyo gukusanya umutungo w'isosiyete ngo bawugabagabane;

2º hari uburenganzira butandukanye bushamikiye kuri iyo migabane bijyana:

a) igiciro n'amatariki bizishyurirwaho inyungu;

b) amatariki cyangwa ibyiciro umugabane wo kuguza nyir'izina uzishyurirwaho keretse itandukanyirizo ari uko gusa icyo cyiciro cy'imigabane kigomba kwishyurwa mu gihe gitanzwe cyangwa imigabane nguzanyo yihariye ihitwamo n'isosiyete ngo yishyurwe ku matariki atandukanye muri icyo gihe agiye akurwaho cyangwa ubundi buryo;

c) Uburenganzira bwo kwishingira cyangwa guhindura imigabane nguzanyo mo imigabane cyangwa izindi nshingano z'isosiyete, z'indi sosiyete cyangwa isosiyete y'ubucuruzi;

**Article 158 : Where debentures shall not be deemed to be of the same class**

Debentures shall not be deemed to be of the same class where:

1° they do not rank equally for repayment when any security created by the debenture is enforced or the company is wound up;

2° different rights attach to them in respect of:

a) the rate of, or dates for payment of interest;

b) the dates when, or the installments by which, the principal of the debentures shall be repaid, unless the difference is solely that the class of debentures shall be repaid during a stated period of time and particular debentures shall be selected by the company for repayment at different dates during that period by drawings, ballot or otherwise;

c) any right to subscribe for or convert the debentures into shares or other debentures of the company or any other company or corporation;

**Article 158: Cas où les obligations ne sont pas réputées être dans une même catégorie**

Les obligations ne sont pas réputées être dans une même catégorie lorsque :

1° elles n'ont pas la même égalité de rang pour le remboursement lorsque la garantie, créée par lesdites obligations, est appliquée ou lorsque la société est liquidée;

2° différents droits y sont attachés en accord avec :

a) le taux et les dates pour le paiement des intérêts;

b) les dates auxquelles, ou les tranches par lesquelles, le principal des obligations doit être remboursé, à moins que la différence ne soit uniquement que la catégorie des obligations doit être remboursée pendant un délai indiqué et que des obligations particulières soient sélectionnées par la société pour le remboursement à différentes dates au cours de cette même période par prélèvements, ou par scrutin ou autrement ;

c) tout droit de souscrire ou de convertir les obligations en actions ou autres obligations de la société ou d'une autre société, ou société commerciale;

d) Ububasha bw'abafite imigabane nguzanyo bwo kubona ingwate iyo ari yo yose.

**<u>Ingingo ya 159</u>: Ibyerekeye imigabane nguzanyo n'amabwiriza y'Umwanditsi Mukuru**

Inyandiko yo guhagararira undi ntishobora gukoreshwa mu cyiciro cy'imigabane nguzanyo kirenze kimwe.

Umwandisti Mukuru ashyiraho amabwiriza agenga ibi bikurikira:

a) igaragazabubasha, ishyirwaho n'ikurwaho ry'uhagarariye ufite umugabane nguzanyo;

b) ishyirwaho ry'umuntu mushya uhagarariye ufite imigabane nguzanyo;

c) ibyibandwaho mu nyandiko yo guhagararira undi;

d) ububasha bw'uhagarariye ufite imigabane nguzanyo;

e) uburenganzira bw'uhagarariye ufite imigabane nguzanyo bwo kubona amakuru ahawe n'isosiyete imufitiye umwenda;

f) inteko z'abafite imigabane nguzanyo;

g) ishingano z'uhagarariye ufite imigabane nguzanyo;

d) the powers of the debenture holders to realise any security.

**<u>Article 159</u>: Debentures and Registrar General's directives**

The agency deed shall not cover more than one class of debentures.

The Registrar General shall issue directives stipulating the following:

a) the qualification, appointment and removal of a debenture holders' representative;

b) the naming of a successor to a debenture holders' representative;

c) the matters to be set out in an agency deed;

d) the powers of the debenture holders' representative;

e) the right of the debenture holders' representative to obtain information from the borrowing company;

f) meetings of debenture holders;

g) the duties of the debenture holders' representative;

d) les pouvoirs des détenteurs d'obligations à obtenir n'importe quelle garantie.

**<u>Article 159</u>: Obligations et instructions du Registraire Général**

L'acte de représentation ne pourra pas s'appliquer à plus d'une catégorie d'obligations.

Le Registraire Général émet des instructions relatives :

a) à la qualification, la désignation et le renvoi d'un représentant des obligataires;

b) à la nomination d'un nouveau représentant des obligataires;

c) aux questions à tenir en compte dans un acte de représentation;

d) aux pouvoirs du représentant des obligataires ;

e) aux droits du représentant du détenteur d'obligations d'obtenir l'information de la part de la société débitrice;

f) aux assemblées des obligataires;

g) aux devoirs du représentant des obligataires ;

h) kwishyura inguzanyo n'ibyabikijwe igihe intego yavuzwe mu nyandiko y'ibijyanye n'imigabane nguzanyo itagezweho;

i) kwemera akazi kakozwe n'uhagarariye abafite imigabane nguzanyo.

**Ingingo ya 160: Ibyo igitabo cy'imigabane nguzanyo kigomba kuba gikubiyemo**

Isosiyete iyo ari yo yose itanze imigabane nguzanyo igomba kubika ku cyicaro cyayo igitabo gikubiyemo abafite imigabane nguzanyo, kigomba kuba gikubiyemo amazina na aderesi byabo ndetse n'umubare w'amafaranga w'iyo migabane nguzanyo.

**Ingingo ya 161: Kugenzura igitabo**

Umunyamigabane wese afite uburenganzira bwo kureba ibiri mu gitabo cy'imigabane.

**Ingingo ya 162: Kohereza kopi y'igitabo cy'abafite imigabane nguzanyo**

Buri sosiyete igomba, bisabwe n'ufite imigabane nguzanyo cyangwa umunyamigabane, kandi hamaze kwishyurwa amafaranga yashyizweho kuri kopi ya buri rupapuro, kumwoherereza kopi y'icyo gitabo cy'abafite imigabane nguzanyo.

Kopi iba ifite amakuru yerekeranye n'amazina y'ufite imigabane, aderesi ye n'umugabane afite

h) the repayment of loans or deposits where the purpose stated in a prospectus issued in relation to debentures, is not achieved;

i) the release of the debenture holders' representative.

**Article 160: Content of a register of debenture holder**

Every company which issues debentures shall kep at its head office a register of debenture holders which shall contain the names and addresses of the debenture holders and the amount of debentures held by them.

**Article 161:Inspection of the register**

The register shall be open to the inspection of a shareholder.

**Article 162: Sending a copy of the register of debenture holders**

Every company shall, at the request of a debenture holder or a shareholder and on payment of the prescribed fee for every page required to be copied, forward to him or her a copy of the register of debenture holders.

The copy shall include any particulars as to a debenture holder's name and address and the

h) au remboursement des prêts ou dépôts lorsque le but déclaré dans le prospectus émis en rapport avec les obligations n'est pas atteint;

i) à la décharge du représentant des obligataires.

**Article 160: Contenu du registre des détenteurs d'obligations**

Toute société qui émet des obligations doit garder en son siège un registre des détenteurs d'obligations qui doit contenir leurs noms et leurs adresses ainsi que le montant des obligations qu'ils détiennent.

**Article 161: Contrôle du registre**

Tout actionnaire a le droit de consulter le registre des actions.

**Article 162: Transmission d'une copie de registre des obligataires**

Toute société doit, à la requête d'un détenteur d'obligation ou d'un actionnaire, et après paiement de frais fixés pour obtenir la copie de chaque page, transmettre à celui-ci copie du registre des obligataires.

La copie contient des renseignements se rapportant au nom de l'obligataire, à son adresse et à

uko ungana.

**Ingingo ya 163: Gutanga imigabane nguzanyo nk'ingwate**

Iyo isosiyete yatanze imigabane nguzanyo nk'ingwate y'inguzanyo yafashe kuri konti yo kubitsa no kubikuza, umugabane ntuzafatwa nk'uwishyuwe bitewe n'uko iyo konti itakibitswaho amafaranga mu gihe umugabane ukomeje kutishyurwa.

**Ingingo ya 164: Kwandikisha ingwate ku bitimukanwa**

Iyo isosiyete yiyemeje gutanga imigabane nguzanyo no kuzishyura itanga ingwate ku bitimukanwa cyangwa ku mafaranga arimo akoreshwa, bigira agaciro iyo byanditswe mu gitabo cyabugenewe.

**Ingingo ya 165: Uburenganzira bw'uhagarariye umunyamigabane**

Uwashyizweho nk'uhagarariye umunyamigabane, afite uburenganzira bwo gusaba ko ingwate ku bitimukanwa yandikwa no guhitamo aderesi yandikirwaho, ndetse no kuyandika bushya cyangwa kuyisiba no gufata ingamba zose za ngombwa zo kubungabunga uburenganzira bw'abafite iyo migabane.

debenture held by him or her.

**Article 163: Giving a debenture as a security**

Where a company has given a debenture to secure advances on a current account, the debenture shall not be deemed to have been redeemed by reason that the account of the company with the debenture holder has ceased to be in debit while the debenture remains unsatisfied.

**Article 164: Inscription of mortgages**

Where a company has decided to issue debentures and to secure their payment by a mortgage or floating charge, the inscription of such mortgage or floating charge shall be valid when kept in the relevant register.

**Article 165: Rights of the shareholder's representative**

The appointed shareholder's representative, shall have power to require the inscription of a mortgage with an election of domicile and renewal or erasure of such inscription, and necessary measures for the protection of the rights of the shareholders.

l'obligation qu'il détient.

**Article 163: Emission des obligations en tant que garantie**

Lorsqu'une société a offert une obligation pour garantir les avances sur un compte courant, l'obligation ne doit pas être considérée comme ayant été remboursée en raison du fait que ledit compte a cessé d'être porté au débit alors que l'obligation reste impayée.

**Article 164: Inscription d'hypothèques**

Lorsqu'une société a décidé d'émettre des obligations et de garantir leur paiement par une hypothèque ou des frais de roulement, l'inscription d'une telle hypothèque ou des frais de roulement n'est valide que lorsqu'elle est mentionnée au registre y relatif.

**Article 165: Droit du représentant d'un actionnaire**

Le représentant d'un actionnaire désigné jouit des droits lui permettant de demander l'inscription d'une hypothèque avec une élection de domicile ainsi que le renouvellement ou la radiation d'une telle inscription et de prendre toutes mesures nécessaires à la protection des droits des actionnaires.

**Ingingo ya 166: Gushyikiriza Umwanditsi Mukuru imyihariko y'ingwate**

Buri sosiyete igomba gushyikiriza mu nyandiko Umwanditsi Mukuru, imyihariko y'ingwate zose zitanzwe ku mutungo wayo mu minsi mirongo itatu (30) ikurikira igihe isosiyete yagwatirije umutungo wayo.

Ibigomba kuvugwa muri iyo nyandiko ni ibi bikurikira:

1º itariki isosiyete yagwatirijeho umutungo wayo;
2º umubare w'amafaranga iyo ngwate yatangiwe;
3º ibisobanuro bihagije by'uko uwo mutungo ugwatirijwe;
4º izina ry'uhawe ingwate.

**INTERURO YA IV: IMIYOBORERE N'IMICUNGIRE Y'ISOSIYETE**

**UMUTWE WA MBERE : ABAGIZE INAMA Y'UBUTEGETSI, UBUBASHA BWABO N'INSHINGANO ZABO**

**Ingingo ya 167 : Inama y'Ubutegetsi n'abayigize**

Ugize Inama y'Ubutegetsi ashyirwaho n'inteko rusange ngarukamwaka y'abanyamigabane.

**Article 166 : Filing a statement of the particulars of securities with the Registrar General**

The company shall, within thirty (30) days after the date on which the security is provided, with the Registrar General a statement of the particulars of all securities provided.

The particulars required to be given in the statement are the following:

1° the date of its provision;
2° the amount secured by the charge;
3° a description sufficient to identify the property charged;
4° the name of the person entitled to the charge.

**TITLE IV: ADMINISTRATION AND MANAGEMENT OF A COMPANY**

**CHAPTER ONE: DIRECTORS AND THEIR POWERS AND DUTIES**

**Article 167: The Board of Directors and its members**

Any member of the Board of Directors shall be appointed by the annual meeting of shareholders.

**Article 168: Dépôt des particularités des charges auprès du Registraire Général**

Toute société doit transmettre par écrit au Registraire Général, les particularités des charges dans les trente (30) jours qui suivent la date de mise en garantie de la propriété par la société.

Les particularités à indiquer dans la déclaration sont :

1° la date de la création des charges par la société;
2° le montant garanti par les charges ;
3° une description suffisante pour identifier la propriété mise en garantie;
4° le nom du bénéficiaire de la charge.

**TITRE IV : DIRECTION ET ADMINISTRATION DE LA SOCIETE**

**CHAPITRE PREMIER: LES ADMINISTRATEURS ET LEURS POUVOIRS ET DEVOIRS**

**Article 167: Le Conseil d'Administration et sa composition**

Tout administrateur est nommé par l'Assemblée Générale annuelle des actionnaires.

Abagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete bakorera hamwe nk'Inama y'Ubutegetsi kandi umubare wabo ntube wajya munsi y'umubare uteganywa n'amategeko-shingiro kugira ngo inama iterane.

Members of the Board of Directors shall act in a collegial administration and shall be of a sufficient number provided for in article of association for the Board's meeting quorum to be attained.

Les administrateurs d'une société agissent ensemble en tant que Conseil d'Administration et leur nombre ne peut pas être inférieur au quorum requis par les statuts pour que la réunion soit tenue.

**Ingingo ya 168: Ububasha bw'umunyamigabane**

Iyo amategeko shingiro y'isosiyete ahaye umwe mu banyamigabane ububasha bwo gukora ibikorwa bigenewe Inama y'Ubutegetsi, afatwa nk'aho ari mu bagize Inama y'Ubutegetsi hakurikijwe amahame ngenderwaho ashyirwaho n'iri tegeko.

**Article 168 : Powers of a shareholder**

Any shareholder on whom the articles of association of a company confer powers to exercise activities of the Board of Directors, he/she shall be considered as one of members of the Board of Directors in accordance with the guidelines set by this Law.

**Article 168: Pouvoirs d'un actionnaire**

Lorsque les statuts d'une société confèrent à l'un des actionnaires des pouvoirs d'exercer les activités destinées au Conseil d'administration, ledit actionnaire est considéré comme étant un Administrateur d'après les principes posés par la présente Loi.

**Ingingo ya 169: Ububasha bwo gucunga isosiyete**

Ibikorwa n'indi mirimo igamije inyungu by'isosiyete bigomba gucungwa, kuyoborwa, kugenzurwa n'Inama y'Ubutegetsi.

Inama y'Ubutegetsi ihabwa ububasha bwose bwa ngombwa mu ibaruramari, ubuyobozi no guharanira imicungire y'ibikorwa n'indi mirimo igamije inyungu by'isosiyete.

**Article 169: Powers of managing the company**

The business and affairs of a company shall be managed by, or under the direction or supervision of the Board of Directors.

The Board shall have all the powers necessary for managing, and for directing and supervising the management of the business and affairs of the company.

**Article 169: Pouvoir de gestion de la société**

Les activités et affaires d'une société doivent être gérées sous la direction ou la supervision du Conseil d'Administration.

Le Conseil d'Administration doit disposer de tous les pouvoirs nécessaires pour la gestion, la direction et la supervision des activités et affaires de la société.

**Ingingo ya 170: Kudakora igikorwa cy'ubucuruzi gihambaye**

Isosiyete ntishobora gukora igikorwa cy'ubucuruzi gihambaye keretse iyo icyo gikorwa cyemejwe n'umwanzuro udasanzwe w'abanyamigabane.

**Article 170: Not entering into a major transaction**

A company shall not enter into a major transaction unless the transaction is approved by special resolution from the meeting of shareholders.

**Article 170: Non engagement dans une transaction importante**

Une société ne peut s'engager dans une transaction importante à moins que ladite transaction ne soit approuvée par résolution spéciale des actionnaires.

**Ingingo 171: Igikorwa cy'ubucuruzi gihambaye**

Igikorwa cy'ubucuruzi gihambaye gifitanye isano n'isosiyete bivuga:

1° kwakira cyangwa gukora amasezerano ayo ariyo yose agamije kwakira umutungo ufite agaciro kari hejuru y'icumi ku ijana (10 %) by'agaciro k'ibintu byari bifitwe n'isosiyete mbere y'uko kwakira;

2° ingingo z'amasezerano zigamije gutanga bimwe mu bigize umutungo w'isosiyete bifite agaciro karengeje icumi ku ijana (10%) by'agaciro k'umutungo w'isosiyete mbere y'uko amasezerano atangira gukurikizwa;

3° igikorwa cy'ubucuruzi gifite cyangwa se gishobora gutuma isosiyete ibona uko yakwakira ibintu cyangwa inyungu, cyangwa se ibisabwa kwishyura bifite agaciro kari hejuru y'icumi ku ijana (10 %) by'agaciro k'ibintu by'isosiyete mbere y'igikorwa cy'ubucuruzi.

Isosiyete ntishobora kwishora mu gikorwa cy'ubucuruzi gituma habaho guhabwa uburenganzira n'inyungu cyangwa se inshingano zategetswe, bibaye ngombwa, ku gaciro karengeje kimwe cya kabiri (1/2) cy'umutungo w'isosiyete keretse iyo icyo gikorwa cy'ubucuruzi cyemejwe n'umwanzuro udasanzwe.

**Article 171: A major transaction**

A major transaction in relation to a company shall mean:

1° the acquisition of, or an agreement to acquire, assets the value of which is more than 10 per cent of the value of the company's assets before the acquisition;

2° the disposition of, or an agreement to dispose of assets of the company the value of which is more than 10 per cent of the value of the company's assets before the disposition;

3° a transaction that has or is likely to have the effect of the company acquiring rights or interests or incurring obligations or liabilities the value of which is more than 10 per cent of the value of the company's assets before the transaction.

A company shall not enter into a transaction which involves the acquisition or disposition or the acquiring of rights, interests or incurring obligations of, in any case, more than half the value of the company's assets unless the transaction is approved by special resolution.

**Article 171 : Transaction importante**

Une transaction importante liée à la société signifie :

1° l'acquisition ou conclusion de toute convention visant l'acquisition d'actif dont la valeur est supérieure à dix pour cent (10%) de la valeur des biens détenus par la société avant l'acquisition;

2° le transfert ou un accord de transfert des actifs d'une société dont la valeur est supérieure à dix pour cent (10%) de la valeur des actifs de la société avant l'entrée en vigueur de l'accord;

3° une transaction qui a, ou qui risque d'affecter une société faisant l'acquisition des droits ou intérêts, ou des obligations dont la valeur est supérieure à dix pour cent (10%) de la valeur des biens de la société avant la transaction.

La société ne peut s'engager dans une transaction qui implique l'acquisition de droits, d'intérêts, ou des obligations encourues, le cas échéant, pour plus de la moitié de la valeur des actifs de la société, à moins que ladite transaction ne soit approuvée par résolution spéciale.

**Ingingo ya 172: Kumenya niba igikorwa cy'ubucuruzi gihambaye cyakozwe n'iyo sosiyete gikurikije iri tegeko**

Nta muntu n'umwe uberewemo umwenda cyangwa se undi muntu ukorana n'isosiyete uzasabwa kumenya cyangwa kureba niba igikorwa cy'ubucuruzi gihambaye cyakozwe n'iyo sosiyete gikurikije iri tegeko keretse habayeho imenyekanisha ko uwo muntu yabimenyeshejwe.

**Ingingo ya 173: Gutanga ububasha bw'isosiyete**

Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ishobora guha komite y'abayobozi cyangwa umuyobozi, umukozi w'isosiyete cyangwa undi muntu uwo ariwe wese bumwe cyangwa bwinshi mu bubasha ifite.

Inama y'Ubutegetsi yatanze ububasha ibazwa uko uwatumwe akoresha ubwo bubasha, nk'aho ari Inama y'Ubutegetsi ubwayo yabukoresheje.

**Ingingo ya 174: Gusaba isosiyete kugira umuyobozi mu gihugu**

Isosiyete igomba kugira nibura umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi wayo ugomba kuba mu Rwanda.

**Article 172: Inquiring whether a major transaction meets the conditions of this Law**

No creditor or other person dealing with a company shall be concerned to see or inquire whether a major transaction meets the conditions of this Law , except in the case of actual notice to that person.

**Article 175 : Transferring the powers of the company**

The Board of Directors of a company may delegate to a committee of directors, a director or employee of the company, or any other person, any one or more of its powers other than its powers.

The Board of Directors that delegates power shall be responsible for the exercise of the power by the delegate as if the power had been exercised by the Board of Directors itself.

**Article 174: Requiring a company to have a director who shall reside in the country**

A company shall have at least one director who shall be ordinarily resident in Rwanda.

**Article 172: S'enquérir sur la conformité de la transaction importante faite par la société à la présente loi**

Aucun créancier ou autre personne traitant avec la société n'est tenu de s'enquérir ou de voir si la transaction importante faite par la société a respecté les dispositions de la présente loi, sauf s'il y a notification adressée à cette personne.

**Article 173: Délegation des pouvoirs de la société**

Le Conseil d'Administration de la société peut déléguer au Comité de Directeurs, ou à un Directeur ou à un employé de la société ou à toute autre personne, une partie ou la totalité des pouvoirs qui lui sont conférés.

Le Conseil d'Administration qui a délégué des pouvoirs est responsable de l'exercice du pouvoir fait par le mandataire, comme s'il avait été exercé par le Conseil d'Administration lui-même.

**Article 174: Demande à une société d'avoir un administrateur au Rwanda**

La société doit avoir au moins un Administrateur qui doit résider au Rwanda.

**Ingingo ya 175: Inama yatanzwe n'uwabigize umwuga**

Ntabwo umuntu afatwa nk'utanga amabwiriza isosiyete igenderaho gusa kubera ko yaba yaragiriye inama zijyanye n'umwuga we abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete.

**Ingingo ya 176: Guhitamo abajya mu Nama y'Ubutegetsi**

Isosiyete igomba gutora umuntu ku giti cye kugira ngo ajye mu nama y'ubutegetsi akaba umuyobozi wayo.

Nta muntu ushobora gutoranywa ngo akore imirimo yo kuba umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete iyo:

1° afite munsi y'imyaka cumi n'itandatu (16);

2° arengeje imyaka mirongo irindwi n'itanu (75) ku isosiyete ifite uburyozwe buhinnye ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane;

3° ari uwahombye utarakomorerwa kongera gucuruza;

4° abujijwe kuba umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete cyangwa abatangije isosiyete, cyangwa se kugira uruhare mu micungire y'isosiyete;

5° atari umuntu gatozi;

**Article 175 : Professional advice**

A person shall not be considered as giving instructions to the company just because he/she provided the members of the Board of Directors with a professional advice.

**Article 176: Choice of members of the Board of Directors**

A company shall appoint a natural person as director.

No person shall be appointed to hold office as a director of a company if he/she is a person who:

1° is under sixteen (16) years of age;

2° is, in the case of a public limited company, over seventy five (75) years of age;

3° is an undischarged bankrupt;

4° is prohibited from being a director or promoter of or being concerned or taking part in the management of a company;

5° is not a natural person;

**Article 175: Conseil d'un professionnel**

Une personne ne sera pas traitée comme donnant des instructions aux dirigeants d'une société du seul fait qu'elle aurait donné des conseils aux administrateurs de la société en sa qualité de professionnel.

**Article 176: Choix des Administrateurs**

La société doit désigner une personne physique comme Administrateur.

Aucune personne ne peut être désignée pour occuper la fonction d'Administrateur d'une société si :

1° elle est âgée de moins de seize (16) ans;

2° elle est âgée de plus de soixante quinze (75) ans lorsqu'il s'agit d'une société publique à responsabilité limitée;

3° elle est un failli non réhabilité;

4° elle est interdite à devenir Administrateur ou promoteur, ou de prendre part à la gestion de la société ;

5° elle n'est pas une personne physique;

6° byemejwe ko afite uburwayi bwo mu mutwe;
7° atujuje ibisabwa ngo abe umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete, hakurikijwe amategeko shingiro ayigenga.

Umuntu wese utemerewe kuba umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete ariko akaba yitwara nk'ukora uwo murimo, afatwa nk'aho ari we hakurikijwe ingingo z'iri tegeko zimugenera imirimo n'inshingano.

**<u>Ingingo ya 177</u>: Kujya mu nama y'ubutegetsi**

Umuntu ntagirwa umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete atabyemeye mu nyandiko ko yemera gukora uwo murimo akanagaragaza ubushobozi bwe kugira ngo awukore.

**<u>Ingingo ya 178</u>: Gutangira imirimo y'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi**

Umuntu watoranyijwe kuba umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete mu nyandiko yo kwiyandikisha cyangwa mu cyifuzo cyo guhuza amasosiyete, atangira gukora uwo murimo uhereye ku itariki isosiyete yanditsweho cyangwa se iyo icyifuzo cyo guhuza amasosiyete cyagize agaciro, kugeza igihe uwo muntu azareka gukora imirimo hakurikijwe iri tegeko.

6° has been proven to be of unsound mind; or
7° by virtue of the articles of association of a company, does not comply with any qualifications for directors.

A person who is disqualified from being appointed as a director but who acts as a director shall be deemed to be a director for the purposes of provisions of this Law that imposes duties and obligations on a director of a company.

**<u>Article 177</u>: Appointing members of the Board of Directors**

A person shall not be appointed as a director of a company unless that person has consented in writing to be a director and certified that he/she is not disqualified from being appointed or holding office as a director of a company.

**<u>Article 178</u> : Starting to hold office as a director**

A person appointed as a director in an application for registration or in an amalgamation proposal shall hold office as a director from the date of registration or the date the amalgamation proposal is effective until that person ceases to hold office as a director in accordance with this Law.

6° elle a été déclarée avoir une incapacité mentale;
7° elle ne satisfait pas aux qualifications d'Administrateur en vertu des statuts de la société.

Toute personne qui est disqualifiée pour être nommée au poste d'Administrateur mais qui agit en tant que tel, doit être considérée comme un Administrateur en application des dispositions de la présente loi qui lui imposent des devoirs ou des obligations.

**<u>Article 177</u>: Nomination au Conseil d'Administration**

Aucune personne ne peut être nommée comme Administrateur d'une société si elle n'a pas donné par écrit son consentement de devenir un administrateur en certifiant ses qualifications pour exercer une telle fonction.

**<u>Article 178</u>: Entrée en fonction d'un administrateur**

Toute personne désignée comme Administrateur dans une demande d'enregistrement ou dans une proposition de fusion doit occuper la fonction à partir de la date d'enregistrement ou de celle à partir de laquelle la proposition de fusion est effective jusqu'à ce que cette personne cesse de remplir la fonction conformément à la présente loi.

Abandi bategetsi b'isosiyete bashyirwaho hakurikijwe icyemezo gisanzwe keretse iyo amategeko shingiro agenga isosiyete abiteganya ukundi.

**<u>Ingingo ya 179</u>: Gusaba kongera umubare w'abagize Inama y'Ubutegetsi**

Igihe umubare wa ngombwa w'abagize Inama y'Ubutegetsi uteganywa n'amategeko shingiro utuzuye, umunyamigabane cyangwa uberewemo umwenda n'iyo sosiyete ubona inyungu ze zihungabana asaba ko wuzuzwa.

**<u>Ingingo ya 180</u>: Iyirukanwa ry'abagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete**

Umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete ifite uburyozwe buhinnye ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ashobora kwirukanwa hakurikijwe umwanzuro usanzwe wafashwe mu nteko rusange yatumijwe kubera iyo mpamvu.

Umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete ifite uburyozwe buhinnye idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ashobora kwirukanwa hafashwe umwanzuro udasanzwe mu nteko rusange yatumijwe kubera iyo mpamvu.

Itumizwa mu nteko rigomba kugaragaza ku murongo w'ibyigwa ko inteko igamije iyirukana ry'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi.

All subsequent directors of a company shall, unless the Articles of association of the company otherwise provide, be appointed by ordinary resolution.

**<u>Article 179</u>: Request for increasing the number of members of the Board of Directors**

Where the number of directors is less than the quorum required in the company's Articles of association, any injured shareholder or creditor of the company shall request that the number be increased.

**<u>Article 180</u> : Removal from office for member of the Board of Directors**

A director of a public limited company may be removed from office by an ordinary resolution passed at a meeting called for that purpose.

A director of a private limited company may be removed from office by special resolution passed at a meeting called for that purpose .

The notice of the meeting shall state that the purpose of the meeting is the removal of a director.

Tous les autres dirigeants de la société sont désignés par décision ordinaire à moins que les statuts de la société n'en disposent autrement.

**<u>Article 179</u>: Demande d'augmenter les membres du Conseil d'Administration**

Lorsque le quorum du Conseil d'Administration requis par les statuts n'est pas atteint, un actionnaire ou un créancier de la société qui voit ses intérêts en danger demande que ce quorum augmenté.

**<u>Article 180</u>: Révocation des Administrateurs d'une société**

Un Administrateur d'une société publique à responsabilité limitée peut être révoqué par résolution ordinaire prise au cours d'une Assemblée Générale convoquée à cet effet.

Un Administrateur d'une société privée à responsabilité limitée peut être révoqué par résolution spéciale prise au cours d'une Assemblée Générale convoquée à cet effet.

L'ordre du jour de l'Assemblée Générale doit mentionner que celle-ci a été convoquée aux fins de révocation d'un administrateur.

**Ingingo ya 181: Kuva ku mirimo k'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete**

Umwanya w'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete ushobora kuba nta muntu uwurimo iyo:

1° yeguye bikozwe mu nyandiko ;
2° yirukanwe;
3° atacyujuje ibisabwa;

4° apfuye.

**Ingingo ya 182: Kwegura k'ugize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete iyo ari umwe**

Igihe Inama y'Ubutegetsi igizwe n'umuntu umwe, cyangwa hasigaye umuntu umwe mu bayigize ntashobora kwegura ku mirimo ye atatumiye inteko y'abanyamigabane b'isosiyete kugira ngo bamenye ukwegura kwe kugeza ubwo hashyiriweho umwe cyangwa benshi mu bagize Inama y'Ubutegetsi bashya.

Ukwegura kwe kugira agaciro guhera ku itariki inama rusange y'abanyamigabane b'isosiyete iteraniye.

**Ingingo ya 183: Imenyekanisha ry'umusimbura muri sosiyete igizwe n'umuntu umwe**

Igihe isosiyete ari iy'umuntu umwe, nyirayo agomba kumenyesha mu nyandiko Umwanditsi Mukuru mu gihe cy'amezi atandatu (6)

**Article 181 : Falling vacant for the post of a member of the Board of Directors**

The office of director of a company shall be vacated if the person holding that office:

1° resigns in writing;
2° is removed from office;
3° no longer meets the requirements;

4° dies.

**Article 182 : Resignation by the company's sole Director**

Where a company has only one director, that director shall not resign office until that director has called a meeting of shareholders to receive notice of the resignation until one or more new directors are appointed.

The resignation by the sole director of a company shall take effect as of the date on which the meeting of shareholders is held.

**Article 183 : Filing a notice by a sole proprietorship**

The owner of sole proprietorship company shall, within a period of six (6) months, file with the Registrar General a written notice stating the person

**Article 181: Cessation des fonctions d`un Administrateur**

Le poste d'administrateur d'une société peut devenir vacant dans les cas suivants:

1° démission par notification écrite;
2° révocation;
3° constat qu'il ne remplit plus les qualifications d'administrateur;
4° décès.

**Article 182: Démission d'un administrateur unique d'une société**

Dans le cas où la société est gérée par un seul administrateur, ce dernier ne peut démissionner de ses fonctions sans qu'il n'ait convoqué l'Assemblée des actionnaires pour leur faire part de sa démission jusqu'à ce qu'il soit nommé un ou plusieurs nouveaux administrateurs.

Sa démission n'a d'effet qu'à partir de la date de la tenue de l'Assemblée générale des actionnaires.

**Article 183: Notification d'un remplaçant dans une société unipersonnelle**

Lorsque la société appartient à une seule personne, cette dernière doit, dans un délai de six (6) mois, remettre au Registraire Général un avis écrit

uzamusimbura mu gihe azaba atakiriho.

Iyo nyandiko igomba kugaragaza izina, umurimo na aderesi y'aho abarizwa biherekejwe n'urwandiko rwashyizweho umukono na nyir'ubwite rukubiyemo ukwemera kwe.

Uwashyizweho n'isosiyete y'umuntu umwe kugira ngo asimbure nyirayo atakiriho, afite inshingano yo gutumiza mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) inama y'abazungura n'abandi bahagarariye nyakwigendera kugira ngo hashyirweho undi cyangwa abandi bategetsi b'isosiyete.

**<u>Ingingo ya 184</u>: Ukwegura k'umukozi w'isosiyete**

Umukozi w'isosiyete ashobora kwegura ku mirimo ye igihe inama y'abazungura n'abandi bahagarariye nyakwigendera yateranye, ariko agomba gukomeza imirimo yo kuziba icyuho kugeza igihe cy'itumizwa ry'inama, kandi agomba kwitabira kwishyura imyenda yose y'isosiyete.

**<u>Ingingo ya 185</u>: Isimburwa rya nyir'isosiyete upfuye**

Iyo umuntu ariwe wenyine ugize Inama y'Ubutegetsi akaba na nyir'isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane apfuye, abamuzungura, cyangwa mu gihe nta muntu n'umwe yasize wamuzungura, uhagarariye umutungo we, bashobora gushyiraho undi muntu

who will replace him / her in case he/she dies.

Such a notice shall state the full name, residential address and occupation of the person nominated and shall be accompanied by the consent to act in writing signed by that person.

The person nominated by a sole proprietorship company to replace its owner shall have the responsibility of calling within thirty (30) days a meeting of the heirs or other people representing the deceased for the purpose of appointing a new director or directors.

**<u>Article 184</u>: Resignation by the employee of a company**

An employee of a company shall resign from office at the meeting of the heirs or other personal representatives of the deceased and during the interim period until the meeting is called, shall attend to the filing of any returns that may be required from the company.

**<u>Article 185</u>: Replacing the company's owner who dies**

Where a person who is the only director and shareholder of a private company dies, the heirs, or where he/she leaves no heir, the curator under the relevant regulations, may appoint a director.

indiquant son remplaçant en cas de décès.

Cet avis doit mentionner le nom, l'adresse et la profession de la personne qui a été nommée et doit être accompagné du consentement sous forme de lettre signée par l'intéressé.

La personne nommée par le propriétaire unique de la société pour le remplacer a la responsabilité de convoquer dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours une réunion des héritiers et autres représentants personnels du défunt en vue de procéder à la nomination d'un nouvel administrateur ou de nouveaux administrateurs.

**<u>Article 184</u>: Démission d'un employé d'une société**

Un employé d'une société peut démissionner de ses fonctions lors de la réunion des héritiers et des autres représentants personnels du défunt ; cependant il doit assurer l'intérim jusqu'à la convocation de la réunion et doit s'acquitter de toutes les dettes de la société.

**<u>Article 185</u>: Remplacement du propriétaire d'une société qui est décédé**

Lorsqu'un administrateur et actionnaire unique d'une société privée décède, les héritiers, et dans l'éventualité qu'il n'ait laissé aucun héritier, le curateur, peuvent nommer un administrateur conformément à la législation en la matière.

ugize Inama y'Ubutegetsi hakurikijwe amategeko abigenga

Mu gihe abazungura badashoboye gushyiraho umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uhereye ku rupfu rw'uwari we wa nyuma, Umwanditsi Mukuru ashobora gusaba urukiko gushyiraho umuntu ufite ububasha n'ubushobozi bwo kuzuza inshingano z'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete kugeza igihe abazungura bazashyiriraho undi.

Where the heirs fail to appoint a director within thirty (30) days of the death of the last director, the Registrar General may apply to the Court for the appointment of a fit and proper person to act as director, until the appointment of a director by the heirs.

Dans le cas où les héritiers n'arrivent pas à nommer un administrateur dans un délai de trente (30) jours à compter du décès du dernier administrateur, le Registraire Général peut introduire une demande devant le Tribunal en vue de la nomination d'une personne apte et capable de remplir les fonctions d'administrateur, jusqu'à la nomination d'un administrateur par les héritiers.

**Ingingo ya 186: Kudakomatanya imirimo**

Iyo umuntu akora wenyine imirimo y'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete akaba ari n'umunyamigabane w'isosiyete igendera ku mategeko agenga abantu ubwabo adashobora kuyobora ibikorwa by'isosiyete bitewe n'ubumuga bwo mu mutwe, umucungamari washyizweho n'urukiko ashobora ubwe gukora nk'umutegetsi w'isosiyete cyangwa agashyiraho umuntu uzakora iyo mirimo.

**Article 186 : Non accumulation of duties**

Where a person who is the only director and shareholder of a company is unable to manage the affairs of the company by reason of his/her mental incapacity, the guardian appointed may act as director or appoint a person as director.

**Article 186: Incompatibilités liées aux tâches**

Lorsqu'une personne remplissant seule les fonctions d'administrateur et d'actionnaire pour une société est incapable d'administrer les activités de la société en raison de son incapacité mentale, le gérant nommé par le tribunal peut lui-même agir en tant qu'un administrateur ou nommer une personne qui assumera les fonctions d'administrateur.

**Ingingo ya 187: Imenyekanisha ryerekeranye no gusimbura abagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete**

Inama y'Ubutegetsi igomba kumenyesha cyangwa kwandikisha ku Mwanditsi Mukuru mu minsi mirongo itatu (30) :

1° ihindurwa ryose ry'umwe mu bagize Inama

**Article 187: Disclosure of replacement of the members of the Board of Directors**

The Board of Directors shall disclose the following to or cause it to be registered by the Registrar General within thirty (30) days:

1° a replacement of any one of the members of

**Article 187: Notification relative au remplacement des administrateurs d'une société**

Le Conseil d'Administration doit remettre pour enregistrement au Registraire Général dans un délai de trente (30) jours, une notification de :

1° tout changement d'administrateur ou de

y'Ubutegetsi bw'isosiyete cyangwa ishyirwaho ry'undi;

2° ihindurwa ryose ry'izina, cyangwa ry'aho abarizwa, cyangwa andi makuru yose arebana n'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete.

Biramutse bigaragaye ko Inama y'Ubutegetsi idashoboye kubahiriza iyi ngingo ibyo bifatwa nk'ikosa kuri buri umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi.

**Ingingo ya 188: Imikoreshereze y'amakuru n'inama**

Umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete uri mu mirimo ye ashobora kwifashisha za raporo zikorwa na sosiyete, raporo zijyanye n'iby'umutungo, raporo z'igenzura, andi makuru yose yateguwe kandi agatangwa n'inzobere cyangwa ibyifuzo by'umuhanga byakorewe:

1° umukozi w'isosiyete ufite ubuhanga mu bintu ibi n'ibi, bikaba byemejwe n'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi;

2° umujyanama cyangwa inzobere kabuhariwe mu bintu umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete yemera ubushobozi bwe;

3° undi umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi

the Board of Directors;

2° any change of name, address or any other details about a member of the Board of Directors.

Where the Board of Directors fails to comply with the provisions of this article all its members shall be considered as defaulting persons.

**Article 188 : Modalities for using information and advice**

A director of a company may, in his/her duties, use company's ordinary reports, financial reports and audit reports , other data prepared or collected by an expert or recommendations made to the following by a consultant:

1° a company's agent with expertise in a given field and upon approval by one of the members of the Board of Directors;

2° an advisor or a person with high expertise in a given field as confirmed by one of the members of the Board of Directors;

3° another member of the Board of

nomination nouvelle ;

2° tout changement de nom ou d'adresse ou de tous renseignements concernant l'un des administrateurs de la société.

S'il advient que le Conseil d'Administration manque à se conformer à cet article, cela constitue une faute pour tout administrateur.

**Article 188: Utilisation d'information et de conseils**

Un des administrateurs d'une société en exercice peut recourir aux rapports établis par la société, aux états financiers, aux rapports d'audit et à toute autre information préparée et fournie par un expert ou les recommandations d'un consultant faites par :

1° tout employé de la société qui, de l'approbation de l'administrateur, est compétent dans un domaine précis ;

2° tout conseiller ou expert reconnu dans un domaine dont l'administrateur reconnaît les compétences;

3° tout autre administrateur ou comité

bw'isosiyete cyangwa komite y'abagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete atagizemo uruhare hakurikijwe ububasha bw'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete cyangwa abagize komite y'abagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete.

**<u>Ingingo ya 189</u>: Kwemezwa n'isosiyete**

Mu gihe ingingo iyo ariyo yose y'iri tegeko isaba ko sosiyete yemeza igikorwa runaka, ni ngombwa ko hagaragazwa mu buryo bwuzuye imiterere y'icyo gikorwa kifuzwa, inyungu umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi yaba agifitemo, nyuma bikemezwa by'umwihariko n'ibi bikurikira:

1° icyemezo kiba cyashyikirijwe abanyamigabane ngo bagisinye kandi kikaba cyasinywe na bitatu bya kane (¾) by'abemerewe gutora mu nama y'inteko rusange y'abanyamigabane hatarimo abanyamigabane babifitemo inyungu bwite;

2° umwanzuro usanzwe w'isosiyete watorewe mu nteko rusange y'abanyamigabane b'isosiyete, aho uwaba abifitemo inyungu bwite mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete, cyangwa mu banyamigabane mu buryo buziguye cyangwa butaziguye baba batatoye cyangwa niyo baba batoye amajwi yabo ntabarwa.

Ukwemerwa n'isosiyete bishobora kuba mbere cyangwa nyuma y'uburyo igikorwa cy'ubucuruzi cyakozwemo.

Directors or of the Company's Executive Committee who did not participate in a given activity he/she is entitled to as a member of the Board of Directors.

**<u>Article 189</u>: Approval by the company**

Where any transaction under this Law requires approval by the company, details of such a transaction and the interest that a member of the Board of Directors may have therein shall be clearly explained and shall be specifically approved by the following :

1° a resolution which is duly forwarded to the shareholders for signature and signed by at least ¾ of those entitled to vote in the meeting of shareholders but without including those with interest in the concerned transaction ;

2° an ordinary resolution voted for in the general assembly and where those members of the Board of Directors or those shareholders with interest in the concerned transaction did not vote whether directly or indirectly or, where the latter voted, their votes become null and void.

Approval by the company may be granted before or after the circumstances of the transaction.

d'administrateurs sur des questions sur lesquelles l'administrateur n'avait pas participé selon les limites de l'autorité de l'administrateur ou du comité d'administrateurs.

**<u>Article 189</u>: Approbation par la société**

Lorsqu'une disposition de la présente loi requiert l'approbation d'une transaction, cela exige la clarification des faits et l'intérêt que tout administrateur peut avoir dans la transaction qui est particulèrement approuvée par des éléments suivants :

1° une résolution adressée aux actionnaires pour signature et signée par au moins trois quarts (¾) de ceux qui sont habilités à voter en Assemblée Générale mais sans participation de ceux qui y ont un intérêt propre;

2° une résolution ordinaire votée en Assemblée Générale dans laquelle un Administrateur ou un actionnaire qui y a un intérêt propre de manière directe ou indirecte, n'ont pas voté, ou s'ils ont voté leurs voix ne sont pas comptées.

L'approbation de la Société peut être donnée soit avant ou après les circonstances de la transaction.

Umwanzuro wemera igikorwa cy'ubucuruzi kimwe cyangwa byinshi, cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi bikurikiranye birimo bikorwa, uzagira agaciro mu gihe uzaba wasinywe cyangwa wemewe mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) ikurikira itariki igikorwa cy'ubucuruzi cyangwa se igihe ibikorwa bikurikiranye by'ubucuruzi byatangiriye.

**<u>Ingingo ya 190</u>: Igikorwa cy'ubucuruzi gifitiye inyungu umwe mu bagize inama y'ubutegetsi**

Umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ashobora kugira inyungu mu gikorwa cy'ubucuruzi isosiyete ifitemo inyungu iyo:

1° arebwa n'icyo gikorwa cy'ubucuruzi cyangwa ashobora kukibonamo inyungu y'amafaranga;

2° afite inyungu y'amafaranga muri icyo gikorwa cy'ubucuruzi cyangwa afite icyo ahuriyeho n'undi muntu urebwa n'igikorwa cy'ubucuruzi;

3° ari umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi, umukozi cyangwa intumwa y'undi muntu urebwa n'icyo gikorwa cy'ubucuruzi, cyangwa undi muntu ushobora kukigiramo inyungu akaba atari:

a) isosiyete yabyawe n'indi ku buryo busesuye;
b) isosiyete yabyawe nayo;
c) isosiyete yabyawe n'isosiyete nayo

A resolution for the approval of one or several transactions, or of a series of existing transactions shall not be valid unless is signed and approved at the latest within fifteen (15) days following the date on which the first series of transactions started to be conducted.

**<u>Article 190</u>: Transaction in which a director has a personal interest**

A director of a company may have an interest in a transaction that company is interested in where:

1° linked to such a transaction or may benefit from it financially;

2° benefits from such a transaction financially or has relationship with any other person concerned with the transaction;

3° a member of the Board of Directors, an employee or attorney of the person concerned with the transaction or that can be interested in it and that is other than:

a) a direct subsidiary company;

b) a subsidiary company;

c) a subsidiary of another subsidiary

Une résolution approuvant une ou plusieurs transactions, ou des séries de transactions déjà en vigueur ne sera effective sauf si elle est signée ou adoptée au plus tard dans les quinze (15) jours qui suivent la date où la transaction ou les premières séries de transactions ont eu lieu.

**<u>Article 190</u>: Transactions impliquant un intérêt personnel d'un administrateur**

Un administrateur d'une société peut avoir un intérêt dans une transaction qui intéresse la société, lorsque :

1° il est lié par la transaction de laquelle il peut tirer un intérêt financier ;

2° il a un intérêt financier dans la transaction ou il est lié à une personne concernée par la transaction;

3° il est un administrateur, un agent ou fidéicommissaire d'une autre partie à la transaction, ou une personne qui peut tirer un intérêt financier de la transaction qui n'est pas :

a) une filiale à part entière ;

b) une filiale d'une société mère;

c) une filiale à part entière qui est elle-même

yabyawe n'indi;

4° ari umubyeyi, umwana cyangwa uwashakanye n'undi muntu urebwa n'igikorwa cy'ubucuruzi, akaba ashobora kukibonamo inyungu y'ibintu cyangwa amafaranga;

5° mu buryo butaziguye cyangwa buziguye afite inyungu muri icyo gikorwa cy'ubucuruzi.

**<u>Ingingo ya 191</u>: Kwandikisha inyungu bwite ku bagize Inama y'Ubutegetsi**

Nyuma yo kumenya ko afite inyungu mu gikorwa cy'ubucuruzi cy'isosiyete cyangwa igikorwa kigamijwe, umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete agomba mu buryo bwihuse, kuyandikisha mu gitabo cyagenewe kwandikwamo inyungu bwite z'abagize Inama y'Ubutegetsi iyo gihari akamenyesha bagenzi be bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete:

1° imiterere n'umubare w'amafaranga y'iyo nyungu mu gihe inyungu ye n'agaciro kayo gashobora kubarwa mu mafaranga;

2° imiterere n'ingano by'iyo nyungu iyo bidashoboka kubara iyo nyungu mu mafaranga.

**<u>Ingingo ya 192</u>: Gutesha agaciro igikorwa gifite inyungu y'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi**

Igikorwa cy'ubucuruzi cyakozwe n'isosiyete,

company;

4° is the parent, the child or the spouse of another party to the transaction and who may have financial interest in it;

5° is to some extent directly or indirectly interested in the transaction.

**<u>Article 191</u> : Statement of conflict of interests of Director**

A director of a company shall, forthwith after becoming aware of the fact that he/she is interested in a transaction or proposed transaction with the company, cause to be entered in the interests register where it has one and disclose to the Board of Directors the company :

1° where the monetary value of the director's interest is able to be quantified, the nature and monetary value of that interest;

2° where the monetary value of the director's interest cannot be quantified, the nature and extent of that interest.

**<u>Article 192</u> : Invalidation of the transaction in which a member of the Board of Directors has a personnel interest**

A transaction entered into by the company in which

une filiale d'une société-mère;

4° est le parent, l'enfant ou le conjoint d'une autre partie à la transaction et qui peut tirer un intérêt financier de la transaction;

5° d'une certaine façon directement ou indirectement intéressée par la transaction.

**<u>Article 191</u>: Faire inscrire un intérêt personnel de l'administrateur**

Un administrateur d'une société doit, sans délai, après avoir constaté son intérêt dans une transaction ou une proposition de transaction de la société, le faire inscrire dans le registre des intérêts des administrateurs si la société en détient un, et informer les autres membres du Conseil d'Administration de la société de :

1° nature et montant d'un tel intérêt lorsque l'intérêt et sa valeur est en mesure d'être évalué en argent ;

2° la nature et l'étendue d'un tel intérêt lorsqu'il n'est pas possible de l'évaluer en argent.

**<u>Article 192</u>: Annulation d'une transaction qui intéresse un administrateur**

Une transaction conclue par la société et dans

umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi yayo afitemo inyungu, gishobora guteshwa agaciro n'isosiyete igihe cyose mbere y'uko hashira amezi atandatu (6) akurikira igihe icyo gikorwa cy'ubucuruzi cyamenyeshejwe abanyamigabane bose b'isosiyete.

Igikorwa cy'ubucuruzi nticyamburwa agaciro iyo inyungu isosiyete yagikuyemo ikwiye.

Kumenya niba isosiyete yarabonye inyungu ikwiye mu gikorwa cy'ubucuruzi, bikorwa hashingiwe ku makuru isosiyete ifite n'ay'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bireba igihe icyo gikorwa cy'ubucuruzi cyakorwaga.

**<u>Ingingo ya 193</u>: Ingaruka zo gutesha agaciro igikorwa cy'ubucuruzi**

Gutesha agaciro igikorwa cy'ubucuruzi, nta ngaruka n'imwe bigomba kugira ku burenganzira, ku nyungu z'umuntu cyangwa ku mutungo afite, mu gihe uwo mutungo yawubonye:

1° biturutse ku wundi muntu utari iyo sosiyete;

2° ku giciro gikwiye;

3° atazi uko icyo gikorwa cy'ubucuruzi cyatumye uwo muntu aba nyir' umutungo mu isosiyete cyagenze.

a director of the company is interested may be avoided by the company at any time before the expiration of six (6) months after the transaction is disclosed to all the shareholders.

A transaction shall not be avoided where the company receives fair value under it.

The question as to whether a company receives a fair value under a transaction shall be determined on the basis of the information known to the company and to the interested director at the time the transaction is entered into.

**<u>Article 193</u> : Effect of invalidation of a transaction**

The avoidance of a transaction shall not affect the title or interest of a person in or to property which that person has acquired where the property was acquired:

1° from a person other than the company;

2° for appropriate price;

3° without knowledge of the circumstances of the transaction under which the person acquired the property from the company.

laquelle un administrateur a un intérêt peut être annulée par la société à tout moment avant l'expiration d'un délai de six (6) mois suivant le jour où la transaction a été portée à la connaissance de tous les actionnaires.

Une transaction ne doit pas être annulée lorsque la société en a reçu une juste contrepartie.

La question de savoir si la société a reçu une juste contrepartie pour une transaction doit être déterminée sur la base d'information détenue par la société et par l'administrateur intéressé au moment où la transaction est conclue.

**<u>Article 193</u>: Effet d'annulation d'une transaction**

L'annulation d'une transaction ne doit avoir aucune conséquence sur le titre, l'intérêt d'une personne ou sur la propriété que celle-ci détient lorsque elle-même l'a acquise :

1° d'une personne autre que la société;

2° à un prix juste ;

3° sans connaissance des circonstances de la transaction selon lesquelles la personne a acquis un bien de la société.

**Ingingo ya 194: Ibitarebwa no gusaba abagize Inama y'Ubutegetsi gutanga amakuru**

Gusaba abagize Inama y'Ubutegetsi gutanga amakuru ntibireba:

1° imishahara cyangwa izindi nyungu zose zigenerwa umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete;

2° indishyi cyangwa ubwishingizi butanzwe.

**Ingingo ya 195: Kudatora k'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi ufite inyungu mu gikorwa cy'ubucuruzi**

Umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete ufite inyungu mu gikorwa cy'ubucuruzi kireba cyangwa kigiye gukorwa n'isosiyete ntatora mu gihe cy'ifatwa ry'icyemezo. Iyo atoye ijwi rye riba imfabusa

**Ingingo ya 196: Agaciro k'igikorwa cy'ubucuruzi kirimo inyungu bwite**

Ibikorwa by'ubucuruzi bifite inyungu bwite y'umunyamigabane byemezwa n'Inama y'Ubutegetsi. Icyo gikorwa gifatwa nk'igikorwa cy'ubucuruzi gihambaye iyo gifite agaciro kari hejuru ya gatanu ku ijana (5%) by'umutungo w'isosiyete; icyo gihe cyemezwa n'umwanzuro

**Article 194 : Information that shall not be disclosed by the Directors**

Request for information disclosure by Directors shall not include :

1° remuneration or any other benefit given to a director ;

2° an indemnity given or insurance provided .

**Article 195 : Not voting by a member of the Board of Directors who has a personnel interest in a transaction**

A director of a company, who is interested in a transaction entered into, or to be entered into, by the company shall not vote on any matter relating to the transaction. If he/she votes on it, his/her vote shall be null and void.

**Article 196 : The value of a transaction that bears the shareholder personnel interest**

A transaction that bears the shareholder personnel interest shall be approved by the Board of Directors. Such transaction shall be considered as a major transaction where its value exceeds five per cent (5%) of the company's property. In that case, transaction shall be approved upon a special

**Article 194: Points qui ne sont pas concernés par la demande de l'information aux administrateurs**

La demande de l'information aux administrateurs ne concerne pas:

1° la rémunération ou tout autre profit octroyé à un administrateur de la société;

2° l'indemnité donnée ou l'assurance accordée.

**Article 195: Fait de ne pas voter pour un administrateur intéressé par une transaction**

Un administrateur qui a un intérêt dans une transaction liant ou qui doit lier la société n'a pas de droit de vote. Lorsqu'il vote, sa voix est nulle.

**Article 196: Valeur d'une transaction ayant un intérêt personnel**

Toute transaction impliquant un intérêt personnel d'un actionnaire doit être approuvée par le Conseil d'Administration. Lorsqu'une telle transaction a une valeur supérieure à cinq pour cent (5%) de l'actif de la société, elle doit être approuvée par une résolution spéciale prise lors de la réunion des

udasanzwe ufashwe n'inama y'abanyamigabane.

**Ingingo ya 197: Gukoresha amakuru y'isosiyete**

Umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete ufite amakuru kubera ko ari umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa ari umukozi wayo kandi ubusanzwe atagombye kuyamenya, ntagomba kuyabwira uwo abonye wese cyangwa se ngo ayakoreshe, keretse ku nyungu z'isosiyete no ku bindi bisabwa n'amategeko.

Umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ashobora, yabimenyesheje Inama y'Ubutegetsi, gukoresha cyangwa kumenyesha amakuru uwo ahagarariye inyungu n'uwundi muntu asanzwe ayamenyesha kubera amabwiriza, inshingano n'ububasha yahawe.

Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ishobora guha umwe mu bayigize uruhushya rwo gutangaza, gukoresha cyangwa gufata icyemezo ayahereyeho, iyo ibyo bitabangamira inyungu za sosiyete.

Inyungu iyo ari yo yose ugize Inama y'Ubutegetsi yabona kubera amakuru afite kubera kuba umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi igomba kugaragarizwa isosiyete.

resolution by the shareholder's meeting.

**Article 197: Using the information of the company**

Unless provided otherwise by the Law, a director shall not disclose to anyone and for any use the information that he/she possesses by virtue of his/her duties as a director or employee and to which he/she would not have had access in other circumstances.

A company's director may, upon notice to the Board of Directors, put to use or disclose information to a person whose interests he/she represents or to the person authorized to be informed following guidelines, instructions, powers and responsibilities.

The Board of Director may authorize a director to disclose, put to use information or act depending on it, provided the company's interests are not jeopardized.

Any interest that a director obtained from using the information he/she has access to shall be made known to the company.

actionnaires.

**Article 197: Utilisation des informations de la société**

Un administrateur d'une société qui, en sa qualité d'administrateur ou d'employé de la société, détient des informations qui ne lui sont pas normalement accessibles, ne doit pas les divulguer à n'importe qui ou en faire usage, excepté pour les intérêts de la société et pour les autres exigences de la loi.

Un administrateur d'une société peut, après avoir avisé le Conseil d'Administration, faire usage ou divulguer l'information à une personne dont il représente les intérêts et à une personne dont il est habituellement tenu d'informer sur base des directives, des instructions et des pouvoirs qui lui sont donnés.

Le Conseil d'administration peut autoriser un administrateur à divulguer, faire usage ou agir selon les informations lorsque cela ne risque pas de nuire aux intérêts de la société.

Tout gain réalisé par un administrateur du fait de l'usage d'informations auxquelles il a accès en sa qualité d'administrateur doit être justifié à la société.

**Ingingo ya 198: Ibigaragaza inyungu ifatika mu itangwa ry'imigabane**

Umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete agira inyungu ifatika mu itangwa ry'imigabane iyo:

1° ari uhabwa imigabane;

2° afite ububasha bwo gutora bushingiye ku mugabane;

3° afite ububasha bwo kugenzura uburenganzira bwo gutora bushingiye ku mugabane;

4° afite ububasha bwo kwegurirwa cyangwa kwegurira abandi umugabane;

5° afite ububasha bwo kugenzura ihabwa cyangwa itanga ry'umugabane ku wundi muntu;

6° ashobora kubona n'ikindi gihe cyose ubwo bubasha hashingiwe ku masezerano no ku bwumvikane umuntu yaba abifitemo uruhare.

**Ingingo ya 199: Imenyekanisha ry'icuruzwa ry'imigabane rikozwe n'abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete**

Umuntu uri mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane kandi afite inyungu ifatika mu mugabane

**Article 198 : Characteristics of relevant interest in issueing shares**

A director of a company has a relevant interest in a share issued by a company if the director:

1° is a beneficial of the share;

2° has the power to exercise any right to vote attached to the share;

3° has the power to control the exercise of any right to vote attached to the share;

4° has the power to acquire or dispose of the share;

5° has the power to control the acquisition or disposition of the share by another person;

6° may at any time, have such power following an agreement or a consensus.

**Article 199 : Disclosure of issuing shares by members of the Board of Directors**

Any person who is a director of a public company, and who has a relevant interest in any shares issued by the company shall forthwith :

**Article 198: Caractéristiques d'un intérêt approprié dans l'émission des actions**

Un administrateur d'une société a un intérêt significatif dans l'émission d'une action si l'administrateur :

1° est un bénéficiaire des actions;

2° détient le pouvoir d'exercer son droit de vote attaché à l'action;

3° a des pouvoirs pour contrôler les droits de vote attachés à l'action;

4° détient le pouvoir d'acquérir ou de céder l'action;

5° détient le pouvoir de contrôler l'acquisition ou la cession d'action par une tierce personne;

6° peut à tout moment détenir ce pouvoir en vertu d'un accord consensuel.

**Article 199:Publicité de l'émission des actions par les administrateurs**

Une personne qui est un administrateur d'une société publique et qui détient un intérêt significatif dans une action émise par la société, doit sans

watanzwe n'isosiyete, agomba bidatinze:

1° kumenyesha Inama y'Ubutegetsi umubare n'ubwoko bw'imigabane afitemo inyungu ifatika n'imiterere y'iyo nyungu;

2° kubahiriza ko amakuru yamenyeshejwe Inama y'Ubutegetsi yanditswe mu gitabo cyandikwamo bene izo nyungu.

**Ingingo ya 200: Ugize Inama y'Ubutegetsi mu kumenyekanisha inyungu ifatika**

Umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete ihamagarira rubanda kuyiguramo imigabane usanze afite inyungu ifatika mu ihererekanywa cyangwa itangwa ry'imigabane agomba kumenyesha ako kanya Inama y'Ubutegetsi:

1° umubare n'urwego rw'imigabane afitemo inyungu ifatika;

2° imiterere y'inyungu ifatika;

3° ikiguzi cyishyuwe cyangwa cyakiriwe;

4° itariki yayihereweho cyangwa yayitangiyeho.

1° disclose to the Board of Directors the number and class of shares in which the relevant interest is held and the nature of the relevant interest;

2° ensure that the particulars disclosed to the Board of Directors are entered in the interests register.

**Article 200 : Obligation of a member of the Board of Directors to disclose relevant interest**

A director of a public company who acquires or disposes of a relevant interest in shares issued by the company shall forthwith, after the acquisition or disposition disclose to the Board:

1° the number and class of shares in which the relevant interest has been acquired;

2° the nature of the relevant interest;

3° the consideration paid or received;

4° the date of the acquisition or disposition.

délai :

1° porter à la connaissance du Conseil d'Administration le nombre et la catégorie d'actions dans lesquelles il a un intérêt significatif ainsi que la nature de celui-ci;

2° s'assurer que les renseignements divulgués au Conseil d'Administration soient enregistrés dans le registre des intérêts.

**Article 200: Obligation d'un administrateur de communiquer un intérêt approprié**

Un administrateur de société publique qui acquiert ou cède un intérêt significatif émis par la société doit immédiatement communiquer au Conseil d'Administration :

1° le nombre et la catégorie des actions à partir desquelles l'intérêt significatif a été acquis ou dégagé ;

2° la nature de l'intérêt significatif;

3° la contrepartie payée ou reçue;

4° la date de l'acquisition ou de la cession.

**Ingingo ya 201: Ibitemewe ku icuruzwa ry'imigabane ku bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete**

Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete, ashingiye ku bubasha afite nk'uri mu nama y'ubutegetsi cyangwa nk'umukozi w'isosiyete cyangwa isosiyete ishamikiye kuri yo, afite amakuru y'ingirakamaro mu kugena agaciro k'imigabane cyangwa imigabane nguzanyo yatanzwe n'isosiyete cyangwa isosiyete iyishamikiyeho, kandi ubusanzwe atari kuyabona, ashobora gucuruza iyo migabane cyangwa imigabane nguzanyo gusa iyo:

1° mu gihe habaye igura, ikiguzi cyatanzwe kitari munsi y'agaciro nyakuri k'imigabane cyangwa imigabane nguzanyo; cyangwa
2° mu gihe habaye igurisha, ikiguzi cyakiriwe kitari hejuru y'agaciro nyakuri k'imigabane cyangwa ingwate.

Agaciro nyakuri k'imigabane cyangwa k'imigabane nguzanyo kagenwa hakurikijwe amakuru yose afitwe n'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete cyangwa yashyizwe ku mugaragaro kugira ngo amenywe n'abantu benshi muri icyo gihe.

Ibiteganijwe mu gace ka mbere k'iyi ngingo ntibikurikizwa iyo igura cyangwa igurishwa rikozwe n'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi nk'intumwa y'iyo sosiyete cyangwa isosiyete

**Article 201 : Restrictions for the members of the Board of Directors with regard to disposing of the shares**

Where a director of a company in his/her capacity as a director or an employee of the company or a subsidiary company, has information which is material to an assessment of the value of shares or debentures issued by the company or a subsidiary company, being information that would not otherwise be available to him or her, the director may acquire or dispose of those shares or debentures only where :

1° in the case of an acquisition, the consideration given for the acquisition is not less than the fair value of the shares or debentures; or
2° in the case of a disposition, the consideration received for the disposition is not more than the fair value of the shares or securities.

The fair value of shares or debentures is to be determined on the basis of all information known to the director or publicly available at that time.

The provisions of Sub-paragraph of this article one shall not apply to a share or security that is acquired or disposed of by a director only as a nominee for the company or a related company.

**Article 201: Restrictions sur la négociabilité des actions par les administrateurs**

Lorsqu'un administrateur de société, en sa qualité d'administrateur ou d'employé de la société ou d'une société affiliée, détient des informations qui sont essentielles à l'estimation de la valeur des actions ou d'autres obligations émises par la société ou une société affiliée, considérant que ces informations ne lui seraient pas normalement accessibles, celui-ci peut acquérir ces actions ou obligations uniquement lorsque :

1° dans le cas d'une acquisition, l'estimation faite n'est pas en dessous d'une juste contrepartie des actions ou des garanties; ou
2° dans le cas de cession, la contrepartie reçue n'est pas supérieure à la juste contrepartie des actions ou des garanties.

La juste contrepartie des actions ou des obligations est déterminée sur la base de toutes les informations détenues par l'administrateur ou qui ont été rendues publiques à cette période.

Les dispositions du point 1° du présent article ne doit pas s'appliquer à une action ou à une obligation acquise ou transmise par un administrateur agissant en tant qu'administrateur

iyishamikiyeho.

**Ingingo ya 202: Kwishyura ahwanye n'agaciro nyakuri k'imigabane cyangwa imigabane nguzanyo**

Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi aguze imigabane cyangwa imigabane nguzanyo agomba kwishyura umuntu wayimuhaye hashingiwe ku mafaranga ahwanye n'agaciro nyakuri k'iyo migabane n'imigabane nguzanyo karenga amafaranga yishyuwe na we.

**Ingingo ya 203: Kugurisha imigabane cyangwa imigabane nguzanyo ku gaciro kari munsi y'agaciro nyakuri**

Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete agurishije imigabane cyangwa imigabane nguzanyo ku gaciro kari munsi y'agaciro nyakuri, asigaramo umwenda w'umuntu wayiguze ungana n'amafaranga arenga ku gaciro nyakuri k'iyo migabane cyangwa imigabane nguzanyo.

**Ingingo ya 204: Ibitareba amasosiyete agurishiriza imigabane ku isoko ry'imigabane**

Ibivugwa muri iri tegeko bijyanye n'ibitemewe ku icuruzwa ry'imigabane ku bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete, ntibireba amasosiyete agurishiriza imigabane ku isoko ry'imigabane.

**Article 202 : Being liable for the amount that is equivalent to the fair value of shares or debentures**

Where a director acquires shares or debentures, the director shall be liable to the person from whom the shares or debentures were acquired for the amount by which the fair value of the shares or debentures exceeds the amount paid by the director.

**Article 203: Disposing of shares or debentures for the amount by which the consideration is lower than the fair value**

Where a director disposes of shares or debentures for the amount by which the consideration is lower than the fair value, that director shall be liable to the person to whom the shares or debentures were disposed of for the amount by which the consideration received by the director exceeds the fair value of the shares or debentures.

**Article 204: Exception for those companies dealing with shares on capital market**

The provisions of this Law as far as restrictions for the members of the Board of Directors with regard to disposing of the shares are concerned shall not apply in relation to companies dealing with shares on capital market.

désigné pour la société ou pour une société affiliée.

**Article 202: Paiement d'un montant équivalent à la juste valeur des actions ou des obligations**

Lorsqu'un administrateur acquiert des actions ou des obligations, il reste redevable envers la personne de qui il les a obtenues pour le montant desquelles la juste valeur des actions et des obligations excède le montant payé par lui.

**Article 203: Vente des actions ou des obligations à une valeur inférieure à une juste valeur**

Lorsqu'un administrateur cède des actions ou obligations à une valeur inférieure à une vraie valeur, il reste redevable envers la personne de qui il les a obtenues pour le montant desquelles l'évaluation reçue par lui excède la juste valeur des actions et des obligations.

**Article 204: Ce qui ne s'applique pas aux actions côtées en bourse**

Les dispositions de la présente loi relatives aux restrictions sur la vente des actions pour les administrateurs d'une société ne s'appliquent pas aux actions cotées en bourse.

**Ingingo ya 205: Imikorere y'Inama y'Ubutegetsi**

Imikorere y'inama y'ubutegetsi ku bidateganijwe muri iri tegeko igengwa n'amabwiriza ashyirwaho n'Umwanditsi Mukuru.

**Ingingo ya 206: Ibihembo n'ibindi bigenerwa abagize Inama y'Ubutegetsi**

Isosiyete igomba mu mwanzuro usanzwe, kwemeza ibihembo n'ibindi bigenerwa abagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete, imperekeza zo gutakaza kuba umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi hamwe n'ibishobora guhabwa uwahoze ari umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi.

Inama y'Ubutegetsi ishobora kugena ibihembo bijyanye n'amasezerano y'umurimo y'umuyobozi mukuru cyangwa undi muyobozi nshingwabikorwa.

Abagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete bashobora kwishyurirwa ibijyanye n'ingendo, amacumbi n'andi mafaranga yose ya ngombwa bakoresha kugira ngo bitabire inama zabo cyangwa n'indi mirimo ijyanye n'ibikorwa by'isosiyete.

**Ingingo ya 207: Ibyo Inama y'Ubutegetsi ishobora kwemeza mu mwanya w'inama y'abanyamigabane b'isosiyete**

Inama y'Ubutegetsi ishobora kwemeza mu

**Article 205: Proceedings of the Board of Directors**

The proceedings of the Board of Directors which are not provided for in this Law shall be governed by instructions of the Registrar General.

**Article 206 : Remuneration and other benefits for members of the Board of Directors**

The company shall by ordinary resolution approve the remuneration of the directors and any benefit payable to the directors, including any compensation to a director for loss of employment or to a former director.

The Board of Dirctors may determine the terms of any service contract with a managing director or other executive director.

The directors may be paid all traveling, hotel and other expenses properly incurred by them in attending any meetings of the Board or in connection with the business of the company.

**Article 207 : Decisions that may be approved by the Board of Directors instead of the meeting of shareholders**

The Board of Directors may, instead of the meeting

**Article 205: Fonctionnement du Conseil d'administration**

Le fonctionnement du Conseil d'Administrations pour les matières non prévues par la présente loi est régi par les instructions émises par le Registraire Générale.

**Article 206: Rémunération et autres avantages accordés aux Administrateurs**

La société doit par résolution ordinaire, approuver la rémunération et tous avantages dus aux administrateurs, y compris toutes compensations dues à un administrateur qui perd sa qualité ou à un ancien administrateur.

Le Conseil d'administration peut déterminer les conditions de rémunération d'un contrat de service avec un Directeur Général ou un autre Directeur exécutif.

Les administrateurs peuvent être pris en charge pour les dépenses liées aux voyages, aux hôtels et aux autres dépenses dûment engagées par eux au cours des réunions du Conseil d'Administration ou celles en rapport avec les activités de la société.

**Article 207: Ce que le Conseil d'Administration peut approuver à la place de l'assemblée des actionnaires d'une société**

Le Conseil d'Administration peut, conformément à

mwanya w'inama y'abanyamigabane b'isosiyete, iyo biteganyijwe n'amategeko:

1° iyishyura ry'ibihembo cyangwa ibindi bigenerwa umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bikozwe n'isosiyete;

2° iyishyura ry'imperekeza rikozwe n'isosiyete kubera gutakaza umwanya nk'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa uwahoze ari we.

Iyo Inama y'Ubutegetsi igomba bidatinze, kwandika ibyo byemezo mu gitabo cy'inyungu, no mu nyandiko-mvugo z'inama yabo.

Umunyamigabane w'isosiyete ubona ko iryo yishyurwa ridakwiye kandi akaba afite nibura icumi ku ijana (10%) by'imigabane, yemerewe gutora, ashobora mu gihe cy'ukwezi abimenye, gusaba Inama y'Ubutegetsi ko yasubira muri icyo cyemezo cyangwa akayisaba gutumiza inama y'abanyamigabane kugira ngo hemezwe cyangwa havanweho iyishyura hakoreshejwe umwanzuro usanzwe. Mu gihe habaye ivanwaho, iyishyura rifatwa nk'aho ari umwenda w'abagize Inama y'Ubutegetsi wishyuwe.

**<u>Ingingo ya 208</u>: Ibyo isosiyete ishobora gukora mu gutanga ingwate cyangwa inguzanyo**

Isosiyete ishobora:

of shareholders of a company and where it is provided for by the Law, approve:

1° the payment of remuneration or the provision of other benefits by the company to a director;

2° the payment by the company to a director or former director of compensation for loss of office.

Where the Board of Directors has to approve any payment, shall forthwith enter, or cause to be entered, in the interests register and in the minutes.

Any shareholder who considers that the payment was not fair to the company and who holds at least ten per cent (10%) of the company's voting share capital, may, within one month of knowledge of that payment request the Board to reconsider these payments or request the Board to call a meeting of shareholders to approve or reject the payment by way of ordinary resolution. When the payment is not approved, it shall constitute a debt payable by the directors to the company.

**<u>Article 208</u> : Transactions that may be carried out by a company with regard to issuing guarantee or a loan**

A company may:

la loi approuver, au lieu de l'assemblée des actionnaires d'une société:

1° le paiement par la société d'une rémunération ou de tous autres bénéfices à l'administrateur;

2° le paiement par la société d'une compensation pour perte de qualité à un administrateur ou à un ancien administrateur.

Le Conseil d'Administration doit, sans délai, inscrire ces décisions dans le registre d'intérêts dans celui des procès verbaux de leurs réunions.

Tout actionnaire qui détient au moins dix pour cent (10%) du capital et qui considère que le paiement n'était pas dû, peut en l'espace d'un mois, demander aux administrateurs de convoquer une réunion des actionnaires pour approuver ou rejeter le paiement par résolution ordinaire. En cas d'annulation, le paiement sera considéré comme étant une dette payable par les administrateurs de la société.

**<u>Article 208</u>: Transaction de la société en matière de garantie ou de prêt**

Une société peut :

1° guha inguzanyo isosiyete iyishamikiyeho, byemejwe n'Inama y'Ubutegetsi;

2° kwerekana ingwate cyangwa gutanga ingwate ijyanye n'inguzanyo yatanzwe n'umuntu ku isosiyete ishamikiyeho;

3° guha umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi amafaranga yo kugira ngo yishyure ibyo yatanze cyangwa ibyo agomba kwishyura ku mpamvu z'akazi ka sosiyete cyangwa ku mpamvu zo kugirango ashobore gutunganya imirimo ye nk'umukozi wa sosiyete;

4° gutanga inguzanyo nk'igikorwa gisanzwe cy'isosiyete ikora bene iyo mirimo;

5° guha inguzanyo umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi wayo ubarirwa mu bakozi ba sosiyete cyangwa isosiyete iyishamikiyeho hakurikijwe uburyo bw'inguzanyo ku bakozi bwemejwe n'inama y'abanyamigabane b'isosiyete igihe cyose ishyirwa mu bikorwa ryayo rigengwa n'abagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete;

6° guha inguzanyo umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bwayo ufite umurimo uhemberwa mu isosiyete cyangwa mu isosiyete ishamikiyeho cyangwa indi sosiyete yabyawe nayo.

Iyo inguzanyo yatanzwe hatubahirijwe ibiteganywa n'iyi ngingo, iraseswa hakurikijwe umwanzuro ufashwe n' isosiyete kandi igomba guhita

1° make a loan to a subsidiary of the company upon approval by the board;

2° enter into any guarantee or provide any security in connection with a loan made by any person to any holding company;

3° providing a director with funds to meet expenditure incurred or to be incurred by him or her for the purpose of the company or for the purpose of enabling him or her to perform his/her duties as an officer of the company;

4° making a loan in the ordinary course of the business of lending money, where that business is carried on by the company;

5° making a loan to a director who is engaged in the salaried employment of the company or its subsidiary company, in accordance with a scheme for the making of loans to employees of the company which is approved by the meeting of shareholders of the company in so far as its application concern of the Board of Directors.;

6° making a loan in respect of a director who holds salaried employment under the company or in a holding company or subsidiary of the company.

A loan which was granted without compliance with the provisions of this article shall be cancelled by the company's resolution and shall be paid back

1° accorder un prêt à une société affiliée, avec l'approbation du Conseil d'administration;

2° se porter garant ou fournir une garantie en couverture du prêt octroyé par une personne à une société mère ;

3° remettre des fonds à un administrateur en vue d'honorer les dépenses engagées ou à engager par celui-ci pour les besoins de la société ou pour les besoins lui permettant de réaliser ses fonctions en qualité de cadre de la société ;

4° accorder un prêt en tant qu'activité normale de la société exerçant de telles activités;

5° accorder un prêt à un administrateur qui est employé salarié de la société de la société affiliée en conformité avec les mesures d'octroi de prêts au personnel approuvées par l'assemblée des actionnaires de la société et exécutées par les administrateurs de la société;

6° accorder un prêt à un administrateur qui a un emploi salarié dans la société ou dans la société mère ou sa filiale.

Lorsqu'un prêt a été accordé en violation des dispositions du présent article, il doit être annulé selon la résolution prise par la société et

yishyurwa kubera iseswa ryayo hirengangijwe amasezerano yayemeje.

forthwith irrespective of the loan agreement entered in previously.

immédiatement remboursé par le fait de son annulation nonobstant les termes d'un accord ayant antérieurement fait son objet.

**Ingingo ya 209: Uburenganzira bw'abanyamigabane**

Abanyamigabane b'isosiyete bashobora hakurikijwe umwanzuro wemejwe na bose cyangwa hashingiwe ku bwumvikane bwa bose, kwemeza iyishyura iryo ariryo ryose, amafaranga y'igicumbi, inyungu iyunganira cyangwa irindi tangwa, hagomba kuba hari impamvu zumvikana zo kwemeza, nyuma y'iryo tangwa, ko isosiyete ikomeza kugira ubushobozi bwo kwishyura.

**Article 209: Rights for shareholders**

The shareholders of a company may, by unanimous resolution or by unanimous shareholder agreement, approve any payment, provision, benefit, assistance or any other distribution provided that there are reasonable grounds to believe that, after the distribution, the company is likely to satisfy its solvency test.

**Article 209: Droits des actionnaires**

Les actionnaires d'une société peuvent, par résolution unanime ou par accord unanime des actionnaires, approuver tout paiement, les réserves, bénéfice, assistance ou autre distribution, pourvu qu'il existe des motifs raisonnables de prouver que, après cette distribution, la société reste capable de satisfaire au test de solvabilité.

**Ingingo ya 210: Kugirana isano**

Iyo isosiyete cyangwa umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete cyangwa uwo bafitanye isano wese bafite, ku bwabo cyangwa ku babahagarariye amajwi arenga mirongo itanu ku ijana (50%) mu matora y'abagize Inama y'Ubutegetsi icyo gihe baba bafitanye isano.

**Article 210 : Entertaining relation**

A related entity of a director means a company or corporation in which the director and any relative or relatives of the director between them hold, by themselves or through nominees, voting interests that exceed ( 50%) per cent of the Board.

**Article 210: Liens**

Lorsqu'une société ou un des administrateurs ou tout parent de celui-ci détiennent par eux-mêmes ou par l'intermédiaire d'un mandataire, des intérêts sur les votes excédant cinquante pour cent (50%) du Conseil d'Administration dans ce cas ils ont des liens.

**Ingingo ya 211: Imyitwarire n'uburyozwe ku bayobozi b'isosiyete**

Umuyobozi wese w'isosiyete agomba gukoresha:

1° ububasha kandi akanuzuza inshingano yahawe nk'inyangamugayo, nta buriganya mu nyungu ziboneye isosiyete;

**Article 211 : Ethics and liabilities of the company's officers**

Every officer of a company shall exercise :

1° the powers and discharge the duties of his/her office honestly, in good faith and in the best interests of the company;

**Article 211: Éthique et responsabilité des cadres de la société**

Chaque cadre d'une société doit exercer :

1° les pouvoirs et accomplir les tâches lui assignées en toute honnêteté, de bonne foi et dans les meilleurs intérêts de la société ;

2° ubwitonzi, ubushishozi n'ubuhanga umuntu ushyira mu gaciro yagombye gukoresha mu bihe nk'ibyo.

**<u>Ingingo ya 212</u>: Ingaruka k'ugize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umwe mu bakozi bakuru b'isosiyete utujuje inshingano**

Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umwe mu bakozi bakuru b'isosiyete atujuje inshingano kandi akica amategeko ku bushake :

1° aryozwa ibyo isosiyete yatakaje byose kubera uko kwica amategeko;

2° asobanurira isosiyete inyungu yose azaba yagize biturutse kuri uko kwica amategeko;

3° amasezerano yose yagiranye n'isosiyete arebana n'icyo gikorwa ashobora guseswa.

**<u>Ingingo ya 213</u>: Ibishingirwaho mu guha agaciro icyemezo cyafashwe**

Icyemezo gifashwe n'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete cyangwa undi mukozi w'isosiyete gihabwa agaciro hashingiwe ko:

1° icyemezo cyafashwe nta buriganya kandi ku mpamvu igaragara;

2° the degree of care, diligence and skill that a reasonably prudent person would exercise in comparable circumstances.

**<u>Article 212</u> : Liability for a director or an officer who commits a breach of duty**

Where a director or officer willfully commits a breach of any duty:

1° shall be liable to compensate the company for any loss it suffers as a result of the breach;

2° shall be liable to account to the company for any profit made as a result of such breach;

3° any contract entered into between the director or the officer and the company with regard to that transaction may be rescinded by the company.

**<u>Article 213</u>: Criteria for validity of a decision**

A decision made by a director or another officer of a company shall be considered as valid if:

1° it is made in good faith for a proper purpose;

2° le niveau d'attention, de diligence et de compétence qu'une personne raisonnablement prudente doit avoir en pareilles circonstances.

**<u>Article 212</u>: Conséquences pour un administrateur ou un cadre supérieur de la société qui a manqué à ses obligations**

Lorsqu'un administrateur ou un cadre supérieur ne respecte pas une quelconque de ses obligations et viole délibérément les lois :

1° il sera tenu responsable de perte que la société aura subie à la suite de cette violation;

2° il sera responsable de rendre compte à la société de tout profit qu'il aura réalisé suite à cette violation;

3° tout contrat ayant lié l'administrateur ou le cadre à la société en ce qui concerne cette transaction peut être annulé.

**<u>Article 213</u>: Critères d'appréciation d'une décision prise**

La décision prise par un administrateur ou un autre cadre d'une société doit être considérée comme valide en tenant compte du fait que:

1° la décision a été prise de bonne foi pour un motif valable ;

2° nta nyungu ku giti cye afite muri icyo kibazo cyafatiwe icyemezo;

3° yamenyesheje isosiyete icyo kibazo cyafatiwe icyemezo ku rwego rwumvikana yumva rukwiriye;

4° atekereza neza ko icyemezo gifashwe mu nyungu z'isosiyete.

Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa n'umwe mu bakozi bakuru b'isosiyete wumva ko icyemezo cyafashwe mu nyungu z'isosiyete, ni ngombwa ko icyemezo cye kiba cyumvikana keretse mu gihe yaba atekereza ko nta muntu n'umwe ushyira mu gaciro ukora inshingano nk'izo wafata icyemezo nk'icyo
.

**<u>Ingingo ya 214</u>: Uburyozwe n'inyishyu ku byemezo byafashwe**

Iyo isosiyete isanze icyemezo cyafashwe n'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umukozi mukuru w'isosiyete kidafite agaciro agomba kubiryozwa.

Iyo isosiyete isanze icyemezo cyafashwe n' umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umukozi w'isosiyete gifite agaciro ahabwa inyishyu zijyanye n'icyo gikorwa.

Isosiyete ntiyemerewe guha indishyi ugize Inama y'Ubutegetsi, umukozi wayo cyangwa w'isosiyete iyishamikiyeho hashingiwe ku:

2° he/she not have a material personal interest;

3° the company is appropriately informed of the decision's subject matter;

4° he/she reasonably believes that the decision is in the best interests of the company.

The director's or officer's belief that decision is in the best interests of the company shall be taken to be a reasonable one unless the belief is one that no reasonable person in his/her position would hold.

**<u>Article 214</u> : Liability and indemnity with regard to decisions that are made**

Where a company establishes that the decision made by a director or a company's officer is not valid, such director or officer shall be held liable for that decision.

Where a company establishes that the decision made by a director or a company's officer is valid, such director or officer shall be indemnified for that decision.

A company shall not indemnify a director or employee of the company or a subsidiary company in respect of :

2° il n'a pas d'intérêt personnel dans la question faisant l'objet de la décision ;

3° il a informé de façon appropriée la société de la question faisant l'objet de la décision;

4° il croit raisonnablement que la décision est prise dans l'intérêt de la société.

Lorsqu'un administrateur ou un cadre de la société estime que la décision est prise dans l'intérêt de la société, il faut que sa décision soit raisonnable, à moins qu'il ne croit qu'aucune personne de bonne foi, remplissant des fonctions similaires, n'adopterait une telle décision.

**<u>Article 214</u>: Responsabilité et indemnité pour décisions prises**

Lorsque la société constate que la décision prise par un des administrateurs ou par un cadre supérieur n'est pas valable, il en est tenu responsable.

Lorsque la société constate que la décision prise par un des administrateurs ou par un cadre supérieur est valable, une indemnité liée à cet acte lui est accordée.

Il est interdit à une société d'indemniser un administrateur, un employé de la société ou
d' une société affiliée, en tenant compte de :

1° buryozwe bukomoka ku cyemezo cyafashwe gikorwa cyangwa se kwanga gukora kw'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umukozi;

2° amafaranga yakoreshejwe n'uwo umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa uwo mukozi ari kurengera cyangwa asaba cyangwa se akurikirana ubwo buryozwe.

Indishyi itanzwe mu buryo bunyuranyije n'iki cyiciro ifatwa nk'itarigeze ibaho.

**<u>Ingingo ya 215</u>: Indishyi itangwa n'isosiyete**

Isosiyete ishobora guha indishyi umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umukozi wayo cyangwa w'isosiyete iyishamikiyeho kubera amafaranga yose yatanzwe n'uwo umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa n'isosiyete ajyanye n'ikurikirana iryo ari ryo ryose:

1° rijyanye n'uburyozwe ubwo ari bwo bwose bwerekeranye n'igikorwa icyo ari cyo cyose cyangwa se kwanga gukora ibiri mu kazi ke nk'umutegetesi w'isosiyete cyangwa umukozi;

2° urubanza rukaba rwaciwe ku nyungu ze cyangwa atarahamwe n'icyaha, rwarahagaritswe, akaba yarahawe n'indishyi cyangwa se ikurikirana rikaba rishidikanywaho kandi rigaharikwa.

1° liability for any act or omission in his/her capacity as a director or employee;

2° costs incurred by that director or employee in defending or settling any claim or proceedings relating to any such liability.

An indemnity given in breach of this section shall be void.

**<u>Article 215</u> : Compensation made by a company**

A company may indemnify a director or employee of the company or a subsidiary company for any costs incurred by him or her or the company in respect of any proceedings :

1° that relates to liability for any act or omission in his/her capacity as a director or employee;

2° in which judgment is given in his/her favour, in which he/she is acquitted, which is discontinued, in which he/she is granted relief or where proceedings are threatened and such threatened action is abandoned or not pursued.

1°la responsabilité pour tout acte ou omission en sa qualité d'administrateur ou d'employé;

2°des coûts occasionnés par cet administrateur ou cet employé en défendant ou formulant toute réclamation ou poursuites relatives à une telle responsabilité.

Une indemnité accordée en violation de cette section sera nulle et non avenue.

**<u>Article 215</u>: Compensation donnée par la société**

Une société peut indemniser un administrateur ou un employé de la société ou une société affiliée pour toutes dépenses que l'administrateur ou la société a occasionnées en rapport avec toute poursuite :

1°qui a trait à toute responsabilité se rapportant à tout acte ou omission en sa qualité d'administrateur ou d'employé;

2°dont le jugement est rendu en sa faveur ou dans lequel il est acquitté, un jugement interrompu, celui dans lequel il a reçu une indemnisation ou lorsque les poursuites ne sont pas relevantes et risquent d'être classées sans suite.

**Ingingo ya 216: Ibyo isosiyete ishingiraho mu kuriha**

Isosiyete ishobora kuriha umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi wayo cyangwa se umukozi wayo cyangwa se ukorera isosiyete iyishamikiyeho hashingiwe ku:

1° buryozwe bw'umuntu uwo ariwe wese utari isosiyete cyangwa isosiyete iyishamikiyeho kubera igikorwa icyo ari cyo cyose cyangwa se kwanga gukora ibiri mu kazi ke nk'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete cyangwa umukozi;

2° mafaranga yakoreshejwe n'uwo mutegetsi cyangwa uwo mukozi ari ukurengera, cyangwa asaba cyangwa akurikirana ubwo buryozwe.

**Ingingo ya 217: Gufatira ubwishingizi umuyobozi cyangwa umukozi w'isosiyete cyangwa isosiyete iyishamikiyeho**

Isosiyete ishobora, bibanje kwemezwa n'Inama y'Ubutegetsi, gufatira ubwishingizi umuyobozi cyangwa umukozi w'isosiyete cyangwa isosiyete iyishamikiyeho hashingiwe ku:

1° buryozwe bw'igikorwa icyo ari cyo cyose cyangwa kwanga gukora ibiri mu kazi ke nk'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete cyangwa umukozi, bitari mu buryozwa cyaha;

**Article 216 : Compensation criteria**

A company may indemnify a director or employee of the company or a subsidiary company in respect of:

1° liability to any person, other than the company or a subsidiary company, for any act or omission in his/her capacity as a director or employee;

2° costs incurred by that director or employee in defending or settling any claim or proceedings relating to any such liability.

**Article 217 : Subscribing for insurance for a director or employee of the company or a subsidiary company**

A company may with the prior approval of the Board of Directors, effect insurance for a director or employee of the company or a subsidiary company in respect of :

1° liability, not being criminal liability, for any act or omission in his/her capacity as a director or employee;

**Article 216: Critères d'ndemnisation**

Une société peut indemniser un administrateur ou un employé de la société ou d'une société affiliée en tenant compte :

1° de la responsabilité de toute personne autre que la société ou une société affiliée pour tout acte ou omission en sa qualité d'administrateur ou d'employé;

2° des coûts occasionnés par cet administrateur ou cet employé pour la défense, règlement de toute réclamation ou poursuites relatives à une telle responsabilité.

**Article 217: Souscrire une assurance pour un directeur ou un employé de la société ou une société affiliée**

Une société peut, sous l'approbation préalable du Conseil d'Administration, souscrire une assurance pour un directeur ou un employé de la société ou une société affiliée en tenant compte de :

1° la responsabilité découlant de la commission ou pour tout acte ou de l'omission d'un acte rentrant dans ses fonctions en qualité d'administrateur ou d'employé, en dehors des responsabilités pénales;

2° mafaranga yakoreshejwe n'uwo umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa uwo mukozi ari kurengera, asaba cyangwa akurikirana ubwo buryozwe;

3° amafaranga yatanzwe n'uwo umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umukozi aburana ku birego nshinjabyaha:

a) biregwa umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umukozi bijyanye n'igikorwa icyo ari cyo cyose cyangwa kwanga gukora ibiri mu nshingano ze nk'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa nk'umukozi;

b) igihe uwo muntu azaba yagizwe umwere;

c) mu gihe hazaba hemejwe ubudakurikirana.

Inama y'Ubutegetsi igomba:

1° kwandika cyangwa kwandikisha mu gitabo cy'inyungu, mu gihe isosiyete igifite;

2° kwandika cyangwa se kwandikisha mu nyandiko mvugo mu gihe cy'inama y'abagize Inama y'ubutegesti ;

3° kugaragaza cyangwa gusaba ko bigaragazwa muri raporo y'umwaka amakuru ajyanye n'indishyi zatanzwe cyangwa ubwishingizi bwafatiwe umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi

2° costs incurred by that director or employee in defending or settling any claim or proceeding relating to any such liability;

3° costs incurred by that director or employee in defending any criminal proceedings:

a) that have been brought against the director or employee in relation to any act or omission in that person's capacity as a director or employee;

b) in which that person is acquitted;

c) in relation to which a nolle prosequi is entered.

The Board of Directors shall:

1° enter or cause to be entered in the interests register where the company has one;

2° record or cause to be recorded in the minutes of a directors' meeting;

3° disclose or cause to be disclosed in the annual report, the particulars of any indemnity given to, or insurance effected for, any director or employee of the company or

2° des frais engagés par cet administrateur ou employé à l'occasion de la défense, des réclamations ou des poursuites relatives à une telle responsabilité ;

3° des frais engagés par cet administrateur ou employé lors de sa défense dans les poursuites pénales :

a) qui sont menées contre l'administrateur ou l'employé en relation avec tout acte ou omission en sa qualité d'administrateur ou d'employé;

b) dans lesquelles cette personne est acquittée;

c) en relation desquelles un nolle prosequi est prononcé.

Le Conseil d'administration doit :

1°inscrire ou faire inscrire dans le registre d'intérêts si la société en possède un;

2°enregistrer ou faire enregistrer dans les procès-verbaux lors de la réunion des administrateurs;

3°mentionner ou faire mentionner dans le rapport annuel, les renseignements relatifs aux indemnités accordées ou aux assurances prises pour le compte d'un administrateur ou d'un

bw'isosiyete cyangwa umukozi w'isosiyete cyangwa uw'isosiyete iyishamikiyeho.

Iyo ubwishingizi bwishyuriwe umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umukozi w'isosiyete cyangwa isosiyete iyishamikiyeho kandi iyi ngingo ikaba itarubahirijwe, umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete cyangwa umukozi aryozwa ku giti cye n'isosiyete amafaranga yose ya ngombwa ngo ubwishingizi bushyirwe mu bikorwa, keretse uwo umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa uwo mukozi agaragaje ko ibyo byari mu nyungu z'isosiyete mu gihe ubwishingizi bwishyurwaga.

**<u>Ingingo ya 218</u>: Uburyozwe bw'abagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete igihe sosiyete nta buryo na bumwe ikigira bwo kwishyura**

Umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete ugaragaje ko isosiyete itagishoboye kuriha imyenda yayo igejeje igihe cyo kwishyurwa asaba guhamagaza mu minsi itanu (5) Inama y'Ubutegetsi kugira ngo iyo nama ishobore gushyiraho ushinzwe gusesa isosiyete cyangwa umucunga mutungo w'agateganyo.

Mu gihe inama itumijwe, igomba gusuzuma niba hashyirwaho ushinzwe gusesa isosiyete cyangwa umucunga mutungo cyangwa gukomeza ibikorwa bya sosiyete.

Iyo muri icyo gihe, umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete atubahirije iyi ngingo,

a subsidiary company.

Where an insurance is effected for a director or employee of a company or a subsidiary company and this article has not been complied with, the director or employee shall be personally liable to the company for the cost of effecting the insurance unless the director or employee proves that it was fair to the company at the time the insurance was effected.

**<u>Article 218 :</u> Liability of the members of the Board of Directors when the company is unable to pay its debts**

A director of a company who establishes that the company is unable to pay its debts as they fall due shall forthwith request to convene a meeting of the Board of Directors within five (5) days to consider whether the Board should appoint a liquidator or an administrator.

Where a meeting is called under this Article, the Board shall consider whether to appoint a liquidator or an administrator or to carry on the business of the company.

Where a director fails to comply with this article, at the time of that failure the company was

employé de la société ou d'une société affiliée.

Lorsqu'une assurance est versée pour un administrateur, un employé de la société ou pour une société affiliée et que les dispositions du présent article n'ont pas été respectées, l' administrateur ou l'employé devient personnellement responsable envers la société pour le coût engagé pour rendre effective l'assurance, à moins que l'administrateur ou l'employé ne parvienne à prouver que cela était bénéfique à la société au moment où l'assurance a été versée.

**<u>Article 218</u>: Responsabilités des administrateurs en cas d'insolvabilité de la société**

Un administrateur d'une société qui établit que la société est incapable d'honorer ses dettes à leur échéance requiert la convocation dans cinq (5) jours du Conseil d'administration afin que celui-ci puisse nommer un liquidateur ou un administrateur provisoire.

Lorsqu'une réunion est convoquée, elle doit examiner s'il faut nommer un liquidateur ou un administrateur provisoire ou poursuivre les activités de la société.

Lorsque dans ce cas un administrateur manque à se conformer à cet article et que la société est

isosiyete ikaba itagishobora kwishyura imyenda yayo igejeje igihe, nyuma yaho isosiyete igashyirwa mu iseswa, urukiko rushobora, rubisabwe n'ushinzwe gusesa isosiyete cyangwa uburewemo umwenda isosiyete, gutegeka ko abagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete baryozwa ibyatakaye cyangwa igice cyabyo byatakajwe n'abo isosiyete ibereyemo imyenda bitewe no gukomeza kw'imirimo y'isosiyete.

Iyo:

1° mu nama yatumijwe hashingiwe kuri iyi ngingo Inama y'Ubutegetsi idashoboye gushyiraho ushinzwe gusesa isosiyete cyangwa umucunga mutungo w'agateganyo;

2° mu gihe inama yateranye nta gihamya na kimwe kigaragara gishobora kugaragaza ko isosiyete ifite ubushobozi bwo kwishyura imyenda ku gihe cyayo;

3° nyuma yaho isosiyete igashyirwa mw'iseswa;

urukiko rushobora, rubisabwe n'ushinzwe gusesa isosiyete cyangwa uwo isosiyete ibereyemo umwenda, gutegeka ko abagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete batakurikiranye imirimo y'inama kandi batanatoye bashyigikira ko hashyirwaho ushinzwe gusesa isosiyete cyangwa umucunga mutungo w'agateganyo baryozwa ibyatakaye cyangwa igice cyabyo byatakajwe n'abo isosiyete ibereyemo imyenda bitewe no gukomeza

unable to pay its debts as they fell due and the company is subsequently placed in liquidation the Court may, on the application of the liquidator or of a creditor of the company, make an order that the directors shall be liable for the whole or any part of any loss suffered by creditors of the company as a result of the company continuing its business.

Where:

1° at a meeting called under this article the Board of Directors does not resolve to appoint a liquidator or an administrator;

2° at the time of the meeting there were no reasonable grounds for believing that the company was able to pay its debts as they fell due;

3° the company is subsequently placed in liquidation;

the Court may, on the application of the liquidator or of a creditor of the company, make an order that the directors, who did not attend the meeting and voted in favour of appointing a liquidator or an administrator, shall be liable for the whole or any part of any loss suffered by creditors of the company as a result of the company continuing to trade.

incapable d'honorer ses dettes à échéance et que subséquemment la société est placée en liquidation, la juridiction peut, à la demande du liquidateur ou d'un créancier de la société, ordonner que les administrateurs deviennent responsables en tout ou en partie de toute perte subie par les créanciers de la société en raison de la poursuite des activités de la société.

Lorsque :

1° au cours d'une réunion convoquée en vertu de cet article, le Conseil d'administrateur ne se résout pas à nommer un liquidateur ou un administrateur provisoire;

2° au moment de la tenue de la réunion, il n'existait aucune preuve valable pouvant justifier que la société était en mesure d'honorer ses dettes à leur échéance ;

3° la société est subséquemment placée en liquidation;

la juridiction peut, à la demande du liquidateur ou d'un créancier de la société, ordonner que les administrateurs qui n'ont pas participé à la réunion et voté en faveur de la nomination du liquidateur ou d'un administrateur provisoire, deviennent responsables en tout ou en partie de toute perte subie par les créanciers en raison de la poursuite des activités de la société.

kw'imirimo y'isosiyete.

**Ingingo ya 219: Umukozi w'isosiyete n'inshingano ze**

Buri sosiyete, usibye isosiyete ntoya zidahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane, igomba kugira umukozi umwe cyangwa benshi ufite inshingano zikurikira:

1° kugira inama abagize Inama y'Ubutegetsi ku bijyanye n'inshingano n'ububasha byabo;

2° kumenyesha Inama y'Ubutegetsi amategeko yose ya ngombwa cyangwa ayaba afite ingaruka ku nama z'abanyamigabane ba sosiyete n'iyabagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete, za raporo z'izo nama n'ibyerekeye gushyikiriza inzego zibishinzwe inyandiko zose za sosiyete zisabwa n'amategeko n'ingaruka byatera kutubahiriza ayo mategeko;

3° kumenya ko inyandiko mvugo z'inama z'abanyamigabane ba sosiyete cyangwa iz'inama y'abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete zanditswe neza kandi ko ibitabo byose biteganywa n'amategeko shingiro byanditsemo kandi bibitswe neza;

4° kumenya ko inyandiko z'ibaruramari za buri mwaka za sosiyete n'izindi zose zisabwa n'amategeko zashyikirijwe Umwanditsi Mukuru,

**Article 219 : A company's employee and his/her duties**

Any company, other than a small private company shall have one or more employee whose duties shall be the following:

1° to advise members of the Board of Directors on their duties and powers;

2° to inform members of the Board of Directors about all the necessary regulations or those which may affect the meetings of shareholders and of the Board of Directors, reports thereof and their submission to different relevant organs provided for by the Law as well as the impact of failure to comply with such regulations;

3° to make sure minutes of the meetings of shareholders or the Board of Directors are well prepared and registers provided for by the articles of association are accurately kept;

4° to make sure annual balance sheet and other types of required documents are submitted to the registrar general as provided for by this Law;

**Article 219: Employé de la société et ses attributions**

Toute société, exception faite des petites sociétés privées, doit avoir un ou plusieurs employés ayant les attributions suivantes :

1° donner des avis au Conseil d'Administration sur leurs attributions et leurs pouvoirs;

2° informer le Conseil d'Administration de toutes les lois applicables ou celles ayant une incidence sur les assemblées des actionnaires et des réunions des administrateurs, les rapports de ces réunions ainsi que la transmission aux organes compétents de tous les documents de la société exigés par la loi et toutes les conséquenses pouvant naître du non respect de ces lois.

3° s'assurer que les procès verbaux des assemblées des actionnaires ou des réunions des administrateurs sont soigneusement enregistrés et que tous les registres statutaires sont bien tenus;

4° s'assurer que les états financiers annuels de la société ainsi que tous les autres documents requis ont été transmis au

nk'uko iri tegeko ribiteganya.

5° kumenya ko kopi y'inyandiko z'ibarura mari za buri mwaka na raporo y'ibikorwa y'umwaka byoherejwe aho biri ngombwa mu buryo bukurikije iri tegeko n'umuntu wese amategeko ateganya.

**<u>Ingingo ya 220</u>: Imenyekanisha ry'umwanya w'umukozi w'isosiyete**

Umwanya w'uwo mukozi ntushobora kugumira aho nta muntu uwurimo mu gihe kingana n'amezi atatu (3).

Uwo Mukozi amenyeshwa Umwanditsi Mukuru.

Isosiyete igomba kumenyesha Umwanditsi Mukuru mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ko umukozi yashyizeho yeguye cyangwa ko yirukanywe.

**<u>UMUTWE WA II</u>: IYUBAHIRIZA RY'ITEGEKO**

**<u>Ingingo ya 221</u>: Icyo "umuntu ubifitiye ububasha", "uwari umunyamigabane mu isosiyete", cyangwa "umunyamigabane" bivuga**

Muri uyu mutwe amagambo "umuntu ubifitiye ububasha", "uwari umunyamigabane mu isosiyete", cyangwa "umunyamigabane", bisobanura ushinzwe

5° to make sure copies of annual balance sheet and activity reports where necessary are submitted to all those provided for by this Law.

**<u>Article 220</u> : Notification of the post of a company's employee**

The office of that employee shall not be left vacant for three (3) months .

The name of such an employee shall be notified to the Registrar General.

The company shall, within thirty (30) days, notify to the Registrar General whether the appointed employee resigned or was removed from office.

**<u>CHAPTER II</u>: LAW ENFORCEMENT**

**<u>Article 221</u>: Meaning of an "entitled person", "former shareholder", or "shareholder"**

In this Chapter, "entitled person", "former shareholder", or "shareholder" include a reference to a curator and heir of an entitled person, former

Registraire Général conformément à la présente loi ;

5° s'assurer qu'une copie des états financiers annuels de la société et le rapport annuel des activités ont été transmis conformément à cette loi à toute personne y ayant droit.

**<u>Article 220</u>: Communication d'un poste vacant d'un employé de la société**

Le poste de cet employé ne doit en aucun cas être vacant pendant une durée de trois (3) mois.

Le nom de cet employé est communiqué au Registraire Général.

Une société doit notifier au Registraire Général dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours qu'un employé qu'elle avait nommé a démissionné ou a été démis.

**<u>CHAPTER II</u>: MISE EN APPLICATION DE LA PRESENTE LOI**

**<u>Article 221</u>: Définition de "personne habilitée", "ancien actionnaire", ou "actionnaire"**

Dans ce chapitre, les termes "la personne habilitée", "ancien actionnaire", ou "actionnaire" font référence à un curateur et héritier de la personne

gucunga umutungo cyangwa se uzungura umuntu ubifitiye ububasha, uwari umunyamigabane cyangwa umunyamigabane w'isosiyete n'umuntu imigabane y'umwe muri abo bantu yahawe mu buryo bw'imikorere y'isosiyete.

**<u>Ingingo ya 222</u>: Icyemezo cy'urukiko gihagarika**

Isosiyete, umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi, umunyamigabane cyangwa undi muntu wese ufite inyungu muri sosiyete, ashobora gusaba urukiko guhagarika uwo ariwe wese ubangamira ibikorwa bya sosiyete.

**<u>Ingingo ya 223</u>: Gutanga ikirego mu mwanya w'isosiyete**

Isosiyete, umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umwe mu banyamigabane ashobora gusaba urukiko gutanga ikirego mu izina no mu nyungu z'isosiyete cyangwa z'isosiyete iyishamikiyeho.

Abasaba uruhushya rwo gutanga ikirego cyangwa kugoboka, bashingira kuri ibi bikurikira:

1º ingaruka zishobora kuba ku manza zishobora gukurikiraho;
2º ingano y'amafaranga y'ikurikirana rubanza ugereranyije n'icyemezo urukiko rusabwa gufata;
3º imiterere y'ikirego cyose cyatanzwe n'isosiyete cyangwa indi iyishamikiyeho ;

shareholder, or shareholder and a person to whom shares of any of those persons have passed by operation of act.

**<u>Article 222</u> : Restraining court order**

A company, a member of the Board of Directors, a shareholder and any other interested party may request a court to restrain any person whose conduct would be a hindrance to the company's transactions.

**<u>Article 223</u> : Filing the claim on behalf of the company**

A company, a member of the Board of Directors or a shareholder may request the court to file a claim on behalf of the company or its subsidiary.

Those applying for the authorization to file a case or intervene shall take into consideration the following:

1° the likelihood of the proceedings that may follow;
2° the costs of the proceedings in relation to the decision to be taken;
3° the nature of any action already taken by the company or its subsidiary;

habilitée, de l'ancien actionnaire ou actionnaire et une personne à qui les actions de l'une de ces personnes ont été attribuées par un acte d'opération.

**<u>Article 222</u>: Ordonnance d'interdiction**

Une société, un administrateur, un actionnaire ou toute autre personne ayant un intérêt dans la société peut demander au tribunal d'arrêter quiconque veut enfreindre les activités de la société.

**<u>Article 223</u>: Action intentée au nom de la société**

Une société, un administrateur ou un actionnaire peut demander au tribunal d'introduire une demande au nom et pour le compte de la société ou de sa filiale.

Ceux qui demandent la permission d'introduire une demande ou une intervention, doivent considérer :

1° les effets sur le procès qui pourrait s'en suivre;
2° les coûts du procès en rapport avec la décision à prendre ;
3° la nature de toute action déjà intentée par la société ou sa filiale;

4º inyungu z'isosiyete cyangwa indi iyishamikiyeho mu gihe urubanza rutangijwe, rukomejwe, ruburanwe cyangwa ruhagaritswe.

**Ingingo ya 224: Ibirego by'abanyamigabane b'isosiyete ku giti cyabo**

Umunyamigabane w'isosiyete cyangwa uwahoze ariwe ashobora gutanga ikirego, arega sosiyete, abagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umwe mu bayigize cyangwa umukozi mukuru kubera kutubahiriza inshingano zabo zo kurengera inyungu z'abanyamigabane.

Ikirego ntigishobora gutangwa hashakwa gusiba igihombo cyatewe n'igabanuka ry'agaciro k'imigabane cyangwa kutongera agaciro kayo bitewe gusa n'igihombo isosiyete yagize cyangwa inyungu itashoboye kubona.

**Ingingo ya 225: Uburenganzira bw'umunyamigabane**

Umunyamigabane wese ashobora gutanga ikirego, arega isosiyete bitewe n'uko itubahirije ibyo imugomba nk'umunyamigabane.

**Ingingo ya 226: Kwemeza ibyemezo byafashwe**

Ikoreshwa ry'ububasha n'uri mu nama y'ubutegetsi cyangwa Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete mu gihe ubwo bubasha ari ubw'abanyamigabane rishobora kwemezwa na bo nyuma nk'aho aribo babikoze mu

4° the interests of the company or its subsidiary in the proceedings being commenced, continued, defended or discontinued.

**Article 224 : Filing a claim by shareholders**

A shareholder or former shareholder may bring an claim against a company, its Board members or a director or an officer, for breach of a duty owed to him or her as shareholders.

An action may not be brought to recover any loss in the form of a reduction in the value of shares in the company or a failure to increase the shares in value by reason only of a loss suffered, or a gain forgone, by the company.

**Article 225 : Shareholder's rights**

Any shareholder of a company may bring an action against the company for breach of a duty owed by the company to him or her as a shareholder.

**Article 226 : Approving decisions made**

The purported exercise by a director or the Board of Directors of a company of a power vested in the shareholders may be approved by those shareholders as if it was done by them provided that

4° les intérêts de la société ou de sa filiale sur le procès déjà engagé, poursuivi, défendu ou suspendu.

**Article 224: Actions personnelles intentées par les actionnaires**

Un actionnaire ou un ancien actionnaire peut intenter une action contre une société, les administrateurs ou un administrateur ou un cadre supérieur pour violation d'une responsabilité due aux actionnaires.

Une action ne peut être intentée afin de récupérer toute perte pour cause de réduction de valeur des actions ou un manquement d'augmenter la valeur des actions pour motif résultant uniquement d'une perte subie ou un profit que la société aurait pu avoir.

**Article 225: Droits d'un actionnaire**

Tout actionnaire peut intenter une action contre la société pour violation d'une responsabilité due par la société à celui-ci en tant qu'actionnaire.

**Article 226: Approuver les décisions prises**

L'exercice d'un pouvoir présumé par un administrateur ou par le Conseil d'Administration de la société alors que ce pouvoir appartient aux actionnaires, peut être approuvé par la suite par ces

gihe bitabangamiye inyungu z'isosiyete. Ikoreshwa ry'ubwo bubasha kandi bwemejwe rigomba gufatwa nk'ikoreshwa rifite agaciro kandi riboneye ry'ubwo bubasha.

**UMUTWE WA III: IMITEGEKERE Y'AMASOSIYETE**

**Ingingo ya 227: Ishyirwaho ry'uhagararira isosiyete**

Isosiyete ishobora gushyiraho uyihagararira byaba mu magambo cyangwa mu nyandiko ku bibazo bisanzwe cyangwa byihariye.

Ibikorwa by'uhagarariye isosiyete akora mu izina ryayo byitirirwa isosiyete.

**Ingingo ya 228: Amasezerano yakozwe mbere y'ishingwa ry'isosiyete**

Amasezerano akozwe mbere y'itangizwa ry'isosiyete, ashobora kwemezwa mu gihe giteganywa muri ayo masezerano. Iyo nta gihe giteganywa, iyemeza ryayo rizaba mu gihe gikwiye nyuma y'ishingwa ry'isosiyete mu izina cyangwa mu nyungu z'abayishinze.

Amasezerano yemejwe agira agaciro kandi agakurikizwa nkaho isosiyete yagize uruhare mw'ishyirwaho ryayo.

Amasezerano yakozwe mbere y'itangira

they are not against the interests of the company. The purported exercise of a power that is ratified shall be deemed to be, and always to have been, a proper and valid exercise of that power.

**CHAPTER III: ADMINISTRATION OF COMPANIES**

**Article 227 : Appointment of a company's attorney**

A company may, by written or oral agreement, appoint a person as its attorney either generally or in relation with a specified matter.

Acts of the attorney in accordance with the agreement bind the company.

**Article 228 : A pre-incorporation contract**

A pre-incorporation contract may be ratified within such period as may be specified in the contract, or where no period is specified, then within a reasonable time after the incorporation of the company in the name of which, or on behalf of which, it has been made.

A contract that is ratified is as valid and enforceable as if the company had been a party to the contract when it was made.

A pre-incorporation contract may be ratified by a

actionnaires comme si ce pouvoir avait été exercé par eux et si cela ne préjudicie pas les intérêts de la société. L'exercice d'un pouvoir présumé et dûment ratifié doit être considéré comme étant un exercice valide et convenable de ce pouvoir.

**CHAPTER III: ADMINISTRATION DES SOCIÉTÉS**

**Article 227: Nomination du mandataire**

Une société peut, par accord écrit ou oral nommer un mandataire pour des questions d'ordre général ou spécifique.

Les actes émanant du mandataire au nom de la société engagent la société.

**Article 228: Contrats passés avant la constitution de société**

Un contrat passé avant la constitution de la société, peut être entérimé dans le délai prévu dans ledit contrat. Lorsque aucun délai n'est prévu, la ratification se fera dans un temps raisonnable après la constitution de la société au nom de qui, ou au profit de qui, il a été établi.

Un contrat qui est entérimé est valable et applicable comme si la société avait été partie prenante au contrat lors de son établissement.

Un contrat passé avant la constitution d'une société

ry'isosiyete, ashobora kwemezwa nayo mu buryo bumwe nkaho yakozwe mu izina ryayo.

**<u>Ingingo ya 229</u>: Ibifatwa nkaho ari inshingano ku masezerano yakozwe mbere y'ishingwa ry'isosiyete**

Mu masezerano akozwe mbere y'ishingwa ry'isosiyete, uretse iyo bivuzwemo ukundi aba akubiyemo ko:

1º isosiyete itangizwa mu gihe gishobora kugaragazwa mu masezerano cyangwa, iyo nta gihe cyateganijwe, itangizwa rikorwa mu gihe gikwiye nyuma y'ikorwa ry'amasezerano;

2º isosiyete igomba kwemeza amasezerano mu gihe kivugwa muri ayo masezerano cyangwa, mu gihe nta gihe cyagaragajwe, iyemezwa rikorwa mu gihe gikwiye nyuma y'ishingwa ry'isosiyete.

**<u>Ingingo ya 230</u>: Ukutemeza amasezerano**

Umwe mu bagize amasezerano yakozwe mbere y'uko isosiyete yandikwa, nyuma yo kwandikwa ntiyemeze ingingo zose ziyagize cyangwa igice cyayo ashobora kuregera urukiko.

**<u>Ingingo ya 231</u>: Uruhare rw'uwagize igitekerezo cyo gushinga isosiyete mu gutanga amakuru**

Uwagize igitekerezo cyo gushinga sosiyete

company in the same manner as a contract may be entered into on behalf of a company.

**<u>Article 229</u> : Implied warranty from a pre-incorporation**

In a pre-incorporation contract, unless a contrary intention is expressed in the contract, there is an implied warranty that:

1° that the company shall be incorporated within such period as may be specified in the contract, or if no period is specified, then within a reasonable time after the making of the contract;

2° that the company shall ratify the contract within such period as may be specified in the contract, or if no period is specified, then within a reasonable time after the incorporation of the company.

**<u>Article 230</u>: Non-approval of pre-incorporation contract**

A party to a pre-incorporation contract that has not been approved all or a part of its provisions by the company after a registration of the company may file a claim to the Court.

**<u>Article 231</u>: Provision of information by the company's promoter**

A promoter who acquires any property or

peut être entérimé par celle-ci de la même manière que s'il avait été passé au nom d'une société.

**<u>Article 229</u>: Garanties légales dans les contrats passés avant la constitution de la société**

Dans un contrat passé avant la constitution de la société, sauf intention contraire exprimée dans ledit contrat, il est stipulé que :

1° la société sera constituée durant un délai qui peut être spécifié dans le contrat, ou dans le cas où aucun délai n'est prévu, la constitution se fera dans un délai raisonnable après la conclusion du contrat ;

2° la société doit entérimer le contrat durant un délai dûment spécifié au contrat ou dans le cas où aucun délai n'est prévu, la constitution se fera dans un délai raisonnable après la constitution de la société.

**<u>Article 230</u>: Défaut de confirmation**

Une partie au contrat passé avant la constitution de la société qui, après son enregistrement ne confirme pas le contrat, ou une partie de ses clauses, peut saisir une juridiction.

**<u>Article 231</u>: Contribution d'un promoteur de la société en matière d'information**

Un promoteur qui acquiert un bien ou une

wabonye ikintu cyangwa amakuru byari mu nshingano ze kubibona mu izina ry'isosiyete agomba kumenyesha isosiyete icungwa ry'umutungo cyangwa inyungu yabashije kubona hakoreshejwe icyo kintu cyangwa ayo makuru.

**Ingingo ya 232: Icyicaro**

Buri sosiyete igomba kugira icyicaro mu Rwanda aho ubutumwa n'imenyesha bishobora kujya biyigezwaho ari naho hafatwa nk'aho isosiyete ibarizwa igihe cy'ikurikiranwa.

**Ingingo ya 233: Ihindurwa ry'icyicaro**

Inama y'Ubutegetsi ishobora, igihe icyo ari cyo cyose, guhindura aho icyicaro cy'isosiyete kibarizwa.

Ihinduka ry'icyicaro rigomba kumenyeshwa Umwanditsi Mukuru kugira ngo byandikwe.

Ihinduka ry'icyicaro rigomba kugira agaciro ku itariki yanditse mu imenyekanisha.

**Ingingo ya 234: Inyandiko z'isosiyete zibikwa ku cyicaro cy'isosiyete**

Isosiyete igomba kubika ku cyicaro cyayo inyandiko zikurikira:

1° amategeko shingiro yayo;

information in circumstances in which it was his/her duty to acquire it on behalf of the company shall account to the company for such property and for any profit which he/she may have made from the use of such property or information.

**Article 232 : Registered office**

Every company shall always have a registered office in Rwanda to which all communications and notices may be addressed and which shall constitute the address for service of legal proceedings on the company.

**Article 233 : Changing the registered office**

The Board of Directors of a company may, at any time, change the registered office of the company.

The change of the registered office shall be notified to the Registrar General for registration.

The change of the registered office shall take effect the date contained in the notice.

**Article 234: Records of the company kept at the company's head office**

A company shall keep at its registered office the following records:

1° the Articles of association;

information qu'il était de son devoir d'acquérir au nom de la société doit rendre compte à la société de sa gestion ou du profit qu'il a pu réaliser en utilisant un tel bien ou une telle information.

**Article 232: Siège social**

Chaque société doit avoir un siège social au Rwanda où toutes communications et notifications peuvent lui être adressées et lequel siège représente le domicile légal de la société en cas de procédures judiciaires.

**Article 233: Changement de siège social**

Le Conseil d'Administration peut, à tout moment, changer le lieu du siège social de la société.

Le changement de siège social doit être communiqué au Registraire Général pour enregistrement.

Le changement de siège social doit prendre effet à la date inscrite dans la notification.

**Article 234: Documents de la société gardés au siège de la société**

Une société doit tenir à son siège social les documents ci-après:

1° ses statuts;

2° inyandikomvugo z'inama n'imyanzuro yafashwe n'abanyamigabane b'isosiyete mu gihe cy'imyaka icumi (10) iheruka;
3° igitabo cyandikwamo inyungu bwite z'abagize Inama y'Ubutegetsi;
4° inyandikomvugo z'inama zose n'imyanzuro y'abagize Inama y'Ubutegetsi na komite zabo mu myaka icumi (10) iheruka;
5° ibyemezo byose byatanzwe n'abagize Inama y'Ubutegetsi hakurikijwe iri tegeko mu myaka icumi (10) iheruka;
6° amazina y'abagize Inama y'Ubutegetsi n'aho babarizwa;
7° kopi y'inyandiko yose yandikiwe abanyamigabane b'isosiyete cyangwa abafite imigabane y'ubwoko bumwe mu myaka icumi (10) iheruka; harimo na raporo zisoza umwaka;
8° kopi y'ibigaragaza uko umutungo uhagaze mu myaka icumi (10) iheruka;
9° ibitabo by'ibaruramari by'imyaka icumi (10) ya nyuma;
10° igitabo cy'imigabane;
11° kopi y'inyandiko yose ishyiraho cyangwa yerekana ibisabwa isosiyete iri mu bubiko nk'uko biteganywa mu iri tegeko.

**Ingingo ya 235: Ibikwa ry'inyandiko**

Inyandiko z'isosiyete z'umwaka w'ibaruramari uriho n'iz'uwubanziriza zibikwa ku cyicaro

2° minutes of all meetings and resolutions of shareholders within the last ten (10) years;
3° an interests register for directors;
4° minutes of all meetings and resolutions of directors and directors' committees within the last ten (10) years;
5° certificates given by directors under this Law within the last ten (10) years;
6° the full names and addresses of the current directors;
7° copies of all written communications to all shareholders or all holders of the same class of shares during the last ten (10) years, including annual reports;
8° copies of all financial statements ,for the last ten (10) years completed accounting periods;
9° the accounting records for the last ten (10) years;
10° the shares register;
11° the copies of instruments creating or evidencing charges required to be registered under this Law.

**Article 235 : Keeping records**

The documents for the company's current and previous financial years shall be kept at the

2° les procès-verbaux de toutes les réunions et les résolutions prises par les actionnaires sur les dix (10) dernières années;
3° un registre d'intérêts des administrateurs;
4° les procès-verbaux de toutes les réunions et les résolutions prises par les administrateurs, leurs comités durant les dix (10) dernières années;
5° tous les certificats délivrés par les administrateurs conformément à la présente loi sur les dix (10) dernières années;
6° les noms et adresses complets des administrateurs en exercice;
7° une copie de toute communication adressée aux actionnaires ou aux détenteurs du même type d'action pendant les dix (10) dernières années, y compris les rapports annuels ;
8° les copies des états financiers pour les dix (10) derniers exercices comptables;
9° les livres comptables des dix (10) derniers exercices comptables;
10° le registre des actions;
11° une copie de tout document créant ou prouvant les charges tenues en conformité avec les dispositions de la présente loi.

**Article 235: Tenue des documents**

Les documents de la société de l'exercice comptable en cours et ceux de l'exercice précédent

cy'isosiyete. Izindi nyandiko z'isosiyete z'indi myaka ibanziriza iyo zishobora kubikwa aho ariho hose bikamenyeshwa Umwanditsi Mukuru.

Iyo isosiyete ihinduye ahantu ibika inyandiko, igomba, mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) kubimenyesha Umwanditsi Mukuru.

**Ingingo ya 236: Uburenganzira bwo gukora igenzura ry'ibitabo**

Mu gihe abanje kubimenyesha, ugize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete wese afite uburenganzira bwo gukora igenzura ry'ibitabo by'isosiyete atabyishyuriye mu masaha akwiye we ubwe yagena.

**UMUTWE WA IV: IBIRI MU IBARURAMARI N'IGENZURA**

**Ingingo ya 237: Ibitabo by'ibaruramari**

Ibitabo by'ibaruramari bigomba kugira:

1° ibyinjiye n'ibisohoka buri munsi biherekejwe n'inyandiko zibiherekeza;

2° igitabo cy'umutungo n'imyenda y'isosiyete;

3° iyo ibikorwa by'isosiyete bireba ubucuruzi bw'ibintu:

a) igitabo cy'ibyaguzwe n'ibyacurujwe, ababiguze n'inyemezabuguzi zabyo;

company's registered office. Other documents for the previous years may be kept in any other place and notice of which shall be given to the Registrar General.

Where the company changes the place at which its records are kept, it shall, within fifteen (15) days of the change, notify the Registrar General .

**Article 236 : Right to inspect records**

Every director of a company shall be entitled, on giving reasonable notice, to inspect the records of the company , without charge and at a reasonable time specified by the director himself.

**CHAPTER IV: ACCOUNTING RECORDS AND AUDIT**

**Article 237 : Accounting records**

The accounting records shall contain:

1° receipts and expenses with their accounting documents;

2° a record of the assets and liabilities of the company;

3° where the company's business involves dealing in goods:

a) a record of bought and sold goods, those who bought them and related

sont tenus au siège social de la société. Les autres documents des années antérieures peuvent être tenus en toute localité. Une notification y relative doit être faite au Registraire Général.

Lorsque la société change le lieu où sont tenus ses documents, elle doit dans un délai de quinze (15) jours, notifier ce changement au Registraire Général.

**Article 236: Droit d'inspecter les registres**

Chaque administrateur d'une société a, moyennant une notification préalable, le droit d'inspecter sans aucun frais les registres de la société à une heure raisonnable précisé l'administrateur lui-même.

**CHAPTER IV: DONNEES COMPTABLES ET AUDIT**

**Article 237: Livres comptables**

Les livres comptables doivent contenir :

1° les valeurs perçues et dépensées quotidiennement accompagnées des justificatifs y relatifs ;

2° un registre de l'actif et du passif de la société;

3° lorsque les activités de la société concernent le commerce de marchandises:

a) un registre des marchandises achetées et vendues, les acheteurs et les factures

b) igitabo cy'ibicuruzwa biri mu bubiko n'imihindagurikire yabyo;

4° iyo isosiyete icuruza serivisi, igitabo kigaragaza serivisi zatanzwe giherekejwe n' inyemezabuguzi zabyo.

**Ingingo ya 238: Gushyiraho umugenzuzi w'imari**

Isosiyete igomba muri buri nteko rusange ngarukamwaka, gushyiraho umugenzuzi w'imari.

Iyo muri iyo nama ngarukamwaka y'isosiyete nta mugenzuzi w'imari ushyizweho cyangwa ukomeje gukora uwo murimo ndetse ukaguma udafite uwukora mu gihe cy'ukwezi, Umwanditsi Mukuru afite ububasha bwo gutegeka isosiyete gushyiraho umugenzuzi w'imari mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30).

**Ingingo ya 239: Amafaranga n'ibitangwa ku mugenzuzi w'imari**

Amafaranga n'ibitangwa ku mugenzuzi w'imari w'isosiyete bigenwa n'inama rusange y'abanyamigabane cyangwa n'Inama y'Ubutegetsi iyo biteganywa n'amategeko shingiro y'isosiyete

**Ingingo ya 240: Isosiyete y'abagenzuzi b'imari**

Isosiyete y'abagenzuzi b'imari ishobora gusabwa

invoices;

b) a record of stock held and its variation;

4° where the company's business involves providing services, a record of services provided and relevant invoices.

**Article 238 : Appointment of an auditor**

A company shall, at each annual meeting, appoint an auditor.

Where at that annual meeting, the company fails to appoint an auditor during that annual meeting or the post continues to fall vacant for a one month period, the Registrar General shall have the powers to have the company appoint its auditor within thirty (30) days.

**Article 239 : The salary and other expenses for the auditor**

The salary and other expenses for the auditor shall be determined by the meeting of shareholders or the Board of Directors where the constitution so provides.

**Article 240 : Auditing firm**

An auditing firm may be appointed to be the

correspondantes;

b) un registre des marchandises en stock et la variation du stock;

4° lorsque les activités de la société comprennent la vente de services, un registre des services fournis accompagné des factures correspondantes.

**Article 238: Nomination d'un auditeur**

Une société doit, lors de chaque assemblée annuelle, nommer un auditeur.

Lorsque au cours d'une assemblée annuelle de la société, aucun auditeur n'est nommé ou reconduit à son poste et que le poste reste inoccupé depuis un mois, le Registraire Général est habilité à ordonner à la société de nommer un auditeur dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours.

**Article 239: Honoraires et dépenses d'un auditeur**

Les honoraires et dépenses d'un auditeur d'une société sont déterminés par l'assemblée des actionnaires ou par le Conseil d'Administration lorsque cela est prévu par les statuts de la société.

**Article 240: Cabinet d'audit**

Un cabinet d'audit peut être désigné comme

n'isosiyete kuyibera umugenzuzi w'imari iyo:

1° umwe nibura mu bagize iyo sosiyete aba mu Rwanda;
2° bose cyangwa bamwe mu bagize iyo sosiyete, harimo n'uba mu Rwanda bujuje ibyangombwa kugira ngo bagirwe abagenzuzi b'imari;

3° atabereyemo umwenda iyo sosiyete;

4°atari umwe mu banyamigabane b'isosiyete, umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi yayo, umukozi wayo cyangwa w'indi sosiyete iyishamikiyeho;

Ibivugwa muri iyi ngingo ntibireba amasosiyete mato adahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.

**Ingingo ya 241: Raporo y'igenzura**

Raporo y'igenzura igomba gushyirwaho umukono mu izina ry'ikigo cyashyizweho gikora nk'abagenzuzi b'imari b'isosiyete n'umwe mu bakigize ubifitiye ububasha ufite inshingano z'umugenzuzi w'imari.

**Ingingo ya 242: Ibyo umugenzuzi w'imari asabwa kuba yujuje**

Uretse amasosiyete matoya y'abikorera, nta muntu ushobora gushyirwaho nk'umugenzuzi w'imari w'isosiyete, keretse iyo abifitiye impamyabumenyi cyangwa afite ubumenyi buhwanye n'ubw'isosiyete

auditor of a company where :

1° at least one member of the firm is ordinarily resident in Rwanda;
2° all or some of the partners including the partner who is ordinarily resident in Rwanda are qualified for appointment as an auditor ;

3° is indebted to the company;

4° the firm is not one of the company's shareholders, members of the Board of Directors, does not work for the company or for its subsidiary;

The provisions of this article shall not apply to small private companies.

**Article 241 : Auditing report**

An auditing report required to be signed on behalf of a firm appointed as auditor of a company , by a member of the firm who is a qualified auditor.

**Article 242 : Qualifications of an auditor**

No person shall be appointed or act as auditor of a company, other than a small private company, unless he/she possesses qualifications of, or equivalent to those of any institution or association

auditeur d'une Société lorsque :

1° au moins un membre du cabinet d'audit réside au Rwanda;
2° tous ou quelques uns des partenaires, y compris celui qui réside au Rwanda, sont qualifiés pour être nommés auditeur;

3° il n'est pas débiteur de cette société;

4° aucun actionnaire du cabinet d'audit n'est actionnaire de la société, ni administrateur, son employé ou employé d'une société affiliée ;

Les dispositions du présent article ne s'appliquent pas aux petites sociétés privées.

**Article 241: Rapport d'audit**

Un rapport d'audit doit être signé au nom du cabinet d'audit nommé agissant en tant qu'auditeur d'une société par un de ses membres qualifié remplissant le rôle d'auditeur.

**Article 242: Qualifications d'un auditeur**

Sous réserve des petites sociétés privées, personne ne peut être nommée auditeur d'une société, à moins qu'il ne soit qualifié ou ne possède des qualifications équivalentes à celles de toute

cyangwa ishyirahamwe ry'inzobere mu ibaruramari.

**Ingingo ya 243: Gukomeza imirimo k'umugenzuzi w'imari**

Umugenzuzi w'imari w'isosiyete ashobora kwemererwa gukomeza imirimo ye igihe cy'inama ngarukamwaka y'isosiyete keretse iyo:

1° isosiyete, mu nama ngarukamwaka y'Inteko Rusange, ifashe icyemezo cyo gushyiraho undi muntu usimbura umugenzuzi w'imari wariho;

2° isosiyete nto yigenga ifashe icyemezo cyo kudashyiraho umugenzuzi w'imari;

3° umugenzuzi w'imari amenyesheje isosiyete icyemezo cye cyo kudakomeza imirimo ye.

**Ingingo ya 244: Umugenzuzi w'imari udashaka gukomerezwa manda cyangwa ushaka kwegura**

Iyo umugenzuzi w'imari amenyesheje mu nyandiko Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ko adashaka gukomeza manda, inama igomba, iyo umugenzuzi w'imari abisabye:

1° gushyikiriza abanyamigabane b'isosiyete bose n'Umwanditsi Mukuru, ku mafaranga

of chartered accountants.

**Article 243 : Automatic reappointment of auditor**

An auditor of a company shall be automatically reappointed at an annual meeting of the company unless :

1° the company passes a resolution at the annual meeting appointing another person to replace the auditor;

2° a small private company passes a resolution that no auditor shall be appointed;

3° the auditor has given notice to the company that he/she does not wish to be reappointed.

**Article 244 : An auditor who does not wish to be reappointed or wishes to resign**

Where an auditor gives the Board of Directors of a company written notice that he/she does not wish to be reappointed, the Board shall, if requested to do so by that auditor :

1°distribute to all shareholders and to the Registrar General, at the expense of the

institution ou association d'experts comptables.

**Article 243: Reconduction automatique d'un auditeur**

Un auditeur d'une société peut être automatiquement reconduit à son poste lors de la tenue de l'assemblée annuelle de la société sauf si:

1° la société adopte, lors de l'assemblée générale annuelle, une résolution de nommer une autre personne en remplacement d'un auditeur;

2° une petite société privée adopte une résolution de ne pas nommer un auditeur;

3° l'auditeur a donné une notification à la société de sa décision de ne pas reconduire son mandat.

**Article 244: Auditeur qui décline la reconduction de son mandat ou désire démissionner**

Lorsqu'un auditeur fait une notification écrite au Conseil d'Administration de la société de ne pas reconduire son mandat, le Conseil doit, si l'auditeur en fait la demande:

1° remettre à tous les actionnaires et au Registraire Général, aux frais de la société, un

y'isosiyete, raporo yanditse yakozwe n'umugenzuzi w'imari igaragaza impamvu adashaka kongererwa manda;

2º kwemerera umugenzuzi w'imari cyangwa umuhagarariye gusobanura mu nama y'abanyamigabane ku mpamvu z'isezera.

**<u>Ingingo ya 245</u>: Iyegura ry'umugenzuzi**

Umugenzuzi w'imari ashobora kwegura mbere y'uko inteko rusange iterana. Iyo isosiyete ibimenyeshejwe igomba guhamagaza inama idasanzwe y'abagize Inama y'Ubutegetsi kugira ngo bamenyeshwe iyegura ry'umugenzuzi w'imari.

Umugenzuzi w'imari atanga raporo yanditse imuha, we ubwe cyangwa umuhagarariye, umwanya wo gusobanura icyemezo cye cyo kudakomeza imirimo ye nk'umugenzuzi w'imari.

Muri iyo nama kandi Inama y'Ubutegetsi cyangwa iy'abanyamigabane ishyiraho undi mugenzuzi w'imari.

**<u>Ingingo ya 246</u>: Kwishyura umugenzuzi w'imari wasezeye cyangwa warangije imirimo ye**

Umugenzuzi w'imari wasezeye cyangwa warangije imirimo ye agomba kwishyurwa n'isosiyete amafaranga n'ibyo yatanze mu gutanga raporo mu nama y'abanyamigabane b'isosiyete.

company, a written statement of the auditor's reasons for his/her wish not to be reappointed;

2°permit the auditor or his/her representative to explain at a shareholders' meeting the reasons for his/her wish not to be reappointed.

**<u>Article 245</u> : Auditor's resignation**

An auditor may resign prior to the annual meeting of the company. This shall, after receiving the notification thereof, call on the Board of Directors to a special meeting to receive the auditor's notice of resignation.

The auditor shall provide a written report which gives to him/her representative the opportunity to give an explanation why he/she does not wish to be re appointed as auditor.

Also during that meeting, the Board of Directors or the meeting of shareholders shall appoint of a new auditor.

**<u>Article 246</u> : Payment to an auditor who resigned or has completed his/her duties**

An auditor who has resigned from duties or has completed them, shall be entitled to be paid by the company reasonable fees and expenses for submitting the report in a company's shareholders' meeting.

rapport écrit émanant de l'auditeur concerné et contenant les motifs de sa décision ;

2° permettre à l'auditeur ou à son mandataire d'expliquer à l'assemblée des actionnaires les motifs de sa décision.

**<u>Article 245</u>: Démission d'un auditeur**

Un auditeur peut démissionner avant la tenue de la réunion de l'assemblée générale. Aussitôt informée, la société doit convoquer une réunion extraordinaire du Conseil d'administration aux fins de prendre connaissance de la démission d'un auditeur.

L'auditeur dresse un rapport écrit, qui lui donne l'opportunité ou à son représentant de justifier sa décision de ne pas accepter la reconduction de son mandat d'auditeur.

Lors de cette réunion, le Conseil d'Administration ou l'assemblée des actionnaires nomme un nouvel auditeur.

**<u>Article 246</u>: Remboursement de l'auditeur qui a démissionné ou qui a accompli ses tâches**

L'auditeur qui a démissionné ou qui a accompli ses tâches a droit au remboursement des dépenses et frais engagés pour la présentation du rapport à l'Assemblée des actionnaires.

**Ingingo ya 247: Raporo y'igenzura ry'imari**

Umugenzuzi w'imari w'isosiyete akora raporo ijyanye n'igenzura ashyikiriza abanyamigabane b'isosiyete.

Raporo y'umugenzuzi w'imari igomba kugaragaza:

1° umurimo wakozwe n'umugenzuzi w'imari;
2° ibyo yagenzuye;
3° ko nta sano, nta nyungu nta mwenda afite mu isosiyete;
4° ko umugenzuzi w'imari yabonye amakuru n'ibisobanuro yashakaga;
5° ko ibitabo by'ubucuruzi by' isosiyete byuzuye kandi byujujwe neza;
6° ko raporo ijyanye n'iby'umutungo yerekana neza ko umutungo w'isosiyete uhagaze, bitaba ibyo hakagaragara aho bitameze neza;
7° ko raporo y'igenzura ry'umutungo yateguwe kandi igakorwa hakurikijwe amahame y'ibaruramari mpuzamahanga;
8° ko umugenzuzi w'imari w'isosiyete atanga igitekerezo cye akanagaragaza ibibazo ku micungire y'umutungo w'isosiyete;
9° Umugenzuzi w'Imari atanga inama ku bibazo byagaragaye mu igenzura.

**Article 247 : Auditor's report**

The auditor of a company shall prepare an auditing report and submit it to the company's shareholders.

The auditor's report shall state the following:

1° the work done by the auditor;
2° the scope and limitations of the audit;
3° the proof that there is no relationship, no interests and debt which the auditor has in the company;
4° whether the auditor has obtained all information and explanations he/she needed;
5° whether, proper accounting records have been well kept by the company;
6° whether, in the auditor's opinion, the financial statements give a true and fair view of the matters to which they relate, and where they do not, shortcomings are identified;
7° whether, the financial statements comply with the international accounting standards;
8° the auditor's opinion and problems that are linked with the company's management;
9° the auditor makes recommendations with regard to the identified problems.

**Article 247: Rapport d'audit**

L'auditeur d'une société doit rédiger un rapport relatif aux états financiers qu'il a audités à l'attention des actionnaires.

Le rapport d'un auditeur doit faire ressortir:

1° le travail effectué par l'auditeur;
2° les activités ayant fait l'objet d'audit;
3° qu'il n'existe aucune relation, aucun intérêt et aucune dette envers la société de la part de l'auditeur;
4° le fait que l'auditeur ait obtenu toute information et explications dont il avait besoin ;
5° que les registres comptables sont régulièrement bien tenus et remplis;
6° que les états financiers traduisent l'exactitude des activités auxquelles ils se réfèrent et, dans le cas contraire, les états financiers doivent contenir les points qui présentent les irrégularités ;
7° que les états financiers ont été établis conformément aux normes internationales de la comptabilité;
8° l'opinion de l'auditeur et les problèmes sur la gestion des biens de la société en relevant les irrégularités ;
9° l'auditeur donne des recommandations sur les irrégularités relevées lors de l'audit.

**<u>Ingingo ya 248</u>: Kubona amakuru**

Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete igomba gushyikiriza umugenzuzi w'imari ibitabo byose n'izindi nyandiko z'isosiyete.

Umugenzuzi w'imari w'isosiyete afite uburenganzira bwo kwaka abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete n'abakozi bayo amakuru n'ibisobanuro abona ari ngombwa mu kazi ke nk'umugenzuzi w'imari.

Cyakora umukozi ubajijwe n'umugenzuzi w'imari ashobora kugaragaza mu nyandiko impamvu amakuru abazwa atayazi, adashobora kuyatanga cyangwa gutanga ibitekerezo bikenewe.

**<u>Ingingo ya 249</u>: Umugenzuzi w'imari mu nama y'abanyamigabane b'isosiyete**

Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete igomba gukora ku buryo umugenzuzi w'imari w'isosiyete:

1º yemererwa kujya mu nama y'abanyamigabane b'isosiyete;

2º ko amenyeshwa amakuru abanyamigabane b'isosiyete bafiteho uburenganzira ku bijyanye n'inama rusange ;

Lorsqu'il s'agit d'une société ou des actionnaires visés à l'article précédent qui adressent au Registraire Général une demande de désignation d'un inspecteur, ils sont tenus de fournir les raisons de demande d'inspection des activités d'une société. Avant la désignation d'un inspecteur des activités d'une société, le Registraire Général peut exiger aux demandeurs d'inspection de leurs activités de verser un montant qu'il juge approprié en garantie des coûts de l'inspection.

**<u>Article 279</u>: Destinataires de copie du rapport**

Une copie du rapport final doit être adressée au Registraire Général, au siège social de la société et

n'abayisabye.

**Ingingo ya 280: Gutangariza rubanda igenzura risabwe**

Mu gihe asanga biri mu nyungu za rubanda, Umwanditsi Mukuru ashobora gusaba urwego rwasabye igenzura ko ibarivuyemo bitangarizwa rubanda.

**Ingingo ya 281: Amwe mu makosa yatuma umugenzuzi w'imari akurikiranwa**

Iyo raporo **y**'inzobere igaragaje ko umugenzuzi w'imari:

1° ahamwa n'ikosa ryo kwitwara nabi mu kazi ke;

2° yakoze igenzura ry'imari ku buryo butabereye uwo murimo ;

Umwanditsi Mukuru ashobora kugeza icyo kibazo ku nzego zibifitiye ububasha kugira ngo zifate ingamba zikwiye.

**Ingingo ya 282: Zimwe mu mpamvu zatuma Umwanditsi Mukuru arega isosiyete mu rukiko**

Iyo, hakurikijwe raporo y'umugenzuzi, bigaragariye Umwanditsi Mukuru ko mu micungire n'imiyoborere by'isosiyete, umunyamigabane yakoresheje isosiyete n'uburenganzira ahabwa

the company and to those who requested for it.

**Article 280: Publication of the required investigation**

The Registrar General may, where he/she is of the opinion that it is necessary in the public interest to do so, ask the organ that requested for the investigation to cause the report to be published.

**Article 281: Some of the faults which may lead an auditor to be held accountable**

Where from a report of an inspector it appears that any qualified auditor :

1° has been guilty of misconduct;

2° has conducted an audit in a manner that is not appropriate;

the Registrar General shall refer that matter to competent authorities for necessary action.

**Article 282: Some of the reasons following which the Registrar General may lodge a case before the court against a company**

Where from a report of an inspector it appears to the Registrar General that in the management and administration of a company, there is a shareholder who, by virtue of his/her company, shares and

aux demandeurs.

**Article 280: Publication requise de l'inspection**

Si le Registraire Général estime qu'il va de l'intérêt public, il peut exiger au service demandeur que les résultats de l'inspection soient publiés.

**Article 281: Certaines fautes pouvant occasionner une procédure judiciaire à l'encontre d'un auditeur**

Lorsque le rapport de l'inspecteur fait ressortir que l'auditeur :

1° s'est rendu coupable d'une faute de méconduite dans ses fonctions ;

2° a effectué l'audit de façon inappropriée ;

le Registraire Général peut soumettre l'affaire aux autorités compétentes pour prendre les mesures qui s'imposent.

**Article 282: Certaines raisons pouvant pousser le Registraire Général à engager une procédure judiciaire à l'encontre d'une société**

Lorsqu'il apparaît, sur base du rapport de l'inspecteur, que dans la gestion et l'administration de la société, un actionnaire a fait l'usage de la société, du droit de vote et des droits spéciaux

n'ubwoko bw'imigabane afite mu gutora cyangwa ibindi byihariye bijyanye na yo, yahinduye ibyumvikanyweho mu matora, yateye imicungire mibi agamije kugira ngo agire cyangwa agumane ububasha, ubwo bubasha bukaba bukumira cyangwa bubangamiye abandi banyamigabane, Umwanditsi Mukuru ashobora gutanga ikirego mu rukiko ashingiye kuri iri tegeko.

**Ingingo ya 283: Ishyirwaho ry'ukurikirana ibikorwa by'isosiyete**

Isosiyete yose, uretse iyatangajwe ko ikorerwa igenzura, ishobora, hakoreshejwe umwanzuro usanzwe, gushyiraho ukurikirana ibikorwa byayo kugira ngo ayikorere imirimo.

**Ingingo ya 284: Gutanga imyanzuro ku bayigenewe**

Nyuma y'igenzura, ukurikirana ibikorwa agomba gushyikiriza imyanzuro mu buryo bwemejwe no ku bantu bose bayigenewe nk'uko byemejwe n'inama rusange.

**Ingingo ya 285: Igenzura ku isosiyete ishamikiye ku yindi**

Iyo ukurikirana ibikorwa by'isosiyete, mu rwego rw'igenzura ry'imirimo y'isosiyete, asanze ari ngombwa gukora igenzura ry'imirimo y'isosiyete iyishamikiyeho, ashobora gukora iryo genzura abyemerewe ku buryo bwanditse n'Umwanditsi Mukuru.

voting rights deriving from the classes of such shares and other benefits, alters the decisions that were taken through the vote, causes mismanagement for him/her to maintain control and where the latter helps him/her to unfairly discriminate other shareholders, the Registrar General may lodge a case before the Court following this Law.

**Article 283 : Appointment of an inspector to investigate the company's affairs**

A company, other than a declared company, may, by ordinary resolution, appoint an inspector to investigate its affairs.

**Article 284 : Reporting to those concerned**

On the conclusion of the investigation, the inspector shall report his/her opinion in such manner and to such persons as the company's general assembly indicated.

**Article 285 : Investigation of a subsidiary company**

Where an inspector thinks it is necessary for the purposes of the investigation of the affairs of a company to investigate the affairs of a subsidiary company, he/she may, with the Registrar General's written consent, investigate the affairs of that subsidiary.

rattachés à certaines catégories d'actions, a modifié les résolutions prises de commun accord à l'occasion d'un vote, a provoqué une mauvaise gestion, dans le but de disposer ou de garder un contrôle limitant ou écartant d'autres actionnaires, le Registraire Général peut introduire une demande en justice en vertu de la présente loi.

**Article 283: Nomination d'un inspecteur**

Une société, exception faite d'une société déclarée, peut, par résolution ordinaire, nommer un inspecteur pour qu'il enquête sur ses activites.

**Article 284: Remise de conclusions aux personnes concernées**

Au terme de l'enquête, l'inspecteur doit dresser un rapport de ses conclusions et le remettre de la manière et aux personnes indiquées par la société au cours de l'assemblée des actionnaires.

**Article 285: Inspection d' une société affiliée**

Si un inspecteur estime que, dans le cadre de l'inspection sur les opérations commerciales de la société, il est nécessaire d'organiser une inspection sur les activites d'une société affiliée, il peut avec l'accord écrit du Registraire Général, enquêter sur les activites de cette société.

**Ingingo ya 286: Ububasha bw'inzobere mu gukurikirana ibikorwa by'isosiyete**

Ububasha bw'inzobere mu gukurikirana ibikorwa by'isosiyete bugomba no gukoreshwa ku mpamvu izo ari zo zose zigaragaza imikorere n'ubwumvikane bidafite agaciro mu mategeko ariko bigaragara cyangwa bishobora kugaragara ko bufite akamaro mu gukora igenzura.

**Ingingo ya 287: Imikorere n'ububasha by'umugenzuzi**

Umuntu wese bireba agomba, abisabwe n'inzobere igomba gukurikirana imirimo, kuyishyikiriza inyandiko yose ashinzwe kubika, kugenzura no gutanga inkunga yose afitiye ubushobozi kugira ngo inshingano zo gukora iyi mirimo zirangire neza.

**Ingingo ya 288: Imenyekanisha risaba gutanga amakuru**

Ukurikirana ibikorwa by'isosiyete, akoresheje imenyekanisha ryanditse ashobora, gusaba ko umuntu wese bireba aza kubazwa abirahiriye ibyerekeye imirimo ya sosiyete kandi iryo menyekanisha rishobora no gusaba ko ibitabo byose bibitswe, bicungwa cyangwa bifitwe n'uwo muntu bitangwa.

**Article 286 : Scope of powers of an inspector**

The powers of an inspector making a company's investigation shall extend to the investigation of any circumstances which suggest the existence of an arrangement or understanding which, though not legally binding, is or was observed or likely to be observed in practice and which is relevant to the purposes of his/her investigation.

**Article 287 : Procedure and powers of inspector**

Every person concerned shall, if required to do so by the inspector, produce to the latter every book in his/her custody, control or possession and give to the inspector all assistance in connection with the investigation which he/she is reasonably able to give for the investigation to be smoothly carried out.

**Article 288 : Notice for the production of information**

An inspector may by written notice require any person concerned to appear for examination on oath in relation to the business of a subsidiary and the notice may require the production of every book in the custody, control or possession of the person concerned.

**Article 286: Pouvoirs d'un inspecteur expert**

Les pouvoirs de l'inspecteur qui fait une inspection doivent être étendus à toutes les circonstances qui suggèrent l'existence d'un arrangement ou d'un accord qui, bien que n'étant pas légalement contraignant, est ou a été observé ou est susceptible d'être observé dans la pratique, et qui est utile à l'inspection.

**Article 287: Procédure et pouvoirs de l'inspecteur**

Toute personne concernée doit, s'il en est requis par l'inspecteur, fournir à celui-ci tout document dont il a la garde, le controle ou la possession et accorder à l'inspecteur toute l'assistance raisonnable à l'enquête.

**Article 288: Avis de demande de fournir l'information**

Un inspecteur peut par un avis écrit, exiger que toute personne concernée se présente pour être soumise à un interrogatoire sous serment relativement aux activités d'une société et par cet avis exiger que chaque document dont cette personne a la garde, le contrôle ou la possession lui soit fourni.

**Ingingo ya 289: Icungwa ry'ibitabo bikoreshwa mu gihe cy'igenzura**

Iyo ukurikirana ibikorwa by'isosiyete asabye guhabwa ibitabo bibitswe, bicungwa, cyangwa bifitwe n'umuntu bireba, ukurikirana :

1° ashobora kubika ibyo bitabo;

2° ashobora kugumana ibyo bitabo igihe cyose yumva ari ngombwa kugira ngo imirimo ye igende neza;

3° agomba, mu gihe abitse ibyo bitabo, kwemerera isosiyete kuba yabibona igihe cyose bikenewe.

**Ingingo ya 290: Inshingano yo gusubiza ibibazo by'umugenzuzi**

Nta muntu n'umwe bireba ufite uburenganzira bwo kwanga gusubiza ikibazo kirebana n'isosiyete igihe cy'ikurikiranwa ry'ibikorwa by'isosiyete.

**Ingingo ya 291: Ibyavuzwe mu igenzura bifatwa nk'ikimenyetso mu gihe cy'urubanza**

Ukurikirana ibikorwa by'isosiyete ashobora gukora ku buryo ibyo yagiye yandika mu gihe cy'ikurikirana ry'ibikorwa byandikwa neza kandi bigasomerwa cyangwa bigasomwa bikanasinywa n'uwabajijwe kandi nyuma yaho bikaba byakoreshwa nk'ikimenyetso mu rubanza urwo ari rwo rwose kuri uwo muntu wabajijwe.

**Article 289 : Management of the books used during the investigation**

Where an inspector requires the production of a book in the custody, control or possession of a person concerned, he/she:

1° may take possession of those books;

2° may retain those books for such time as he/she considers necessary for the purpose of the accomplishment of his/her mission;

3° shall, where those books is in his/her possession, permit the company to have access, at all reasonable times to the book.

**Article 290: Obligation to answer questions asked by the inspector**

No concerned person shall refuse to answer a question which concerns the company during the investigation.

**Article 291: Statements made during the investigation and considered as evidence in legal proceedings**

An inspector may cause statements he/she came across during the investigation process to be recorded in a written form and to be read to or by and signed by the person who made such statements and the latter may be used as evidence in any legal proceedings against that person.

**Article 289: Gestion des documents utilisés lors de l'inspection**

Lorsqu'un inspecteur exige qu'on produise les documents dont on a la garde, le contrôle ou la possession, il :

1° peut prendre possession desdits documents;

2° peut retenir lesdits documents aussi longtemps qu'il le juge nécessaire au bon déroulement de sa mission;

3° doit, lorsque lesdits documents est en sa possession, permettre à la société d'y avoir accès, chaque fois que de besoin.

**Article 290: Obligation de répondre aux questions de l'inspecteur**

Aucune personne concernée ne doit refuser de répondre à une question qui relève à la société lors de l'enquête des activités d'une société.

**Article 291: Eléments de l'inspection sont considérés comme preuve lors d'une procédure judiciaire**

Un inspecteur peut faire en sorte que toutes les notes qui rentrent dans le cadre de l'inspection soient enregistrées et rédigées par écrit, lues pour ou par la personne qui subit l'inspection et signées par elle. Ces notes peuvent par la suite être utilisées comme éléments de preuve lors de toute procédure

judiciaire contre cette personne.

**Ingingo ya 292: Gusubiza ibyangijwe k' uwahamwe n'icyaha**

Umuntu wese wahamwe n'icyaha cyagaragajwe n'igenzura, ashobora gutegekwa n'urukiko gusubiza mu isanduku ya Leta, uwareze, cyangwa isosiyete, hakurikijwe uko urubanza ruteye, amafaranga yose yakoreshejwe cyangwa igice cyayo.

**Article 292 : Reimbursement by the convict**

Any person who is convicted of an offence as a result of the enquete may be directed by the Court before which the person is prosecuted to pay by way of reimbursement to the public resources, the applicant, or the company, as the case may be, the expenses, either in whole or in part.

**Article 292: Réparation des dommages par une personne reconnue coupable**

Toute personne reconnue coupable d'avoir commis une infraction à la suite de l'inspection, peut être condamnée par la juridiction à payer sous forme de remboursement au Trésor public, au demandeur ou à la société, selon le cas, la partie ou la totalité des dépenses encourues.

**Ingingo ya 293: Gukoresha raporo y'umugenzuzi nk'ikimenyetso cy'urukiko**

Raporo y'ukurikirana ibikorwa by'isosiyete ifatwa nk'ikimenyetso cy'urukiko.

**Article 293: Report of inspector admissible as evidence before the court**

The report by the company's inspector shall be admissible in any legal proceedings as evidence.

**Article 293: Usage du rapport de l'inspecteur admissible comme preuve**

Le rapport d'un inspecteur est considéré comme preuve devant les juridictions.

**Ingingo ya 294: Abagenzuzi bashyizweho n'amasosiyete yo hanze**

Isosiyete yo hanze ifite amasosiyete ayishamikiyeho mu Rwanda, ishobora gushyiraho abakurikirana ibikorwa by'imirimo y'ayo masosiyete, bikamenyeshwa Umwanditsi Mukuru.

**Article 294: Inspectors appointed by foreign companies**

A foreign company with subsidiary companies in Rwanda may appoint inspectors for such subsidiary companies and the Registrar General shall be notified thereof.

**Article 294: Inspecteurs nommés par les sociétés étrangères**

Une société étrangère qui a des filiales au Rwanda, peut nommer les inspecteurs de ses filiales et en aviser le Registraire Général.

## UMUTWE WA VI: UKWIBUMBIRA HAMWE KW'AMASOSIYETE

## CHAPTER VI: AMALGAMATION

## CHAPITRE VI: FUSION DES SOCIETES

**Ingingo ya 295: Kwibumbira hamwe kw'amasosiyete**

Amasosiyete abiri (2) cyangwa arenzeho ashobora kubumbirwa hamwe agakora nk'aho ari isosiyete

**Article 295 : Amalgamation**

Two (2) or more companies may amalgamate and continue as one company, which may be one of the

**Article 295: Fusion des sociétés**

Deux (2) ou plusieurs sociétés peuvent fusionner en une seule société et travailler sous le nom d'une de

imwe, mu izina ry'imwe mu masosiyete yabumbiwe hamwe cyangwa nk'isosiyete nshya ibumbiyemo izindi.

**<u>Ingingo ya 296</u>: Umushinga wo kwibumbira hamwe kw'amasosiyete**

Umushinga wo kubumbira hamwe amasosiyete ugomba gusobanura ibizakurikizwa mu kuyabumbira hamwe, by'umwihariko:

1° izina ry'isosiyete nshya ibumbiyemo izindi iyo rihuje n'izina ry'imwe mu masosiyete yabumbiwe hamwe;
2° icyicaro cy'isosiyete nshya ibumbiyemo izindi;
3° izina cyangwa amazina, aderesi cyangwa za aderesi z'abagize Inama y'Ubutegetsi zuzuye b'isosiyete nshya ibumbiyemo izindi;
4° aderesi y'icyicaro cy'isosiyete nshya ibumbiyemo izindi ;
5° ibirebana n'imigabane y'isosiyete nshya ibumbiyemo izindi, hagaragazwa:

a) umubare w'imigabane y'isosiyete;
b) uburenganzira, inyungu, n'ibibujijwe kuri buri mugabane w'isosiyete;

6° uburyo imigabane ya buri sosiyete yabumbiwe hamwe n'izindi izahindurwa mu migabane y'isosiyete nshya ibumbiyemo izindi;

amalgamating companies or may be a new company.

**<u>Article 296</u>: Amalgamation proposal**

An amalgamation proposal shall set out the terms of the amalgamation, and in particular:

1° the name of the amalgamated company where it is the same as the name of one of the amalgamating companies;
2° the registered office of the amalgamated company;
3° the full name or names and address or addresses of directors of the amalgamated company;
4° the address for registered office of the amalgamated company;
5° the share structure of the amalgamated company, specifying :

a) the number of shares of the company;
b) the rights, privileges, limitations and conditions attached to each share of the company;

6° the manner in which the shares of each amalgamating company are to be converted into shares of the amalgamated company;

ces sociétés en fusion ou d'une nouvelle société.

**<u>Article 296</u>: Proposition de fusion des sociétés**

Une proposition de fusion doit préciser les conditions de la fusion et plus particulièrement:

1° le nom de la nouvelle société lorsqu'il est identique au nom d'une des sociétés fusionnées;
2° le siège social de la nouvelle société;
3° le(s) nom(s), l'adresse ou les adresses complets des administrateurs de la nouvelle société;
4° l'adresse du siège social de la nouvelle société;
5° la structure de l'actionnariat de la nouvelle société, en spécifiant :

a) le nombre d'actions de la société;
b) les droits, les privilèges, les limites et conditions relatives à chaque action de la société;

6° le mode de conversion des actions de chaque société fusionnée en actions de la nouvelle société;

7° ikiguzi abafite iyo migabane bagomba kubona mu mwanya w'imigabane y'isosiyete babumbiye hamwe n'izindi;

8° ubwishyu bwose umunyamigabane cyangwa umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete nshya ibumbiyemo izindi afitiye uburenganzira;

9° ibisobanuro birambuye by'ibintu bya ngombwa biteganyijwe gukorwa kugira ngo igikorwa cyo kubumbira hamwe amasosiyete cyuzuzwe neza kandi hashyirweho uburyo bwo gucunga isosiyete nshya yabumbiwemo izindi n'ibikorwa byayo;

10° kopi y'amategeko shingiro ateganyijwe kuzagenga isosiyete nshya ibumbiyemo izindi;

11° itariki umushinga uzashyirwa mu bikorwa.

**<u>Ingingo ya 297</u>: Icyemezo cyo kwibumbira hamwe kw'amasosiyete**

Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete yose yabumbiwemo izindi igomba gufata icyemezo gitegeka, ko hakurikijwe ubushishozi bwayo, kwibumbira hamwe kw'amasosiyete biri mu nyungu z'isosiyete kandi ko hari impamvu zumvikana zo kwemera ko isosiyete izashobora kwishyura imyenda, kwibumbira hamwe bikimara kuba ku buryo budasubirwaho.

Abagize Inama y'Ubutegetsi batoye kwibumbira hamwe kw'amasosiyete bahereye kuri iyi ngingo

7° the consideration that the holders of those shares are to receive instead of shares of the amalgamated company;

8° any payment to be made to a shareholder or a director of the new amalgamated company;

9° details of any arrangement necessary to complete the amalgamation and to provide for the subsequent management and operation of the amalgamated company;

10° a copy of the proposed constitution of the amalgamated company;

11° the date on which the amalgamation proposal will be effective.

**<u>Article 297</u> : Amalgamation resolution**

The Board of Direcotrs of each amalgamated company shall resolve that in its opinion, the amalgamation is in the best interest of the company and it is satisfied on reasonable grounds that the amalgamated company shall, immediately after the amalgamation becomes effective, satisfy the solvency test.

The directors who vote in favour of a resolution of amalgamation under this article shall sign a

7° la contrepartie que les détenteurs de ces actions doivent recevoir en lieu et place des actions de la société fusionnée;

8° tout paiement auquel un actionnaire ou un administrateur de la nouvelle société a droit;

9° les détails des dispositions nécessaires pour parfaire la fusion et mettre en place la gestion et les activités ultérieures de la nouvelle société ;

10° une copie des statuts proposés pour la nouvelle société ;

11° date de mise en œuvre de la proposition de fusion.

**<u>Article 297</u>: Résolution de fusion des sociétés**

Le Conseil d'Administration de toute nouvelle société doit prendre une résolution prévoyant que selon son opinion, la fusion des sociétés est dans l'intérêt de la société et qu'il y a des raisons suffisantes de croire que la nouvelle société, pourra immédiatement après que la fusion soit effective, réussir le test de solvabilité.

Les administrateurs qui votent une résolution de fusion sur la base du présent article doivent signer

bagomba gushyira umukono ku cyemezo cyerekana icyo gikorwa kiri mu nyungu y'isosiyete kandi ko izaba ifite ubushobozi bwo kwishyura imyenda.

**<u>Ingingo ya 298</u>: Ibigomba kohererezwa abanyamigabane b'isosiyete yibumbiye hamwe n'izindi**

Inama y'Ubutegetsi ya buri sosiyete yabumbiwe hamwe n'izindi igomba kohereza abanyamigabane bose, nibura mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) mbere y'uko kwibumbira hamwe kw'amasosiyete kuba ku buryo budasubirwaho:

1° kopi y'umushinga wo kwibumbira hamwe kw'amasosiyete;
2° kopi z'ibyemezo byatanzwe n'abagize buri nama y'ubutegetsi;
3° incamake y'ibiteganywa n'amategeko shingiro y'isosiyete yibumbiye hamwe n'izindi, mu gihe ahari;
4° inyandiko ivuga ko amategeko shingiro y'isosiyete nshya ibumbiyemo izindi ihabwa buri munyamigabane wese uyisabye;
5° inyandiko yerekana uburenganzira bw'abanyamigabane ba buri sosiyete;
6° inyandiko ijyanye n'inyungu bwite z'abagize Inama y'Ubutegetsi mu izina ryabo nk'abagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa ku giti cyabo;
7° amakuru yose n'ibisonanuro by'inyongera

certificate stating that the amalgamation will benefit the company and the latter will satisfy the solvency test.

**<u>Article 298</u>: Documents to be forwarded to shareholders of the amalgamating company**

The Board of Directors of each amalgamating company shall send to each shareholder of the company, not less than thirty (30) days before the amalgamation is proposed to take effect :

1° a copy of the amalgamation proposal;
2° copies of the certificates given by the directors of each Board;
3° a summary of the principal provisions of the articles of association of the amalgamating company, if it has one;
4° a statement that a copy of the constitution of the amalgamated company shall be supplied to any shareholder who requests it;
5° a statement setting out the rights of shareholders of each company;
6° a statement of any material interests of the directors , whether in that capacity or otherwise;
7° such further information and explanation as

un certificat déclarant que cet acte va dans l'intérêt de la société et que celle-ci aura la capacité d'honorer ses dettes.

**<u>Article 298</u>: Documents à envoyer aux actionnaires d'une société fusionnée**

Le Conseil d'Administration de chaque société en fusion doit envoyer à chaque actionnaire de la société, trente (30) jours au moins avant la fusion effective :

1° une copie de la proposition de fusion;
2° les copies des certificats donnés par les membres de chaque Conseil d'Administration;
3° un résumé des principales dispositions des statuts de la société fusionnée, s'il y en a;
4° la déclaration attestant qu'une copie des statuts de la nouvelle société sera remise à chaque actionnaire qui en fait la demande;
5° une déclaration énumérant les droits des actionnaires de chaque société;
6° une déclaration relative aux intérêts personnels des administrateurs en leur qualité d'administrateurs ou non ;
7° toute information et explication utile à la

ngombwa bishobora gutuma umunyamigabane usanzwe w'isosiyete ashobora kumva imiterere n'ingaruka umugambi wo kubumbira hamwe isosiyete n'izindi byagirira iyo sosiyete ndetse n'abanyamigabane bayo.

**<u>Ingingo ya 299</u>: Ibigomba gukorwa mbere kugira ngo kwibumbira hamwe bigire agaciro**

Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete yose yibumbiye hamwe n'izindi igomba, mu minsi mirongo itatu (30) byibuze mbere y'uko kwibumbira mu yindi bigira agaciro no gushyirwa mu bikorwa:

1° kohereza umuntu wese isosiyete ibereyemo umwenda ufite ingwate kopi y'umushinga wo kubumbira hamwe amasosiyete;
2° gutanga itangazo rusange ku kwibumbira hamwe kwasabwe, harimo kumenyesha ko:

a) kopi z'umushinga usaba kwibumbira hamwe ziri ku cyicaro gikuru cy'isosiyete zibumbiwe hamwe n'ahantu hose hateganyijwe kandi ko mu gihe cy'amasaha y'akazi, zishobora guhabwa umunyamigabane wese cyangwa uwo isosiyete nshya ibumbiyemo izindi ibereyemo umwenda;

b) ugize isosiyete cyangwa uberewemo umwenda n' isosiyete, cyangwa umuntu wese isosiyete ibereyemo umwenda afite uburenganzira bwo kubona, nta mafaranga

may be necessary to enable a reasonable shareholder to understand the nature and implications for the company and its shareholders of the proposed amalgamation.

**<u>Article 299</u>: Procedures to be followed prior to effecting the amalgamation**

The Board of Directors of each amalgamating company shall, not less than thirty (30) days before the amalgamation is proposed to take effect :

1° send a copy of the amalgamation proposal to every secured creditor of the company;

2° give public notice of the proposed amalgamation, including a statement that:

a) copies of the amalgamation proposal are available at the registered offices of the amalgamating companies and at such other places as may be specified for inspection during normal business hours; by any shareholder or creditor of an amalgamated company or any person to whom an amalgamated company is under an obligation ,

b) a shareholder or creditor of an amalgamating company or any person to whom an amalgamating company is under an obligation is entitled to be supplied free of

compréhension pour tout actionnaire de niveau moyen quant à la nature et aux implications de la fusion à l'égard de la société et de ses actionnaires.

**<u>Article 299</u>: Procédures préalables à la fusion**

Le Conseil d'Administration de toute société fusionnée doit, trente (30) jours au moins avant la fusion effective :

1° envoyer une copie de la proposition de fusion à chaque créancier privilégié de la société;

2° faire un avis public sur la fusion proposée, y compris une déclaration que:

a) des copies de la proposition de fusion sont disponibles au siège social des sociétés en fusion et à tout autre lieu spécifié pour l'inspection pendant les heures ouvrables par tout actionnaire, créancier d'une nouvelle société ou toute personne envers laquelle la nouvelle société est redevable ,

b) un actionnaire ou créancier d'une société en fusion, ou toute personne à laquelle une société en fusion est redevable a le droit d'obtenir, sans aucun frais, une copie de la

atanze, kopi y'umushinga wo kwibumbira hamwe by'isosiyete, iyo abisabye.

**Ingingo ya 300: Kwemeza umushinga wo kwibumbira hamwe kw'amasosiyete**

Umushinga wo kwibumbira hamwe kw'amasosiyete ugomba kwemezwa n'abanyamgabane ba buri sosiyete **z**ishaka kwibumbira hamwe n'abandi babifitemo inyungu nk'umwanzuro udasanzwe.

**Ingingo ya 301: Kumenyekanisha ukwibumbira hamwe kw'isosiyete ku bo ibereyemo imyenda**

Inama y'Ubutegetsi ya buri sosiyete yibumbiye mu yindi igomba, mu minsi mirongo itatu (30) byibuze mbere y'uko ukwibumbira hamwe gushyirwa mu bikorwa, guha imenyekanisha ryanditse ku isabwa ryo kwibumbira hamwe kw'amasosiyete umuntu wese isosiyete ibereyemo umwenda.

**Ingingo ya 302: Iyandikwa ry'umushinga wo kwibumbira hamwe kw'amasosiyete**

Kugira ngo kwibumbira hamwe kw'amasosiyete bikorwe, inyandiko cyangwa ibitabo bikurikira bigomba guhabwa Umwanditsi Mukuru kugira ngo abyandike:

1° umushinga wo kwibumbira hamwe wemejwe ;

2° icyemezo gisinywe n'Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete yose igomba kwibumbira mu yindi ;

charge with a copy of the amalgamation proposal upon request .

**Article 300: Approving the amalgamation proposal**

The amalgamation proposal shall be approved by the shareholders of each amalgamating company and any other interested parties by special resolution.

**Article 301: Filing with company's creditors a notice as to the amalgamation of companies**

The Board of Dirctors of each amalgamating company shall, not less than thirty (30) days before the amalgamation is proposed to take effect, give written notice of the proposed amalgamation to every creditor of the company.

**Article 302: Registration of amalgamation proposal**

For the purpose of effecting an amalgamation, the following documents shall be delivered to the Registrar General for registration:

1° the approved amalgamation proposal;

2° a certificate that is signed by the Board of Directors of each amalgamating company;

proposition de fusion s'il en fait la demande.

**Article 300: Adoption de la proposition de fusion des sociétés**

La proposition de fusion doit être approuvée par les actionnaires de chacune des sociétés qui veulent la fusion et par les autres personnes ayant un intérêt quelconque par une résolution spéciale.

**Article 301: Notification de la proposition de fusion aux créanciers de la société**

Le Conseil d'Administration de chaque société en fusion doit, trente (30) jours au moins avant que la fusion soit effective, donner notification écrite de la proposition de fusion à chacun des créanciers de la société.

**Article 302: Enregistrement de la proposition de fusion des sociétés**

Pour effectuer une fusion, les documents suivants doivent être remis au Registraire Général pour enregistrement:

1° la proposition de fusion approuvée;

2° un certificat signé par le Conseil d'Administration de chaque société en fusion;

3° icyemezo gisinywe n'abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete nshya;

4° icyemezo kigaragaza ko bitazabangamira abo isosiyete zibumbiye hamwe zari zibereyemo imyenda

5° inyandiko yanditse mu buryo buteganywa n'itegeko, ishyizweho umukono umuntu wese mu bagaragazwa mu mushinga wo kwibumbira hamwe kw'amasosiyete, nk'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa umukozi w'isosiyete nshya ibumbiyemo izindi, aho yemera gukora nk'umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi cyangwa, nk'umukozi w'isosiyete.

**<u>Ingingo ya 303</u>: Icyemezo cyo kwibumbira hamwe**

Umwanditsi Mukuru amaze gushyikirizwa inyandiko isaba kwibumbira hamwe kw'amasosiyete agomba guhita:

1° atanga icyemezo cyo kwibumbira hamwe, iyo isosiyete nshya ibumbiyemo izindi ifite izina risa n'iry'imwe mu masosiyete yibumbiye hamwe;

2° kwandika ibiranga iyo sosiyete ku buryo bwihariye mu gitabo cy'amasosiyete;

3° gutanga icyemezo cyo kwibumbira hamwe kw'amasosiyete;

4° gutanga icyemezo cy'ishingwa ry'isosiyete.

3° a certificate signed by the Board of Directors of the new company resulting from the amalgamation;

4° the proof that the amalgamation will not jeopardize the interest of those creditors of amalgamating companies;

5° a document in the prescribed form, signed by each of the persons whose name is indicated in the amalgamation proposal as a director or employee of the amalgamated company consenting to act as a director or emplyee of the company.

**<u>Article 303</u> : Certificate of amalgamation**

On receipt of the application for amalgamation, the Registrar General shall forthwith :

1° where the amalgamated company has the same name as one of the amalgamating companies, issue a certificate of amalgamation;

2° enter the particulars of the company on the register;

3° issue a certificate of amalgamation;

4° issue a certificate of incorporation.

3° un certificat signé par le Conseil d'Administration de la nouvelle société;

4° un certificat attestant que les créanciers des sociétés en fusion n'en seront pas préjudiciés ;

5° un document préparé dans la forme prescrite, signé par chacune des personnes désignées dans la proposition de fusion comme directeur ou employé de la nouvelle société, dans lequel il s'engage à agir en cette qualité dans la nouvelle société.

**<u>Article 303</u>: Certificat de fusion**

Dès réception de demande de fusion des sociétés, le Registraire Général doit sans délai :

1° délivrer un certificat de fusion lorsque la nouvelle société a la même dénomination que l'une des sociétés fusionnées;

2° procéder à l'inscription des éléments d'identification de la société dans le registre pévu à cet effet ;

3° délivrer un certificat de fusion des sociétés ;

4° délivrer un certificat de création de la société

**Ingingo ya 304: Ingaruka z'icyemezo cyo kwibumbira hamwe**

Kwibumbira hamwe gufatwa nk'ukwarangiye ku itariki igaragara ku cyemezo cyo kwibumbira hamwe kw'amasosiyete.

**Ingingo ya 305: Kuvanwa mu gitabo kw'amasosiyete yibumbiye hamwe**

Umwanditsi Mukuru agomba gukura mu gitabo amasosiyete yose yafatanijwe, hagasigara isosiyete nshya ibumbiyemo izindi gusa.

**Ingingo ya 306: Umutungo, uburenganzira, ububasha n'inyungu by'amasosiyete yibumbiye hamwe**

Umutungo, uburenganzira, ububasha n'inyungu ziruta iz'abandi z'amasosiyete yafatanyijwe akavanwa mu gitabo bigomba gukomeza kuba umutungo, uburenganzira n'ububasha, ubushobozi n'inyungu ziruta iz'abandi ku isosiyete nshya ikubiyemo izindi.

**Ingingo ya 307: Uburyozwe n'inshingano by'amasosiyete yibumbiye hamwe**

Isosiyete nshya ibumbiyemo izindi igomba gukomeza inshingano z'isosiyete yose yibumbiye hamwe n'izindi n'imanza zose iregamo cyangwa iregwamo.

**Article 304: Effect of certificate of amalgamation**

An amalgamation shall be effective on the date shown in the certificate of amalgamation.

**Article 305: Removing the amalgamating companies from the register**

The Registrar General shall remove from the register all the amalgamating companies and keep only the amalgamated company.

**Article 306: Property, rights, powers and privileges of the amalgamating companies**

The property, rights, powers, and privileges of each of the amalgamated companies which have been removed from the register shall continue to be the property, rights, powers and privileges of the amalgamated company.

**Article 307 : Liabilities and obligations of the amalgamating companies**

The amalgamated company shall continue to be liable for all the liabilities and obligations of each of the amalgamated companies and all pending proceedings by or against an amalgamating company shall be continued by or against the amalgamated company.

**Article 304: Effets du certificat de fusion**

La fusion est réputée effective à la date figurant sur le certificat de fusion.

**Article 305: Radiation du registre des sociétés fusionnées**

Le Registraire Général doit radier du registre toutes les sociétés qui ont fusionné pour ne garder que la nouvelle société.

**Article 306: Propriété, droits, pouvoirs et privilèges des sociétés fusionnées**

La propriété, les droits, les pouvoirs et les privilèges attachés à chacune des sociétés fusionnées et radiées du registre doivent revenir à la nouvelle société.

**Article 307: Responsabilités et obligations des sociétés fusionnées**

La nouvelle société doit continuer à répondre des obligations de chacune des sociétés fusionnées et de tous les procès en cours intentés par ou contre une elle.

**Ingingo ya 308: Ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'urukiko n'isosiyete nshya**

Ibyemezo by'urukiko biri cyangwa bitari mu nyungu z'isosiyete yibumbiye mu zindi bishobora gushyirwa mu bikowa n'isosiyete nshya ibumbiyemo izindi.

**Ingingo ya 309: Kubahiriza ibiteganywa mu mushinga wo kwibumbira hamwe**

Ibiteganywa byose mu mushinga wo kwibumbira hamwe kw'amasosiyete bijyanye n'ihindurwa ry'imigabane n'uburenganzira bw'abanyamigabane b'isosiyete mu isosiyete zibumbiye hamwe bikurikizwa nk'uko biri.

**Ingingo ya 310: Ububasha bw'urukiko mu bindi bihe**

Ufite imigabane, imigabane nguzanyo, uberewemo imyenda cyangwa ufite izindi nyungu izari zo zose ashobora gutambamira mu rukiko icyemezo cyo kwibumbura hamwe kw'iyo sosiyete n'izindi.

**UMUTWE WA VII: UBWUMVIKANE N'ABABEREWEMO UMWENDA NA GAHUNDA YO GUCUNGA ISOSIYETE**

**Ingingo ya 311: Gusaba ubwumvikane**

Umwe mu bantu bakurikira ashobora gusaba ubwumvikane igihe afite impamvu zituma abona ko isosiyete idafite cyangwa iri mu nzira zo kutagira

**Article 308: Enforcement of the court rulings by the new company**

The court's decisions in favour of, or against, an amalgamating company may be enforced by, or against, the amalgamated company.

**Article 309: Respecting the provisions of the amalgamation proposal**

Any provisions of the amalgamation proposal that provide for the conversion of shares and rights of shareholders in the amalgamating companies have effect according to their tenor.

**Article 310: Powers of Court in other cases**

Any shareholder, debenture holder, creditor or anyother interested person may oppose the amalgamation before the court.

**CHAPTER VII: COMPROMISE PROPOSAL WITH CREDITORS AND MANAGEMENT PLAN**

**Article 311: Compromise proposal**

Any of the following persons may propose a compromise where he/she has reason to believe that a company is, or is likely to be, unable to pay its

**Article 308: Exécution des décisions judiciaires par la nouvelle société**

Les décisions judiciaires en faveur ou contre une société qui a fusionné peuventt être exécutées par ou contre la nouvelle société.

**Article 309: Respect des clauses de la proposition de fusion**

Toutes les clauses de la proposition de fusion relatives à la conversion des actions et des droits des actionnaires dans les sociétés fusionnées sont exécutées à la lettre.

**Article 310: Pouvoirs du tribunal dans d'autres cas**

Un détenteur d'actions, d'obligations, un créancier ou toute autre personne ayant un intérêt quelconque peut s'opposer à la décision de fusion.

**CHAPTER VII: COMPROMIS AVEC LES CREANCIERS ET PLAN DE GESTION**

**Article 311: Proposition de compromis**

L'une des personnes suivantes peut proposer un compromis, lorsqu'elle a des raisons de croire qu'une société est ou est susceptible d'être dans

ubushobozi bwo kwishyura imyenda yayo.

1° Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ;

2° umuntu washyizweho kugira ngo acunge imitungo y'isosiyete iri mu gihombo ;

3° ushinzwe kwegeranya no kugabanya umutungo w'isosiyete yasheshwe ;

4° uwishyuza isosiyete wese cyangwa umuntu wese ufitemo imigabane muri iyo sosiyete abiherewe uruhushya n'urukiko.

**<u>Ingingo ya 312</u>: Gutanga amakuru atuma uberewemo umwenda asaba ubwumvikane**

Iyo urukiko rwemereye uberewemo umwenda cyangwa umunyamigabane w'isosiyete, urwo rukiko rushobora gutanga icyemezo gitegeka isosiyete kumurikira, mu gihe kigenwe, uberewemo umwenda cyangwa umunyamigabane, urutonde rw'amazina y'abishyuza isosiyete n'aho babarizwa, hiyongeyeho ingano z'ibyo buri wese muri bo agombwa cyangwa andi makuru arebana n'ibyo atuma uwishyuza isosiyete cyangwa umunyamigabane asaba ubwo bwumvikane.

**<u>Ingingo ya 313</u>: Gutanga igitekerezo ku bwumvikane bwasabwe**

Iyo usaba ubwumvikane asabye ko haba ubwumvikane agomba kwegeranya kuri buri cyiciro cy'ababerewemo umwenda, urutonde

debts:

1°the Board of directors of the company;

2°a receiver appointed in relation to the whole assets of the company;

3°a liquidator of the company;

4°any creditor or shareholder of the company with the leave of the Court.

**<u>Article 312</u>: Providing information which may enable the creditor to make a compromise proposal**

Where the Court grants leave to a creditor or shareholder, it may make an order directing the company to supply to the creditor or shareholder, within such time as may be specified, a list of the names and addresses of the company's creditors showing the amounts owed to each of them or such other information as may be specified to enable the creditor or shareholder to propose a compromise.

**<u>Article 313</u>: Providing opinion with regard to the proposed compromise**

A proponent shall compile, in relation to each class of creditors of the company, a list of creditors known to the proponent who would be affected by

l'impossibilité d'honorer ses dettes :

1°le Conseil d'Administration de la société;

2°un administrateur nommé pour gérer tous les avoirs de la société en difficulté;

3°un liquidateur de la société dissoute;

4°avec la permission de la juridiction, tout créancier ou de tout actionnaire de la société.

**<u>Article 312</u>: Fournir les informations permettant au créancier de proposer un compromis**

Lorsque la juridiction donne accord à un créancier ou à un actionnaire, elle peut prendre une decision exigeant à la société de présenter au créancier ou à l'actionnaire, dans un temps qu'elle détermine, la liste des noms et adresses des créanciers de la société ainsi que les montants dus à chacun d'entre eux ou d'autres informations spécifiques permettant au créancier ou à l'actionnaire de proposer un compromis.

**<u>Article 313</u>: Avis sur un compromis proposé**

Lorsque l'actionnaire propose le compromis, il doit compiler, pour chaque classe de créanciers de la société, une liste des créanciers connus de

rw'abo azi bazagirwaho ingaruka n'ubwo bwumvikane asaba akagaragaza ibi bikurikira:

1° umubare w'amafaranga buri wese agomba kwishyurwa cyangwa yemejwe ku buryo bw'igereranya ;

2° umubare w'amajwi y'itora buri wese muri bo afiteho uburenganzira mu gihe cy'icyemezo gihamya ubwumvikane.

**Ingingo ya 314: Imenyekanisha ry'inama y'ababerewemo imyenda**

Usaba ubwumvikane agomba kugeza ku uberewemo umwenda, isosiyete, uwashinzwe ibintu biburanwaho cyangwa uwashinzwe kwegeranya no kugabanya umutungo w'isosiyete yasheshwe no ku Mwanditsi Mukuru kugira ngo handikwe inyandiko zikurikira:

1° inyandiko y'icyifuzo cye cyo gukorana n'ababerewemo imyenda cyangwa ibyiciro bibiri (2) cyangwa birenze by'ababerewemo umwenda kugira ngo batore umwanzuro;

2° inyandiko:

a) ikubiyemo amazina na aderesi z'utanga igitekerezo cyo kumvikana n'ububasha ashingiraho;

b) ikubiyemo aderesi na nimero za telefoni zasabirwaho ibisobanuro mu masaha

the proposed compromise, setting out:

1° the amount owing or estimated to be owing to each of them;

2° the number of votes which each of them is entitled to cast on a resolution approving the compromise.

**Article 314: Notice of creditor's meeting**

The proponent shall give to each known creditor, the company, any receiver or liquidator, and deliver to the Registrar General for registration the following documents:

1° notice of the intention to hold a meeting of creditors, or any two (2) or more classes of creditors, for the purpose of voting on the resolution;

2° a statement:

a) containing the names and address of the proponent and the capacity in which the proponent is acting;

b) containing the address and telephone number to which inquiries may be directed during

l'actionnaire qui seront affectés par le compromis proposé et plus précisément :

1° le montant dû ou estimé dû à chacun d'entre eux;

2° le nombre de voix de vote auquel chacun d'entre eux a droit en cas de résolution appuyant le compromis.

**Article 314: Annonce de la réunion des créanciers**

Celui qui propose le compromis doit remettre à chaque créancier connu, à la société, à tout séquestre ou liquidateur et au Registraire Général les documents suivants pour enregistrement :

1° l'annonce de son intention de tenir une réunion avec des créanciers ou avec deux (2) classes ou plus des créanciers en vue de voter la résolution;

2° une déclaration :

a) contenant les noms et l'adresse de celui qui propose le compromis et les pouvoirs qui lui sont conférés;

b) contenant l'adresse et le numéro de téléphone à partir desquels toute information peut être

asanzwe y'akazi;

c) igaragaza ingingo zo kumvikanaho n'impamvu yazo;
d) igaragaza ingaruka zishobora guteganywa ku baberewemo imyenda igihe uko kumvikana kwemejwe;
e) igaragaza inyungu yo kugira umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi mu masezerano y'ubwumvikane yatanzwe;
f) isobanura ko amasezerano yo kumvikana cyangwa ubugororangingo bwayakozweho mu nama y'ababerewemo umwenda cyangwa n'icyiciro runaka cyabo agomba kubahirizwa n'ababerewemo umwenda bose cyangwa ababerewemo umwenda n'icyo cyiciro mu gihe habaye ubwumvikane bushingiye ku bivugwa muri iri tegeko;

3° kopi y'urutonde rw'ababerewemo imyenda.

**<u>Ingingo ya 315</u>: Ingaruka z'ubwumvikane**

Ubwumvikane bwose cyangwa impinduka zabwo zemejwe n'ababerewemo umwenda bigomba kubahirizwa n'isosiyete n'ababerewemo imyenda bose.

**<u>Ingingo ya 316:</u> Kwemeza ubwumvikane n'ikindi cyiciro cyose cyatoye umwanzuro**

Iyo umwanzuro usaba ubwumvikane n'impinduka ugomba gutorwa n'amatsinda y'ababerewemo

normal business hours;

c) setting out the terms of the proposed compromise and the reasons for it;
d) setting out the reasonably foreseeable consequences for creditors of the company if the compromise is approved;
e) setting out the extent of any interest of a director in the proposed compromise;
f) explaining that the proposed compromise and any amendment to it proposed at a meeting of creditors or by any classes of creditors shall be binding on all creditors, or on all creditors of that class, if approved in accordance with this Law;

3° a copy of the list of creditors.

**<u>Article 315</u>: Effect of compromise**

A compromise, including any amendment, approved by creditors of a company is binding on the company and all creditors.

**<u>Article 316</u>: Approving a compromise by any other class which voted for the resolution**

Where a resolution proposing a compromise, including any amendment, is put to the vote of

obtenue durant les heures normales de service ;

c) faisant état des termes du compromis proposé et leur motivation;
d) faisant état des conséquences raisonnablement prévisibles pour les créanciers en cas d'adoption du compromis;
e) faisant ressortir l'intérêt d'avoir un administrateur dans le compromis proposé;
f) expliquant que le compromis en question ou tout amendement proposé au cours de la réunion des créanciers liera tous les créanciers ou les créanciers d'une certaine classe dans le cas où on arriverait à un accord conformément à la présente loi;

3° une copie de la liste de créanciers.

**<u>Article 315</u>: Effets du compromis**

Tout compromis ou amendement de ce dernier approuvé par les créanciers doit être respecté par la société et tous les créanciers.

**<u>Article 316</u>: Approbation du compromis par chaque autre classe ayant voté la résolution**

Lorsqu'une résolution proposant un compromis, y compris son amendement, est soumise au vote de

umwenda, bigomba kumvikana ko kwemera ubwumvikane cyangwa kubuhindura bikozwe na buri cyiciro cy'ababerewemo umwenda bigomba kubanza kwemerwa n'ikindi cyiciro cyose cyatoye umwanzuro kibyemera cyangwa kibihindura.

Ufite imigabane mu isosiyete wasabye ubwumvikane afite inshingano zo kumenyesha mu nyandiko ibyavuye mu matora akabimenyesha buri wese uzwi ko aberewemo umwenda, isosiyete, uwabikijwe ibintu by'isosiyete, ushinzwe gukusanya no kugabanya umutungo w'isosiyete yasheshwe no ku Mwanditsi Mukuru.

**<u>Ingingo ya 317</u>: Amafaranga akoreshwa ku bwumvikane**

Amafaranga yakoreshejwe mu gutegura no gukora inama y'ababerewemo umwenda kugira ngo habe amatora kuri ubwo bwumvikane agomba:

1° gutangwa n'isosiyete;

2° gukurwa mu y'uwahawe gucunga ibintu by'isosiyete kubera impaka zibiriho cyangwa ushinzwe gukusanya no kugabana umutungo w'isosiyete yaseshwe;

3° iyo yatanzwe n'undi muntu, bityo isosiyete ikamujyamo umwenda agomba kwishyurwa hakurikijwe abagomba kubanzirizwaho mu ikusanya n'igabanya by'umutungo w'isosiyete yasheshwe.

more than one class of creditors, it shall be presumed, that the approval of the compromise, including any amendment, by each class is conditional on the approval of the compromise, including any amendment, by every other class voting on the resolution.

The proponent shall give written notice of the result of the voting to each known creditor, the company, any receiver or liquidator and the Registrar General.

**<u>Article 317</u>: Costs of compromise**

The costs incurred in organising and conducting a meeting of creditors for the purpose of voting on a proposed compromise :

1° shall be met by the company;

2° where incurred by a receiver or liquidator, are a cost of the receivership or liquidation;

3° where incurred by any other person, are a debt due to that person by the company and, where the company is put into liquidation, are payable in the order of priority required in the liquidation.

plus d'une classe de créanciers, il est réputé, que l'approbation du compromis et de son amendement, est subordonnée à l'approbation du compromis et de son amendement par chaque autre classe ayant voté la résolution.

L'actionnaire ayant proposé le compromis a le devoir de communiquer les résultats du vote par écrit à chaque créancier connu, à la société, à tout séquestre, liquidateur et au Registraire Général.

**<u>Article 317</u>: Coûts du compromis**

Les coûts occasionnés par l'organisation et la tenue d'une réunion de créanciers pour voter le compromis proposé doivent:

1° être pris en charge par la société;

2° être déduits des avoirs sous gestion de l'administrateur ou du liquidateur;

3° lorsqu'ils ont été supportés par une autre personne, la société en devenant ainsi débitrice, ladite personne doit être payée suivant l'ordre des priorités à la liquidation.

Umunyamigabane uberewemo imyenda n'abandi babifitemo inyungu bashobora gusaba ko isosiyete yivugurura ikibumbira hamwe n'indi cyangwa igakora ubwumvikane n'abantu ibereyemo imyenda.

Any creditor shareholder and any other interested person may request for the amalgamation or a compromise with company's creditors.

Un actionnaire créancier et toute autre personne intéressée, peuvent demander qu'une société soit restructurée par la fusion ou le compromis.

## UMUTWE WA IX: GUHINDURA UBWOKO BW'AMASOSIYETE

## CHAPTER IX: ALTERATION IN NATURE OF COMPANIES

## CHAPTER IX: MODIFICATIONS DE LA NATURE DES SOCIÉTÉS

**Ingingo ya 318: Guhindura isosiyete ishingiye ku buryozwe by'imigabane ikaba isosiyete ishingiye ku buryozwe bw'ingwate**

Isosiyete ishingiye ku buryozwe by'imigabane ishobora guhindurwamo isosiyete ishingiye ku buryozwe bw'ingwate iyo:

1° imigabane yose yishyuwe;

2° abanyamigabane bayo bose bemeye mu nyandiko ihindurwa kandi bakareka ku bushake, ku nyungu z'isosiyete, iburizwamo ry'imigabane yose bari bafite mbere y'ihindurwa;

3° amategeko-shingiro mashya agenga isosiyete ishingiye ku buryozwe bw'ingwate ba nyirayo biyemeje kwubahiriza igihe habaye iseswa yatanzwe;

Amategeko shingiro mashya y'isosiyete ishingiye ku buryozwe bw'ingwate ashyikirizwa Umwanditsi Mukuru kugira ngo isosiyete yandikwe.

**Article 318: Conversion of company limited by shares to company limited by guarantee**

A company limited by shares may be converted to a company limited by guarantee where:

1° there is no unpaid shares;

2° all its members agree in writing to the conversion and to the voluntary surrender to the company for cancellation of all the shares held by them immediately before the conversion;

3° a new articles of association appropriate to a company limited by guarantee is filed;

The new articles of association of the company limited by guarantee shall be filed to the Registrar General for registration.

**Article 318: Conversion d'une société à responsabilite limitée par actions en société a responsabilité limitée par garantie**

Une société a responsabilite limitée par actions peut être convertie en société à responsabilité limitée par garantie lorsque :

1° toutes les actions ont été libérées ;

2° tous ses actionnaires donnent par écrit leur accord à la conversion et renoncent volontairement, au profit de la société, à l'annulation de toutes les actions en leur possession avant la conversion;

3° de nouveaux statuts appropriés à une société à responsabilité limitée par garantie sont déposés;

Les nouveaux statuts de la société à responsabilité limitée pa garantie sont transmis au Registraire Général pour enregistrement.

**Ingingo ya 319: Ibikurikizwa mu ihindurwa ry'isosiyete**

Ihindurwa ry'isosiyete rigomba :

1° kugira agaciro, inyandiko yemeza ihindurwa ikimara gutangwa ;
2° gukorwa ku buryo imigabane yose itangwa ikanaburizwamo mu buryo buboneye;
3° gukorwa ku buryo umunyamigabane wese utaremeye kugira uruhare ku mari shingiro yakwamburwa uburenganzira bwo gutunga imigabane;
4° kudahungabanya na busa uburenganzira cyangwa inshingano z'isosiyete uretse ibiteganyijwe ukundi muri iki cyiciro cyangwa idakuraho ibyakozwe n'isosiyete cyangwa se ibyo yasabwaga kugira icyo ikora.

**Ingingo ya 320: Ihindura ry'isosiyete ifite uburyozwe buhinnye mu isosiyete ifite uburyozwe busesuye**

Isosiyete ifite uburyozwe buhinnye ishobora guhindurwamo isosiyete ifite uburyozwe busesuye hashingiwe ku mwanzuro udasanzwe wabifatiwe, hakozwe ihindurwa rya ngombwa ku mategeko shingiro ayigenga n'itangwa rya kopi y'umwanzuro ku mwanditsi mukuru.

**Article 319 : Requirement as to converting a company**

The conversion of a company shall -

1° take effect on the issue of the certificate;
2° operate so that all shares are deemed to have been validly surrendered and cancelled;
3° have effect so that every member who has not agreed to contribute to the share capital of the company shall cease to be a member;
4° not affect any right or obligation of the company except as otherwise provided in this section or render defective any proceedings by or against the company.

**Article 320: Conversion of a limited company into unlimited companies**

A limited company may convert to an unlimited company by passing a special resolution to that effect and by making any necessary amendments to its constitution and filing with the Registrar General a copy of the resolution.

**Article 319: Conditions pour la conversion d'une société**

La conversion d'une société doit :

1° prendre effet dès l'émission du certificat;
2° être opérée de telle sorte que toutes les actions soient dûment cédées et annulées;

3° être effective de telle sorte que tout actionnaire n'ayant pas accepté de contribuer à la constitution du capital de la société cesse d'être actionnaire;
4° affecter aucun droit ou obligation de la société exception faite des dispositions contraires prévues à la présente section ou affecter les actes déjà accomplis par la société ou faits contre elle.

**Article 320: Conversion de la société à responsabilité limitée en société à responsabilitee illimitée**

Une société à responsabilité limitée peut se convertir en société à responsabilité illimitée par résolution spéciale prise à cet effet, en faisant les modifications nécessaires à ses statuts et le dépôt d'une copie de la résolution auprès du Registraire Général.

**Ingingo ya 321: Ihindurwa ry'isosiyete ifite buryozwe busesuye mu isosiyete ifite uburyozwe buhinnye**

Isosiyete ifite buryozwe busesuye ishobora guhindurwamo isosiyete ifite uburyozwe buhinnye hashingiwe ku mwanzuro wafashwe ku bwiganze busesuye kuri iyo ngingo, kopi yawo igashyikirizwa Umwanditsi Mukuru

**INTERURO YA V : ISOSIYETE Y'INYAMAHANGA N'ISOSIYETE IDAKORA**

**UMUTWE WA MBERE: AMASOSIYETE YO MU MAHANGA**

**Ingingo ya 322: Igisobanuro cy'isosiyete y'inyamahanga**

Isosiyete y'inyamahanga ni isosiyete ifite ubuzima gatozi yaherewe mu mahanga igakorera mu Rwanda:

1° ishyiraho ibiro bikora ibijyanye n'ihererekanya cyangwa n'iyandikwa ry'imigabane mu Rwanda;

2° iyobora cyangwa icunga ibintu mu Rwanda ikabikora nk'uhagarariye undi by'umwihariko cyangwa uwaragijwe ibintu bye byaba binyura ku bakozi be, ku muhagarariye cyangwa ku bundi buryo ubwo ari bwo bwose.

**Article 321: Conversion of unlimited company into a limited company**

An unlimited company may convert to an limited company by passing a unanimous resolution to that effect and filing with the Registrar General a copy of the resolution.

**TITLE V: FOREIGN COMPANY AND DORMANT COMPANY**

**CHAPTER ONE: FOREIGN COMPANIES**

**Article 322 : Definition of a foreign company**

A foreign company shall be a company which is registered in a foreign country and which is carrying on business in Rwanda by:

1° establishing a share transfer office or a share registration office in Rwanda;

2° administering, managing or dealing with property in Rwanda as an agent, personal representative or trustee, whether through its employees or an agent or in any other manner.

**Article 321: Conversion de la société à responsabilité illimitée en société à responsabilitee limitée**

Une société à responsabilité illimitée peut se convertir en société à responsabilité limitée par résolution prise par concensus à cet effet et sa copie doit être remise au Registraire Général.

**TITRE V : SOCIETE ETRANGERE ET SOCIETE EN VEILLEUSE**

**CHAPITRE PREMIER: SOCIÉTÉS ÉTRANGÈRES**

**Article 322: Signification d'une société étrangère**

Une société étrangère est une société constituée en dehors du Rwanda et qui exerce ses activités au Rwanda en :

1° établissant un bureau de transfert ou d'enregistrement d'actions au Rwanda;

2° administrant, dirigeant ou s'occupant des biens au Rwanda à titre d'agent, de représentant personnel ou de fidéicommis, soit par le biais de ses employés, d'un agent ou de toute autre manière.

Isosiyete y'inyamahanga yiyandikisha ku Mwanditsi Mukuru. Iyo asanze izina ryayo rishobora gutera urujijo ku masosiyete ari mu Gihugu asaba ko rihindurwa.

**Ingingo ya 323: Kwandikwa kw'amasosiyete yo mu mahanga**

Mbere yo gutangira ibikorwa by'ubucuruzi, isosiyete y'inyamahanga igomba gushyikiriza Umwanditsi Mukuru ibi bikurikira:

1° kopi isa n'umwimerere y'amategeko shingiro ayigenga, icyemezo cyayo cyo kwandikwa gitanzwe n'aho yandikiwe cyangwa se indi nyandiko ifite agaciro kamwe nazo;

2° kopi isa n'umwimerere y'icyemezo cyayo cyo gushingwa, amategeko-shingiro ayigenga, inyandiko y'ubwumvikane bwo kwishyirahamwe biturutse aho yashingiwe n'indi nyandiko yose yerekana ishingwa ryayo;

3° urutonde rw'abagize Inama y'Ubutegetsi batuye mu Rwanda;

4° inyandiko itanga ububasha bwo guhagararira isosiyete mu Rwanda;

5° kumenyesha icyicaro cyayo mu Rwanda;

6° inyandiko iyemeza yakozwe n'intumwa zemewe zibifiye ububasha.

A foreign company shall be registered by the Registrar General. Where it is established that its name is confusing as far as companies inside the country are concerned, he/she shall require the name to be changed.

**Article 323: Registration of foreign companies**

Every foreign company shall, before starting business file the following with the Registrar General :

1° a duly authenticated copy of its articles of association and the certificate of its registration delivered by the registration officer;

2° a duly authenticated copy of its certificate of incorporation, articles of association, memorandum of association depending on where it was established and any other instrument constituting or defining its being established;

3° a list of its directors residing in Rwanda;

4° a memorandum of or power of attorney to represent the company in Rwanda;

5° notice of its registered office in Rwanda;

6° a declaration made by the authorised agents of the company.

Une société étrangère se fait enregistrer auprès du Registraire Général. S'il constate que son nom peut prêter à confusion à l'égard d'autres sociétés existantes dans le pays, il exige son changement.

**Article 323: Enregistrement des sociétés étrangères**

Une société étrangère doit, avant de commencer ses activités commerciales, déposer auprès du Registraire Général:

1° une copie dûment authentifiée de ses statuts, de son certificat d'enregistrement émanant du lieu dudit enregistrement ou un document produisant les mêmes effets;

2° une copie dûment authentifiée de son certificat de constitution, statuts, acte constitutif ou autres instruments déterminant sa constitution ;

3° une liste de ses administrateurs résidant au Rwanda;

4° document donnant le pouvoir de représenter la société au Rwanda;

5° notification de son siège social au Rwanda;

6° une déclaration faite par les agents autorisés de la société.

Iyo isosiyete y'inyamahanga yubahirije ibivugwa muri iyi ngingo, Umwanditsi Mukuru agomba kwandika iyo sosiyete kandi agatanga inyandiko ibyemeza yemewe n'amategeko mu buryo buteganyijwe.

Where a foreign company has complied with the provisions of this article, the Registrar General shall register the company and shall issue a certificate thereof in the prescribed form.

Lorsqu' une société étrangère est en conformité avec les dispositions préscrites au présent article, le Registraire Général l'enregistre, et doit délivrer à cet effet un certificat dans la forme préscrite par la loi.

**Ingingo ya 324: Kumenyekanisha impinduka y'intumwa y'isosiyete**

Isosiyete y'inyamahanga cyangwa intumwa yayo iyihagarariye yemewe igomba gushyikiriza Umwanditsi Mukuru inyandiko ivuga ko intumwa yayo itakiriyo kuva ku itariki ivugwa muri iyo nyandiko.

**Article 324: Filing a notice that a company's authorised agent has changed**

A foreign company or its authorised agent may file with the Registrar General a written notice stating that the authorised agent has ceased to be the authorised agent on the date specified in the notice.

**Article 324: Notification du changement d'un agent autorisé de la société**

Une société étrangère ou son agent autorisé doit déposer auprès du Registraire Général un avis écrit énonçant la cessation de fonction de son agent autorisé à partir de la date indiquée dans ledit avis.

**Ingingo ya 325: kureka kuba intumwa yemewe**

Intumwa ihagarariye isosiyete yemewe yari yaramenyekanishijwe ku buryo bwemewe ireka kuba intumwa yemewe:

1° hashize igihe cy'iminsi makumyabiri n'umwe (21) ikurikira itariki inyandiko imenyesha cyangwa itariki y'ishyirwaho ry'indi ntumwa yemewe yatangiye inyandiko iyishyiraho;

2° iyo inyandiko iteganya igihe kirenze iminsi makumyabiri n'umwe (21), hakurikizwa itariki iri mu nyandiko yashyikirijwe Umwanditsi Mukuru.

**Article 325: Ceasing to be an authorised agent**

The authorised agent in respect of whom the notice has been filed shall cease to be an authorised agent :

1° on the expiry of a period of twenty one (21) days after the date of filing of the notice or on the date of the appointment of another authorized agent, the memorandum of whose appointment has been filed;

2° where the time specified in the notice filed with the Registrar General is beyond twenty one (21) days, the date indicated in the document forwarded to the Registrar General shall apply.

**Article 325: Cessation des fonctions d'un agent autorisé**

L'agent autorisé pour lequel la notification a été faite cessera d'être un agent autorisé :

1° à l'expiration d'un délai de vingt et un (21) jours suivant la date de dépôt de la notification ou de la date de nomination d'un autre agent autorisé dont l'acte de nomination a été déposé ;

2° lorsque la notification prévoit un délai supérieur à vingt et un (21) jours, la référence est faite à la date qui est mentionnée dans la notification adressée au Registraire Général.

**<u>Ingingo ya 326</u>: Igihe ntarengwa cyo gusimbura intumwa**

Iyo intumwa ihagarariye isosiyete yemewe iretse kuba yo, isosiyete igasigara nta ntumwa yemewe iyihagarariye mu Rwanda ifite, isosiyete igomba iyo igikomeje ubucuruzi cyangwa ifite aho ikorera mu Rwanda, mu gihe cy'iminsi makumyabiri n'umwe (21) ikurikira ireka ry'umurimo ry'intumwa yemewe, gushyiraho iyindi ntumwa yemewe nshya iyihagarariye.

**<u>Ingingo ya 327</u>: Raporo yo ku bintu byahindutse**

Iyo habaye icyemezo gihindura bimwe mu bikurikira:

1° amategeko-shingiro agenga isosiyete, inyandiko y'ubwumvikane, ingingo cyangwa izindi nyandiko zatanzwe;

2° abagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete;

3° intumwa zemewe kuyihagararira cyangwa aho intumwa yemewe ibarizwa;

4° aho icyicaro cy'isosiyete kiri mu Rwanda cyangwa iminsi n'amasaha y'akazi ku bagana isosiyete;

5° aho icyicaro cy'isosiyete kibarizwa n'aho

**<u>Article 326</u>: Deadline for the replacement of an authorised agent**

Where an authorised agent ceases to be the authorised agent and the company is then without an authorised agent in Rwanda, the company shall, where it continues to carry on business or has a place of business in Rwanda, within twenty one (21) days after the authorised agent ceased to be one, appoint another authorised agent.

**<u>Article 327</u>: Report on alterations**

Where any change or alteration is made in :

1° the Articles of association, the memorandum of association or any other document filed;

2° the composition of the Board of Directors;

3° the authorised agents or the address of an authorised agent;

4° the situation of the registered office in Rwanda or of the days and hours during which it is open and accessible to the public;

5° the address of the registered office and

**<u>Article 326</u>: Délai de changement d'un agent autorisé**

Lorsqu'un agent autorisé cesse de l'être et que la société se retrouve, par conséquent, sans agent autorisé au Rwanda, la société doit, lorsqu'elle continue d'exercer des activités commerciales au Rwanda ou qu'il existe un autre endroit dans lequel elle exerce ses affaires au Rwanda, dans le délai de vingt et un (21) jours suivant la cessation de fonction de l'agent autorisé, nommer un nouveau agent autorisé.

**<u>Article 327</u>: Rapport sur les modifications**

Lorsqu'un changement ou une modification est opérée dans :

1° les statuts, l'acte constitutif, dans tout autre document déposé;

2° la composition du Conseil d'Administration;

3° les agents autorisés ou l'adresse d'un agent autorisé;

4° l'emplacement du siège social au Rwanda ou les jours et les heures auxquels il est ouvert au public;

5° l'adresse de son siège social et son lieu de

yashingiwe cyangwa ikomoka;
6° izina ry'isosiyete;

7° ububasha bw'ugize Inama y'Ubutegetsi wese uba mu Rwanda ugize Inama y'Ubutegetsi yo mu gihugu;

Isosiyete y'inyamahanga igomba mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) gushyikiriza Umwanditsi Mukuru inyandiko igaragaza ibyahindutse.

**<u>Ingingo ya 328</u>: Inshingano yo kugeza ku Mwanditsi Mukuru umwanzuro w'urukiko**

Iyo icyemezo cyatanzwe n'urukiko, hakurikijwe itegeko ririho mu gihugu isosiyete yo mu mahanga yashingiweho, ku birebana n'inyandiko zo kubumbira isosiyete mu yindi, n'ubwumvikane hagati yayo n'ababerewemo imyenda cyangwa n'ukwemeza kwivugurura, isosiyete igomba mu gihe cy'ukwezi gutanga kopi y'uwo mwanzuro w'urukiko ku Mwanditsi Mukuru.

**<u>Ingingo ya 329</u>: Inshingano y'Umwanditsi Mukuru yo kwemeza impinduka**

Isosiyete y'inyamahanga ikimara gushyikiriza Umwanditsi Mukuru inyandiko z'impinduka cyangwa ihindura, Umwanditsi Mukuru agomba, mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30), gutanga icyemezo cyabyo.

the place of its incorporation or origin;
6° the name of the company;

7° the powers of any directors resident in Rwanda who are members of the local Board of directors;

The foreign company shall file with the Registrar General particulars of the change or alteration within thirty (30) days.

**<u>Article 328</u>: Obligation to file with the Registrar General a court order**

Where an order is made by a court under any act in force in the country in which a foreign company is incorporated which corresponds to orders made in relation to amalgamations, compromises with creditors or approval of arrangements, the company shall, within one month, file with the Registrar General a copy of the order.

**<u>Article 329</u>: Obligation by the Registrar General to approve changes**

On the filing with the Registrar General of particulars of a change or alteration the Registrar General shall issue a certificate to that effect within thirty (30) days.

constitution ou d'origine;
6° le nom de la société;

7° les pouvoirs de tout administrateur résidant au Rwanda membre du Conseil d'administration local;

La société étrangère doit, dans un délai de trente (30) jours, déposer auprès du Registraire Général un document faisant état des modifications.

**<u>Article 328</u>: Obligation de faire parvenir la décision judiciaire au Registraire Général**

Lorsqu'une décision est prise par une juridiction, conformément à une loi en vigueur dans le pays dans lequel une société étrangère a été constituée qui est en relation avec des actes de fusion, aux compromis avec les créanciers, ou aux approbations d'arrangements, la société doit, dans le délai d'un mois, déposer une copie de ladite décision auprès du Registraire Général.

**<u>Article 329</u>: Obligation pour le Registraire Général d'approuver les changements**

Dès le dépôt des documents de changement ou de modification auprès du Registraire Général par la société étrangère, le Registraire Général doit, dans un délai de trente (30) jours, délivrer un certificat y relatif.

**Ingingo ya 330: Ifoto y'ibarura ry'umutungo**

Isosiyete y'inyamahanga igomba, mu gihe cy'amezi atatu (3) akurikira inama ya buri mwaka y'abanyamigabane, gushyikiriza Umwanditsi Mukuru:

1º kopi y'ifoto y'ibarura ry'umutungo y'umwaka wa nyuma mu buryo buteganyijwe, ifite ibisobanuro na kopi zose z'inyandiko zisabwa kuba ku mugereka, gufatanywa cyangwa kohererezanywa n'ifoto y'ibarura ry'umutungo n'itegeko rikurikizwa aho yashingiwe cyangwa ikomoka;

2º imenyesha ryemeza ko izo kopi ari by'ukuri iz'inyandiko zisabwa.

Iyo Umwanditsi Mukuru asanga, ifoto y'umutungo n'izindi nyandiko zitagaragaza ku buryo buhagije ibikenewe kumenywa ku miterere y'umutungo w'isosiyete, ashobora, yandikiye isosiyete, gusaba ko itanga ifoto y'umutungo mu gihe kigenwe no mu buryo yagena muri iryo saba.

**Ingingo ya 331: Inshingano yo kubahiriza ibisabwa ku masosiyete yo mu Rwanda**

Iyo sosiyete yo mu mahanga idategetswe n'itegeko ririmo gukurikizwa ry'aho yashingiwe cyangwa aho ikomoka, gukoresha inama ya buri mwaka y'abanyamigabane no gutegura ifoto y'umutungo,

**Article 330: Balance Sheet**

A foreign company shall, within three (3) months of its annual meeting of shareholders, file with the Registrar General :

1° a copy of its balance sheet made up to the end of its last preceding accounting period in such form and containing such particulars and accompanied by copies of such documents as the company is required to annex, attach or send with its balance sheet by the act for the time being applicable to that company in the place of its incorporation or origin;

2° a declaration certifying that the copies are true copies of the documents so required.

Where the Registrar General is of the opinion that the balance sheet and other documents do not sufficiently disclose the company's financial position, he/she may, by written notice to the company, require the company to file a balance sheet within such period and in such form as he/she may require.

**Article 331: Obligation to comply with requirements to local companies**

Where a foreign company is not required by the act of the place of its incorporation or origin to hold an annual meeting of shareholders and prepare a balance sheet, the company shall prepare and file

**Article 330: Bilan**

Une société étrangère doit, dans les trois (3) mois suivant l'assemblée annuelle de ses actionnaires, déposer auprès du Registraire Général :

1°une copie de son bilan du dernier exercice comptable dans la forme prévue, contenant les renseignements accompagnées par les copies des documents que la société est requise d'annexer, attacher ou envoyer avec son bilan par la loi applicable au lieu de sa constitution ou de son origine;

2° une déclaration certifiant que ces copies sont véritablement celles des documents requis.

Lorsque le Registraire Général estime que le bilan et les autres documents ne révèlent pas de manière suffisante des informations sur la situation financière de la société, il peut, par notification écrite adressée à la société, exiger que cette dernière dépose un bilan dans le délai prévu et dans la forme qu'il peut exiger dans ladite notification.

**Article 331: Obligation de remplir les conditions requises pour les sociétés du Rwanda**

Lorsqu' une société étrangère n'est pas obligée par la loi en vigueur du lieu de sa constitution ou de son origine, de tenir une assemblée annuelle des actionnaires et de préparer un bilan, la société doit

isosiyete igomba gutegura no gutanga ku Mwanditsi Mukuru ifoto y'umutungo ku gihe cyafatiweho, no mu buryo bwifuzwa kandi ikagerekaho inyandiko y'abagize Inama y'Ubutegetsi.

**Ingingo ya 332: Inshingano yo kubahiriza amabwiriza mpuzamahanga y'ibaruramari**

Isosiyete yo mu mahanga igomba, byongeye ku ifoto y'umutungo n'izindi nyandiko zigomba gutangwa, gukurikiza ingero n'amabwiriza ngenderwaho mpuzamahanga y'ibaruramari zerekana by'ukuri uko umutungo wakoreshejwe, igihombo n'inyungu byabyawe n'ibikorwa by' isosiyete mu Rwanda.

**Ingingo ya 333: Imenyekanisha ku isosiyete y'inyamahanga ry'ibisobanuro ku bikorwa byayo by'ubucuruzi mu Rwanda**

Isosiyete yo mu mahanga igomba gushyikiriza Umwanditsi Mukuru buri mwaka, ku itariki igomba gutangiraho ifoto y'umutungo, inyandiko ikubiyemo ibisobanuro ku bikorwa by'ubucuruzi byakozwe n'isosiyete mu Rwanda.

**Ingingo ya 334: Ibitabo by'aho isosiyete icururiza hatari ku cyicaro cyayo**

Isosiyete y'inyamahanga ifite imari shingiro n'abanyamigabane baba mu Rwanda igomba kugira ku cyicaro cyayo mu Rwanda cyangwa aho ariho hose mu Rwanda, igitabo cyagenewe

with the Registrar General a balance sheet within such period and in such form as required and annex thereto a document of directors.

**Article 332 : Obligation to comply with international accounting standards**

A foreign company shall, in addition to the balance sheet and other documents required to be filed, comply with International Accounting Standards, fairly showing the assets employed in, and liabilities arising out of, and its profit or loss arising out of its operations conducted in or from Rwanda.

**Article 333: Notice by a foreign company of particulars of its business in Rwanda**

A foreign company shall file with the Registrar General in each year at the time a copy of its balance sheet is filed, a notice containing particulars with respect to the business being carried out by the company in Rwanda.

**Article 334 : Branch registers**

A foreign company which has a share capital and shareholders resident in Rwanda shall keep at its registered office in Rwanda or at some other place in Rwanda a branch register for the purpose of

préparer et déposer auprès du Registraire Général un bilan pour la période considérée, et dans la forme exigée et y annexer un document des administrateurs.

**Article 332: Obligation de respecter les standards comptables internationaux**

Une société étrangère doit, en plus du bilan et des autres documents devant être déposés, respecter les standards comptables internationaux reflétant de manière sincère l'emploi de l'actif, les dettes passives qui en résultent, les pertes et les profits générés par les opérations de la société au Rwanda.

**Article 333: Notification par une société étrangère des renseignements sur ses opérations commerciales au Rwanda**

Une société étrangère doit déposer auprès du Registraire Général, chaque année, à la date du dépôt de son bilan, un avis contenant des renseignements sur ses opérations commerciales réalisées au Rwanda.

**Article 334: Registres des succursales**

Une société étrangère qui a un capital social et des actionnaires résidant au Rwanda doit garder à son siège social au Rwanda ou en tout autre lieu au Rwanda un registre auxiliaire aux fins d'enregistrer

kwandikwamo imigabane y'abanyamigabane baba mu Rwanda basabye ko imigabane yabo yandikwa mu gitabo.
Isosiyete ntitegekwa kugira igitabo cyagenewe kwandikamo imigabane mu gihe hashize igihe cy'amezi abiri (2) uhereye igihe yakiriye inyandiko y'umunyamigabane uba mu Rwanda abasaba kwandikirwa imigabane.

Iyi ngingo ntikurikizwa ku masosiyete y'amanyamahanga afite amategeko shingiro ayagenga abuza guhamagarira rubanda gufata imigabane muri sosiyete.

**<u>Ingingo ya 335</u>: Kubika igitabo cyagenewe kwandikwamo imigabane**

Buri gitabo cyagenewe kwandikwamo imigabane kigomba kubikwa mu buryo buteganijwe n'iri tegeko.

**<u>Ingingo ya 336</u>: Kumenyesha Umwanditsi Mukuru aho igitabo cy'imigabane kibitswe**

Iyo isosiyete ifunguye igitabo cyagenewe kwandikwamo imigabane igomba, mu minsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe cyatangiwe, kumenyesha Umwanditsi Mukuru iyo ngingo igaragaza neza ahantu igitabo kibitswe.

**<u>Ingingo ya 337</u>: kumenyekanisha impinduka ijyanye n'igitabo ku Mwanditsi Mukuru**

Iyo ahantu igitabo kibitswe hahindutse cyangwa

registering shares of shareholders resident in Rwanda who apply to have the shares registered therein.
The company shall not be obliged to keep a branch registe after the expiry of two (2) months from the receipt by it of a written application by a shareholder resident in Rwanda for registration of his/her shares.

This article shall not apply to foreign companies which by its articles of association prohibits an invitation to the public to subscribe for shares in the company.

**<u>Article 335</u>: Keeping a register of shares**

Every register of shares shall be kept in the manner provided by this Law.

**<u>Article 336</u> : Filing with the Registrar General a notice as to a place where the register is kept**

Where a company opens a register of shares, it shall, within fifteen (15) days of the date the register is opened, file with the Registrar General a notice to that effect specifying the place where the register is kept.

**<u>Article 337</u>: Filing with the Registrar General a notice as to any change in the register**

Where any change is made in the place where the

les actions des actionnaires résidant au Rwanda qui demandent que leurs actions soient enregistrées.

La société n'est pas tenue de garder le registre auxiliaire à l'expiration d'un délai de deux (2) mois à partir de la réception de la demande écrite d'un actionnaire résidant au Rwanda d'enregistrement de ses actions.

Le présent article ne s'applique pas aux sociétés étrangères qui dans leurs statuts prohibent l'appel public à la souscription des actions dans la société.

**<u>Article 335</u>: Tenue du registre des actions**

Tout registre des actions doit être tenu dans les conditions prévues par la présente loi.

**<u>Article 336</u>: Notification au Registraire Général de l'endroit où le registre est gardé**

Lorsqu'une société ouvre un registre d'actions, elle doit, dans les quinze (15) jours à dater de l'ouverture du registre, déposer auprès du Registraire Général un avis à ce propos spécifiant l'endroit où le registre est gardé.

**<u>Article 337</u>: Notification du changement de registre au Registraire Général**

Lorsque l'endroit où le registre est gardé change ou

igihe igitabo kitagikoreshwa, isosiyete igomba mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikiye ihinduka kubimenyesha Umwanditsi Mukuru.

**<u>Ingingo ya 338</u>: Kutemererwa kugura imigabane yanditswe mu Rwanda, umunyamigabane atabyemeye**

Iyo isosiyete ifite uburenganzira hakurikijwe itegeko ry'aho isosiyete y'inyamahanga yashingiwe bwo kumenyesha umunyamigabane wayo utavuga rumwe na yo ko sosiyete ishaka gufata umwe mu migabane ye yanditse mu gitabo cyabigenewe kiri mu Rwanda, icyo cyiciro ntigikurikizwa ku isosiyete y'inyamahanga kugeza igihe:

1° imigabane izaba yaguzwe;
2° isosiyete izaba itagifite uburenganzira bwo gusaba imigabane yayo.

**<u>Ingingo ya 339</u>: Icyemezo gifatwa nk'ikimenyetso cy'uko imigabane yanditswe**

Icyemezo cyateweho ikirango cy'isosiyete y'inyamahanga cyangwa cyasinywe n'umuyobozi w'iyo sosiyete gisobanura ko buri mugabane ufitwe n'umunyamigabane uyu n'uyu w'isosiyete kandi yanditse mu gitabo cyabigenewe kizaba ikimenyetso cy'ikubitiro cy'uko imigabane ari iy'uyu munyamigabane n'icy'iyandikwa ryayo mu gitabo cyabigenewe.

register is kept or where the register is discontinued, the company shall, within fifteen (15) days of the date of the change, file with the Registrar General a notice to that effect.

**<u>Article 338</u>: Non authorization to buy shares that are registered in Rwanda in case there is a dissenting shareholder**

Where a company is entitled by the Law of under the place of incorporation of a foreign company to give notice to a dissenting shareholder in that foreign company that it desires to acquire any of his/her shares registered on a branch register kept in Rwanda, this section shall cease to apply to that foreign company until:

1° the shares have been acquired;
2° the company has ceased to be entitled to acquire the shares.

**<u>Article 339</u>: Certificate taken as prima facie evidence for the registration of shares**

A certificate under the seal of a foreign company or signed by a director of the company specifying any shares held by any shareholder of that company and registered in the branch register shall be prima facie evidence of the title of the shareholder to the shares and the registration of the shares in the branch register.

lorsque le registre n'est plus utilisé, la société doit, dans les quinze (15) jours suivant la date du changement, déposer auprès du Registraire Général un avis y relatif.

**<u>Article 338</u>: Non autorisation d'acquérir les actions enregistrées au Rwanda s'il ya un actionnaire dissident**

Lorsqu' une société est en droit en vertu de la loi du lieu de constitution d'une société étrangère d'aviser un actionnaire dissident de cette société étrangère qu'elle désire acquérir une de ses actions enregistrées au registre local ouvert au Rwanda, cette section cessera d'être applicable à la société étrangère jusqu'à ce que :

1° les actions aient été achetées;
2° la société ne soit plus en droit de réclamer ses actions.

**<u>Article 339</u>: Certificat considéré comme signe que les actions sont enregistrées**

Un certificat portant un sceau d'une société étrangère ou signé par un directeur de ladite société spécifiant que toute action détenue par tout actionnaire de cette société et enregistrée dans un registre auxiliaire, constitue la preuve prima facie du titre de l'actionnaire pour ce qui est de la propriété des actions et de leur enregistrement.

**Ingingo ya 340: Kureka imirimo y'ubucuruzi mu Rwanda**

Iyo isosiyete y'inyamahanga ifunze ibiro cyangwa ihagaritse ibikorwa byayo mu Rwanda igomba, mu minsi irindwi (7) kubimenyesha Umwanditsi Mukuru kandi kuva ku itariki y'iryo menyesha, inshingano isosiyete yari ifite zo gutanga inyandiko yindi usibye iyaba yaramaze gutangwa zirahagarara Umwanditsi Mukuru agakura izina ry'isosiyete mu gitabo mu gihe cy'amezi atatu (3) kuva iryo menyesha ribaye.

**Ingingo ya 341: Imenyekanisha ry'igabanamutungo cyangwa iseswa bikorewe aho isosiyete yashingiwe**

Iyo isosiyete y'inyamahanga yinjiye mu igabanamutungo cyangwa yasheshwe, byakorewe ahantu yashingiwe cyangwa aho ikomoka:

1° Intumwa yemewe kuyihagararira mu Rwanda igihe hatangira gahunda yo kwegeranya no kugabana umutungo w'iyo sosiyete igomba kubimenyesha mu nyandiko Umwanditsi Mukuru;

2° ushinzwe kwegeranya no kugabanya umutungo w'isosiyete yasheshwe agira ububasha mu Rwanda.

**Article 340: Cessation of business in Rwanda**

Where a foreign company ceases to have a place of business or to carry on business in Rwanda, it shall, within seven (7) days of the date of the cessation, file with the Registrar General a notice to that effect, and as from the day on which the notice is filed, its obligation to file any document other than a document that ought to have been filed shall cease to operate, and the Registrar General shall within three (3) months after the filing of the notice remove the name of the company from the register.

**Article 341: Notice with regard to liquidation or dissolution at the company's place of incorporation**

Where a foreign company goes into liquidation or is dissolved in its place of incorporation or origin :

1° an authorised agent in Rwanda shall, upon commencement of the liquidation , file with the Registrar General a notice to that effect;

2° the liquidator of a dissolved company shall have the powers of a liquidator for Rwanda.

**Article 340: Cessation des activités commerciales au Rwanda**

Lorsqu'une société étrangère cesse d'avoir un bureau ou cesse d'exercer ses activités au Rwanda, elle doit, dans les sept (7) jours de la cessation, le notifier au Registraire Général et à partir de la date de la notification, l'obligation faite à la société de déposer tout document autre que celui qui aurait été déposé cessera, et endéans trois (3) mois à compter de cette notification, le Registraire Général sera tenu de radier le nom de la société du registre.

**Article 341: Notification de liquidation ou de dissolution faite dans le lieu de constitution de la société**

Lorsqu'une société étrangère entre en liquidation ou est dissoute dans son lieu de constitution ou d'origine :

1° un mandataire autorisé au Rwanda lors du processus de liquidation doit en aviser le Registraire Général par écrit;

2° le liquidateur d'une société dissoute a les pouvoirs au Rwanda.

**Ingingo ya 342: Ibigomba gukorwa n'ushinzwe kwegeranya no kugabanya umutungo w'isosiyete**

Ushinzwe kwegeranya no kugabanya umutungo w'isosiyete y'inyamahanga yasheshwe wagenwe n'urukiko cyangwa undi muntu ubifitiye ububasha agomba:

1° mbere y'igabana ry'umutungo w'isosiyete y'inyamahanga, gutangaza, akoresheje ikinyamakuru gicuruzwa cyane muri buri gihugu isosiyete yakoreragamo ibikorwa byayo kandi iyo ntawushinzwe kwegeranya no kugabanya umutungo washyizweho, kumenyesha abishyuza bose kugirango bagaragaze ibyo bishyuza byose, uburenganzira bwabo bwose kuri iyo sosiyete y'inyamahanga mu gihe kitarambiranye mbere y'igabana;

2° Kutishyura uberewemo umwenda uwo ari we wese ngo asige abandi keretse afite uruhushya rw'urukiko.

**Ingingo ya 343: Gusaba urukiko amabwiriza yo gukurikiza kugira ngo ushinzwe kwegeranya no kugabanya umutungo yishyure**

Iyo umutungo w'isosiyete y'inyamahanga wegeranyijwe ukagabanywa ku byerekeye imitungo yayo iri mu Rwanda kandi nta muntu washyizweho ushinzwe kwegeranya no kugabanya umutungo aho isosiyete yashingiwe cyangwa ikomoka, ushinzwe

**Article 342: Procedure to be applied by a liquidator**

A liquidator of a foreign company appointed by the Court or a person exercising the powers and functions of such a liquidator shall:

1° before any distribution of the foreign company's assets is made, by advertisement in a newspaper circulating generally in each country where the foreign company had been carrying on business and where no liquidator has been appointed , invite all creditors to make their claims against the foreign company within a reasonable time before the distribution;

2° not, without leave of the Court, pay out any creditor to the exclusion of any other creditor.

**Article 343: Application to the Court for directions as to the disposal of the net amount recovered**

Where a foreign company has been wound up so far as its assets in Rwanda are concerned and there is no liquidator for the place of its incorporation or origin, the liquidator may apply to the Court for

**Article 342: Procédure à suivre par le liquidateur**

Un liquidateur d'une société étrangère désigné par le tribunal ou une personne exerçant les pouvoirs et fonctions d'un liquidateur doit :

1° avant tout partage des biens de la société étrangère, inviter, par voie d'annonce publiée dans un journal à large circulation dans chaque pays où la société exerçait ses activités et aucun liquidateur n'a été désigné tous les créanciers pour réclamer leurs droits auprès de la société étrangère dans un délai raisonnable avant le partage ;

2° privilégier tout créancier au détriment des autres sans autorisation de la juridiction.

**Article 343: Demande à la juridiction des directives à suivre pour le partage du montant net recouvré**

Lorsqu'une société étrangère a été liquidée en ce qui à trait à ses biens se trouvant au Rwanda et qu'il n'y a pas de liquidateur désigné par la société du lieu de constitution ou d'origine, le liquidateur peut

kwegeranya no kugabanya umutungo w'isosiyete yasheshwe ashobora gusaba urukiko amabwiriza yo gukurikiza kugira ngo yishyure amafaranga yose yabonye.

**Ingingo ya 344: Kuvana isosiyete y'inyamahanga mu gitabo cy'amasosiyete**

Amaze kubona inyandiko imenyesha y'intumwa yemewe ishinzwe iyegeranya n'igabanya ry'umutungo cyangwa iseswa ry'isosiyete, Umwanditsi Mukuru agomba gukura izina ry'iyo sosiyete mu gitabo.

Iyo Umwanditsi Mukuru yasobanukiwe bihagije ko isosiyete yo mu mahanga yahagaritse ibikorwa byayo mu Rwanda, avana iyo sosiyete mu gitabo cy'amasosiyete akurikije iri tegeko.

**Ingingo ya 345: Kwandikwa no gukomeza gukora by' isosiyete yashingiwe hanze y'u Rwanda**

Isosiyete yashinzwe hakurikijwe amategeko atari ay'u Rwanda, igihe ayo mategeko yandi ayibyemerera, ishobora gusaba Umwanditsi Mukuru kwandikwa nk'isosiyete mu Rwanda igakomeza gukora ityo nk'aho yashingiwe mu Rwanda hakurikijwe iri tegeko.

directions as to the disposal of the net amount recovered.

**Article 344: Removing the name of the foreign company from the register**

On receipt of a notice from an authorised agent in charge of liquidation or dissolution of the company , the Registrar General shall remove the name of the company from the register.

Where the Registrar General has reasonable cause to believe that a foreign company has ceased to carry on business in Rwanda, shall remove it from the register of companies in accordance with this Law.

**Article 345: Registration of a foreign company and continuation of its business in Rwanda**

A company incorporated under the Law of any country other than Rwanda, may, where it is so authorised by the acts of that country, apply to the Registrar General to be registered as, and continue as, a company in Rwanda as if it had been incorporated in Rwanda under this Law.

demander à la juridiction les directives à suivre pour le partage du montant net recouvré.

**Article 344: Radiation du nom de la société étrangère du registre**

A la réception d'une notification de l'agent autorisé de la liquidation ou de la dissolution de la société, le Registraire Général doit radier le nom de la société du registre.

Lorsque le Registraire Général est suffisamment convaincu qu'une société étrangère a cessé d'exercer ses activités au Rwanda, il radie cette société du registre conformément à la présente loi.

**Article 345 : Enregistrement et poursuite d'activités d'une société constituée à l'extérieur du Rwanda**

Une société constituée conformément aux lois d'un pays autre que le Rwanda, peut, si elle y est autorisée par les lois de ce pays, demander au Registraire Général d'être enregistrée comme une société au Rwanda et continuer en tant que telle comme si elle a été constituée au Rwanda conformément à la présente loi.

## UMUTWE WA II: ISOSIYETE IDAKORA

**Ingingo ya 346: Ibisobanuro by'isosiyete idakora**

**Isosiyete yitwa isosiyete idakora** igihe cyose imara nta gikorwa cy'ibaruramari kigaragara gikozwemo.

**Ingingo ya 347: Isosiyete ishobora kwandikwa nk'isosiyete idakora**

Igihe isosiyete:

1° idakora kuva yashyirwaho;
2° yaretse gukora kuva igihe cyayo cya nyuma cy'ibaruramari cyarangira; ikaba itarasabwe gutegura raporo zayo z'ibaruramari z'icyo gihe, hafashwe umwanzuro udasanzwe w'abanyamigabane b'isosiyete, iyo sosiyete ishobora kwitwa isosiyete idakora.

**Ingingo ya 348: Kutitwa isosiyete idakora**

Isosiyete ikora imirimo ijyanye n'iby'amabanki cyangwa iby'ubwishingizi ntishobora kwitwa isosiyete idakora.

**Ingingo ya 349: Imenyekanisha ry'isosiyete idakora**

Isosiyete igomba, mu minsi cumi n'itanu (15) hafashwe umwanzuro udasanzwe uyigira isosiyete idakora, kumenyesha Umwanditsi Mukuru uwo mwanzuro.

## CHAPTER II: DORMANT COMPANY

**Article 346: Definition of a dormant company**

A company shall be a dormant company for any period during which no significant accounting transaction occurs in relation to the company.

**Article 347 : Company which may be registered as a dormant company :**

Where a company has:

1° been dormant from the time of its formation;
2° has been dormant since the end of its previous accounting period; and is not required to prepare accounts for that period, by a special resolution passed at a meeting of shareholders, such company declare itself a dormant company.

**Article 348 : Not being a dormant company**

A company shall not declare itself to be a dormant company where it is a company formed for the business of banking or insurance.

**Article 349 : Notice by a dormant company**

The company shall, within fifteen (15) days of the passing of the special resolution declaring itself to be a dormant company give notice to the Registrar General of that resolution.

## CHAPITRE II: SOCIÉTÉ EN VEILLEUSE

**Article 346: Définition de société en veilleuse**

Une société est dite une société en veilleuse pour toute période au cours de laquelle aucune opération comptable significative n'a eu lieu.

**Article 347: Société pouvant être enregistrée comme société en veilleuse**

Lorsqu'une société:

1° est en veilleuse depuis sa constitution;
2° a été en veilleuse depuis la fin de sa dernière période comptable , et il n'a pas été demandé de préparer des rapports comptables pour cette période, par une résolution spéciale prise par l'assemblée des actionnaires, cette société peut se déclarer société en veilleuse.

**Article 348: Ne pas se déclarer société en veilleuse**

Une société ne peut pas se déclarer société en veilleuse lorsqu'elle est créée pour des activités bancaires ou d'assurances.

**Article 349: Notification d'une société en veilleuse**

La société doit, dans les quinze (15) jours de l'approbation de la résolution spéciale la déclarant société en veilleuse, aviser le Registraire Général de cette résolution.

**Ingingo ya 350: Imenyekanisha ry'isosiyete yongeye gukora**

Mu gihe isosiyete yari yaramenyesheje ko idakora, igihe yongeye gukora igomba kubimenyesha Umwanditsi Mukuru.

**Ingingo ya 351: Ibyo amasosiyete adakora asonerwa**

Mu gihe isosiyete yanditswe ko idakora ntigomba gukorerwa igenzuramutungo kuri raporo yayo y'ibaruramari no kwishyura amafaranga yose asabwa ajyanye n'uko isosiyete imeze.

**INTERURO YA VI: GUSIBA ISOSIYETE MU GITABO CY'AMASOSIYETE N'IBIHANO**

**UMUTWE WA MBERE : GUSIBA ISOSIYETE MU GITABO CY'AMASOSIYETE**

**Ingingo ya 352: Ubushobozi bwo kwishyura bw'isosiyete**

Isosiyete iba ifite ubushobozi bwo kwishyura igihe:

1° ifite ubushobozi bwo kwishyura imyenda yayo igeze igihe cy'ubwishyu nta bukererwe bubayeho;

2° umutungo wayo uva ku byinjira uruta

**Article 350 : Notice by a company which ceases to be dormant**

Where a company which has declared itself to be a dormant company ceases to be dormant, a notice thereto shall be given to the Registrar General by that company.

**Article 351: Exemption for dormant companies**

Any company, which is registered as being a dormant company, shall be exempted from the requirement of having its accounts audited and from the payment of any prescribed fee as is relevant to its situation.

**TITLE VI: REMOVAL FROM REGISTER OF COMPANIES AND PENALTIES**

**CHAPTER ONE : REMOVAL FROM REGISTER OF COMPANIES**

**Article 352 : Satisfying solvency test**

A company shall satisfy the solvency test where:

1° the company is able to pay its debts as they become due in the normal course of business;

2° the value of the company's income is greater

**Article 350: Notification d'une société qui a cessé d'être en veilleuse**

Lorsqu'une société qui s'était déclarée en veilleuse cesse de l'être, elle doit en donner avis au Registraire Général.

**Article 351: Exemption faite aux sociétés en veilleuse**

Lorsque la société est enregistrée comme société en veilleuse, elle doit être exemptée de l'obligation d'audit de son rapport comptable et du paiement de tout frais prescrit se rapportant à sa situation.

**TITRE VI: RADIATION D'UNE SOCIETE DU REGISTRE DES SOCIETES ET SANCTIONS**

**CHAPITRE PREMIER: RADIATION D'UNE SOCIETE DU REGISTRE DES SOCIETES**

**Article 352: Solvabilité d'une société**

Une société est solvable lorsque :

1° elle est en mesure de payer ses dettes exigibles sans retard dans le cours normal de ses activités;

2° la valeur de son actif est supérieure au

agaciro k'imyenda isosiyete irimo n'ay'imari-shingiro yatanzwe.

**Ingingo ya 353: Isosiyete itagishoboye kwishyura**

Isosiyete yitwa ko itagishoboye kwishyura imyenda igihe cyose:

1° Uberewemo umwenda n'isosiyete urenze amafaranga ibihumbi makumyabiri (20.000 Frw), abinyujije ku wo yabihereye uburenganzira cyangwa mu bundi buryo, ayihanangiriza kumwishyura ariwe ubwe uyishyikirije iyo nyandiko ku cyicaro cyayo cyangwa se hakoreshejwe inyandiko y'intumwa ye ibifitiye uburenganzira igezwa ku cyicaro cy'iyo sosiyete, noneho iyo sosiyete ntimwishyure cyangwa ngo imuhe ingwate igaragara yo kumwishyura mu byumweru bitatu bikurikiyeho;

2° Ibyemezo byose byo kwishyuza cyangwa se inzira zose zo kurangiza urubanza rwaciwe n'inkiko nyuma y'ikirego cy'uberewemo imyenda bidahagije ngo umwenda wishyurwe;

3° Urukiko rubonye ibimenyetso ko isosiyete idashoboye kwishyura imyenda ruhereye ku myenda ifite n'iteganywa.

than the sum of the value of its liabilities and the company's share capital.

**Article 353: Company which is unable to pay its depts**

A company shall be considered to be unable to pay its debts where:

1° a creditor to whom the company is indebted in a sum exceeding twenty thousand Rwanda francs (20,000 Rwf), has served at the registered office a demand under his/her hand or under the hand of his/her Lawfully authorised agent requiring the company to pay the sum due, and the company has for three weeks thereafter neglected to pay the sum or to secure it to the reasonable satisfaction of the creditor;

2° execution or other process issued on a judgment or order of any Court in favour of a creditor of the company is returned unsatisfied;

3° it is proved to the satisfaction of the Court that the company is unable to pay its debts, having regard to its existing, contingent and prospective liabilities.

montant de ses obligations et de son capital social.

**Article 353: Société en cessation de paiement**

Une société est en cessation de paiement toutes les fois que :

1° Un créancier envers qui la société a une dette exigible excédant vingt mille francs rwandais (20.000 Frw), fait une mise en demeure de payer à la société en la signifiant personnellement ou par son agent légalement autorisé au siège de la société, et que la société a négligé de payer le montant ou de le garantir dans les trois semaines qui suivent la mise en demeure ;

2° l'exécution ou toute procédure mise en œuvre suite à un jugement ou une ordonnance de juridiction en faveur du créancier de la société n'est pas satisfaite;

3° la juridiction a la preuve que la société est insolvable, compte tenu de son passif courant et futur.

**Ingingo ya 354: Ikurwa ry'isosiyete mu gitabo**

Isosiyete ikurwa mu gitabo igihe icyemezo gishyizweho umukono n'Umwanditsi Mukuru kivuga ko isosiyete ikuwe mu gitabo cy'amasosiyete.

**Ingingo ya 355: Impamvu zituma isosiyete ikurwa mu gitabo cy'amasosiyete**

Umwanditsi Mukuru akura isosiyete mu gitabo iyo:

1° isosiyete ari isosiyete yibumbiye mu yindi kandi ikaba itandukanye n'isosiyete yibumbiye hamwe n'indi, umunsi Umwanditsi Mukuru azaba yatanze icyemezo cy'ihuzwa;

2° Umwanditsi Mukuru azi neza ko isosiyete yahagaritse ibikorwa byayo;

**Ingingo ya 356: Itangazwa ry'icyifuzo cyo gukura isosiyete mu gitabo**

Iyo isosiyete igiye guhagarika imirimo yayo, ibimenyesha Umwanditsi Mukuru mbere y'amezi abiri (2), mbere y'uko ikurwa mu gitabo cy'ubucuruzi. Umwanditsi Mukuru, agomba mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) kubitangaza mu binyamakuru nibura bibiri (2) bisomwa na benshi.

**Article 354: Removing a company from the register**

A company shall be removed from the register of companies when a notice, signed by the Registrar General states that the company is removed from the register.

**Article 355 : Reasons for which a company is removed from a register of companies**

The Registrar General shall remove a company from the register of companies where :

1° the company is an amalgamating company, other than an amalgamated company, on the day on which the Registrar General issues a certificate of amalgamation;

2° the Registrar General is satisfied that the company has ceased to carry on business.

**Article 356: Notice of intention to remove a company from register**

Where a company is to be closed down, the Registrar General shall be given notice thereof two (2) months before it is removed from the register. The Registrar General shall within seven (7) days, cause the notice to be published in two (2) widely circulated newspapers.

**Article 354: Radiation d'une société du registre**

Une société est radiée du registre quand un avis, signé par le Registraire Général, énonce que la société est radiée du registre des sociétés.

**Article 355: Motif de radiation d'une société du registre**

Le Registraire Général radie une société du registre lorsque :

1° la société est une société qui est fusionnée, différente de la société déjà fusionnée, le jour où le Registraire Général a délivré le certificat de fusion;

2° le Registraire Général est convaincu que la société a cessé d'exercer ses activités.

**Article 356: Avis de l'intention de radier une société du registre**

Lorsqu'une société est sur le point de cesser d'exercer ses activités, le Registraire Général en est informé deux (2) mois avant sa radiation du registre de commerce. Le Registraire Général doit dans un délai ne dépassant pas sept (7) jours publier un avis au moins dans deux (2) journaux de large diffusion.

**Ingingo ya 357: Gutambamira ikurwa ry'isosiyete mu gitabo**

Iyo imenyesha ry'icyifuzo cyo gukura isosiyete mu gitabo cyatanzwe, umuntu uwo ariwe wese ashobora gushyikiriza Umwanditsi Mukuru inyandiko itambamira ikurwa mu gitabo mu gihe giteganijwe n'icyifuzo, ku mpamvu z'uko:

1° isosiyete igikora imirimo, cyangwa hari impamvu ko yakomeza kubaho;

2° isosiyete ari umwe mu baburanyi mu rubanza;

3° isosiyete iri mu gihe cyo kwishyura abo ibereyemo imyenda bose bigenwe n'urukiko cyangwa iri mu gihe cy'igabanamutungo nyuma y'iseswa cyangwa byombi;

4° umuntu ari uberewemo umwenda n'isosiyete cyangwa umunyamigabane w'isosiyete, cyangwa umuntu isosiyete itari yishyura umwenda imufitiye;

5° umuntu yemera neza ko afite uburyo buteganywa n'amategeko kugira ngo arege mu rukiko isosiyete kandi akaba ashaka kubikora;

6° kubera indi mpamvu iyo ariyo yose, yagaragaza ko isosiyete idakwiye gukurwa mu gitabo.

**Article 357 : Objection to the removal of a company from register**

Where a notice is given of an intention to remove a company from the register, any person may deliver to the Registrar General, not later than the date specified in the notice, an objection to the removal on grounds that :

1° the company is still carrying on business or there is other reason for it to continue in existence;

2° the company is a party to legal proceedings;

3° the company is in receivership or liquidation, or both;

4° a person is a creditor or a shareholder, or a person who has an undischarged claim against the company;

5° the person believes that there exists, and intends to pursue, a right of action against the company;

6° for any other reason, it would not be just and equitable to remove the company from the register.

**Article 357: Opposition à la radiation d'une société du registre**

Lorsque l'annonce de l'intention de radier la société du registre est faite,
toute personne peut déposer chez le Registraire Général une opposition à la radiation, dans les délais prescrits dans l'annonce pour motif que :

1° la société exerce encore des activités ou il y a des raisons à ce qu'elle continue à exister;

2° la société est une des parties à un procès;

3° la société est en règlement judiciaire ou en liquidation, ou les deux à la fois ;

4° une personne est un créancier ou un actionnaire, ou une personne dont la créance envers la société n'est pas encore réglée;

5° la personne est convaincue qu'elle a le droit d'agir en justice contre la société et elle a l'intention de le faire;

6° pour toute autre raison, qu'il ne serait pas juste et équitable de radier la société du registre.

**Ingingo ya 358: Ibyitabwaho kugira ngo Umwanditsi Mukuru akure isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete**

Umwanditsi Mukuru ntakura isosiyete mu gitabo keretse amaze kubona ko:

1° itambamira ryakuweho;

2° ibikorwa ibyo ari byo byose byatumye itambamira ribaho bitari cyangwa bitakiri ukuri;

3° itambamira ridafite agaciro cyangwa rigamije guhutaza.

Umwanditsi Mukuru amenyesha uwazanye itambama ko ryemewe cyangwa ritemewe akanamugaragariza impamvu.

**Ingingo ya 359: Umutungo w'isosiyete yakuwe mu gitabo**

Umutungo w'isosiyete yakuwe mu gitabo cy'amasosiyete ukubiyemo uburenganzira bukomoka ku bukode n'ubundi burenganzira bwose isosiyete yari ifite ku buryo buziguye cyangwa butaziguye mbere y'ivanwa mu gitabo ariko ntihakubiyemo ibintu by'undi muntu uwo ariwe wese bibitswe n'isosiyete yasibwe.

**Article 358: Criteria on the basis of which the Registrar General decides to remove a company from the register**

The Registrar General shall not proceed with the removal unless he/ she is satisfied that :

1° the objection has been withdrawn;

2° any facts on which the objection is based are not, or are no longer, correct;

3° the objection is frivolous or vexatious.

The Registrar General shall give notice to the person objecting that his/her objection is receivable or not and provide grounds therefor.

**Article 359: Property of a company which is removed from the register**

The property of a company which is removed from the register includes leasehold rights and all other rights vested in or held on behalf of or on trust for the company prior to its removal but does not include property held by the former company on trust for any other person.

**Article 358: Conditions pour que le Registraire Général radie la société du registre de commerce**

Le Registraire Général ne procéde pas à la radiation à moins qu'il ne soit assuré que :

1° l'opposition a été retirée;

2° les faits qui ont motivé l'opposition ne correspondent pas ou ne correspondent plus à la réalité;

3° l'opposition est futile ou vexatoire.

Le Registraire Général avise avec motivation l'auteur de l'opposition que celle-ci est fondée ou non.

**Article 359: Les biens d'une société radiée du registre**

Les biens d'une société radiée du registre comprennent les droits locatifs et tous les droits dont elle disposait directement ou indirectement avant sa radiation mais ne comprennent pas les biens gardés par elle pour toute autre personne.

**Ingingo ya 360: Ikomeza ry'uburyozwe bw'abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete n'abanyamigabane b'isosiyete**

Ivanwaho ry'isosiyete mu gitabo cy'amasosiyete ntirigomba kuvanaho uburyozwe bw'abagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete ba kera cyangwa abanyamigabane bayo cyangwa undi muntu hitawe ku gukorwa cyangwa kudakora ibisabwa kwabayeho mbere y'isibwa ry'isosiyete mu gitabo kandi ubwo buryozwe burakomeza kandi bushobora gukoreshwa nk'aho isosiyete itari yarasibwe mu gitabo.

**Article 360: Continuation of liability of directors and shareholders**

The removal of a company from the register of companies shall not affect the liability of any former director or shareholder of the company or any other person in respect of any act or omission that took place before the company was removed from the register and that liability continues and may be enforced as if the company had not been removed from the register.

**Article 360: Responsabilité continue des administrateurs et des actionnaires**

La radiation d'une société du registre des sociétés ne doit pas affecter la responsabilité des anciens administrateurs ou actionnaires de la société ou une autre personne au regard de tout acte ou omission qui a eu lieu avant la radiation de la société du registre et cette responsabilité continue et peut être mise en jeu comme si la société n'avait pas été radiée du registre.

## UMUTWE WA II: INGINGO ZIHANA

## CHAPTER II: PENAL PROVISIONS

## CHAPITRE II: DISPOSITIONS PENALES

**Ingingo ya 361: Ibihano bitangwa iyo isosiyete itubahirije inshingano ziteganywa n'iri tegeko**

Isosiyete itubahirije inshingano ziteganywa n'iri tegeko zijyanye no kwandikisha igikorwa cy'ubucuruzi mu bitabo byabugenewe, ihanishwa ihazabu ikubye kabiri amafaranga asabwa kugira ngo icyo gikorwa cy'ubucuruzi cyandikwe.

**Article 361: Penalties where a company fails to comply with Law**

A company which fails to comply with this Law as to getting registered in the relevant register of companies shall be liable to a fine of as twice as the registration fee.

**Article 361: Sanctions appliquées lorsqu'une société ne respecte pas les dispositions de la présente loi**

Une société qui ne respecte pas les dispositions de la présente loi relatives à l'enregistrement d'une activité commerciale aux registres y relatifs, est passible d'une amende égale à deux fois le montant exigé pour que ladite activité commerciale soit enregistrée.

**Ingingo ya 362: Ibihano bihabwa isosiyete itagira ibitabo biteganywa n'iri tegeko**

Isosiyete igaragayeho ko itagira ibitabo biteganywa n'iri tegeko ihanishwa ihazabu ingana n'inshuro ebyiri z'amafaranga yakoreshejwe mu kwandikisha

**Article 362: Penalties for a company which fails to keep the books that are required by this Law**

A company which fails to keep the books required under this Law shall be liable to a fine of as twice as the business registration fee.

**Article 362: Sanctions appliquées à une société qui ne tient pas les livres prévus par la présente loi**

Une société qui ne tient pas les livres prévus par la présente loi est passible d'une amende égale à deux fois le montant exigé pour l'enregistrement de son

igikorwa cyayo.

**<u>Ingingo ya 363</u>: Ibihano bihabwa isosiyete idatanga inyandiko ziteganywa n'iri tegeko**

Isosiyete iyo ari yo yose idatanga cyangwa idatangira ku gihe inyandiko ziteganywa n'iri tegeko ku Mwanditsi Mukuru, ihanishwa ihazabu ingana n'inshuro ebyiri z'amafaranga yakoreshejwe mu kwandikisha igikorwa cyayo.

Mu gihe inyandiko zivugwa mu gika kibanziriza iki zitari iz'ukuri cyangwa zitera urujijo, isosiyete ikaba yabikoze ku bushake, icyo gihe ihanishwa igihano kivugwa mu gika kibanziriza iki.

**<u>Ingingo ya 364</u>: Isubiracyaha**

Isosiyete yongeye kugaragaraho amakosa yavuzwe mu ngingo zibanziriza iyi, ahanishwa ihazabu ikubye kuva ku nshuro ebyiri (2) kugeza kuri eshanu (5) y'amafaranga yakagombye kwishyura. Ishobora no kwamburwa uruhushya rwayo rw'ubucuruzi.

**<u>Ingingo ya 365</u>: Imenyekanisha ry'ibinyoma**

Bitabangamiye ibiteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana, umuntu wese usabwa gutanga inyandiko, kandi akaba :

1° akoresha cyangwa agatanga uburenganzira bwo gukoresha inyandiko itari iy'ukuri cyangwa

**<u>Article 363</u>: Penalties for a company which fails to provide the documents required by this Law**

Any company which fails or delays to provide the Registrar General with the documents that are required by this Law shall be liable to a fine of as twice as the business registration fee.

Where the documents referred to in the preceeding paragraph are fraudulent or confusing, a company which provides them willfully shall be liable to a penalty referred to in the preceeding paragraph.

**<u>Article 364</u>: Recidivism**

A recidivist company with regard to offences referred to in the preceeding articles shall be liable to a fine of as between twice (2x) and quintuple (5x) as the amount due or get its trading licence withdrawn.

**<u>Article 365</u> : False or misleading notice**

Notwithstanding the provisions of the penal code, any person who is required to provide a document and who :

1° makes, or authorises the making of, a statement that is false or misleading;

activité commerciale.

**<u>Article 363</u>: Sanctions appliquées à une société qui ne donne pas les documents prévus par la présente loi**

Toute société qui ne donne pas ou qui ne donne pas à temps les documents prévus par la présente loi au Registraire Général est passible d'une amende égale à deux fois le montant exigé pour l'enregistrement de son activité commerciale .

Lorsque les documents visés à l'alinéa précédent ne sont pas authentiques ou prêtent à confusion et que la société l'a fait volontairement, elle sera passible de sanction visée à l'alinéa précédent.

**<u>Article 364</u>: Récidive**

Une société qui se rend de nouveau coupable de fautes visées aux articles précédents cinq (5) fois le montant qu'elle devrait payer. Elle peut également se voir retirer sa licence.

**<u>Article 365:</u> Fausses déclarations**

Sans préjudice des dispositions du code pénal, toute personne tenue de produire un document et qui :

1° fait ou autorise l'usage d'un faux document ou qui induit en erreur ;

ishobora gutera kwibeshya;

2° ku bushake, yirengagiza cyangwa agatuma hirengagizwa ikintu ku buryo bwatuma habaho inyandiko itari iy'ukuri kandi ku buryo bwatera kwibeshya ku kintu cy'ingirakamaro;

aba akoze icyaha kandi ahanishwa, ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ari hagati y'ibihumbi magana atanu (500.000 Frw) na miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).

**<u>Ingingo ya 366</u>: Gutanga inyandiko itari iy'ukuri nkana**

Bitabangamiye ibiteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana, buri mutegetsi w'isosiyete cyangwa umukozi w'isosiyete uzaba, ku bushake, yakoze, cyangwa yatanze uburenganzira bwo gukoresha inyandiko itari iy'ukuri cyangwa raporo itari iy'ukuri yerekeranye n'imirimo y'isosiyete, ku:

1° ugize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete, umukozi, ushinzwe gukurikirana ibikorwa by'isosiyete, umunyamigabane w'isosiyete, nyir'umugabane nguzanyo cyangwa uhagarariye ufite imigabane nguzanyo ;

2° ushinzwe igabagabana ry'umutungo wa sosiyete yasheshwe, komite ishinzwe igabagabana ry'umutungo wa sosiyete yasheshwe, ugomba guhabwa ibintu by'isosiyete cyangwa ushinzwe kubicunga;

2° deliberately omits or authorises the omission of, any matter whose omission makes the document false or misleading on an important matter;

commits an offence and shall be liable to a fine of between five hundred (500, 000 Rwf) Rwandan francs and two million (2, 000, 000 Rwf ) Rwandan francs.

**<u>Article 366</u>: Knowingly submitting a false document**

Notwithstanding the provisions of the penal code, any director or employee of a company who knowingly makes or submits, or authorises the making or submitting of, a false or misleading statement or report with regard to :

1° a director, employee, inspector, shareholder, debenture holder or trustee for debenture holders of the company;

2° a liquidator, liquidation committee, or receiver or manager of property of the company;

2° intentionnellement omet ou autorise l'omission d'un fait dont l'absence a pour effet de rendre le document faux et que cela risque d'induire en erreur sur un élément important ;

commet une infraction et est passible d'une amende allant de cinq cent mille (500.000 Frw) à deux millions de francs rwandais (2.000.000 Frw).

**<u>Article 366</u>: Fournir intentionnellement un faux document**

Sans préjudice des dispositions du code pénal, tout administrateur ou employé de la société qui intentionnellement fait, ou autorise l'utilisation d'un faux document ou d'un faux rapport portant sur les activités de la société, à:

1° un administrateur, employé, inspecteur, actionnaire, obligataire, ou mandataire d'obligataires;

2° un liquidateur, un comité de liquidation, un bénéficiaire ou gérant des biens de la société;

3° iyo isosiyete ishamikiye ku yindi, ugize Inama y'Ubutegetsi, umukozi cyangwa ushinzwe gukurikirana ibikorwa by'isosiyete ishamikiyeho;

4° isoko ry'imigabane cyangwa umukozi w'iguriro ry'imigabane;

aba akoze icyaha, kandi ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000 FRW) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000 FRW) .

**Ingingo ya 367: Imikoreshereze mibi n'iyonona by'umutungo w'isosiyete**

Bitabangamiye ibiteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana, umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete, umukozi cyangwa umunyamigabane w'isosiyete:

1° ukoresha mu buriganya umutungo w'isosiyete ku nyungu ze bwite cyangwa akawukoresha ku zindi mpamvu zinyuranyije n'izo wari ugenewe;

2° mu buryo bw'uburiganya agatuma habaho ibura cyangwa iyonona ry'umutungo w'isosiyete;

aba akoze icyaha, kandi ahanishwa, ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000 Frw) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000 Frw).

3° where the company is a subsidiary, a director, employee or inspector of its holding company;

4° a stock exchange or an officer of a stock exchange;

commits an offence and shall be liable to a fine of between one million (1,000,000 Rwf ) and ten million Rwandan francs (10,000,000 Rwf).

**Article 367: Fraudulent use and destruction of company's property**

Notwithstanding the provisions of the penal code, any director, employee, or shareholder of a company who :

1° fraudulently takes or applies property of the company for his own use or benefit, or for a use or purpose other than the use or purpose of the company;

2° fraudulently conceals or destroys any property of the company;

commits an offence and shall be liable to a fine of between one million (1,000,000 Rwf) and ten millions Rwandan francs (10,000,000 Rwf).

3° lorsque la société est une filiale, un administrateur, un employé ou inspecteur de la société mère;

4° la bourse ou un agent de la bourse;

commet une infraction et est passible d'une amende allant d'un million (1.000.000 Frw) à dix millions (10.000.000 Frw) de francs rwandais.

**Article 367: Abus et destruction des biens de la société**

Sans préjudice des dispositions du code pénal, tout administrateur, employé, ou actionnaire d'une société qui:

1° utilise frauduleusement ou fait usage des biens sociaux à des fins illicites et à son intérêt personnel ou à des fins autres que ceux dont ils étaient destinés;

2° frauduleusement fait disparaître ou détruit un bien de la société ;

commet une infraction et est passible d'une amende allant d'un million (1.000.000 Frw) à dix millions (10.000.000 Frw) de francs rwandais.

**Ingingo ya 368: Guhindura inyandiko zo mu gitabo**

Bitabangamiye ibiteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana, umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi, umukozi, cyangwa umunyamigabane w'isosiyete, uzaba, agamije uburiganya cyangwa kubeshya umuntu:

1° wonona, uvana, uca, uhindura, wigana cyangwa ugira uruhare mu iyonona, mu icibwa, mu ihindura ry'igitabo, rya raporo y'umutungo, ry'igitabo, ry'urupapuro cyangwa indi nyandiko y'isosiyete cyangwa ifitanye isano n'isosiyete;

2° ukora cyangwa ugira uruhare mu ikorwa ry'inyandiko mpimbano mu gitabo, raporo y'umutungo, igitabo cy'umutungo, cyangwa indi nyandiko y'isosiyete cyangwa se ifitanye isano n'isosiyete;

aba akoze icyaha, kandi ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000 FRW) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000 FRW).

**Ingingo ya 369: Gukoresha inyandiko y'uburiganya**

Bitabangamiye ibiteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana, umuntu wese, yifashishije igikoresho cy'ubukanishi, mudasobwa cyangwa ikindi gikoresho icyo aricyo cyose gikoreshwa mu

**Article 368: Falsification of records**

Notwithstanding the provisions of the penal code, any director, employee, or shareholder of a company who, with intent to defraud or deceive a person :

1° destroys, displaces, mutilates, alters or falsifies, or is a party to the destruction, mutilation, alteration, or falsification of any register, accounting records, book, paper or other document belonging or relating to the company;

2° makes, or is a party to the making of, a false entry in any register, accounting records, book, paper, or other document belonging or relating to the company;

commits an offence and shall be liable to a fine of between one million (1,000,000 Rwf ) and ten millions Rwandan francs (10,000,000 Rwf).

**Article 369 : Using a fraudulent document**

Notwithstanding the provisions the penal code, any person who, in relation to a mechanical, electronic, or other device used in connection with the keeping or preparation of any register, accounting book,

**Article 368: Falsification des registres**

Sans préjudice des dispositions du code pénal, tout administrateur, employé, ou actionnaire de la société qui, avec intention d'escroquer ou tromper une personne:

1° détruit, déplace, mutile, change ou falsifie ou prend part à la destruction, mutilation, changement d'un registre, d'un rapport comptable, livre, papier ou autre document appartenant ou relatif à la société;

2° produit, ou prend part à la production de l'inscription d'une fausse déclaration dans un registre, rapport comptable, livre, papier ou autre document appartenant ou relatif à la société;

commet une infraction et est passible d'une amende allant d'un million (1.000.000 Frw) à dix millions (10.000.000 Frw) de francs rwandais.

**Article 369: Utilisation d'un document frauduleux**

Sans préjudice des dispositions du code pénal, toute personne qui à l'aide d'un instrument mécanique, informatique ou tout autre instrument utilisé pour la tenue ou la préparation de tout registre, rapports

ibikwa cyangwa itegurwa ry'igitabo icyo ari cyo cyose, raporo z'umutungo, igitabo, urupapuro cyangwa ibindi bitabo cyangwa indi nyandiko y'isosiyete hakurikijwe iri tegeko;

1° wandika cyangwa se agatuma haboneka, ku bushake, inkuru mpimbano ireba ikintu cy'ingirakamaro;

2° wonona abizi, ukuraho, uhindura amakuru yanditse cyangwa abitse cyangwa akirengagiza kuyandika cyangwa kuyabika ku bushake;

aba akoze icyaha, kandi ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000 FRW) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000 FRW).

**<u>Ingingo ya 370</u>: Gukora imirimo y'ubucuruzi mu buriganya**

Bitabangamiye ibiteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana, umuntu wese uri mu isosiyete ukora ibikorwa agamije kwambura akoresheje ubushukanyi abo isosiyete ibereyemo imyenda cyangwa undi muntu wese,

aba akoze icyaha kandi ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1000.000 Frw) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000 FRW).

paper, or other document belonging to a company in accordance with this Law :

1° records or makes available to a person false information on important matter;

2° knowingly destroys, removes or falsifies any matter recorded or stored , or knowingly fails or omits to record or store any matter ;

commits an offence and shall be liable to a fine of between one million (1,000,000 Rwf ) and ten million Rwandan francs (10,000,000 Rwf).

**<u>Article 370</u>: Carrying on business fraudulently**

Notwithstanding the provisions of the penal code, any person who knowingly is a party to a company carrying on business with intent to defraud creditors of the company or any other person,

commits an offence and shall be liable to a fine of between one million (1,000,000 FRW) and ten million Rwandan francs (10,000,000 Rwf).

comptables, livre, papier ou autre document appartenant à la société conformément à la présente loi ;

1° enregistre, inscrit, ou rend disponible de manière intentionnelle une fausse information portant sur un élément important ;

2° détruit sciemment, élimine ou falsifie une information enregistrée ou inscrite, ou intentionnellement omet d'enregistrer ou d'inscrire l'information;

commet une infraction et est passible, d'une amende allant d'un million (1.000.000 Frw) à dix millions (10.000.000 Frw) de francs rwandais.

**<u>Article 370</u>: Exercice frauduleux des activités commerciales**

Sans préjudice des dispositions du code pénal, toute personne qui fait partie d'une société qui exerce des activités avec l'intention d'escroquer les créanciers de la société ou toute autre personne,

commet une infraction et est passible d'une amende allant d'un million (1.000.000 Frw) à dix millions (10.000.000 Frw) de francs rwandais.

**Ingingo ya 371: Ibihano ku bikorwa by'uburiganya**

Bitabangamiye ibiteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana, buri wese mu bagize Inama y'Ubutegetsi y'isosiyete:

1° akoresheje kwiyitirira umwanya adafite cyangwa ubundi buryo bw'uburiganya, bituma umuntu aha isosiyete amafaranga ;

2° agamije kwambura akoresheje ubushukanyi ababerewemo umwenda n'isosiyete:

a) utanga cyangwa uhererekanya umutungo w'isosiyete cyangwa agatuma ufatwaho ubugwate ku cyimukanwa cyangwa ku kitimukanwa mu nyungu z'undi muntu;

b) ufasha kugira ngo umutungo uhabwe cyangwa uhererekanywe ku muntu;

c) watumye cyangwa wagize uruhare mu irangiza rubanza rishingiye ku mutungo w'isosiyete.

aba akoze icyaha, kandi ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000 FRW) kugeza kuri miliyoni icumi (10.000.000 FRW).

**Article 371 : Penalties for carrying on business fraudulently**

Notwithstanding the provisions of the penal code, any director of a company who :

1° by false pretences or other fraud induces a person to give credit to the company;

2° with intent to defraud creditors of the company :

a) gives, transfers, or causes a charge to be given on property of the company to another person;

b) causes property to be given or transferred to any person;

c) caused or was a party to an execution being levied against any property of the company;

commits an offence and shall be liable to a fine of between one million (1,000,000Rwf) and ten millions Rwandan francs (10,000,000 RWF).

**Article 371: Sanctions imposées aux actes frauduleux**

Sans préjudice des dispositions du code pénal, tout administrateur d'une société qui :

1° par l'utilisation de fausses qualités ou d'autres moyens frauduleux détermine une personne à avancer des fonds à la société;

2° avec l'intention d'escroquer les créanciers de la société :

a) donne, transfère, ou fait prendre en gage ou hypothèque au profit d'une autre personne, un bien appartenant à la société;

b) donne l'occasion qu'un bien soit donné ou transféré à une personne;

c) occasionne ou avait pris part à une exécution sur un bien de la société;

commet une infraction et est passible d'une amende allant d'un million (1.000.000 Frw) à dix millions (10.000.000 Frw) de francs rwandais.

**Ingingo ya 372: Abantu babujijwe gucunga isosiyete**

Bitabangamiye ibiteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana, iyo umuntu yahamijwe n'urukiko:

1° icyaha kijyanye no kubangamira iterambere ry'isosiyete, ishingwa cyangwa imicungire y'isosiyete;

2° icyaha kirimo ubwambuzi bushukana;

3° icyaha cyo kumena ibanga ryerekeye isosiyete;

ntashobora, mu gihe cy'imyaka ibiri (2) ikurikira igihano cyangwa urubanza, kuba umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete cyangwa ushinzwe iterambere, haba ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, kuba urebwa cyangwa ugira uruhare mu micungire y'isosiyete, keretse abanje kubihererwa uburenganzira n'urukiko ari na rwo rugaragaza ibyangombwa n'ibisabwa bikwiriye.

**Ingingo ya 373: Ibindi byaha**

Bitabangamiye ibiteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana, umuntu wese:

1° utanga cyangwa ukoresha inyandiko, icyemezo cyanditswe cyangwa cyatanzwe hakurikijwe iri tegeko kitaryubahirije;

**Article 372: Persons prohibited from managing a company**

Notwithstanding the provisions of the penal code, where a person has been :

1° convicted of an offence in connection with the promotion, formation or management of a company;

2° convicted of an offence involving fraud;

3° convicted of the breach of professional secrecy;

shall not, during the period of two (2) years following the conviction or the judgment, be a director or promoter of or in any way, whether directly or indirectly, be concerned or take part in the management of a company, unless that person first obtains the leave of the Court which may be given on such terms and conditions as the Court thinks fit.

**Article 373: Other offences**

Notwithstanding the provisions of the penal code, any person who:

1° issues or makes use of a document or certificate kept or given under this Law which does not comply with it;

**Article 372: Personnes auxquelles il est interdit de gérer une société**

Sans préjudice des dispositions du code pénal, lorsqu'une personne est jugée coupable par la juridiction :

1° d'une infraction en rapport avec la promotion, la formation ou la gestion d'une société;

2° d'une infraction incluant l'escroquerie;

3° du délit d'initié;

ne pourra pas, pendant une période de deux (2) ans qui suivent la condamnation ou le jugement, être un administrateur ou un promoteur, soit directement ou indirectement, être concernée ou prendre part dans la gestion d'une société, sauf obtention préalable d'une autorisation du tribunal qui énoncera les termes et conditions appropriés.

**Article 373: Autres infractions**

Sans préjudice des dispositions du code pénal, toute personne qui :

1° produit ou fait usage d'un certificat gardé ou donné conformément à la présente loi qui ne se conforme pas à celle-ci;

2° utishyura amafaranga yo kwiyandikisha ateganywa n'iri tegeko;

3° udakora igikorwa icyo aricyo cyose mu gihe giteganywa n'iri tegeko;

4° utubahiriza ibisabwa, amategeko cyangwa amabwiriza yatanzwe n'urukiko hashingiwe kuri iri tegeko, Umwanditsi Mukuru cyangwa undi muntu wese ubifitiye ububasha;

5° ukoresha izina cyangwa umwanya nta burenganzira abifitiye buteganywa n'iri tegeko;

6° wasasa cyangwa ukoresha amakuru yabonye hashingiwe kuri iri tegeko kandi nta burenganzira afite bwo kuyavuga;

7° uwiyitirira umunyamigabane w'isosiyete cyangwa ufite imigabane nguzanyo agamije inyungu;

8° ukoresha izina n'inimero yihariye cyangwa ikirango cy'isosiyete cyangwa akandika ibaruwa, inyemezabuguzi cyangwa inyandiko ifitanye isano n'isosiyete mu buryo bunyuranye n'ibikubiye muri iri tegeko ;

9° mu mikoreshereze y'ububasha cyangwa imirimo ahabwa n'iri tegeko cyangwa se mu gushyiraho amabwiriza ashingiye kuri iri tegeko, adakora yubahirije inyandiko yamuhaye akazi cyangwa ububasha;

10° yica iri tegeko cyangwa amabwiriza yashyizweho hakurikijwe iri tegeko mu bundi buryo ubwo aribwo bwose;

2° fails to pay the registration fee prescribed by this Law;

3° fails to do any act within the time required by this Law;

4° fails to comply with a request, direction or order issued under this Law by a Court, the Registrar General or any other authorized person;

5° makes use of any name or title which he/she is not, under this Law, authorised to use;

6° divulges or makes use of any information obtained under this Law which he/she is not otherwise authorised to disclose;

7° impersonates a shareholder or debenture holder for the purpose of obtaining an advantage;

8° uses the name and unique number or a seal of a company or issues any letter, bill or document relating to a company otherwise than in accordance with this Law;

9° in the exercise of any powers or functions conferred upon him or her by this Law or by any regulations made under this Law, fails to act in accordance with the instrument which confers the function or power;

10° otherwise contravenes this Law or any regulations made under this Law;

2° ne paie pas les frais d'enregistrement prescrits par la présente loi;

3° n'accomplit pas tout acte dans le délai prescrit par la présente loi;

4° ne se conforme pas à la demande, directive ou instruction émise par le tribunal conformément à la présente loi, le Registraire Général ou toute autre personne autorisée;

5° fait usage de nom ou de titre dont elle n'est pas autorisée à utiliser conformément à la présente loi;

6° divulgue ou fait usage d'une information obtenue conformément à la présente loi et dont il n'a pas le droit de dévoiler ;

7° se fait passer pour un actionnaire ou un obligataire dans le but d'obtenir un avantage;

8° utilise le nom et le numéro spécifique ou le sceau de la société ou rédige une lettre, une facture ou un document relatif à une société contrairement aux dispositions de la présente loi;

9° dans l'exercice de l'autorité ou des fonctions dont il est investi par la présente loi ou par les règlements en application de la présente loi, n'agit pas conformément à l'instrument qui lui a conféré la fonction ou l'autorité;

10° enfreint la présente loi ou les règlements mis en place en application de celle-ci, de quelque autre manière que ce soit ;

aba akoze icyaha kandi ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000Frw) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000 Frw).

**<u>INTERURO YA VI</u>: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO ZINYURANYE**

**<u>Ingingo ya 374</u>: Amabwiriza**

Iteka rya Minisitiri ufite amasosiyete mu nshingano ze, rigena ibiciro by'imirimo ikorerwa mu biro bw'Umwanditsi Mukuru.

**<u>Ingingo ya 375</u>: Ubucuruzi bukorwa n'abantu badafite ubushobozi buhagije**

Ibyerekeye iyandikisha, imiterere n'imikorere by'ibikorwa by'ubucuruzi bukorwa n'abantu badashobora kwinjiza nibura ibihumbi icumi ku munsi **(**10.000 Frw) bigenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite ubucuruzi mu nshingano ze.

**<u>Ingingo ya 376</u>: Ihererekanya ry'ibikorwa by'ubucuruzi rikoresha ibyuma bya mudasobwa**

Uburyo bukoresha ibyuma bya mudasobwa bushobora gukoreshwa mu kwandika, kugabana no guhererekanya imigabane isanzwe n'imigabane-

commits an offence and shall be liable to a fine of between five hundred thousand (500,000 Rwf) and two million Rwandan francs (2,000,000 RWF).

**<u>TITLE VI</u>: TRANSITIONAL AND MISCELLANEOUS PROVISIONS**

**<u>CHAPTER ONE</u>: MISCELLANEOUS PROVISIONS**

**<u>Article 374</u> :Instructions**

An Order of the Minister in charge of companies shall determine fees to be applied to services rendered by the Office of the Registrar General.

**<u>Article 375</u>: Transactions by those with low income**

Registration, nature and organization of those who can not score a daily income of at least ten thousand Rwandan francs (10.000 Rwf) shall be determined by an Order of the Minister in charge of commerce.

**<u>Article 376</u> : Electronic transactions**

Electronic means may be used for registration, allotment, and transfer of shares and debentures to that end an electronic register of shares and

commet une infraction et est passible d'une amende allant de cinq cent mille (500.000 Frw) à deux millions de francs rwandais (2.000.000 Frw).

**<u>TITRE VI</u>: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**

**<u>CHAPITRE PREMIER</u> : DISPOSITIONS DIVERSES**

**<u>Article 374</u>: Règlements**

Un Arrêté du Ministre ayant les sociétés dans ses attributions détermine les coûts des services prestés au Bureau du Registraire Général.

**<u>Article 375</u> : Activités commerciales de faibles revenus**

L'enregistrement, la nature et l'exercice des activités commerciales dont le chiffre d'affaires ne peut pas atteindre au moins dix mille francs rwandais (10.000 Frw) par jour sont déterminés par Arrêté du Ministre ayant le commerce dans ses attributions.

**<u>Article 376</u>: Transactions électroniques**

Les moyens électroniques peuvent être utilisés pour l'enregistrement, la distribution ainsi que la cession des actions et obligations. A cette fin, un registre

nguzanyo. Kubera iyo mpamvu, igitabo gitunganyirijwe mu byuma bya mudasobwa gikubiyemo imigabane isanzwe n'imigabane-nguzanyo y'isosiyete gishobora gushyirwaho kandi no gutunga iyo migabane yombi yanditswe muri ubwo buryo bw'ikoranabuhanga byemewe n'iri tegeko

**UMUTWE WA II: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 377: Ingaruka z'iri tegeko ku bantu basanzwe mu mirimo y'ubuyobozi bw'isosiyete**

Umuntu wese washyizwe mu buyobozi bwa sosiyete hashingiwe ku itegeko n° 06/1988 ryo kuwa 12 Gashyantare 1988 ritunganya amasosiyete y'ubucuruzi, akaba ari mu mirimo ye mu gihe iri tegeko ritangiye gukurikizwa, akomeza gukora imirimo ye nk'aho yahawe imirimo hashingiwe kuri iri tegeko.

Igikorwa cyose cyakozwe, cyashyizwe mu bikorwa, cyanditswe, cyabayeho hashingiwe ku itegeko n° 06/1988 ryo kuwa 12 Gashyantare 1988 ritunganya amasosiyete y'ubucuruzi, kikaba kiriho kandi gikora mu gihe iri tegeko ritangiye gukurikizwa kigira ingaruka nk'aho cyakozwe, cyanditswe cyangwa cyabayeho hashingiwe kuri iri itegeko .

**Ingingo ya 378: Agaciro k'amategeko shingiro y'isosiyete n'ibyemezo by'abanyamigabane mu gihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Amategeko shingiro y'isosiyete iriho kandi ikora

debentures of a Company may be established and ownership of shares and debentures which are registered electronically shall be recognized by this Law.

**CHAPTER II: TRANSITIONAL PROVISIONS**

**Article 377: Effect of this Law on those persons holding managerial offices within a company**

Any person appointed under the Law n° 06/1988 of February 12, 1988 relating to organisation of Commercial Establishments, and holding office at the commencement of this Law, shall remain in office as if he/she had been appointed under this Law.

Any act made, executed, issued or passed under the Law n° 06/1988 of February 12, 1988 relating to organisation of Commercial Establishments, and in force and operative at the commencement of this Law, shall have effect as if made, executed, issued or passed, under this Law.

**Article 378: Effect of the existing companys' articles of association and resolutions of shareholders at the commencement of this Law**

The existing company's articles of association in

électronique des actions et des obligations d'une société peut être établi. De même, la propriété des actions des obligations qui sont enregistrées de façon électronique est reconnue par la présente loi.

**CHAPITRE II: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 377: Effets de la présente loi aux administrateurs actuels d'une société**

Toute personne nommée conformément à la loi n° 06/1988 du 12 février 1988 relative à l'organisation des sociétés commerciales, et qui est en fonction au moment de l'entrée en vigueur de la présente loi, continue à exercer ses fonctions comme si elle a été nommée conformément à la présente loi.

Tout acte posé, exécuté, rédigé ou passé conformément à la loi n° 06/1988 du 12 février 1988 relative à l'organisation des sociétés commerciales et opérationnel au moment de l'entrée en vigueur de la présente loi, produit des effets comme s'il a été posé, rédigé ou passé conformément à celle-ci.

**Article 378: Effet des statuts d'une société et résolutions des actionnaires au moment de l'entrée en vigueur de la présente loi**

Les statuts d'une société existante et opérationnelle

mu gihe iri tegeko ritangiye gukurikizwa akomeza kugira agaciro nk'aho byakozwe hakurikijwe iri tegeko.

Iyo isosiyete yashinzwe mbere y'iri tegeko, hashingiwe ku mategeko shingiro ayigenga, ingingo cyangwa imyanzuro y'inama y'abanyamigabane, yahaye abagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete uburenganzira bwo gutanga imigabane n'igishoro bafitiye uburenganzira kitakoreshejwe, abagize Inama y'Ubutegetsi bw'isosiyete bayo bagira ububasha bwo gutanga imigabane hakurikijwe iri tegeko hanitawe ku bisabwa n'ibiteganywa ndetse n'ibyo batagomba kurenga biteganywa n'amategeko shingiro, ingingo cyangwa imyanzuro batabanje gusaba ko inama y'abanyamigabane b'isosiyete ibifatira umwanzuro.

**<u>Ingingo ya 379</u>: Agaciro k'itegeko rivanyweho**

